Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

Itegeko/Law/Loi

N°62/2018 ryo ku wa 25/08/2018
Itegeko rigenga amasoko ya Leta.....2

N°62/2018 of 25/08/2018
Law governing public procurement……2

N°62/2018 du 25/08/2018
Loi portant réglementation des Marchés publics……2

ITEGEKO N°62/2018 RYO KU WA 25/08/2018 RIGENGA AMASOKO YA LETA

LAW N°62/2018 OF 25/08/2018 GOVERNING PUBLIC PROCUREMENT

LOI N°62/2018 DU 25/08/2018 PORTANT RÉGLEMENTATION DES MARCHÉS PUBLICS

ISHAKIRO

TABLE OF CONTENTS

TABLE DES MATIÈRES

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Ingingo ya 4: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta

Ingingo ya 5: Imitunganyirize y'amasoko ya Leta

Ingingo ya 6: Amahame remezo agenga amasoko ya Leta

UMUTWE WA II: ITANGWA RY'AMASOKO YA LETA

Icyiciro cya mbere: Inzego za Leta zigira uruhare mu masoko ya Leta

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Scope of this Law

Article 3: Definitions of terms

Article 4: Use of electronic system for public procurement

Article 5: Organization of public procurement

Article 6: Fundamental principles governing public procurement

CHAPTER II: AWARD OF PUBLIC PROCUREMENT

Section One: Public entities involved in public procurement

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Champ d'application de la présente loi

Article 3: Définitions des termes

Article 4: Utilisation du système électronique dans la passation des marchés publics

Article 5: Organisation des marchés publics

Article 6: Principes fondamentaux régissant les marchés publics

CHAPITRE II: PASSATION DES MARCHÉS PUBLICS

Section première: Entités publiques intervenant dans la passation des marchés publics

Ingingo ya 7: Inzego za Leta zigira uruhare mu masoko ya Leta	**Article 7: Public entities involved in public procurement**	**Article 7: Entités publiques intervenant dans la passation des marchés publics**
Akiciro ka mbere: Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta	**Subsection One: Rwanda Public Procurement Authority**	**Sous-section première: Office Rwandais des Marchés Publics**
Ingingo ya 8: Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta	**Article 8: Rwanda Public Procurement Authority**	**Article 8: Office Rwandais des Marchés Publics**
Akiciro ka 2: Inzego zitanga amasoko ya Leta	**Subsection 2: Public procurement entities**	**Sous-section 2 : Entités de passation des marchés publics**
Ingingo ya 9: Inzego zitanga amasoko ya Leta	**Article 9 : Public procurement entities**	**Article 9: Entités de passation des marchés publics**
Ingingo ya 10: Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta	**Article 10: Public tender committee**	**Article 10: Comité de passation des marchés publics**
Ingingo ya 11: Umukozi cyangwa abakozi bashinzwe amasoko ya Leta	**Article 11: Procurement officer or officers**	**Article 11: Agent ou agents chargés des marchés publics**
Akiciro ka 3: Akanama k'ubujurire kigenga	**Subsection 3 : Independent review panel**	**Sous-section 3: Comité indépendant de recours**
Ingingo ya 12: Akanama k'ubujurire kigenga	**Article 12: Independent review panel**	**Article 12: Comité indépendant de recours**
Ingingo ya 13: Abagize Akanama k'ubujurire kigenga n'uko bashyirwaho	**Article 13: Members of independent review panel and modalities for their appointment**	**Article 13: Membres du comité indépendant de recours et modalités de leur nomination**
Ingingo ya 14: Imitunganyirize, ububasha n'imikorere by'akanama k'ubujurire kigenga	**Article 14 : Organization, powers and functioning of the independent review panel**	**Article 14: Organisation, compétence et fonctionnement du comité indépendant de recours**
Ingingo ya 15: Gusezererwa mu kanama k'ubujurire kigenga	**Article 15: Dismissal from the independent review panel**	**Article 15: Révocation du comité indépendant de recours**

Icyiciro cya 2: Ibisabwa urwego rutanga isoko mu gutanga amasoko ya Leta	**Section 2: Requirements for a procuring entity in the public procurement process**	**Section 2: Exigences pour l'entité de passation du marché dans le processus de passation de marchés**
Ingingo ya 16: Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta	**Article 16: Public procurement planning**	**Article 16: Planification de passation des marchés publics**
Ingingo ya 17: Gutanga amakuru mu itangwa ry'amasoko ya Leta	**Article 17: Communication in public procurement**	**Article 17: Communication dans la passation des marchés publics**
Ingingo ya 18: Ibanga mu mitangire y'amasoko ya Leta	**Article 18: Confidentiality in public procurement**	**Article 18: Confidentialité dans la passation des marchés publics**
Icyiciro cya 3: Ubwoko bw'amasoko ya Leta n'uburyo atangwamo	**Section 3: Types and methods of public procurement**	**Section 3: Types et méthodes de passation des marchés publics**
Akiciro ka mbere: Ubwoko bw'amasoko ya Leta	**Subsection One: Types of public procurement**	**Sous-section première: Types des marchés publics**
Ingingo ya 19: Ubwoko bw'amasoko ya Leta	**Article 19: Types of public procurement**	**Article 19: Types des marchés publics**
Akiciro ka 2: Uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta	**Subsection 2: Public procurement methods**	**Sous-section 2: Méthodes de passation des marchés publics**
Ingingo ya 20: Uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta	**Article 20: Public procurement methods**	**Article 20: Méthodes de passation des marchés publics**
Ingingo ya 21: Ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora	**Article 21: Prequalification proceedings**	**Article 21: Procédures de pré-sélection**
Ingingo ya 22: Ipiganwa rigenewe abapiganwa bake	**Article 22: Restricted tendering**	**Article 22: Appel d'offres restreint**
Ingingo ya 23: Gusaba ibiciro	**Article 23: Request for quotations**	**Article 23: Demande de cotations**
Ingingo ya 24: Gutanga isoko nta piganwa ribayeho cyangwa ubwumvikane butaziguye	**Article 24: Single-source procurement or direct contracting**	**Article 24: Gré à gré ou entente directe**

Ingingo ya 25: Uburyo bw'inzira ngufi	**Article 25: Simplified methods**	**Article 25: Méthodes simplifiées**
Ingingo ya 26: Reji	**Article 26: Force account**	**Article 26: Régie**
Ingingo ya 27: Gukoresha abaturage	**Article 27: Community participation**	**Article 27: Participation communautaire**
Ingingo ya 28: Ipiganwa mu byiciro bibiri	**Article 28: Two-stage tendering**	**Article 28: Appel d'offres en deux étapes**
Ingingo ya 29: Kutuzuza ibisabwa mu bundi buryo buteganywa n'iri tegeko butari ipiganwa risesuye	**Article 29: Impossibility to meet the requirements for methods provided for under this Law other than open tender method**	**Article 29: Impossibilité de remplir les conditions requises dans des méthodes prévues par la présente loi autres que la méthode d'appel d'offres ouvert**
Icyiciro cya 4: Inzira ikurikizwa mu itangwa ry'isoko	**Section 4: Procurement process**	**Section 4: Processus de passation des marchés**
Akiciro ka mbere: Gutegura isoko no kuritangaza	**Subsection One: Preparation and publication of a tender**	**Sous-section première: Préparation et publication du marché**
Ingingo ya 30: Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa	**Article 30: Tender document**	**Article 30: Dossier d'appel d'offres**
Ingingo ya 31: Amabwiriza agena ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na serivisi zitari iz'impuguke	**Article 31: Rules determining specifications of goods or supplies, works and non-consultancy services**	**Article 31: Réglementation déterminant les spécifications des produits ou fournitures, travaux ou services de non- consultance**
Ingingo ya 32: Gutangaza isoko	**Article 32: Tender advertisement**	**Article 32: Publication du marché**
Ingingo ya 33: Itangazo rihamagarira ipiganwa	**Article 33: Invitation to tender**	**Article 33: Avis d'appel d'offres**
Ingingo ya 34: Gushyira ahagaragara igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa	**Article 34: Availability of tender document**	**Article 34: Disponibilité du dossier d'appel d'offres**

Ingingo ya 35: Ihindurwa ry'ingingo z'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa	**Article 35: Modifications to clauses of the tender document**	**Article 35: Modifications des clauses du dossier d'appel d'offres**
Akiciro ka 2: Gupiganira isoko	**Subsection 2: Bid for public procurement**	**Sous-section 2: Participation aux marchés publics**
Ingingo ya 36: Igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa	**Article 36: Time for preparation of bids**	**Article 36: Délai de préparation des offres**
Ingingo ya 37: Ingwate y'inyandiko y'ipiganwa	**Article 37: Bid security**	**Article 37: Garantie de soumission**
Ingingo ya 38: Itangwa n'iyakirwa ry'inyandiko y'ipiganwa	**Article 38: Submission and receipt of bids**	**Article 38: Remise et réception des offres**
Ingingo ya 39: Ihindurwa ry'inyandiko y'ipiganwa	**Article 39: Modifications to bid**	**Article 39: Modification de l'offre**
Ingingo ya 40: Igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro	**Article 40: Bids validity period**	**Article 40: Période de validité des offres**
Akiciro ka 3: Gufungura, gusesengura inyandiko z'ipiganwa no kumenyekanisha itangwa ry'isoko	**Subsection 3: Bids opening, evaluation and notification**	**Sous-section 3: Ouverture des offres, évaluation et notification**
Ingingo ya 41: Ifungurwa ry'inyandiko z'ipiganwa	**Article 41: Bids opening**	**Article 41: Ouverture des offres**
Ingingo ya 42: Isesengurwa ry'inyandiko z'ipiganwa	**Article 42: Evaluation of bids**	**Article 42: Évaluation des offres**
Ingingo ya 43: Kuzuza ibisabwa kw'inyandiko y'ipiganwa	**Article 43: Responsiveness of bids**	**Article 43: Conformité des offres**
Ingingo ya 44: Ibisabwa upiganwa kugira ngo ahabwe isoko	**Article 44: Requirements for bidder's qualification**	**Article 44: Conditions pour la qualification du soumissionnaire**

Ingingo ya 45: Gusaba ibisobanuro mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa	**Article 45: Request for clarifications during the evaluation of bids**	**Article 45: Demande d'éclaircissements lors de l'évaluation des soumissions**
Inging ya 46 : Amakosa y'imibare	**Article 46: Arithmetic errors**	**Article 46: Erreurs arithmétiques**
Ingingo ya 47: Kwanga inyandiko zose z'ipiganwa	**Article 47: Rejection of all bids**	**Article 47: Rejet de toutes les offres**
Ingingo ya 48: Gusesa ipiganwa	**Article 48: Cancellation of procurement proceedings**	**Article 48: Annulation du processus de passation de marché**
Ingingo ya 49: Kumenyesha itangwa ry'isoko	**Article 49: Notification of tender award**	**Article 49: Notification d'attribution du marché**
Akiciro ka 4: Kujurira	**Subsection 4: Appeal**	**Sous-section 4: Recours**
Ingingo ya 50: Uburenganzira bwo kujurira icyemezo cy'urwego rutanga isoko	**Article 50: Right to ask for review of the decision of the procuring entity**	**Article 50: Droit de recours contre la décision de l'entité de passation des marchés**
Ingingo ya 51: Icyiciro kibanziriza ubujurire	**Article 51: Request for review to the procuring entity**	**Article 51: Recours gracieux**
Ingingo ya 52: Igihe cyo gufata icyemezo ku bujurire	**Article 52 : Period for making decision**	**Article 52: Période de prise de décision**
Ingingo ya 53: Umwanzuro w'akanama k'ubujurire kigenga	**Article 53: Decision of the independent review panel**	**Article 53: Décision du comité indépendant de recours**
Ingingo ya 54: Amwe mu mabwiriza akoreshwa mu bujurire	**Article 54: Certain rules applicable to review proceedings**	**Article 54: Certaines règles applicables aux procédures de recours**
Akiciro ka 5: Amasezerano y'isoko	**Subsection 5: Procurement contract**	**Sous-section 5: Contrat de marché**
Ingingo ya 55: Amasezerano hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko	**Article 55: Procurement contract between the procuring entity and the successful bidder**	**Article 55: Contrat de marché entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché**

Ingingo ya 56: Ibigize amasezerano y'isoko	**Article 56: Contents of procurement contract**	**Article 56: Contenu du contrat du marché**
Ingingo ya 57: Impinduka ku masezerano y'isoko	**Article 57: Contract amendment**	**Article 57: Modification du contrat**
Ingingo ya 58: Amasezerano asasiye	**Article 58: Framework agreement**	**Article 58: Accord cadre**
Ingingo ya 59: Igiciro cy'isoko gishyirwa mu masezerano y'isoko	**Article 59: Contract price**	**Article 59: Prix des prestations**
Ingingo ya 60: Ibiciro ndakuka	**Article 60: Fixed prices**	**Article 60: Prix fixés**
Ingingo ya 61: Ibiciro bishobora guhinduka	**Article 61: Revisable prices**	**Article 61: Prix révisables**
Ingingo ya 62: Igiciro gishingiye ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe	**Article 62: Price based on reimbursable expenses**	**Article 62: Prix basé sur les dépenses remboursables**
Akiciro ka 6: Ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza	**Subsection 6: Performance security**	**Sous-section 6: Garantie de bonne exécution**
Ingingo ya 63: Itangwa ry'ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza	**Article 63: Submission of performance security**	**Article 63: Produire la garantie de bonne exécution**
Ingingo ya 64: Ifatirwa ry'ingwate yo kurangiza isoko neza	**Article 64: Seizure of the performance security**	**Article 64: Saisie de la garantie de bonne exécution**
Ingingo ya 65 : Izindi ngwate zo kurangiza isoko neza	**Article 65: Other forms of performance security**	**Article 65: Autres formes de garantie de bonne exécution**
Ingingo ya 66: Uburenganzira bwo kugabanya ku ngwate yo kwishingira kurangiza isoko neza n'inshingano zo kongera kuzuza agaciro kayo	**Article 66: Right to deduct and obligation to reconstitute the performance security**	**Article 66: Droit de prélèvement sur la garantie de bonne exécution et obligation de la reconstituer**
Ingingo ya 67: Isubizwa ry'ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza	**Article 67: Refund of the performance security**	**Article 67: Restitution de garantie de bonne exécution**

Akiciro ka 7: Ingingo zihariye ku masoko ya serivisi z'impuguke	**Subsection 7: Specific provisions on tender for consultancy services**	**Sous-section 7: Dispositions spécifiques pour les marchés des services de consultance**
Ingingo ya 68: Urutonde rw'abapiganwa no kugaragaza ubushake bwo gupiganwa	**Article 68: Short listing and expressions of interest**	**Article 68: Liste restreinte et manifestation d'intérêt**
Ingingo ya 69: Itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa	**Article 69: Notice of expression of interest**	**Article 69: Avis de manifestation d'intérêt**
Ingingo ya 70: Inyandiko ihamagarira gupiganira serivisi z'impuguke	**Article 70: Request for proposals**	**Article 70: Demande de propositions**
Ingingo ya 71: Inyandiko nsobanuramiterere y'isoko	**Article 71: Terms of reference**	**Article 71: Termes de référence**
Ingingo ya 72: Uburyo bw'itangwa ry'amasoko ya serivisi z'impuguke n'ibigenderwaho mu isesengura	**Article 72: Selection method and criteria for consultancy service tenders**	**Article 72: Méthode et critères de sélection pour les marchés de services de consultance**
Ingingo ya 73: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa za tekiniki	**Article 73: Evaluation of technical proposals**	**Article 73: Évaluation des propositions techniques**
Ingingo ya 74: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro	**Article 74: Evaluation of financial proposals**	**Article 74: Évaluation des propositions financières**
Ingingo ya 75: Imishyikirano yerekeye amasezerano n'impuguke yegukanye isoko	**Article 75: Negotiations with selected consultant**	**Article 75: Négociations avec le consultant retenu**
Ingingo ya 76: Imenyesha ry'uwahawe isoko	**Article 76: Notification of tender award**	**Article 76: Attribution du marché de consultance**
Ingingo ya 77: Serivisi z'impuguke ku nyigo y'isoko ry'imirimo	**Article 77: Consultancy services for the study of tenders for works**	**Article 77: Services de consultance relatifs à l'étude des marchés de travaux**
Ingingo ya 78: Kwishingira inyigo y'isoko ry'imirimo	**Article 78: Security for tender of the study for works**	**Article 78: Garantie pour l'étude du marché des travaux**

Akiciro ka 8: Ingingo zihuriweho	**Subsection 8: Common provisions**	**Sous-section 8: Dispositions communes**
Ingingo ya 79: Amahirwe aharirwa ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda n'abapiganwa bo mu Rwanda	**Article 79: Exclusive preference for goods or supplies produced or supplied in Rwanda and bidders registered in Rwanda**	**Article 79: Préférence exclusive pour les produits ou les fournitures fabriqués au Rwanda et les soumissionnaires enregistrés au Rwanda**
Ingingo ya 80: Amahirwe yisumbuye aharirwa ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda na serivisi z'impuguke zo mu gihugu	**Article 80: Preference for goods produced or manufactured in Rwanda and local consultancy services**	**Article 80: Préférence pour les biens produits ou fabriqués au Rwanda et services de consultance locale**
Ingingo ya 81: Amahirwe yisumbuye ku bapiganwa bo mu gihugu ku isoko ry'imirimo na serivisi zitari iz'impuguke	**Article 81: Local preference for works and non-consultancy services**	**Article 81: Préférence locale pour les travaux et les services de non-consultance**
Ingingo ya 82: Uburyo bwo gushyira mu bikorwa amahirwe	**Article 82: Modalities for applying exclusive or local preference**	**Article 82: Modalités d'application de la préférence exclusive ou locale**
Ingingo ya 83: Ubwoko bw'amafaranga bukoreshwa mu masoko ya Leta	**Article 83: Currency used in public procurement**	**Article 83: Monnaie utilisée dans la passation de marchés publics**
Ingingo ya 84 : Kwishyira hamwe kw'amasosiyete mu ipiganwa	**Article 84: Joint ventures**	**Article 84: Groupement d'entreprises**
Ingingo ya 85: Gukomatanyiriza hamwe ibice bigize isoko	**Article 85: Packaging tenders**	**Article 85: Allotissements du marché**
Ingingo ya 86: Indimi zikoreshwa mu masoko ya Leta	**Article 86: Languages used in public procurement**	**Article 86: Langues utilisées dans les marchés publics**
Ingingo ya 87:Gukumira ruswa	**Article 87: Anti-corruption measures**	**Article 87: Mesures anti-corruption**
Ingingo ya 88: Abemerewe gupiganira amasoko ya Leta	**Article 88: Eligible bidders for public procurement**	**Article 88: Soumissionnaires éligibles aux marchés publics**
Ingingo ya 89: Igongana ry'inyungu	**Article 89: Conflict of interests**	**Article 89: Conflit d'intérêts**

Ingingo ya 90: Ibindi bibujijwe	**Article 90: Other prohibitions**	**Article 90: Autres interdictions**
UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AMASEZERANO Y'ISOKO	**CHAPTER III: CONTRACT EXECUTION**	**CHAPITRE III: EXÉCUTION DU CONTRAT**
Icyiciro cya mbere: Uburenganzira n'inshingano by'abagiranye amasezerano y'isoko	**Section One: Rights and obligations of the parties to contract**	**Section première: Droits et devoirs des parties au contrat**
Akiciro ka mbere: Uburenganzira n'inshingano z'urwego rutanga isoko	**Subsection One: Rights and obligations of the procuring entity**	**Sous-section première: Droits et devoirs de l'entité de passation de marché**
Ingingo ya 91: Ihagararirwa ry'urwego rutanga isoko mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko	**Article 91: Representation of the procuring entity in contract execution**	**Article 91: Représentation de l'entité de passation de marché dans l'exécution du contrat**
Ingingo ya 92: Kongera, kugabanya cyangwa guhindura ibigomba gukorwa	**Article 92: Increasing, reducing or changing deliverables**	**Article 92: Augmentation, réduction ou changement des prestations**
Ingingo ya 93: Iseswa ry'amasezerano biturutse ku ikoreshwa ry'inyandiko mpimbano n'uburiganya	**Article 93 Cancellation of the contract due to forged or fraudulent practices**	**Article 93: Annulation du contrat pour usage de faux documents et de manœuvres frauduleuses**
Akiciro ka 2: Uburenganzira n'inshingano by'uwatsindiye isoko	**Subsection 2: Rights and obligations of the successful bidder**	**Sous-section 2: Droits et obligations de l'attributaire du marché**
Ingingo ya 94: Gupatanisha igice cy'amasezerano y'isoko	**Article 94: Sub-contracting**	**Article 94: Sous–traitance**
Ingingo ya 95: Gutanga amasezerano y'isoko ho ingwate	**Article 95: Use of contract as a guarantee**	**Article 95: Nantissement d'un contrat**
Ingingo ya 96: Gusaba indishyi	**Article 96: Claim for compensation**	**Article 96: Réclamation des indemnités**
Ingingo ya 97: Gutanga igihe cy'ubwishingire ku mirimo	**Article 97: Providing for a duration of the guarantee for works**	**Article 97: Allocation du délai de garantie des travaux**

Ingingo ya 98: Iyubahirizwa ry'ingingo z'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'ibindi bisabwa mu masoko ya Leta	**Article 98: Respect of provisions of the tender documents and other requirements in public procurement**	**Article 98: Conformité aux dispositions des dossiers d'appel d'offres et aux autres exigences de marchés publics**
Ingingo ya 99: Iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza ariho	**Article 99: Respect of laws and regulations in force**	**Article 99: Respect des lois et règlements en vigueur**
Ingingo ya 100: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano menshi	**Article 100: Execution of multiple contracts**	**Article 100: Exécution des contrats concomitants**
Icyiciro cya 2: Ishyirwa mu bikorwa ry'isoko ry'imirimo	**Section 2: Execution of the contract for works**	**Section 2: Exécution du contrat de travaux**
Ingingo ya 101: Inshingano y'uwatsindiye isoko yo kwemeza inyigo	**Article 101: Responsibility of the successful bidder towards validation of the study**	**Article 101 Responsabilité de l'attributaire de marché d'approuver l'étude**
Ingingo ya 102: Itangira ry'imirimo	**Article 102: Commencement of works**	**Article 102: Démarrage des travaux**
Ingingo ya 103: Ubwishingizi bw'imirimo	**Article 103: Insurance for works**	**Article 103: Assurance des travaux**
Ingingo ya 104: Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo	**Article 104: Planning for the execution of works**	**Article 104: Planification de l'exécution des travaux**
Ingingo ya 105: Amabwiriza y'inyongera y'urwego rutanga isoko	**Article 105: Procuring entity's additional instructions**	**Article 105: Instructions supplémentaires de l'entité de passation de marchés**
Ingingo ya 106: Kugaragaza aho imirimo izakorerwa	**Article 106: Demarcating the site for works**	**Article 106: Démarcation du site des travaux**
Ingingo ya 107: Ibiro by'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo	**Article 107: Supervising official's office**	**Article 107: Bureau du fonctionnaire dirigeant**
Ingingo ya 108: Gukurikirana imirimo buri munsi	**Article 108: Daily supervision of works**	**Article 108: Surveillance quotidienne des travaux**

Ingingo ya 109: Umutekano w'aho imirimo ikorerwa	**Article 109: Security at the site**	**Article 109: Sécurité sur le chantier**
Ingingo ya 110: Igitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsi	**Article 110: Daily site log book**	**Article 110: Journal de chantier**
Ingingo ya 111: Raporo y'ibyakozwe buri munsi	**Article 111: Daily statement of the work done**	**Article 111: Rapport journalier des travaux exécutés**
Ingingo ya 112: Iyarara n'ibyasenywe	**Article 112: Leftover pieces and rubbles**	**Article 112: Immondices et débris**
Ingingo ya 113: Ibivumbuwe mu ikorwa ry'imirimo	**Article 113: Discoveries during the execution of works**	**Article 113: Découvertes au cours des travaux**
Ingingo ya 114: Kwemeza ibikoresho bigomba gukoreshwa	**Article 114: Approval of materials to be used**	**Article 114: Approbation des matériaux à utiliser**
Ingingo ya 115: Uburiganya n'inenge	**Article 115: Fraud and defect**	**Article 115: Fraudes et malfaçons**
Ingingo ya 116: Guhagarika imirimo by'agateganyo	**Article 116: Temporary suspension of works**	**Article 116: Suspension temporaire des travaux**
Ingingo ya 117: Ingamba zigomba gufatwa igihe imirimo ihagaze by'agateganyo	**Article 117: Measures to be taken in case of temporary suspension**	**Article 117: Mesures devant être prises en cas de suspension temporaire**
Ingingo ya 118: Impamvu zitunguranye	**Article 118: Unexpected circumstances**	**Article 118: Circonstances inattendues**
Ingingo ya 119: Kunanirwa kurangiza imirimo k'uwatsindiye isoko	**Article 119: Failure by the successful bidder to execute the contract**	**Article 119: Défaut pour l'attributaire du marché d'exécuter le marché**
Ingingo ya 120: Isimburwa ry'uwatsindiye isoko	**Article 120: Replacement of the successful bidder**	**Article 120: Remplacement de l'attributaire du marché**
Ingingo ya 121: Ibyiciro by'iyakirwa ku mugaragaro ry'imirimo	**Article 121: Types of official acceptance of works**	**Article 121: Types de réceptions officielles des travaux**

Ingingo ya 122: Kwakira by'agateganyo igice cy'imirimo	**Article 122: Partial provisional acceptance of works**	**Article 122: Réception provisoire partielle des travaux**
Ingingo ya 123: Kwakira imirimo yose by'agateganyo	**Article 123: Provisional acceptance of entire works**	**Article 123: Réception provisoire de tous les travaux**
Ingingo ya 124: Igihe cy'ubwishingire ku mirimo	**Article 124: Duration of the guarantee for works**	**Article 124: Délai de garantie des travaux**
Ingingo ya 125: Igihe cyo kwakira by'agateganyo imirimo yose cyangwa igice cyayo	**Article 125: Period of provisional or partial provisional acceptance of works**	**Article 125: Délai de réception provisoire ou de réception provisoire partielle des travaux**
Ingingo ya 126: Imirimo ishobora kutakirwa	**Article 126: Works which may not be accepted**	**Article 126: Travaux susceptibles d'être non recevables**
Ingingo ya 127: Kwakira imirimo burundu	**Article 127: Final acceptance of works**	**Article 127: Réception définitive des travaux**
Ingingo ya 128: Imirimo ifatwa nk'aho yakiriwe burundu	**Article 128: Works considered finally accepted**	**Article 128: Travaux réputés réceptionnés définitivement**
Ingingo ya 129: Gusukura aho imirimo yakorewe	**Article 129: Cleaning the site**	**Article 129: Nettoyage du chantier**
Ingingo ya 130: Inyandiko isobanura isozwa ry'imirimo	**Article 130: Final statement of works**	**Article 130: Décompte final des travaux**
Ingingo ya 131: Kwishingira ibyakozwe mu gihe cy'imyaka icumi (10)	**Article 131: Ten-year accountability**	**Article 131: Responsabilité décennale**
Icyiciro cya 3: Ishyirwa mu bikorwa ry'isoko ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa	**Section 3: Execution of the contract for goods or supplies**	**Section 3: Exécution du contrat de biens ou fournitures**
Ingingo ya 132: Igihe cyo kugemura	**Article 132: Delivery period**	**Article 132: Délai de livraison**

Ingingo ya 133: Urwunge rw'amasezerano y'isoko ryo kugemura	**Article 133: Multiple contracts for supplies**	**Article 133: Concomitance des contrats de fournitures**
Ingingo ya 134: Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ryo kugemura	**Article 134: Planning for the execution of the contract for supplies**	**Article 134: Plan de l'exécution du contrat de fournitures**
Ingingo ya 135: Gusubika amasezerano y'isoko ryo kugemura n'igihe bimara	**Article 135: Suspension of the contract for supplies and its duration**	**Article 135: Suspension du contrat de fournitures et sa durée**
Ingingo ya 136: Umutekano w'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa mu gihe cy'isubikwa ry'isoko	**Article 136: Security of goods or supplies during the suspension of the tender**	**Article 136: Sécurité des biens ou fournitures pendant la suspension du marché**
Ingingo ya 137: Amafaranga y'inyongera aturuka ku isubikwa ry'amasezerano y'isoko	**Article 137: Additional costs caused by the suspension of the contract**	**Article 137 : Coût additionnel résultant de la suspension du contrat**
Ingingo ya 138: Iyakirwa rya tekiniki ry'agateganyo	**Article 138: Preliminary technical acceptance**	**Article 138: Réception technique préliminaire**
Ingingo ya 139: Igenzurwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa	**Article 139: Verification of goods or supplies**	**Article 139: Vérification des biens ou des fournitures**
Ingingo ya 140: Kwanga kwakira ibyagemuwe	**Article 140: Rejection of delivered items**	**Article 140: Rejet des articles livrés**
Ingingo ya 141: Aho ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa byakiririwa	**Article 141: Place of reception of goods or supplies**	**Article 141: Lieu de réception de biens ou de fournitures**
Ingingo ya 142: Inyandiko iherekeza ibigemurwa	**Article 142: Delivery note**	**Article 142: Bordereau de livraison**
Ingingo ya 143: Iyakirwa ry'ibigemurwa	**Article 143: Reception of supplies**	**Article 143: Réception des fournitures**

Ingingo ya 144: Iyakirwa ry'igice cy'ibigemurwa	**Article 144: Partial reception of supplies**	**Article 144: Réception partielle des fournitures**
Ingingo ya 145: Iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa	**Article 145: Provisional reception of supplies**	**Article 145: Réception provisoire des fournitures**
Ingingo ya 146: Iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa	**Article 146: Final reception of supplies**	**Article 146: Réception définitive des fournitures**
Ingingo ya 147: Kugabanya bidakabije ku giciro bitewe n'ihinduka ry'ingano cyangwa ubwiza bw'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa	**Article 147: Slight reduction of price due to change of quantity or quality of goods or supplies**	**Article 147: Réfaction légère de prix due au changement de quantité ou de qualité des biens ou des fournitures**
Ingingo ya 148: Inshingano z'uwatsindiye isoko nyuma y'igemura	**Article 148: After sale service by the successful bidder**	**Article 148: Service après-vente par l'attributaire du marché**
Ingingo ya 149: Inyandiko isobanura isozwa ry'amasezerano y'isoko ry'ibigemurwa	**Article 149: Final statement of the supply contract**	**Article 149: Décompte définitif du contrat de fournitures**
Icyiciro cya 4: Ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya serivisi z'impuguke	**Section 4: Execution of tenders for consultancy services**	**Section 4: Exécution du marché de services de consultance**
Ingingo ya 150: Imyitwarire y'uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke	**Article 150: Code of conduct for the successful bidder for consultancy services**	**Article 150: Normes de conduite de l'attributaire du marché de services de consultance**
Ingingo ya 151: Kutemererwa guhembwa n'abandi	**Article 151: Restrictions on remuneration by third party**	**Article 151: Interdiction de rémunération par des tiers**
Ingingo ya 152: Ibanga ry'akazi	**Article 152: Professional secrecy**	**Article 152: Secret professionnel**
Ingingo ya 153: Isoko ryo kwiga imishinga	**Article 153: Tender for project design**	**Article 153: Marché de service de conception de projets**
Ingingo ya 154: Uburenganzira kuri raporo n'inyandiko	**Article 154: Rights on reports and documents**	**Article 154: Droit sur les rapports et les documents**

Ingingo ya 155: Ihame ryo kudahindura uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko	**Article 155: Principle of non-modification of contract execution modalities**	**Article 155: Principe de non modification des modalités d'exécution du contrat**
Ingingo ya 156: Uburyozwe ku makosa yakozwe n'uwatsindiye isoko mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano	**Article 156: Liability for mistakes made by the successful bidder during the execution of the contract**	**Article 156: Responsabilités pour les fautes commises par l'attributaire du marché pendant l'exécution du contrat**
Ingingo ya 157: Itangwa ry'abakozi n'isimbuzwa ryabo	**Article 157: Staffing and its replacement**	**Article 157: Disponibilité du personnel et son remplacement**
Ingingo ya 158: Amasaha y'akazi n'ikiruhuko ku mukozi wahawe urwego rutanga isoko	**Article 158: Working hours and leave of staff put at the disposal of the procuring entity**	**Article 158: Heures de travail et congé du personnel mis à la disposition de l'entité de passation de marché**
Ingingo ya 159: Gusubika ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya serivisi z'impuguke	**Article 159: Suspension of consultancy service contract execution**	**Article 159: Suspension de l'exécution du contrat de services de consultance**
Ingingo ya 160: Raporo cyangwa inyandiko zigomba gukorwa	**Article 160: Reports or documents to be produced**	**Article 160: Rapports ou documents à produire**
Ingingo ya 161: Inyandiko isobanura isozwa ry'isoko	**Article 161: Final statement of the execution of the contract**	**Article 161: Décompte final de l'exécution du contrat**
Ingingo ya 162: Impamvu z'irangira ry'amasezerano y'isoko	**Article 162: Reasons for the termination of the contract**	**Article 162: Motifs de fin du contrat**
Ingingo ya 163: Urupfu rw'uwatsindiye isoko	**Article 163: Successful bidder's death**	**Article 163: Décès de l'attributaire du marché**
Icyiciro cya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano igihe habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa	**Section 5: Contract execution in case of force majeure**	**Section 5: Exécution du contrat en cas de force majeure**
Ingingo ya 164: Isonerwa ku buryozwe	**Article 164: Exemption from liability**	**Article 164: Exonération de responsabilité**

Ingingo ya 165: Igihombo, indishyi cyangwa ibyangijwe kubera impamvu itunguranye kandi ntarengwa	**Article 165: Loss, damage or destruction due to force majeure**	**Article 165: Perte, dommage ou destruction résultant de la force majeure**
Ingingo ya 166: Imenyesha ry'impamvu itunguranye kandi ntarengwa	**Article 166: Communication of force majeure**	**Article 166: Communication sur le cas de force majeure**
Ingingo ya 167: Gukomeza ibikorwa mu gihe cy'impamvu itunguranye kandi ntarengwa	**Article 167: Continuation of activities in case of force majeure**	**Article 167: Poursuite des activités en cas de force majeure**
Ingingo ya 168: Kongera igihe cy'ibikorwa cyangwa gusesa amasezerano	**Article 168: Extension of the period or cancellation of the contract**	**Article 168 : Prolongation du délai d'exécution ou résiliation du contrat**
Ingingo ya 169: Icyemezo gifashwe n'ubutegetsi gishobora guhungabanya imikorere y'isoko	**Article 169: Act of Government**	**Article 169: Fait du prince**
Icyiciro cya 6: Kwishyura	**Section 6: Payments**	**Section 6: Paiements**
Ingingo ya 170: Igihe avansi itangirwa	**Article 170: Time for effecting advance payment**	**Article 170: Délai de payement d'une avance**
Ingingo ya 171: Ingano ya avansi yo gutangira isoko n'ingwate yayo	**Article 171: Amount of advance payment and its security**	**Article 171: Montant de l'avance de démarrage et sa garantie**
Ingingo ya 172: Ikoreshwa rya avansi yo gutangira isoko	**Article 172: The use of advance payment**	**Article 172: Utilisation de l'avance de démarrage**
Ingingo ya 173: Iyishyurwa rya avansi yo gutangira isoko	**Article 173: Refund of the advance payment**	**Article 173: Remboursement de l'avance de démarrage**
Ingingo ya 174: Iyishyurwa mu byiciro	**Article 174: Payment in instalments**	**Article 174: Paiement par tranches**
Ingingo ya 175: Kwishyura inyemezabuguzi	**Article 175: Payment of invoices**	**Article 175: Paiement de factures**

UMUTWE WA IV: IBIHANO	**CHAPTER IV: SANCTIONS**	**CHAPITRE IV: SANCTIONS**
Icyiciro cya mbere: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano bijyana na yo	**Section One: Administrative faults and sanctions**	**Section première: Fautes et sanctions administratives**
Akiciro ka mbere : Amakosa ahanishwa guhezwa mu masoko ya Leta n'uko bikorwa	**Sub-section One: Faults punishable by debarment from participation in public procurement**	**Sous-section première: Fautes punissables par l'exclusion de participation aux marchés publics**
Ingingo ya 176: Ihezwa ry'abapiganwa mu masoko ya Leta rimara igihe kizwi	**Article 176: Temporary debarment from bidding in public procurements**	**Article 176: Exclusion temporaire des soumissionnaires de marchés publics**
Ingingo ya 177: Ihezwa rya burundu	**Article 177: Permanent debarment**	**Article 177: Exclusion définitive**
Ingino ya 178 : Abahezwa	**Article 178 : Debarred persons**	**Article 178 : Personnes exclues**
Ingingo ya 179: Uburyo bwo guheza mu masoko ya Leta	**Article 179: Procedures for debarment from public procurement**	**Article 179: Procédures d'exclusion de marchés publics**
Ingingo ya 180: Gutakamba ku cyemezo cyo guhezwa gupiganira amasoko ya Leta	**Article 180: Appeal on a decision debarment from bidding for public tenders**	**Article 180: Recours contre une décision d'exclusion à la soumission aux marchés publics**
Akiciro ka 2: Amakosa ahanishwa kwishyura amafaranga kubera ubukererwe cyangwa yo kunanirwa kuzuza inshingano	**Subsection 2: Faults punishable by the payment of money following a delay or failure to fulfil an obligation**	**Sous-section 2 : Fautes punies par le paiement d'argent suite à un retard ou un manquement à une obligation**
Ingingo ya 181: Igihano kijyanye no gutinda kurangiza isoko	**Article 181: Penalty relating to delay in contract execution**	**Article 181: Pénalités de retard dans l'exécution du contrat**
Ingingo ya 182: Igihano cy'ubukererwe kubera gutinda gukosora ibyakozwe nabi	**Article 182: Penalty for delaying to correct mistakes**	**Article 182: Pénalité de retard dans la correction des défauts**
Ingingo ya 183: Gukata amafaranga y'ibihano	**Article 183: Deducting money for penalties**	**Article 183: Prélèvement des frais de pénalités**

Ingingo ya 184: Kwishyura amafaranga yo gutegura no gushyira mu bikorwa amasezerano mashya nyuma y'iseswa ry'amasezerano ya mbere	**Article 184: Payment of costs for preparing and executing new contract after termination of initial contract**	**Article 184: Paiement des frais de préparation et de conclusion du nouveau contrat après la résiliation du contrat initial**
Akiciro ka 3: Igihano ku mukozi w'urwego rutanga isoko cyangwa ku watsindiye isoko igihe batubahirije inshingano	**Subsection 3: Sanction for employee of a procuring entity or successful bidder for failure to fulfil their duty**	**Sous-section 3: Sanction pour un employé d'une entité de passation de marchés ou d'un attributaire du marché pour manquement à ses obligations**
Ingingo ya 185: Kwanga gutanga serivisi za ngombwa	**Article 185: Refusal to provide necessary services**	**Article 185: Refus de fournir les services nécessaires**
Ingingo ya 186: Igihano cyo kudakurikiza amategeko ngengamyitwarire k'uwatsindiye isoko	**Article 186: Sanction for breach of rules of conduct by the successful bidder**	**Article 186: Sanction pour violation des règles de conduite par l'attributaire du marché**
Akiciro ka 4 : Ihame rireba ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	**Subsection 4: Principle concerning administrative sanctions**	**Sous-section 4: Principe relatif aux sanctions administratives**
Ingingo ya 187: Ihame rigenga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi	**Article 187: Principle concerning administrative sanctions**	**Article 187: Principe relatif aux sanctions administratives**
Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano	**Section 2: Offences and Penalties**	**Section 2: Infractions et peines**
Ingingo ya 188: Gutanga isoko rya Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko	**Article 188: Illegal awarding of public procurement**	**Article 188: Attribution illégale du marché public**
Ingingo ya 189: Kugira akagambane n'upiganirwa isoko rya Leta	**Article 189: Collusion with bidder**	**Article 189: Complicité avec le soumissionnaire**
Ingingo ya 190: Gutanga inyungu zidafite ishingiro mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano	**Article 190: Award of unjustified advantages during the performance contract**	**Article 190: Octroi des avantages indus durant l'exécution du contrat**
Ingingo ya 191: Gukoresha igitinyiro mu masoko ya Leta	**Article 191: Influence peddling in public procurement**	**Article 191: Trafic d'influence dans la passation des marchés publics**

Ingingo ya 192: Gukoresha amafaranga y'isoko rya Leta icyo atateganyirijwe	**Article 192: Allocation of funds from public tenders to the use other than that for which they are intended**	**Article 192: Affectation des fonds du marché public à l'usage autre que celui auquel ils sont destinés**
Ingingo ya 193: Guhatira gukora isoko	**Article 193: Coercing procurement participation**	**Article 193: Participation coécrive au processus de passation des marchés**
Ingingo 194 :Gutegeka gusubiza ibyo Leta yahombye	**Article 194: Order to recover the public funds lost**	**Article 194: Ordre de réparer les pertes des fonds publics**
UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA	**CHAPTER V: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES**
Ingingo ya 195: Igihe cy'inzibacyuho	**Article 195: Transitional period**	**Article 195: Période transitoire**
Ingingo ya 196: Guha agaciro ibyakozwe	**Article 196: Validity of previous procurement contracts**	**Article 196: Validité des contrats de marchés précédents**
Ingingo ya 197: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 197: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 197: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 198: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko	**Article 198: Repealing provision**	**Article 198: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 199: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 199: Commencement**	**Article 199: Entrée en vigueur**

ITEGEKO N°62/2018 RYO KU WA 25/08/2018 RIGENGA AMASOKO YA LETA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 26 Mutarama 2018;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 120 n'iya 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga n°12/2013/OL ryo ku wa 12/09/2013 ryerekeye imari n'umutungo bya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

Isubiye ku Itegeko n°12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeza ubu;

YEMEJE:

LAW N°62/2018 OF 25/08/2018 GOVERNING PUBLIC PROCUREMENT

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 26 January 2018;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 and 176;

Pursuant to Organic Law n°12/2013/OL of 12/09/2013 on State finances and property as modified and complemented to date;

Having reviewed Law n° 12/2007 of 27/03/2007 on public procurement as modified and complemented to date;

ADOPTS:

LOI N°62/2018 DU 25/08/2018 PORTANT RÉGLEMENTATION DES MARCHÉS PUBLICS

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 26 janvier 2018;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 120 et 176;

Vu la Loi Organique n°12/2013/OL du 12/09/2013 relative aux finances et au patrimoine de l'État telle que modifiée et complétée à ce jour;

Revu la Loi n° 12/2007 du 27/03/2007 relative aux marchés publics telle que modifiée et complétée à ce jour;

ADOPTE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rigenga amasoko ya Leta.

Ingingo ya 2: Ibirebwa n'iri tegeko

Iri tegeko rireba amasoko yose y'imirimo, ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa n'aya serivisi zaba iz'impuguke cyangwa izitari iz'impuguke, bikenerwa n'urwego rutanga isoko.

Icyakora, iri tegeko ntirireba amasoko ya Leta yerekeye ibintu bigomba kugirirwa ibanga bijyanye no kurinda ubusugire bw'Igihugu n'umutekano wacyo.

Mu gihe iri tegeko rinyuranyije n'ingingo z'ibiteganywa mu masezerano Leta y'u Rwanda yagiranye n'umuterankunga umwe cyangwa benshi, cyangwa ikindi cyose bumvikanyeho kirebena n'itangwa ry'amasoko ya Leta, ibiteganywa muri ayo masezerano ni byo bikurikizwa.

Ingingo ya 3:Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri tegeko, amagambo akurikira asobanura:

1º **akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta**: akanama gashyirwaho

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law governs public procurement.

Article 2: Scope of this Law

This Law applies to all procurement of works, goods or supplies and consultancy or non-consultancy services ordered by the procuring entity.

However, this Law shall not apply to public procurement of classified items relating to national defense and security.

In case this Law conflicts with provisions of a bilateral or multilateral treaty or other form of agreement related to public procurement to which the Government of Rwanda is a party, the provisions of those agreements prevail.

Article 3: Definitions of terms

In this Law, the following terms are defined as follows:

1º **public tender committee**: a committee established by the procuring entity

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GÉNÉRALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte réglementation des marchés publics.

Article 2: Champ d'application de la présente loi

La présente loi s'applique à tous les marchés de travaux, de biens ou de fournitures et de services de consultance et de non-consultance commandés par l'entité de passation de marché.

Toutefois, la présente loi ne s'applique pas aux marchés publics d'articles classés secrets se rapportant à la défense et à la sécurité nationale.

En cas de contradiction de la présente loi avec les dispositions des conventions bilatérales ou multilatérales ou toute autre forme d'accord relatif aux marchés publics dont l'État du Rwanda est partie, les dispositions de ces accords prévalent.

Article 3: Définitions des termes

Aux fins de la présente loi, les termes repris ci-après ont les significations suivantes:

1º **comité de passation des marchés publics**: un comité institué par l'entité de

n'urwego rutanga isoko gashinzwe gusesengura no gutanga umwanzuro mu itangwa ry'amasoko ya Leta;

2º **amasezerano asasiye**: inyandiko igaragaza ubwumvikane hagati y'urwego rutanga isoko n'umwe cyangwa benshi mu bapiganwa ifasha urwego rutanga isoko kubona imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa rukenera ku buryo buhoraho cyangwa kenshi ku giciro cyumvikanyweho mu gihe runaka;

3º **amasezerano y'isoko**: inyandiko igaragaza ubwumvikane hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko;

4º **amasoko ya Leta**: uburyo urwego rwa Leta rubonamo ibikoresho, inyubako cyangwa serivisi biturutse hanze yarwo, narwo rukishyura ikiguzi cyabyo;

5º **ibikorwa bya ruswa**: gusezeranya gutanga, gutanga, kwakira cyangwa gusaba, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, ikintu cyose cy'agaciro hagamijwe kubogamisha umukozi wa Leta cyangwa urwego rwayo;

6º **ibikorwa byo guhishira**: gusenya, guhimba, guhindura cyangwa guhisha ibimenyetso bifatika ku ipereereza cyangwa gutanga amakuru atari yo mu gihe cy'ipereereza kandi wabigambiriye mu rwego rwo kubuza ko ipereereza rikorwa ku bikorwa bya ruswa, byo

in charge of evaluation of tenders and recommendation for public tenders award;

2º **framework agreement**: a document indicating an arrangement between procuring entity and one or many bidders which allows the procuring entity to procure works, consultancy and non-consultancy services, goods or supplies that are needed continuously or repeatedly at an agreed price over a period of time;

3º **contract**: a document indicating the agreement between the procuring entity and the successful bidder;

4º **public procurement**: the procedure through which a public entity acquires equipment, construction or services from outside in return for a price;

5º **corrupt practices**: promising to offer, giving, receiving or soliciting, directly or indirectly, anything of value to influence improperly a civil servant or government entity;

6º **obstructive practices**: destroying, falsifying, altering or concealing material evidence to the investigation or making false statements to investigators deliberately in order to materially impede investigation into allegations of a corrupt, coercive or fraudulent

passation des marchés ayant pour mission l'évaluation des offres et la proposition d'attribution des marchés publics;

2º **accord-cadre**: un document indiquant un arrangement entre l'entité de passation de marché et un ou plusieurs soumissionnaires qui permet à l'entité de passation du marché d'acquérir des travaux, des services de consultance ou de non-consultance, des biens ou des fournitures nécessaires en permanence ou de façon répétée à un prix convenu pendant une période;

3º **contrat**: un document indiquant un accord conclu entre l'entité de passation du marché et l'attributaire du marché;

4º **marchés publics**: procédure selon laquelle une entité publique acquiert le matériel, les constructions ou les services en provenance de l'extérieur moyennant la contrepartie d'un prix;

5º **pratiques de corruption**: promettre de donner, donner, accepter ou solliciter, directement ou indirectement, un quelconque avantage en vue d'influer indûment sur un agent de l'État ou une entité publique;

6º **pratiques obstructives**: détruire, falsifier, modifier ou dissimuler des preuves matérielles à l'enquête ou faire de fausses déclarations aux enquêteurs délibérément afin d'empêcher matériellement les enquêtes sur les allégations de corruption, de pratiques

guhatira cyangwa by'uburiganya kimwe no gukangisha, kwandagaza cyangwa gutera ubwoba undi muntu wese ufite ibyo azi ku ipereereza ririmo gukorwa hagamijwe kumubuza kubishyira ahagaragara cyangwa kubangamira ikurikiranwa ry'ipereereza;

7º **ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa**: ibintu by'ubwoko bwose uko byaba bimeze kose, harimo ibikoresho by'ibanze, n'ibindi bikoresho, byaba ibikomeye, ibisukika cyangwa umwuka wa gazi n'amashanyarazi, ndetse na serivisi zitari iz'impuguke zijyanye n'igemurwa ry'ibicuruzwa, iyo agaciro k'izo serivisi katarenze ak'ibicuruzwa ubwabyo;

8º **ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa by'imbere mu gihugu**: ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda ku buryo agaciro k'ibyangombwa fatizo cyangwa ibyangombwa bituruka mu Rwanda n'ibitangwa ku bakozi bitari mu nsi ya mirongo itatu ku ijana (30%) by'igiciro cyo ku ruganda;

9º **ibikorwa by'akagambane**: ubwumvikane hagati y'abantu babiri cyangwa benshi bugamije kugera ku kintu kinyuranye n'amategeko harimo no kuyobya ibikorwa by'undi muntu cyangwa umukozi wa Leta;

10º **ibikorwa by'uburiganya**: kwanga gukora icyo amategeko ategeka, harimo ibikorwa byo kubeshya wabigambiriye, uburangare bukozwe nkana, kuyobya cyangwa kugerageza kuyobya umukozi wa Leta ngo

practice, and threatening, slandering or intimidating any party to prevent it from disclosing its information about matters relevant to the investigation or from pursuing the investigation;

7º **goods or supplies**: objects of every kind and description including raw materials and other products, be it in solid, liquid or gaseous form, electricity, as well as non-consultancy services that are linked to the supply of the goods if the value of those services does not exceed that of the goods themselves;

8º **local goods or supplies**: goods or supplies produced in Rwanda for which labour, raw materials or component originating from Rwanda account for at least thirty percent (30%) of the ex-works price;

9º **collusive practices**: an arrangement between two or more parties designed to achieve an illegal purpose, including influencing improperly the acts of another party or a civil servant;

10º **fraudulent practices**: any legal violation, including acts of deliberate misrepresentation, intentional recklessness, misleading or attempting to mislead a civil servant to obtain financial or other benefit;

coercitives ou frauduleuses, et menacer, diffamer ou intimider une partie pour l'empêcher de communiquer des informations qu'elle détient sur l'enquête ou de poursuivre l'enquête;

7º **biens ou fournitures:** les objets de toute nature, quelle qu'en soit la forme y compris les matières premières et d'autres produits, que ce soit sous forme solide, liquide ou gazeuse, l'électricité, ainsi que les services de non-consultance liés à la fourniture des biens si la valeur de ces services ne dépasse pas celle des biens eux-mêmes;

8º **biens ou fournitures locaux**: les biens ou fournitures produits au Rwanda pour lesquels la main-d'œuvre, les matières premières ou les composants provenant du Rwanda représentent au moins trente pour cent (30%) du prix de l'usine;

9º **pratiques collusoires**: une entente entre deux ou plusieurs parties visant à atteindre un objectif illicite, notamment en influant indûment sur les actes d'une autre personne ou d'un agent de l'État;

10º **manœuvres frauduleuses**: toute violation de la loi, y compris les actes de dénaturation délibérée des faits, l'imprudence intentionnelle, le fait d'induire ou de tenter d'induire en erreur un agent de l'État afin d'en

ubone inyungu z'amafaranga cyangwa indi ndonke;

retirer un avantage financier ou de toute autre nature;

11º **igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa**: inyandiko irimo ibisobanuro bya ngombwa byerekana uko inyandiko y'ipiganwa itegurwa, uko isoko ritangwa n'uko rishyirwa mu bikorwa;

11º **tender document**: the document containing information required for the preparation of bids, the award process and the contract execution;

11º **dossier d'appel d'offres**: le dossier comprenant les renseignements pour l'élaboration de la soumission, l'attribution du marché et l'exécution du contrat;

12º **iguriro koranabuhanga:** urubuga rwa Leta rugaragaraho ibicuruzwa inzego za Leta zishobora kugura. Ibyo bicuruzwa bigurwa hagendewe ku masezerano asasiye y'isoko yateguwe kandi agashyirwaho umukono hagati y'ikigo cyemerewe gutegurira ibindi bigo bya Leta isoko n'uwatsindiye isoko ryo kugemura ibyo bicuruzwa;

12º **e-shopping mall**: centralized government website indicating goods that public institutions may order. Those goods are ordered on the basis of prepared framework agreement signed between the central purchasing body and the successful bidder for the supply of those goods;

12º **magasin électronique**: un site web électronique indiquant les biens que les établissements publics peuvent commander. Ces biens sont commandés sur base d'un accord-cadre préparé et signé entre l'entité centrale d'approvisionnement et l'attributaire du marché de fourniture des biens;

13º **ikigo cyemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yaryo ibindi bigo bya Leta**: urwego rwa Leta rutanga isoko rutegura isoko mu mwanya w'izindi nzego za Leta zitanga amasoko, rukanagirana amasezerano asasiye n'uwaritsindiye yo gukorera izo nzego imirimo, kuzigemurira ibicuruzwa no kuziha serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke;

13º **central purchasing body:** public entity which conducts the procurement process and concludes a framework agreement with the successful bidder for works, supplies and consultancy and non-consultancy services on behalf of other procuring entities;

13º **entité centrale d'approvisionnement**: entité publique qui conduit les procédures d'attribution d'un marché et signe avec l'attributaire du marché le contrat cadre de travaux, de fournitures et de services de consultance et de non-consultance pour le compte des autres entités de passation de marchés publics;

14º **ikoranabuhanga mu masoko ya Leta**: uburyo bw'ikoranabuhanga inzego zitanga amasoko ya Leta zikoresha, cyane cyane interineti, mu mikoranire yazo n'abapiganira amasoko y'imirimo, ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, aya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke, izo nzego za Leta ziba zikeneye;

14º **e-procurement**: the use of electronic system, especially the internet, by procuring entities in conducting their procurement relationships with bidders for the procurement of works, goods or supplies, and consultancy and non-consultancy services required by these entities;

14º **passation de marchés électronique**: l'utilisation du système électronique, spécialement de l'internet, par les entités de passation des marchés publics dans le processus de passation de marchés de travaux, de biens ou de fournitures, et de services de consultance et de non-consultance requis par ces entités;

15º **imbonerahamwe koranabuhanga y'ibigurwa**: urutonde runononsoye rugaragaza ibikoresho n'imirimo inzego za Leta zikeneye kugura;

15º **e-catalogue**: the central database of products and services that public entities need to purchase;

15º **catalogue électronique**: une base centrale de données où figurent les produits et les services que les entités publiques ont besoin d'acheter;

16º **ingwate y'ipiganwa**: icyemezo gitangwa na Banki cyangwa ikindi kigo cy'imari kibifitiye uburenganzira kugira ngo cyishingire inyandiko y'ipiganwa;

16º **bid security**: any guarantee issued by a bank or other authorized financial institution to guarantee the offer in tendering;

16º **garantie de soumission**: toute garantie émise par une banque ou une autre institution financière habilitée, constituée pour garantir la soumission à l'appel d'offre;

17º **ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza**: icyemezo gitangwa na banki cyangwa ikindi kigo cy'imari kibifitiye uburenganzira hagamije kwizeza urwego rutanga isoko ko imirimo ijyanye n'isoko ritanzwe iramutse itagenze neza, haba mu rwego rwa tekiniki cyangwa ku byerekeye kubahiriza igihe ntarengwa cyagenwe, ruhabwa amafaranga ateganyijwe kuri icyo cyemezo;

17º **performance security**: any guarantee by a bank or any other financial authorized institution to guarantee the procuring entity that in case the contract is not well performed, be it technically or at the level of deadlines, the procuring entity receives the amount provided for such a guarantee;

17º **garantie de bonne exécution**: tout engagement pris par la banque ou par toute autre institution financière habilitée, pour garantir l'entité de passation de marché que si le contrat n'est pas bien exécuté, que ce soit au niveau technique ou au niveau du respect des délais impartis, l'entité de passation de marché reçoit le montant prévu pour cet engagement;

18º **inyandiko nsobanuramiterere**: inyandiko yateguwe n'urwego rutanga isoko isobanura bihagije imiterere y'isoko ripiganirwa, ibikenewe kugira ngo rishyirwe mu bikorwa, ibigomba kwitabwaho n'ikizarivamo;

18º **terms of reference**: the document prepared by the procuring entity clearly defining the nature of the procurement, requirements for its execution, concerns to be taken into account as well as the expected results;

18º **termes de référence**: le document établi par l'entité de passation de marché et définissant clairement la nature du marché, les exigences de son exécution, les préoccupations à prendre en compte et les résultats attendus;

19º **inyandiko y'ipiganwa**: inyandiko yatanzwe n'upiganwa igaragaza icyo asezeranye gukora;

19º **bid or tender**: an offer from a bidder describing his/her proposal;

19º **offre ou soumission**: l'offre soumise par un soumissionnaire décrivant sa promesse;

20º **ipiganwa risesuye:** uburyo bukoreshwa mu ipiganwa buhamagarira abantu bose babishoboye gupiganira isoko hifashishijwe itangazo;

20º **open tender:** bidding process made open to all qualified bidders through an announcement;

20º **appel d'offres ouvert:** processus d'appel d'offres ouvert à tous les soumissionnaires compétents par le biais d'un communiqué;

21º **isoko ry'imirimo**: ibikorwa byose bijyanye n'ubwubatsi bisabwa n'urwego rutanga isoko;

21º **tender for works**: all activities related to construction upon the request by the procuring entity;

21º **marché des travaux:** toutes les activités liées à la construction à la demande de l'entité de passation de marché;

22º **laboratwari yemewe yo gusuzuma**: laboratwari ishyirwaho n'itegeko ishinzwe gusuzuma ubuziranenge bw'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, cyangwa laboratwari yemewe ku rwego mpuzamahanga ishyirwaho na laboratwari mpuzamahanga ishinzwe gusuzuma ubuziranenge;

22º **recognized testing laboratory:** a testing laboratory established by Law to offer quality testing services of products or an accredited laboratory whose accreditation is traceable to International Laboratory Accreditation Cooperation;

22º **laboratoire de test reconnu:** laboratoire établi par la loi pour offrir des services de test de qualité ou laboratoire avec une accréditation reconnue par la Coopération Internationale pour l'Accréditation des Laboratoires ;

23º **Minisitiri:** Minisitiri ufite amasoko ya Leta mu nshingano;

23º **Minister**: Minister in charge of public procurement;

23º **Ministre**: Ministre ayant les marchés publics dans ses attributions;

24º **Reji :** Uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta hakoreshejwe abakozi bwite ba Leta bakoresheje ibikoresho bya Leta;

24º **force account:** public procurement method used by making recourse to the civil servants and using public equipment;

24º **Régie :** méthode de passation de marché public exécutée par le personnel propre de l'État en utilisant les équipements de l'État ;

25º **serivisi z'impuguke:** ibikorwa bishingiye ku gukoresha ubwenge cyangwa bifite imiterere idafatika;

25º **consultancy services:** any intellectual services or of intangible nature;

25º **services de consultance**: prestations intellectuelles ou de nature intangible;

26º **serivisi zitari iz'impuguke:** ibikorwa byerekeye izindi serivisi zitandukanye na serivisi z'impuguke;

26º **non-consultancy services**: activities related to services other than consultancy services;

26º **services de non consultance**: activités en rapport avec les services autres que les services de consultance ;

27º **umukozi ushinzwe amasoko ya Leta**: umukozi w'urwego rutanga isoko ufite mu nshingano ibijyanye n'imitangire y'amasoko;

27º **procurement officer**: employee of a procuring entity in charge of public procurement;

27º **agent chargé des marchés publics**: agent d'une entité de passation de marché chargé des marchés publics;

28º **umunsi**: buri munsi w'icyumweru habariwemo n'ibiruhuko keretse iyo bigenwe ukundi mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;

28º **day**: calendar day including holidays unless provided otherwise by the tender document;

28º **jour**: chaque jour de la semaine y compris les jours de congés sauf disposition contraire du dossier d'appel d'offres;

29º **umwubatsi, impuguke cyangwa ugemura ibicuruzwa**: umuntu ku giti cye cyangwa sosiyeti bifitanye amasezerano y'isoko n'urwego rutanga isoko;

29º **constructor, consultant or supplier**: any physical person or legal entity under procurement contract with the procuring entity;

29º **entrepreneur**, **consultant ou fournisseur**: toute personne physique ou morale liée par un contrat de marché avec l'entité de passation de marchés;

30º **upiganwa**: umuntu uwo ariwe wese cyangwa sosiyeti batanze inyandiko y'ipiganwa cyangwa bashobora gutanga inyandiko y'ipiganwa, mu mitangire y'amasoko ya Leta;

30º **bidder**: any participant or potential participant in public procurement proceedings, whether physical or legal person;

30º **soumissionnaire**: tout participant ou participant potentiel à la concurrence dans le processus de passation des marchés publics, qu'il soit une personne physique ou morale;

31º **urubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta:** ahantu kuri interineti hatanga uburyo bwo gukoreraho ibintu binyuranye mu itangwa ry'amasoko ya Leta hakoreshejwe ikoranabuhanga kandi upiganwa akahabona amakuru ku masoko yatangajwe n'inzego za Leta zitanga amasoko;

31º **e-procurement portal:** web based system through which various procurement operations are electronically conducted and which provides to bidder information on tender opportunities advertised by procuring public entities;

31º **site de passation de marchés électronique**: site-web où s'effectuent électroniquement différentes opérations de passation de marchés et où le soumissionnaire trouve les informations sur les marchés publics publiés par les entités publiques de passation de marchés;

32º **urwego rushinzwe kwemeza ubuziranenge**: urwego rushyirwaho n'itegeko rushinzwe kwemeza ubuziranenge bw'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa cyangwa urwego rwemewe ku rwego mpuzamahanga rushyirwaho n'Ihuriro Mpuzamahanga rishinzwe kwemeza ubuziranenge;

32º **recognized certification body**: a body established by Law to offer certification services of goods or supplies or an accredited certification body whose accreditation is traceable to International Accreditation Forum;

32º **organe de certification**: organe établi par la loi pour offrir des services de certification des biens ou fournitures ou organisme de certification accrédité par le Forum International d'Accréditation;

33º **ushinzwe gushyira umukono ku masezerano y'isoko**: umuntu wese uhabwa n'itegeko ububasha bwo kuba Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta mu rwego rwa Leta arimo, kwemeza raporo y'akanama gashinzwe gutanga amasoko no gushyira umukono ku masezerano y'isoko mu izina ry'urwego rutanga isoko;

33º **signatory of public procurement contracts**: any official empowered to be the Chief Budget Manager within his/her public entity , to approve reports of the tender committee and sign the contracts on behalf of the procuring entity;

33º **signataire des contrats de passation des marchés publics**: tout agent habilité à être le Gestionnaire principal du budget au sein de son institution, à approuver les rapports du comité de passation des marchés et à signer les contrats de marchés au nom de l'entité de passation de marchés;

34º **uwatsindiye isoko**:

a) uwo isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ryerekanye ko inyandiko ye ariyo yujuje ibisabwa kurusha izindi mu rwego rwa tekiniki no mu rwego rw'amafaranga, kandi urwego rutanga isoko akaba ari we rwegurira isoko nk'uko biteganywa n'iri tegeko;

b) ugiranye amasezerano n'urwego rutanga isoko ku masoko ya Leta ataciye mu ipiganwa.

Ingingo ya 4: Ikoreshwa ry'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta

Mu nzego zose zitanga amasoko ya Leta, amasoko ya Leta agomba gutangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta hifashishijwe urubuga rw'ikonabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta. Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gishobora gutanga uburenganzira bwo gutanga amasoko ya Leta hadakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta. Ubwo burenganzira busabwa n'urwego rutanga isoko kandi rugasobanura impamvu rudashobora gukoresha ikoranabuhanga.

Isoko ritanzwe mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa muri iyi ngingo ntiryishyurwa na Leta.

34º **successful bidder**:

a) a bidder whose offer has been accepted after being considered the most competitive both technically and financially and has been selected by the procuring entity in accordance with the provisions of this Law;

b) one who has concluded a procurement contract with a procuring entity without having been subject to tendering proceedings.

Article 4: Use of electronic system for public procurement

In all public procuring entities, public procurement must be done using e-procurement system through the e-procurement portal. Rwanda Public Procurement Authority may give authorization to conduct public procurement proceedings without using the e-procurement system. Such authorization is requested by the procuring entity that gives grounds for not using the electronic system.

Any tender awarded contrary to the provisions of this Article shall not be paid for by the Government.

34º **attributaire du marché**:

a) le soumissionnaire dont la soumission à la suite d'un processus d'appel d'offres, a été jugée la plus avantageuse tant au point de vue technique que financier, et qui a été retenu par l'entité de passation de marché conformément aux dispositions de la présente loi ;

b) celui qui a conclu un contrat de marché avec l'entité de passation de marché sans recourir aux procédures d'appel d'offres.

Article 4: Utilisation du système électronique dans la passation des marchés publics

Dans toutes les entités de passation des marchés publics, la passation des marchés publics est faite en utilisant le système électronique par le biais du site de passation des marchés publics. L'Office Rwandais des Marchés Publics peut accorder l'autorisation de procéder à la passation des marchés publics sans recourir au système électronique. Une telle autorisation est demandée par l'entité de passation des marchés qui donne les motifs pour ne pas utiliser le système électronique.

Tout marché public attribué contrairement aux dispositions du présent article n'est pas payé par l'État.

Ingingo ya 5: Imitunganyirize y'amasoko ya Leta

Imitunganyirize y'amasoko ya Leta ishingira kuri iri tegeko, ishingira kandi ku mabwiriza agenga amasoko ya Leta, ku mategeko ngengamyitwarire no ku bitabo ngenderwaho byerekana uburyo ipiganwa rikorwa bishyirwaho n'iteka rya Minisitiri.

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gishyiraho inyandiko ngenderwaho zirebana n'amasoko ya Leta hamwe n'imirongo ngenderwaho igamije kugera ku ntego cyangwa kuzuza inshingano iyo ari yo yose mu rwego rw'iri tegeko.

Imitangire y'amasoko ya Leta muri za Ambasade z'u Rwanda ndetse n'izindi nzego zihagarariye u Rwanda mu mahanga, ikurikiza amabwiriza yihariye ashyirwaho n'iteka rya Minisitiri.

Haseguriwe ibiteganywa n'izindi ngingo z'iri tegeko, imitangire y'amasoko ya Leta mu bigo bya Leta bikora umurimo w'ubucuruzi bifite ingengo y'imari itemezwa n'Inteko Ishinga Amategeko igengwa n'amabwiriza yihariye ya buri kigo yemezwa na Minisitiri ushinzwe ishoramari rya Leta.

Article 5: Organization of public procurement

The organization of public procurement is based on this Law, regulations governing public procurement, code of conduct and tender documents model determined by an Order of the Minister.

Rwanda Public Procurement Authority issues standard procurement documents and guidelines aimed at the achievement of the objectives or any duty under this Law.

The public tender award proceedings in Rwandan Embassies and other agencies representing Rwanda in foreign countries are carried out in accordance with special regulations issued by an Order of the Minister.

Subject to other provisions of this Law, public procurement in commercial public institutions whose budget is not approved by the Parliament is governed by special regulations of each institution approved by an Order of the Minister in charge of public investment.

Article 5: Organisation des marchés publics

L'organisation des marchés publics est basée sur la présente loi, le règlement régissant les marchés publics, le code de conduite et le modèle de dossiers d'appel d'offres déterminé par arrêté du Ministre.

Toutefois, l'Office Rwandais des Marchés Publics met en place des documents types de marchés publics et des directives pour la bonne réalisation des objectifs ou de toute autre attribution dans le cadre de la présente loi.

La procédure d'attribution des marchés publics dans les Ambassades du Rwanda et autres agences représentant le Rwanda à l'étranger se fait conformément aux règlements particuliers émis par arrêté du Ministre.

Sous-réserve d'autres dispositions de la présente loi, la passation des marchés publics dans les établissements publics à caractère commercial dont le budget n'est pas approuvé par le Parlement est régie par le règlement particulier de chaque établissement approuvé par arrêté du Ministre ayant l'investissement public dans ses attributions.

Ingingo ya 6: Amahame remezo agenga amasoko ya Leta

Gutanga amasoko ya Leta byubahiriza amahame remezo akurikira:

Article 6: Fundamental principles governing public procurement

Public procurement is governed by the following principles:

Article 6: Principes fondamentaux régissant les marchés publics

La passation des marchés publics est soumise aux principes fondamentaux suivants:

1º gukorera mu mucyo;

2º ipiganisha;

3º kuzigamira Leta;

4º gukora neza, gukoresha neza umutungo no kwihutisha akazi;

5º gutanga amahirwe angana;

6º kwirengera ibyemezo byafashwe

1º transparency;

2º competition;

3º economy;

4º effective, efficient and fast work;

5º fairness;

6º accountability.

1º transparence;

2º concurrence;

3º économie;

4º travail efficace, efficient et rapide;

5º équité;

6º responsabilité.

UMUTWE WA II: ITANGWA RY'AMASOKO YA LETA

Icyiciro cya mbere: Inzego za Leta zigira uruhare mu masoko ya Leta

Ingingo ya 7: Inzego za Leta zigira uruhare mu masoko ya Leta

Inzego za Leta zigira uruhare mu masoko ya Leta ni izi zikurikira:

1º Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta;

2º Inzego zitanga amasoko ya Leta;

3º Akanama k'ubujurire kigenga.

CHAPTER II: AWARD OF PUBLIC PROCUREMENT

Section One: Public entities involved in public procurement

Article 7: Public entities involved in public procurement

Public entities involved in public procurement are the following:

1º Rwanda Public Procurement Authority;

2º procuring entities;

3º Independent review committee.

CHAPITRE II: PASSATION DES MARCHÉS PUBLICS

Section première: Entités publiques intervenant dans la passation des marchés publics

Article 7: Entités publiques intervenant dans la passation des marchés publics

Les entités publiques intervenant dans la passation des marchés publics sont les suivantes:

1º Office Rwandais des Marchés Publics;

2º entités de passation des marchés publics;

3º Comité indépendant de recours.

Akiciro ka mbere: Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta

Ingingo ya 8: Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gikora igenzura rihoraho hagamijwe kureba iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza bigenga amasoko ya Leta.

Buri rwego rutanga amasoko ya Leta n'undi wese ushinzwe ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko bagomba gukorana n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta mu kurangiza iyo nshingano.

Akiciro ka 2: Inzego zitanga amasoko ya Leta

Ingingo ya 9: Inzego zitanga amasoko ya Leta

Inzego zitanga amasoko ya Leta ni inzego zo mu butegetsi bwite bwa Leta, inzego z'ibanze, ibigo bya Leta, komisiyo z'igihugu, imishinga ya Leta cyangwa izindi nzego zahawe ububasha n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari ya Leta ndetse n'ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi igihe byakoresheje ingengo y'imari ya Leta.

Subsection one: Rwanda Public Procurement Authority

Article 8: Rwanda Public Procurement Authority

Rwanda Public Procurement Authority conducts a regular inspection in order to check the implementation of laws and regulations governing public procurement.

Each public procuring entity and any other person in charge of implementing the procurement contract must cooperate with Rwanda Public Procurement Authority for fulfilling that duty.

Subsection 2: Public procurement entities

Article 9 : Public procurement entities

Public procurement entities are central government organs, local administration organs, public institutions, national commissions, government projects or any other organ so empowered by the Chief Budget Manager as well as commercial public institutions where they used the State budget.

Sous-section première: Office Rwandais des Marchés Publics

Article 8: Office Rwandais des Marchés Publics

L'Office Rwandais des Marchés Publics effectue une inspection régulière afin de vérifier l'application des lois et règlements régissant les marchés publics.

Chaque entité de passation des marchés publics et toute autre personne chargée de la mise en œuvre du contrat de passation des marchés doivent coopérer avec l'Office Rwandais des Marchés Publics pour s'acquitter de cette responsabilité.

Sous-section 2 : Entités de passation des marchés publics

Article 9: Entités de passation des marchés publics

Les entités de passation des marchés sont les organes de l'administration centrale, les organes de l'administration locale, les établissements publics, les commissions nationales, les projets gouvernementaux ou tout autre organe ainsi habilité par le Gestionnaire principal du budget ainsi que les établissements publics à caractère commercial au cas où ces derniers ont utilisé le budget de l'État.

Ingingo ya 10: Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta

Urwego rutanga isoko rushyiraho akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gafite inshingano zikurikira:

1º gusesengura inyandiko z'ipiganwa;

2º gutanga umwanzuro ku itangwa ry'isoko;

3º gutanga imyanzuro ku bibazo byose birebana n'amasoko ya Leta;

4º gutanga inama ku gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa mbere y'uko gishyirwa ahagaragara;

5º gutanga inama ku masoko agomba gutangwa hakoreshejwe uburyo butari ipiganwa risesuye;

6º gutanga inama ku mpinduka zose ku masezerano y'isoko.

Aka kanama kandi gafungura inyandiko z'ipiganwa iyo zitatanzwe mu buryo bw'ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta.

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta agena abakagize, imiterere n'imikorere byako.

Urwego rutanga isoko rushobora gutumira impuguke kugira ngo ifashe akanama

Article 10: Public tender committee

The procuring entity establishes a public tender committee with the following responsibilities:

1º to evaluate bids;

2º to recommend tender award;

3º to provide recommendations on all issues relating to public procurement;

4º to provide advice on tender documents before their publication;

5º to recommend tenders to be awarded through other method than the open competitive one;

6º to make recommendations on any change to be carried out on the procurement contract.

This Committee is also in charge of opening bids in case they have not been submitted through e-procurement.

Procurement regulations determine its members, organization and functioning.

The procuring entity may invite a consultant to provide support to the public tender committee

Article 10: Comité de passation des marchés publics

L'entité de passation des marchés publics met en place un comité de passation des marchés publics qui a les attributions suivantes:

1º évaluer les offres;

2º proposer l'attribution du marché;

3º proposer des solutions à toutes les questions relatives aux marchés publics;

4º donner conseil sur les dossiers d'appel d'offres avant leur publication;

5º donner des recommandations sur l'attribution des marchés par une méthode autre que l'appel d'offre ouvert;

6º donner des recommandations sur toute modification à apporter au contrat de marché.

Ce comité est également responsable de l'ouverture des offres si elles n'ont pas été soumises au moyen du système électronique de passation des marchés publics.

Les règlements sur les marchés publics déterminent ses membres, son organisation et son fonctionnement.

L'entité de passation des marchés peut inviter un consultant pour prêter assistance au comité de

gashinzwe gutanga amasoko ya Leta mu itangwa ry'isoko. Icyakora, iyo mpuguke ntigira uruhare mu ifatwa ry'ibyemezo.

Ingingo ya 11: Umukozi cyangwa abakozi bashinzwe amasoko ya Leta

Urwego rutanga isoko rushyiraho, umukozi cyangwa abakozi bashinzwe amasoko ya Leta, bafite inshingano yo gutunganya ibijyanye n'amasoko ya Leta kuva ku igenamigambi kugeza amasezerano arangiye. By'umwihariko, uwo mukozi cyangwa abakozi bafite inshingano zikurikira:

1º gukora igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta;

2º gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa;

3º gutangaza no gukwirakwiza inyandiko ihamagarira ipiganwa;

4º kwakira no kubika neza inyandiko z'ipiganwa;

5º gusaba ababifitiye ububasha gufata ibyemezo ku myanzuro y'itangwa ry'isoko;

6º gutegura inyandiko imenyesha uwatsindiye isoko;

7º gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano bafatanyije n'ishami rirebwa n'iryo soko;

in tender award. However, that consultant shall not participate in decision making.

Article 11: Procurement officer or officers

The procuring entity puts in place a procurement officer or procurement officers in charge of organizing the procurement process from the planning stage to the end of the contract. In particular, this officer or these officers have the following responsibilities:

1º to prepare procurement planning;

2º to prepare tender document;

3º to publish and distribute tender notice;

4º to receive and safe keep bids;

5º to request competent authorities to approve recommendations for the award of tender;

6º to prepare notification of tender award to a successful bidder;

7º to monitor contract execution in collaboration with concerned department;

passation des marchés dans l'attribution des marchés. Cependant, ce consultant ne participe pas dans la prise des décisions.

Article 11: Agent ou agents chargés des marchés publics

L'entité de passation des marchés met en place un agent ou des agents chargés des marchés publics, qui ont la responsabilité de d'organiser la procédure de passation des marchés depuis la planification jusqu'à la fin du contrat. En particulier, cet agent ou ces agents ont les attributions suivantes:

1º faire la planification de passation des marchés;

2º préparer le dossier d'appels d'offres;

3º publier et distribuer l'avis d'appel d'offres;

4º réceptionner les offres et les garder en un endroit sécurisé;

5º requérir des autorités compétentes l'approbation des propositions d'attribution des marchés;

6º préparer la lettre de notification à l'attributaire du marché;

7º assurer le suivi de l'exécution satisfaisante du contrat en collaboration avec le département bénéficiaire;

8º guha amakuru n'inyandiko Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta igihe cyose bikenewe;

9º gukora ibindi biteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Akiciro ka 3: Akanama k'ubujurire kigenga

Ingingo ya 12: Akanama k'ubujurire kigenga

Akanama k'ubujurire kigenga gafite ububasha bwo kwakira ubujurire ku masoko ya Leta ku rwego rw'Igihugu cyose. Akanama k'ubujurire kigenga kagamije imitunganyirize y'ubujurire bushingiye ku kutishimira ibyemezo byafashwe n'urwego rutanga isoko kuva ku gikorwa cyo gutangaza isoko kugeza igihe amasezerano y'isoko ashyiriweho umukono.

Ubunyamabanga bw'akanama k'ubujurire kigenga bubarizwa mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.

Ingingo ya 13: Abagize Akanama k'ubujurire kigenga n'uko bashyirwaho

Akanama k'ubujurire kigenga kagizwe n'abantu cumi n'umwe (11) batoranywa mu nzego za Leta, mu bikorera no mu miryango itari iya Leta, kandi bagira manda y'imyaka ine (4) itongerwa. Abaturuka mu nzego za Leta ntibashobora kurenga batanu (5). Byibura

8º to provide information and documents to Rwanda Public Procurement Authority whenever considered necessary;

9º to carry out any other duty provided for by regulations on public procurement.

Subsection 3 : Independent review panel

Article 12: Independent review panel

The independent review panel has the power to receive appeals on public procurement at the national level. The independent review panel aims to the organization of review based on dissatisfaction about decisions of the procuring entity from the publication of the tender to the signature of the contract.

The Secretariat of the independent review panel is in Rwanda Public Procurement Authority.

Article 13: Members of independent review panel and modalities for their appointment

The independent review panel is composed of eleven (11) members chosen for a non-renewable term of office of four (4) years from the public sector, private sector and civil society. Members from the public sector shall not be more than five (5). At least thirty percent (30%) must be women.

8º fournir l'information et les documents à l'Office Rwandais des Marchés Publics chaque fois que de besoin;

9º s'acquitter de toute autre attribution prévue par les règlements sur les marchés publics.

Sous-section 3: Comité indépendant de recours

Article 12: Comité indépendant de recours

Le comité indépendant de recours a le pouvoir de recevoir les appels sur les marchés publics au niveau national. Le comité indépendant de recours a pour but d'organiser le recours relatif à l'insatisfaction à l'égard des décisions de l'entité de passation des marchés depuis la publication de l'offre jusqu'à la signature du contrat.

Le Secrétariat du comité indépendant de recours se trouve à l'Office Rwandais des Marchés Publics.

Article 13: Membres du comité indépendant de recours et modalités de leur nomination

Le comité indépendant de recours est composé de onze (11) membres en provenance du secteur public, du secteur privé et de la société civile et ils ont un mandat non renouvelable de quatre (4) ans. Les membres en provenance du secteur public ne peuvent pas dépasser cinq (5). Au

mirongo itatu ku ijana (30%) muri bo bagomba kuba ari abagore.

Abagize Akanama k'ubujurire kigenga bashyirwaho n'Iteka rya Minisitiri. Mu bashyirwaho hagomba kubamo nibura impuguke mu byerekeye amasoko ya Leta, amategeko, ubwubatsi, ubukungu n'ikoranabuhanga.

Ingingo ya 14: Imitunganyirize, ububasha n'imikorere by'akanama k'ubujurire kigenga

Akanama k'ubujurire kigenga kagenerwa ingengo y'imari n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta agena imitunganyirize, ububasha n'imikorere byako.

Ingingo ya 15: Gusezererwa mu kanama k'ubujurire kigenga

Minisitiri asezerera mu kanama k'ubujurire kigenga uwo ari we wese mu bakagize ugaragaweho ubushobozi buke, imyitwarire idahwitse cyangwa kunanirwa kuzuza inshingano.

Members of the independent review panel are appointed by an Order of the Minister. Members of the independent review panel to be appointed must comprise at least experts in public procurement, law, construction, economics and information technology.

Article 14 : Organization, powers and functioning of the independent review panel

The independent review panel is provided with budget by Rwanda Public Procurement Authority.

Public procurement regulations determine the organization, powers and functioning of the independent review panel.

Article 15: Dismissal from the independent review panel

The Minister dismisses any member of the independent review panel for incapability, misconduct or poor performance of his/her duties.

moins trente pour cent (30%) doivent être de sexe féminin.

Les membres du comité indépendant de recours sont nommés par arrêté du Ministre. Parmi les membres du comité indépendant de recours à nommer doivent figurer au moins des experts en passation des marchés publics, en droit, en construction, en économie et en technologie de l'information.

Article 14: Organisation, compétence et fonctionnement du comité indépendant de recours

Le comité indépendant de recours est doté d'un budget par l'Office Rwandais des Marchés Publics.

Les règlements sur les marchés publics déterminent l'organisation, la compétence et le fonctionnement du comité indépendant de recours.

Article 15: Révocation du comité indépendant de recours

Le Ministre révoque tout membre du comité indépendant de recours pour incapacité, mauvaise conduite ou incompétence dans l'exercice de ses attributions.

Icyiciro cya 2: Ibisabwa urwego rutanga isoko mu gutanga amasoko ya Leta

Ingingo ya 16: Igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta

Nyuma y'itorwa ry'itegeko rigena ingengo y' imari ya Leta, urwego rutanga isoko rutegura kandi rugashyikiriza Minisiteri n'Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gahunda y'itangwa ry'amasoko y'umwaka igaragaza ibikorwa bizatangirwa amasoko n'ingengo y'imari izabigendaho.

Buri rwego rutanga isoko rugomba gutanga igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta ry'umwaka rigaragaza ibyo ruzageraho hakurikijwe amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Itegurwa n'iyemezwa ry'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko ya Leta rishingira ku ngengo y'imari yemejwe burundu kandi igatorwa n'urwego rubifitiye ububasha.

Mu itegurwa ry'igenamigambi ry'itangwa ry'amasoko, urwego rutanga isoko rugomba kwitwararika ko hari ingengo y'imari ihagije yabigenewe kandi rukubahiriza amabwiriza agenga ikoreshwa ry'ingengo y'imari. Nta soko rishobora gutangwa mu gihe amafaranga yo kurishyira mu bikorwa atateganyijwe mu ngengo y'imari yatowe.

Iyo ishyirwamubikorwa ry'isoko rirenga umwaka w'ingengo y'imari, urwego rutanga

Section 2: Requirements for a procuring entity in the public procurement process

Article 16: Public procurement planning

After the adoption of the State Finance Law, the procuring entity prepares and submits to the Ministry and Rwanda Public Procurement Authority the annual procurement plan indicating activities to be submitted to tender and related budget.

Every procuring entity must produce an annual procurement plan indicating the objectives to be achieved in accordance with public procurement regulations.

The preparation and approval of public procurement plan are based on the budget definitively adopted by the relevant organ.

During the procurement planning process, the procuring entity must ensure that there is sufficient budget allocation and must comply with regulations governing budget execution. No tender solicitation can be made in case money for its execution is not provided for in the adopted budget.

Where the execution period for the tender is longer than the fiscal year, the procuring entity

Section 2: Exigences pour l'entité de passation du marché dans le processus de passation de marchés

Article 16: Planification de passation des marchés publics

Après l'adoption de la loi des finances de l'État, l'entité de passation de marchés prépare et soumet au Ministère et à l'Office Rwandais des Marchés Publics le plan annuel de passation des marchés indiquant les activités à soumettre à l'appel d'offres et le budget correspondant.

Chaque entité de passation des marchés doit élaborer un plan annuel de passation des marchés publics déterminant les objectifs à atteindre conformément à la réglementation de passation des marchés publics.

La préparation et l'approbation du plan de passation des marchés publics sont basées sur le budget définitivement adopté par l'organe compétent.

Durant le processus d'élaboration du plan de passation des marchés, l'entité de passation des marchés doit s'assurer de l'existence du budget suffisant ainsi que du respect des règles d'exécution du budget. Aucun appel d'offres ne peut être lancé lorsque l'argent pour son exécution n'est pas prévu dans le budget voté.

Lorsque l'exécution du marché dépasse l'année budgétaire, l'entité de passation des marchés

isoko rugomba guteganya mu ngengo y'imari y'uwo mwaka amafaranga ahwanye n'ibikorwa bizakorwa. Ingengo y'imari y'ishyirwamubikorwa ry'isoko mu yindi myaka isigaye iteganywa buri mwaka w'ingengo y'imari.

Ku masoko y'imirimo, umuyobozi ushinzwe gucunga ingengo y'imari ateganyiriza ibikorwa by'imirimo mu ngengo y'imari iyo bifite inyigo yemejwe.

Ingingo ya 17: Gutanga amakuru mu itangwa ry'amasoko ya Leta

Gutanga amakuru mu rwego rw'amasoko ya Leta bikorwa hakoreshejwe ikoranabuhanga. Icyakora, ubundi buryo bwo gutanga amakuru bushobora gukoreshwa by'agateganyo mu gihe ukoresha ikoranabuhanga yagize ikibazo. Igihe ikibazo gikemutse uwo bireba ahita yihutira kumenyekanisha amakuru akoresheje ikoranabuhanga.

Iyo ari ngombwa ko haba ibiganiro bibanziriza itangwa ry'isoko cyangwa gusura ahazakorerwa imirimo, iby'ingenzi biva mu biganiro n'ibisobanuro byabereye ahazakorerwa imirimo, bigomba kwandikwa no gushyirwa mu ikoranabuhanga ry'amasoko ya Leta. Amakuru yose agomba gutangwa mu rwego rw'amasoko ya Leta, ntagomba kurenza iminsi itanu (5) y'akazi ikurikira igihe yasabiwe.

allocates in the budget of the year money corresponding to the planned activities. The tender execution budget for the remaining years is provided for each fiscal year.

Regarding procurement for works, the budget manager plans in the budget activities for the works if their study has been approved.

Article 17: Communication in public procurement

Any communication relating to public procurement is made through e-procurement system. However, other forms of communication are temporally accepted if any user encounters problems in using the e-procurement system. The concerned user immediately communicates using the e-procurement system when the problem is resolved.

In case pre-tender meeting or on site visit is necessary, the substance of discussions and clarifications must be written down and posted to the e-procurement system. All information to be provided in relation to public procurement must be provided within five (5) working days after it has been requested.

prévoit dans le budget de cette année l'argent correspondant aux activités prévues. Le budget d'exécution du marché pour les années restantes est prévu chaque année budgétaire.

Concernant la passation des marchés de travaux, le gestionnaire du budget planifie dans le budget les activités en rapport avec ces travaux si leur étude a été approuvée.

Article 17: Communication dans la passation des marchés publics

Toute communication dans le cadre de la passation des marchés publics doit être faite en utilisant le système électronique. Néanmoins, d'autres formes de communication peuvent être temporairement acceptées si l'utilisateur rencontre des difficultés en utilisant le système électronique. L'utilisateur concerné doit communiquer en utilisant le système électronique dès que le problème est résolu.

Lorsqu'une réunion de pré-appel ou une visite sur le site est nécessaire, les éléments essentiels des échanges et des éclaircissements doivent être écrits et affichés dans le système électronique de passation des marchés publics. Toutes les informations à communiquer en rapport avec la passation des marchés publics doivent être données endéans cinq (5) jours ouvrables après qu'elles ont été sollicitées.

Mu gutanga amakuru, aderesi y'ikoranabuhanga niyo ikoreshwa uretse igihe bidashoboka nibwo atangwa mu buryo bwasobanuwe muri iri tegeko.

For communication of information, the use of electronic address is mandatory unless it is impossible, in which case the information is provided as already explained in this Law.

Pour communiquer les informations, l'utilisation de l'adresse électronique est requise sauf si cela est impossible, auquel cas l'information est communiquée de la manière déjà expliquée dans la présente loi.

Ingingo ya 18: Ibanga mu mitangire y'amasoko ya Leta

Mu gihe cy'itangwa ry'isoko rya Leta cyangwa nyuma y'itangwa ryaryo, urwego rutanga isoko, umukozi warwo, ugize Inama y'Ubuyobozi cyangwa ugize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta k'urwego rutanga isoko agomba kugira ibanga kuri ibi bikurikira:

1º amakuru ajyanye n'isoko ashobora gutuma amategeko atubahirizwa cyangwa abangamiye inyungu rusange z'Igihugu;

2º amakuru ajyanye n'isoko ashobora gutuma uburenganzira bw'uwapiganwe bujyanye n'inyungu z'ubucuruzi bubangamirwa cyangwa yakwica ihame ryo guha amahirwe angana abapiganwa;

3º amakuru ajyanye n'isesengura, igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa cyangwa ibisobanuro ku isoko;

4º ibigize inyandiko y'ipiganwa.

Icyakora, ibikorwa bikurikira ntibifatwa nko kumena ibanga:

Article 18: Confidentiality in public procurement

During or after procurement proceedings, no procuring entity, employee of the procuring entity, member of the Board of Directors or member of public tender committee of the procuring entity may disclose the following:

1º information relating to a procurement whose disclosure is likely to impede the respect for the Law or jeopardize public interest;

2º information relating to a procurement whose disclosure would prejudice a bidder's legitimate commercial interest or inhibit fair competition;

3º information relating to the evaluation, comparison of bids or clarification on tenders;

4º the content of bids.

However, the following acts shall not be considered as the disclosure of information:

Article 18: Confidentialité dans la passation des marchés publics

Durant ou après les opérations de passation des marchés publics, l'entité de passation de marché, un employé de l'entité de passation de marché, un membre du Conseil d'Administration ou membre du comité de passation des marchés publics ne doit pas communiquer ce qui suit:

1º l'information relative à un marché dont la divulgation est de nature à nuire au respect de la loi ou à l'intérêt public;

2º l'information relative à un marché dont la divulgation pourrait porter préjudice aux intérêts légitimes commerciaux du soumissionnaire ou compromettre la concurrence équitable;

3º l'information relative à l'évaluation, à la comparaison des offres ou aux éclaircissements sur le marché;

4º le contenu des offres.

Toutefois, les faits suivants ne sont pas considérés comme divulgation d'information;

1º guha amakuru ushinzwe gushyira umukono ku masezerano y'isoko;

2º gutanga amakuru ku mpamvu zo kubahiriza amategeko;

3º gutanga amakuru ku mpamvu y'ubujurire, igenzura ry'itangwa ry'amasoko cyangwa mu bundi buryo buteganywa n'iri tegeko;

4º gutanga amakuru bisabwe n'icyemezo cy'urukiko.

Icyiciro cya 3: Ubwoko bw'amasoko ya Leta n'uburyo atangwamo

Akiciro ka mbere: Ubwoko bw'amasoko ya Leta

Ingingo ya 19: Ubwoko bw'amasoko ya Leta

Ubwoko bw'amasoko ya Leta ni ubu bukurikira:

1º amasoko y'imirimo;

2º amasoko y'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa;

3º amasoko ya serivisi z'impuguke;

4º amasoko ya serivisi zitari iz'impuguke.

1º the disclosure of information to the signatory of procurement contracts;

2º the disclosure of information for the respect for the Law;

3º the disclosure of information for the purpose of an appeal, a procurement audit or for any other reasons provided for by the Law;

4º the disclosure of information pursuant to a court decision.

Section 3: Types and methods of public procurement

Subsection One: Types of public procurement

Article 19: Types of public procurement

Types of public procurement are as follows:

1º procurement for works;

2º procurement for goods or supplies;

3º procurement for consultancy services;

4º procurement for non-consultancy services.

1º la communication d'information au signataire des contrats des marchés publics;

2º la communication d'information à des fins du respect des lois;

3º la communication d'information à des fins de recours, d'audit de passation des marchés ou à d'autres fins prévues par la présente loi;

4º la communication ordonnée par une décision judiciaire.

Section 3: Types et méthodes de passation des marchés publics

Sous-section première: Types des marchés publics

Article 19: Types des marchés publics

Les types des marchés publics sont les suivants:

1º les marchés de travaux;

2º les marchés de biens ou fournitures;

3º les marchés de services de consultance ;

4º les marchés des services de non consultance.

Akiciro ka 2: Uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta

Ingingo ya 20: Uburyo bukoreshwa mu gutanga amasoko ya Leta

Urwego rutanga isoko rugomba gutanga amasoko ya Leta binyuze mu ipiganwa risesuye, uretse igihe biteganywa ukundi muri iri tegeko, hakoreshwa uburyo bukurikira :

1º ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora;

2º ipiganwa rigenewe abapiganwa bake;

3º gusaba ibiciro;

4º gutanga isoko nta piganwa ribayeho cyangwa ubwumvikane butaziguye;

5º uburyo bw'inzira ngufi;

6º reji;

7º gukoresha abaturage;

8º ipiganwa mu byiciro bibiri.

Ingingo ya 21: Ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora

Ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora rikoreshwa mu gihe hagomba gutangwa isoko ry'imirimo rinini cyangwa ry'urusobe hakenewe kugurwa ibintu bifite agaciro kari hejuru cyane cyangwa biteye ku buryo bw'urusobe. Urwego rutanga isoko rugomba kujya mu gikorwa

Subsection 2: Public procurement methods

Article 20: Public procurement methods

The procuring entity awards public procurement contracts through open competition, unless otherwise provided in this Law, using the following methods:

1º prequalification;

2º restricted tendering;

3º request for quotations;

4º single-source procurement or direct contracting;

5º simplified methods;

6º force account;

7º community participation;

8º two-stage tendering.

Article 21: Prequalification proceedings

Prequalification is used for the procurement of large or complex works and acquisition of high value or complex goods. The procuring entity must engage in prequalification proceedings with a view to identifying qualified bidders before issuing a tender notice.

Sous-section 2: Méthodes de passation des marchés publics

Article 20: Méthodes de passation des marchés publics

L'entité de passation des marchés attribue les marchés publics à travers une concurrence ouverte, sauf disposition contraire de la présente loi, en utilisant les méthodes suivantes :

1º pré-sélection;

2º appel d'offres restreint ;

3º demande des cotations;

4º gré à gré ou entente directe;

5º méthodes simplifiées;

6º régie;

7º participation communautaire;

8º appel d'offres en deux étapes.

Article 21: Procédures de pré-sélection

La pré-sélection intervient en cas de marchés des travaux d'une grande étendue ou complexes et des marchés d'acquisition des biens d'une grande valeur ou complexes. L'entité de passation des marchés doit engager le processus de pré-sélection en vue d'identifier des

cy'ijonjora rugamije kubanza gushakisha abashoboye mbere y'itangwa ry'itangazo rihamagarira gupiganwa.

soumissionnaires qualifiés avant l'émission de l'avis d'appel d'offres.

Urwego rutanga isoko rugomba guha abagaragaje bose ko bashaka kwitabira iryo jonjora igitabo gikubiyemo ibisabwa mu ijonjora. Icyo gitabo kigomba kuba gikubiyemo ibisabwa byose bya ngombwa byatuma umuntu ategura neza inyandiko ye y'ijonjora irimo n'ibizashingirwaho mu ijonjora.

The procuring entity must provide prequalification document to all bidders who have expressed interest to participate to the prequalification process. Such prequalification document must provide bidders with the information required to prepare their application for prequalification and the prequalification criteria.

L'entité de passation des marchés doit adresser le dossier de pré-sélection à tous les soumissionnaires qui ont manifesté l'intérêt de participer à la pré-sélection. Un tel dossier de pré-sélection doit contenir toutes les informations nécessaires à une bonne préparation de la soumission de pré-sélection ainsi que les critères y relatifs.

Isesengura rigomba gushingira gusa ku bisabwa upiganwa bigaragara mu itangazo rihamagarira ijonjora, bishobora kuba birimo:

The evaluation must be only based upon the requirements for the bidder set in the prequalification notice which may include:

L'évaluation doit être basée uniquement sur les conditions requises au soumissionnaire mentionnées dans l'avis de pré-sélection qui peuvent comprendre:

1º ubushobozi bw'abakozi;

1º qualifications of the staff;

1º les qualifications du personnel;

2º ubushobozi bushingiye ku bikoresho;

2º qualifications based on the equipment;

2º les qualifications basées sur les équipements;

3º ubushobozi bushingiye ku mari;

3º qualifications based on financial capacity;

3º les qualifications basées sur les capacités financières;

4º uburambe mu mirimo isa n'ikenewe gukorwa.

4º experience in performing work similar to that required.

4º l'expérience dans l'exécution des travaux similaires à ceux requis.

Hakurikijwe ibivuye mu isesengura, abarenze ijonjora ni bo bonyine bohererezwa igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa bahamagarirwa kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa ku munsi n'isaha byagenwe. Igihe giteganyijwe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa ni iminsi itari munsi ya makumyabiri n'umwe (21) ku rwego

Following the outcome of the evaluation, only prequalified bidders are provided with the tender document inviting them to submit their bids on a specified date and time. This period meant for preparation of bids is at least twenty-one (21) days at international level and fourteen (14) days at national level.

Suivant les résultats de l'évaluation, seuls les soumissionnaires présélectionnés reçoivent le dossier d'appel d'offres les invitant à présenter leurs offres à la date et l'heure indiquées. Le délai prévu pour la préparation des offres est au moins vingt et un (21) jours au niveau international et quatorze (14) jours au niveau national.

mpuzamahanga na cumi n'ine (14) ku rwego rw'igihugu.

Ingingo ya 22: Ipiganwa rigenewe abapiganwa bake

Ipiganwa rigenewe abapiganwa bake rireba gusa abapiganwa bagaragara ku nyandiko ibatumira.

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha ipiganwa rigenewe abapiganwa bake mu gihe ibintu bikeneye kugurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bifite imiterere ihanitse cyangwa bikaba biteye ku buryo bwihariye, cyangwa se bikaba biboneka gusa ku bapiganwa bake.

Ingingo ya 23: Gusaba ibiciro

Urwego rutanga isoko rushobora gusaba ibiciro biturutse mu bapiganwa batari munsi ya batatu (3) nibura aho bishoboka. Buri muntu wasabwe gutanga igiciro agomba kumenyeshwa niba hari ibindi birenze ku giciro, nk'ibijyanye n'ubwikorezi, ubwishingizi, amahoro ya gasutamo n'indi misoro, bigomba gushyirwa mu giciro.

Iyo hakoreshejwe ubu buryo, amasezerano y'isoko agomba guhabwa uwatanze igiciro gito gihuje n'ubwiza busabwa kandi bijyanye n'igihe urwego rutanga isoko rukeneyemo ibyo rwifuza kugura.

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bwo gusaba ibiciro mu gihe rushaka

Article 22: Restricted tendering

The restricted tendering is open only to bidders appearing on the invitation to bid.

A procuring entity may use restricted tendering for a procurement if the needed goods, works, or consultancy and non-consultancy services are of highly complex or specialized nature, or are available only from a limited number of bidders.

Article 23: Request for quotations

The procuring entity may request for quotations from at least three (3) bidders, if possible. Each bidder from whom a quotation is requested must be informed whether any elements other than the price, such as any applicable transportation and insurance charges, customs duties and taxes, are to be included in the price.

If this method is used, the procurement contract must be awarded to the bidder that submitted the lowest priced quotation for the described quality that also meets the delivery period of the procuring entity.

The procuring entity may engage in procurement by means of a request for

Article 22: Appel d'offres restreint

L'appel d'offres restreint est ouvert uniquement aux soumissionnaires invités à soumettre leurs offres.

L'entité de passation de marchés peut utiliser l'appel d'offres restreint lorsque les biens, les travaux ou les services de consultance et de non-consultance ont une nature hautement complexe ou particulière ou encore sont disponibles seulement chez un nombre limité de soumissionnaires.

Article 23: Demande de cotations

L'entité de passation des marchés peut solliciter, autant que possible, des prix auprès d'au moins trois (3) soumissionnaires. Chaque soumissionnaire sollicité doit être informé, s'il y a lieu, sur d'autres éléments que le prix, comme les frais de transport et d'assurance, des droits d'entrée et impôts, faisant partie du prix.

Si cette méthode est utilisée, le marché doit être attribué au soumissionnaire le moins disant, répondant à la qualité décrite et dont le délai de livraison est conforme à celui de l'entité de passation de marché.

L'entité de passation de marchés peut utiliser la méthode de demande de cotation pour un marché

gutanga isoko ry'ibintu cyangwa imirimo bicirirtse ariko bisanzwe ku isoko n'ubwiza bwabyo bukaba busanzwe busobanutse kandi igiciro cyabyo kikaba ari gito kijyanye n'amafaranga ntarengwa ateganywa mu mabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Urwego rutanga isoko ntirushobora gucamo ibice isoko kugira ngo rubashe gukoresha ibivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo.

Ingingo ya 24: Gutanga isoko nta piganwa ribayeho cyangwa ubwumvikane butaziguye

Urwego rutanga isoko rushobora kubona ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke nta piganwa ribaye rusabye gusa ibiciro umuntu umwe ubifitiye ubushobozi, iyo :

1º ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bishobora kuboneka gusa k'ugemura ibicuruzwa runaka cyangwa ukora imirimo runaka bigurishwa n'umuntu umwe cyangwa sosiyete imwe gusa kandi hakaba nta bundi buryo bwakoreshwa buhari;

2º ugemura ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, ukora imirimo runaka, utanga serivizi z'impuguke n'izitari iz'impuguke ufite uburenganzira budasangirwa kuri ibyo bicuruzwa, iyo imirimo cyangwa izo serivisi;

quotations for the procurement of average but readily available goods or works at the market, which have standard specifications and are of a very low cost in accordance with a threshold specified in the public procurement regulations.

The procuring entity shall not split its tender into separate contracts for the purpose of applying the provisions of Paragraph One of this Article.

Article 24: Single-source procurement or direct contracting

The procuring entity may procure the goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services by soliciting a price quotation from a single qualified bidder, when:

1º the goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services are available only from a particular supplier or contractor, or a particular person or company has exclusive rights in respect of the goods, supplies, works or services, and no reasonable alternative or substitute exists;

2º the supplier of goods or supplies, the contractor, the consultancy and non-consultancy services provider holds exclusive rights in respect of such goods, works or services;

d'acquisition des biens ou des travaux moyens mais disponibles sur le marché, dont les spécifications sont standard et d'une valeur inférieure conformément au seuil défini dans les règlements sur les marchés publics.

L'entité de passation de marché ne peut pas fractionner le marché en plusieurs marchés différents en vue d'appliquer les dispositions de l'alinéa premier du présent article.

Article 24: Gré à gré ou entente directe

L'entité de passation de marché peut acquérir des biens ou des fournitures, des travaux, des services de consultance et de non-consultance par la méthode de demande d'une cotation des prix à un soumissionnaire unique compétent lorsque:

1º les biens ou fournitures, travaux, services de consultance et de non-consultance sont disponibles seulement auprès d'un fournisseur ou entrepreneur; ou qu'une seule personne ou une seule société détient les droits exclusifs de vente à l'égard de ces biens, fournitures, travaux ou services et qu'il n'existe pas d'alternative ou substitution;

2º le fournisseur de biens ou de fournitures, l'entrepreneur, le prestataire de services de consultance et de non-consultance détient les droits exclusifs à l'égard de ces biens, travaux ou services;

3º ibitangwa kuri ayo masoko ya Leta bitarenze amafaranga yose hamwe ashyirwaho mu gihe cya ngombwa n'Iteka rya Minisitiri;

3º the cost of such public procurement does not exceed the total amount determined in due time by an Order of the Minister;

3º le coût de ces marchés publics n'excède pas le montant total déterminé en temps opportun par arrêté du Ministre ;

4º ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bikenewe byihutirwa ku buryo gukoresha ipiganwa risesuye cyangwa ubundi buryo busanzwe bwo gutanga amasoko ya Leta bidashoboka. Ubu buryo bukoreshwa ari uko impamvu zatumye haba ubwihutirwe bw'ibikenewe zitaturutse ku rwego rutanga isoko cyangwa ku burangare bwarwo;

4º there is an urgent need for the goods or supplies, works and consultancy and non-consultancy services, so that engaging in open tender or any other usual method of public procurement would be impractical, provided that the circumstances giving rise to the urgency were not attributable to the procuring entity or the result of its carelessness;

4º il y a un besoin urgent pour les biens ou les fournitures, les travaux et les services de consultance et de non-consultance, de sorte que s'engager dans une procédure d'appel d'offres ouvert ou dans toute autre méthode habituelle de passation des marchés publics serait impossible, à condition que les circonstances donnant lieu à l'urgence ne soient pas imputables à l'entité de passation de marchés ou le résultat de sa négligence;

5º bitewe n'ikiza, ibihe bidasanzwe kandi ntarengwa, hari ubwihutirwe bw'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bikaba bidashoboka gukoresha ubundi buryo bwo gutanga amasoko kubera igihe gikenewe mu gukoresha ubwo buryo bundi;

5º owing to a disaster, force majeure, there is an urgent need for the goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services, making it impractical to use other methods of procurement because of the time required in using those methods;

5º en raison d'une catastrophe, force majeure, il y a un besoin urgent des biens ou des fournitures, des travaux, des services de consultance et de non-consultance qui rend impossible l'utilisation d'autres méthodes de passation des marchés en raison du temps exigé dans l'utilisation de ces méthodes;

6º hari akazi k'inyongera kadashobora gutandukanywa n'isoko ry'ibanze ku mpamvu za tekiniki. Agaciro k'akazi k'inyongera ntikarenga makumyabiri ku ijana (20%) by'amafaranga akoreshwa mu isoko ry'ibanze kandi ako kazi gakorerwa amasezerano y'inyongera;

6º there are additional activities that cannot be technically separated from initial tender. The value of such additional activities shall not exceed twenty percent (20%) of the initial tender and is subject to an addendum to the contract;

6º il y a des prestations supplémentaires qui, techniquement, ne peuvent être séparées du marché principal. La valeur de ces prestations supplémentaires ne doit pas dépasser vingt pour cent (20%) du contrat initial et doit faire l'objet d'un addendum au contrat;

7º urwego rutanga isoko rwifuza gukorana amasezerano n'utanga serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke, ukora cyangwa wigisha mu mashuri makuru cyangwa ibigo by'ubushakashatsi byo mu

7º the procuring entity seeks to enter into a contract with the consultancy and non-consultancy service provider that is working or teaching in a higher learning institution or research institution in the country for the purpose of research, experiment or study.

7º l'entité de passation des marchés souhaite conclure un contrat avec le fournisseur de services de consultance et de non-consultance travaillant ou enseignant dans une institution d'enseignement supérieure ou de recherche dans

gihugu kubera impamvu y'ubushakashatsi, igerageza mu by'ubuhanga cyangwa inyigo.

le pays pour des fins de recherche, d'expérimentation ou d'étude.

Gutanga isoko nta piganwa ribaye ntibishobora gushingira gusa ko umuntu umwe ari we ufite ubushobozi cyangwa uburenganzira bwihariye bwo gukora cyangwa kugemura ibikenewe, gukora imirimo cyangwa gutanga serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke iyo hari ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bishobora gukora kimwe, imirimo cyangwa serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bishobora kuboneka ku bandi bantu, bihuje n'ibyo nyir'igikorwa yifuza.

Single source procurement shall not be justified on the grounds that only one bidder has the capacity or the exclusive right to manufacture or deliver goods, works or consultancy and non-consultancy services if functionally equivalent goods or supplies, works or consultancy and non-consultancy services available from other persons would satisfy the needs of the procuring entity.

La méthode d'entente directe ne doit pas se justifier par le fait qu'un seul soumissionnaire a la capacité ou le droit exclusif de fabriquer ou de livrer des biens, des travaux ou des services de consultance et de non-consultance lorsque, du point de vue fonctionnel, les biens ou fournitures, les travaux ou les services de consultance et de non-consultance équivalents fournis par d'autres personnes peuvent satisfaire les besoins de l'entité de passation des marchés.

<u>Ingingo ya 25</u>: Uburyo bw'inzira ngufi

<u>Article 25</u>: Simplified methods

<u>Article 25</u>: Méthodes simplifiées

Uburyo bw'inzira ngufi ni uburyo bwo gutanga isoko rifite agaciro kari hagati y'umubare ntarengwa ku buryo bwo gutanga isoko hakoreshejwe gusaba ibiciro n'umubare wemewe ntarengwa ku buryo bw'ipiganwa ry'imbere mu gihugu, bushobora kuba ipiganwa ry'imbere mu gihugu risesuye cyangwa rigenewe abapiganwa bake, mu gihe gutegura inyandiko z'ipiganwa byoroshye kandi ikigamijwe kitarangwa n'imiterere ya tekiniki ihambaye.

A simplified method is a method of public procurement used between the threshold for the requests for quotations and national competitive bidding thresholds, which may be national open or restricted tendering, in which the preparation of bids is easy and the technical specifications are not complex.

La méthode simplifiée est un procédé d'attribution des marchés utilisé pour les marchés se trouvant entre le seuil de la demande de cotations et celui de l'appel d'offres national, qui peut être l'appel d'offres ouvert ou restreint pour lequel la préparation des offres est facile et les spécifications techniques ne sont pas complexes.

Iyo ubwo buryo bukoreshejwe, hakoreshwa igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gikoze ku buryo bw'incamake kandi mu gihe kigufi hagati y'itangazo ryerekeye ipiganwa n'umunsi wa nyuma wo gutanga inyandiko z'ipiganwa. Icyakora, ku bapiganwa baturutse mu gihugu, icyo gihe ntigishobora kujya munsi y'iminsi umunani (8) y'akazi iyo ari ipiganwa

When such method is used, a shorter tender document and short period between tender publication and the deadline for submission of bids are used. However, the period cannot be less than eight (8) working days for national open tendering or five (5) working days for national restricted tendering.

Lorsqu'une telle méthode est utilisée, le dossier d'appel d'offres simplifié est utilisé et le délai entre la publication de l'avis d'appel offres et la date limite de soumission des offres est réduit. Néanmoins, ce délai ne peut être inférieur à huit (8) jours ouvrables pour un appel d'offres ouvert national ou cinq (5) jours ouvrables pour un appel d'offres restreint national.

risesuye cyangwa iminsi itanu (5) y'akazi iyo ari ipiganwa rigenewe abapiganwa bake.

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta ateganya imibare ntarengwa y'amafaranga ku masoko y'imirimo, ayo kugemura ibicuruzwa, aya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke.

Public procurement regulations determine thresholds for procurement of works, supply of goods, and consultancy and non-consultancy services.

Les règlements sur les marchés publics déterminent les seuils pour la passation des marchés des travaux, de fourniture de biens, et des services de consultance et de non-consultance.

Ingingo ya 26: Reji

Isoko rya Leta rishobora gukorwa n'abakozi bwite ba Leta bakoresheje ibikoresho bya Leta. Ubu buryo bukoreshwa iyo:

1º ingano y'imirimo igomba gukorwa idashobora kugenwa mbere y'igihe;

2º imirimo y'ubwubatsi igomba gukorwa ari mike kandi itatanye cyangwa iri ahantu hagoye kugera ku buryo hashobora kutaboneka abubatsi babishoboye bayikora ku giciro gikwiye;

3º imirimo y'ubwubatsi igomba gukorwa ku buryo butabangamiye indi mirimo ihakorerwa;

4º hari ibyihutirwa cyane bigomba gukorwa;

5º bibaye ngombwa ko urwego rutanga isoko rukomeza imirimo yadindijwe n'uwatsindiye isoko nyuma yo kumwihanangiriza ntibigire icyo bitanga.

Article 26: Force account

Public procurement may be carried out through force account by making recourse to the civil servants and using public equipment. This method is used where:

1º quantity of works to be carried out cannot be defined in advance;

2º construction works are small and scattered and are in remote locations or are in locations whose access is difficult so that qualified construction firms are unlikely to bid at reasonable price;

3º construction works are required to be carried out without disrupting other ongoing operations;

4º there are emergencies needing attention;

5º the procuring entity is to complete works delayed by the successful bidder after the written warnings did not yield any tangible results.

Article 26: Régie

Le marché public peut être exécuté par le personnel propre de l'État en utilisant les équipements de l'État. Cette méthode intervient lorsque:

1º la quantité des travaux à être exécutés ne peut pas être définie en avance;

2º les travaux de construction sont moins importants et dispersés dans des endroits éloignés ou localisés dans des zones d'accès difficile de sorte qu'il ait peu de chances que des entreprises de construction qualifiées présentent des offres à des prix raisonnables;

3º les travaux de construction doivent être réalisés sans perturber d'autres opérations en cours;

4º une situation d'urgence exige d'intervenir;

5º l'entité de passation de marché a besoin d'achever l'exécution d'un marché que l'attributaire de marché a retardée après une mise en demeure restée sans suite.

Ingingo ya 27: Gukoresha abaturage

Abaturage bagenewe igikorwa bashobora kugira uruhare mu gutanga serivisi zitari iz'impuguke mu buryo busobanurwa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Ubu buryo bugomba gukoreshwa iyo bigaragara ko bufite icyo bwongera mu bukungu, butanga akazi kandi bugatuma abo bugenewe babugiramo uruhare.

Ingingo ya 28: Ipiganwa mu byiciro bibiri

Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha uburyo bw'ipiganwa mu byiciro bibiri iyo:

1º rudashobora ubwarwo mu buryo burambuye kandi bwumvikana gusobanura imiterere y'ibintu cyangwa inyubako rukeneye rugamije kubona igisubizo kirunyuze ku miterere y'icyo rwifuza kugura;

2º isoko rifite imiterere igoye kandi urwego rutanga isoko rutabifitemo ubumenyi buhagije cyangwa ari isoko rijyanye n'iterambere rihambaye mu by'ikoranabuhanga;

3º igikorwa cyo guhamagarira abantu gupiganwa cyakozwe ariko ntihagire ucyitabira cyangwa rusanze nta nyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa cyangwa rubona

Article 27: Community participation

The beneficiary community may participate in delivery of non-consultancy services within the context defined by the public procurement regulations.

This method is used if it is established that, it will contribute to the economy, create employment and involve the beneficiary community.

Article 28: Two-stage tendering

The procuring entity may engage in procurement by means of two-stage tendering when:

1º it is not feasible for the procuring entity to formulate detailed and clear specifications for the goods or construction works in order to obtain the most satisfactory solution to its procurement needs.

2º a tender is complex and the procuring entity has not enough knowledge in the area or it is a tender relating to high technological development;

3º tendering proceedings have been engaged in but no bids were submitted or all bids were rejected or when the procuring entity finds that engaging in new tendering

Article 27: Participation communautaire

La population bénéficiaire peut participer à la livraison des services de non-consultance dans les marchés publics suivant les conditions définies dans les procédures de passation des marchés.

La méthode est utilisée s'il est établi qu'elle contribuera à l'économie, à la création d'emploi et à la participation active des populations bénéficiaires.

Article 28: Appel d'offres en deux étapes

L'entité de passation de marché peut engager le processus d'appel d'offres en deux étapes lorsque:

1º l'entité de passation de marché ne peut pas élaborer des spécifications techniques détaillées et claires des biens ou des travaux de construction en vue d'obtenir la solution la plus satisfaisante à ses besoins en passation des marchés;

2º le marché est complexe et l'entité de passation des marchés n'a pas assez de connaissances dans le domaine ou il s'agit d'un marché relatif au développement avancé de la technologie;

3º le processus d'appel d'offres est engagé mais qu'aucune offre n'a été reçue ou toutes les offres sont rejetées en raison de non-conformité aux exigences requises; ou lorsque l'entité de passation des marchés trouve qu'engager un

ko amahirwe yo kubona uritsindira ari make igihe rwaba rwongeye kurisubirishamo.

Mu cyiciro cya mbere urwego rutanga isoko rutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa rusaba inyandiko y'ipiganwa ijyanye na tekiniki, ubwiza cyangwa ibindi byihariye biranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke byifuzwa, haba mu bijyanye n'ingingo zashyirwa mu masezerano, mu buryo ibintu byatangwamo, aho bikenewe, ubushobozi mu kazi n'ubuhanga muri tekiniki by'abapiganwa.

Abapiganwa bahamagarirwa kuzana inyandiko z'ipiganwa z'ibanze zishingiye ku buryo bumva ibintu byakorwa mu rwego rwa tekiniki nta giciro kigaragaramo.

Urwego rutanga isoko rushobora kugirana ikiganiro cya tekiniki n'abapiganwa batanze inyandiko z'ipiganwa zujuje ibisabwa. Urwego rutanga isoko rurazifata kugira ngo ruzishingireho runononsora igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta ateganya uko icyo kiganiro gikorwa.

Mu cyiciro cya kabiri, urwego rutanga isoko ruhamagara ba nyir'inyandiko z'ipiganwa zatoranyijwe kugira ngo batange inyandiko z'ipiganwa za nyuma zirimo n'ibiciro bishingiye ku bisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kinononsoye. Mu gutegura imitere ya tekiniki muri icyo gitabo,

proceedings would unlikely result in a procurement contract.

During the first stage tendering, the procuring entity prepares the tender document requesting for bids relating to the technical, quality or other characteristics of needed goods or supplies, works, consultancy and non-consultancy services, as well as to contractual terms and conditions of supply, and, where relevant, the professional and technical competence of the bidders.

Bidders are invited to submit their initial bid based on their proposals relating
to the technical aspect, without a tender price.

The procuring entity may hold technical discussion with bidders who submitted responsive bids. The procuring entity retains the bids in order to make adjustments on the tender document.

The procurement regulations provide guidance on such technical discussion

In the second stage, bidders whose bids have been accepted by the procuring entity are invited to submit final bids with prices based only on the technical specifications of the adjusted tender document. In preparing the technical specifications of such a document, the procuring entity may modify any aspect

nouveau processus de passation des marchés ne permettrait pas l'attribution du marché.

À la première étape, l'entité de passation des marchés prépare le dossier d'appel d'offres sollicitant des offres liées aux aspects techniques et qualitatifs ou aux autres spécifications des biens ou fournitures, travaux, services de consultance et de non-consultance à acquérir, ainsi qu'aux termes et conditions contractuels et de livraison, et s'il y a lieu, aux compétences techniques et professionnelles des soumissionnaires.

Les soumissionnaires sont appelés à présenter leurs offres initiales basées sur les aspects techniques sans indication de prix.

L'entité de passation des marchés peut tenir des discussions techniques avec les soumissionnaires ayant présenté des offres remplissant les conditions requises. L'entité de passation des marchés retient ces offres pour servir de base dans la finalisation du dossier d'appel d'offres.

Les règlements sur les marchés publics prévoient des orientations sur cette discussion.

À la seconde étape, les soumissionnaires dont les offres ont été retenues par l'entité de passation des marchés sont invités à donner leurs offres finales avec des prix basés uniquement sur les spécifications techniques du dossier d'appel d'offres ajusté. Dans l'élaboration des spécifications techniques de ce dossier, l'entité

urwego rutanga isoko rushobora guhindura ibyasabwaga mu gitabo cya mbere. Ibyahinduwe cyangwa ibyongewemo bimenyeshwa abapiganwa mu nyandiko ibasaba inyandiko z'ipiganwa za nyuma.

Uwaba adashaka gutanga inyandiko y'ipiganwa ya nyuma, ashobora kuva mu ipiganwa nta nkurikizi y'uko ingwate y'isoko ye yafatirwa igihe yaba yarasabwe kuyitanga. Inyandiko za nyuma z'ipiganwa zigomba gusesengurwa kandi zikagereranywa kugira ngo haboneke utsindira isoko.

Ibiteganyijwe mu ngingo zigenga itangwa ry'amasoko muri rusange bigomba gukoreshwa mu ipiganwa mu byiciro bibiri, keretse mu gihe iyi ngingo inyuranye n'ibiteganywa na zo.

<u>Ingingo ya 29:</u> Kutuzuza ibisabwa mu bundi buryo buteganywa n'iri tegeko butari ipiganwa risesuye

Iyo habonetse impamvu zituma hatuzuzwa ibisabwa kugira ngo uburyo runaka buteganywa n'iri tegeko butari ipiganwa risesuye bukoreshwe, kugira ngo ikigamijwe kigerweho, urwego rutanga isoko rugomba gusaba uburenganzira mu Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta. Iki kigo gitanga uburenganzira kimaze kubona impamvu zumvikana z'urwego rutanga isoko ziherekejwe n'icyemezo cya Minisitiri ureberera urwo rwego yemeza ko iryo soko riri mu nyungu rusange.

originally set forth in the tender document. Such modifications or additions are communicated to bidders in the invitation to submit the final bids.

A bidder not wishing to submit a final bid may withdraw from the tendering proceedings without seizing any bid security that he/she may have been required to provide. The final bids must be evaluated and compared in order to ascertain the successful bidder.

The provisions generally applicable to tendering proceedings apply to two-stage tendering except to the extent that this Article is contrary to those provisions.

<u>Article 29</u>: Impossibility to meet the requirements for methods provided for under this Law other than open tender method

When prevailing circumstances make it impossible to meet the conditions for use of a given method under this Law other than the open tender method, to effect procurement, the procuring entity must seek authorisation from Rwanda Public Procurement Authority. Rwanda Public Procurement Authority gives the authorisation after receiving a reasonable justification from the procuring entity accompanied by a confirmation from the supervising Minister that such procurement is in public interest.

de passation des marchés peut modifier les aspects prévus dans le dossier d'appel d'offres initial. Toute modification ou addition doit être communiquée aux soumissionnaires dans la lettre d'invitation à soumettre les offres finales.

Un soumissionnaire qui ne veut pas donner l'offre finale peut se retirer du processus de compétition sans risque de saisie de sa garantie de soumission au cas où celle-ci aurait été demandée. Les offres finales sont évaluées et comparées pour déterminer l'attributaire du marché.

Les dispositions généralement applicables aux procédures de passation de marchés sont applicables à l'appel d'offres en deux étapes, sauf lorsque le présent article est contraire à ces dispositions.

<u>Article 29:</u> Impossibilité de remplir les conditions requises dans des méthodes prévues par la présente loi autres que la méthode d'appel d'offres ouvert

Lorsque les circonstances ne permettent pas de remplir les conditions d'utilisation d'une méthode donnée prévue par la présente loi autre que la méthode d'appel d'offres ouvert, l'entité de passation des marchés, en vue de réaliser l'objet du marché, sollicite l'autorisation de l'Office Rwandais des Marchés Publics. L'Office accorde l'autorisation, après avoir reçu une justification légitime de l'entité de passation des marchés accompagnée d'une attestation du Ministre de tutelle que la passation dudit marché est dans l'intérêt public.

Mu nzego zidafite Minisitiri uzireberera, icyo cyemezo gitangwa n'umuyobozi ukuriye Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga ingengo y'imari muri urwo rwego. Naho mu Turere, icyo cyemezo gitangwa n'Umukuru w'Intara cyangwa Umuyobozi w'Umujyi wa Kigali.

For entities that have no supervising Minister, this authorization is given by the supervisor of the Chief Budget Manager in such an entity. Whereas in Districts, the authorization is given either by the Governor of the Province or the Mayor of the City of Kigali.

Pour les entités qui n'ont pas de Ministre de tutelle, cette autorisation doit être donnée par le supérieur hiérarchique du Gestionnaire principal du budget dans une telle entité. Tandis que dans les Districts, l'autorisation est donnée soit par le Gouverneur de la Province, soit par le Maire de la Ville de Kigali.

Icyiciro cya 4: Inzira ikurikizwa mu itangwa ry'isoko

Section 4: Procurement process

Section 4: Processus de passation des marchés

Akiciro ka mbere: Gutegura isoko no kuritangaza

Subsection One: Preparation and publication of a tender

Sous-section première: Préparation et publication du marché

Ingingo ya 30: Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa

Article 30: Tender document

Article 30: Dossier d'appel d'offres

Mbere yo gutegura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa umukozi ushinzwe amasoko ya Leta agomba kumenya ko iryo soko riri mu igenamigambi ry'amasoko ya Leta kandi ko hari ingengo y'imari yo kurishyira mu bikorwa.

Before preparing the tender document, the Procurement officer ensures that such a tender is included in the public procurement plan and the relevant budget for its execution is available.

Avant de préparer le document d'appel d'offre pour un marché, l'agent chargé des marchés publics s'assure que ce marché est prévu sur le plan de passation de marchés publics et que le budget pour son exécution est disponible.

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, gitegurwa hashingiwe kuri iri tegeko, amabwiriza agenga amasoko ya Leta hamwe n'igitabo ngenderwaho cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

The tender document is prepared in accordance with this Law, procurement regulations and standard tender document.

Le dossier d'appel d'offres est préparé conformément aux dispositions de la présente loi, aux règles de passation des marchés ainsi qu'au dossier d'appel d'offres type.

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigomba kuba gikubiyemo amakuru akurikira yatuma habaho ipiganwa riha abatanga inyandiko y'ipiganwa amahirwe angana:

The tender document must contain the following information to allow a fair competition among those who may wish to submit bids:

Le dossier d'appel d'offres doit contenir des renseignements suivants pour une concurrence équitable aux soumissionnaires:

1º ibikenewe bijyanye n'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi zitari iz'impuguke isoko rigamije n'igihe ntarengwa cy'igemura n'irangiza ry'imirimo;

2º ibipimo ngenderwaho bikoreshwa mu Rwanda cyangwa ibipimo mpuzamahanga mu gihe mu Rwanda ntabihari, keretse iyo ibyo bipimo bitarashyirwaho haba mu Rwanda cyangwa mu mahanga ;

3º inyandiko ngufi isobanura ingano y'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, iy'imirimo cyangwa iya serivisi zitari iz'impuguke byifuzwa harimo n'igihe bikenewemo;

4º ibishushanyo n'ingano y'ibikenewe iyo ari isoko ry'imirimo;

5º amabwiriza rusange n'ayihariye agenga amasezerano y'isoko n'ibisabwa mu ngwate yo kurangiza neza imirimo;

6º nomero y'isoko ikoreshwa mu itangwa ry'isoko itangwa n'urwego rutanga isoko;

7º amabwiriza asobanura uko inyandiko z'ipiganwa zitegurwa n'uko zitangwa harimo:

a) inyandiko ngenderwaho y'ipiganwa;

b) ibisabwa nk'ingwate y'ipiganwa, inyandiko ngenderwaho y'ingwate n'ingano y'iyo ngwate;

1º the specific requirements relating to goods or supplies, works or non-consultancy services to be procured and the time limit for delivery and completion;

2º applicable Rwanda standards or international standards where there are no applicable Rwanda Standards, unless such standards are not yet in place either in Rwanda or abroad;

3º a short description of quantities of goods or supplies, works or non-consultancy services that are needed as well as the delivery period;

4º if it concerns tender for works, relevant drawings and bills of quantities;

5º the general and specific conditions governing the contract and requirements of the performance security;

6º the reference number of the tender used by the procuring entity in the tender award process;

7º instructions for the preparation and submission of bids including:

a) the standard bid form;

b) any bid security required, security standard form and amount of such security;

1º les exigences spécifiques en relation avec les produits ou les fournitures, les travaux ou les services de non- consultance à soumissionner, le délai de livraison et de fin d'exécution;

2º les normes applicables au Rwanda ou les normes internationales lorsqu'il n'existe pas de normes applicables au Rwanda, à moins que de telles normes ne soient pas encore mises en en place ni au Rwanda ni à l'étranger;

3º une brève description des quantités de produits ou fournitures, travaux ou services de non-consultance désirés ainsi que la période de livraison;

4º s'il s'agit d'un marché de travaux, des plans et devis quantitatif;

5º les conditions générales et spécifiques régissant le contrat, et les exigences de la garantie de bonne exécution;

6º le numéro de référence du marché utilisé par l'entité de passation de marché dans le processus de passation de marché;

7º les instructions relatives à la préparation et à la soumission des offres comprenant:

a) le modèle de soumission;

b) toute garantie de soumission à fournir, le modèle de garantie et le montant d'une telle garantie;

c) ibyemezo bigaragaza ubushobozi bw'upiganwa;

8º igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro ;

9º amabwiriza n'ibigenderwaho mu isesengura n'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa;

10º ingingo zigaragaza ko urwego rutanga isoko rushobora gusesa ipiganwa igihe cyose amasezerano y'isoko atarashyirwaho umukono;

11º ikindi cya ngombwa gishobora gusabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko, amabwiriza agenga amasoko ya Leta, n'andi mategeko n'amabwiriza yo ku rwego rw'igihugu bitewe n'umwihariko w'isoko.

Inyandiko zo mu rwego rw'ubutegetsi zisabwa abapiganwa zigomba gushingira ku mategeko y'ibihugu bakomokamo.

<u>Ingingo ya 31</u>: Amabwiriza agena ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na serivisi zitari iz'impuguke

Ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na serivisi zitari iz'impuguke, bisobanurwa mu buryo butuma igikenewe cyumvikana neza kandi ntawe kigomba kubogamiraho.

c) the documents evidencing the bidder's qualifications;

8º validity period of bids;

9º the procedures and criteria for bid evaluation and comparison;

10º a clause indicating that the procuring entity may cancel the tender at any time before signing the contract;

11º any other requirement as may be provided for by the tender document in accordance with the provisions of this Law, public procurement regulations and other national laws and regulations in force depending on the tender specific nature.

Administrative documents required to bidders must refer to the laws in force in the bidders' home countries.

<u>Article 31</u>: Rules determining specifications of goods or supplies, works and non-consultancy services

Specifications of goods or supplies, works or non-consultancy services clearly define the expected results with objectivity and neutrality.

c) les documents attestant la qualification du soumissionnaire;

8º la durée de validité des offres;

9º les procédures et les critères d'évaluation et de comparaison des offres;

10º une clause indiquant que l'entité de passation de marché peut annuler l'appel d'offres à tout moment avant la signature du contrat;

11º toute autre information pouvant être exigée dans le dossier d'appel d'offres conformément aux dispositions de la présente loi et des règlements de passation des marchés publics ou autres lois et règlements nationaux en vigueur selon la nature particulière du marché.

Les documents administratifs exigés aux soumissionnaires doivent être conformes aux législations en vigueur dans leurs pays d'origine.

<u>Article 31</u>: Réglementation déterminant les spécifications des produits ou fournitures, travaux ou services de non- consultance

Les spécifications relatives aux produits ou fournitures, aux travaux ou services de non-consultance doivent clairement définir les résultats attendus avec objectivité et neutralité.

Ibiranga ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo na serivisi zitari iz'impuguke ntibigomba gushingira ku bwoko runaka bw'ikintu, ku izina ryacyo ry'ubucuruzi, ku gishushanyo no ku nkomoko byacyo cyangwa ku ruganda rwagikoze keretse iyo nta bundi buryo bushoboka bwo kubisobanura. Icyo gihe bongeraho amagambo nka "cyangwa ibisa na cyo".

Ingingo ya 32: Gutangaza isoko

Urwego rutanga isoko rutangariza isoko abantu bose bifuza kuripiganira nk'uko biteganywa n'iri tegeko binyuze mu itangazo rihamagarira ipiganwa. Amasoko yose atangazwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta uretse iyo agaciro k'isoko ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, imirimo cyangwa serivisi zaba iz'impuguke cyangwa izitari iz'impuguke kari munsi y'agaciro kagenwa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Ingingo ya 33: Itangazo rihamagarira ipiganwa

Urwego rutanga isoko rutegura itangazo rihamagarira ipiganwa rikubiyemo nibura ibi bikurikira:

1º izina na aderesi by'urwego rutanga isoko;

2º nomero y'isoko ikoreshwa mu itangwa ryaryo igenwa n'urwego rutanga isoko;

Specifications of goods or supplies, works and non-consultancy services shall not make reference to a particular brand, trade name, its design type and specific origin or producer unless there is no other sufficiently precise way of describing the characteristics of the goods, works or consultancy services to be provided. In that case the words such as "or equivalent" are added on.

Article 32: Tender advertisement

The procuring entity brings the tender notice to the attention of any person wishing to bid as provided for by this Law through an invitation to public tender. All tenders are posted on e-procurement portal with the exception of where the estimated value of the tender of goods or supplies, works or consultancy or non-consultancy services being procured is below the threshold established by public procurement regulations.

Article 33: Invitation to tender

The procuring entity prepares a tender notice that sets out at least the following elements:

1º the name and address of the procuring entity;

2º the reference number of the tender to be used in the tender award process determined by the procuring entity;

Les spécifications des produits ou fournitures, travaux ou services de non- consultance ne doivent pas être basées sur une marque particulière, un nom commercial, un modèle et une origine spécifique ou usine de fabrication à moins qu'il n'y ait d'autres moyens de spécifier leurs caractéristiques. Dans ce cas, le terme "ou l'équivalent" est ajouté à ces spécifications.

Article 32: Publication du marché

L'entité de passation de marché lance un avis d'appel d'offres à toute personne ayant l'intention de soumissionner conformément aux dispositions de la présente loi à travers une invitation à une offre publique qui est postée sur le site de passation des marchés publics électronique sauf pour le cas où la valeur du marché des biens ou fournitures, des travaux ou services de consultance ou de non-consultance à soumissionner est inférieure à la valeur fixée par les règlements sur les marchés publics.

Article 33: Avis d'appel d'offres

L'entité de passation du marché prépare un avis d'appel d'offres qui comprend au moins les éléments ci-après:

1º le nom et l'adresse de l'entité de passation de marché;

2º le numéro de référence du marché devant être utilisé dans le processus de passation de

marché, déterminé par l'entité de passation de marché;

3º uko igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kiboneka n'ikiguzi cyacyo.

3º an explanation of how to obtain the tender document and its cost.

3º la manière d'obtenir le dossier d'appel d'offres et son coût.

Ingingo ya 34: Gushyira ahagaragara igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa

Article 34: Availability of tender document

Article 34: Disponibilité du dossier d'appel d'offres

Urwego rutanga isoko rugomba gushyira ahagaragara igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa nk'uko biteganywa mu itangazo rihamagarira ipiganwa.

The procuring entity must make available the tender document in accordance with the invitation to tender.

L'entité de passation de marché doit rendre disponible le dossier d'appel d'offres conformément à l'avis d'appel d'offres.

Urwego rutanga isoko rushobora kugurisha igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Amabwiriza agenga amasoko ya Leta agena ikiguzi cy'icyo gitabo.

The procuring entity may charge a fee for obtaining the tender document. The public procurement regulations determine acquisition costs of that document.

L'entité de passation de marché peut exiger le paiement du dossier d'appel d'offres. Les règlements des marchés publics déterminent le coût d'acquisition de ce dossier.

Ingingo ya 35: Ihindurwa ry'ingingo z'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa

Article 35: Modifications to clauses of the tender document

Article 35: Modifications des clauses du dossier d'appel d'offres

Mu gihe itangazo rihamagarira gupiganira isoko ryatanzwe, uwifuza gupiganira isoko wese ashobora gusaba urwego rutanga isoko ibisobanuro ku gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa mu gihe kitarenze bitatu bya gatandatu (3/6) by'iminsi yagenewe ipiganwa uhereye igihe itangazo ry'ipiganwa ryasohokeye. Urwego rutanga isoko rugomba gutanga ibisubizo ku bisobanuro byasabwe mu gihe kitarenze kimwe cya gatandatu (1/6) cy'iminsi yagenewe ipiganwa uhereye igihe rwakiriye inyandiko ya nyuma isaba ibisobanuro.

After publication of tender notice, any prospective bidder may ask the procuring entity to provide explanations as to the content of the tender document within three sixths (3/6) of the deadline period for the submission of tenders as of the date of tender notice publication. The procuring entity provides the requested clarifications within one sixth (1/6) of the deadline period for the submission of tenders as of the receipt of the last request for clarifications.

Après la publication d'appel d'offres, tout soumissionnaire potentiel peut demander à l'entité de passation des marchés des éclaircissements concernant le contenu du document d'appel d'offres endéans trois sixième (3/6) de la période de la date lime de soumission à partir de la publication d'appel d'offres. L'entité de passation des marchés donne des éclaircissements demandés endéans un sixième (1/6) de la période de la date lime de soumission à partir de date de la dernière demande d'éclaircissements.

Urwego rutanga isoko rugomba kumenyesha buri wese ushobora gupiganwa ibisobanuro byasabwe n'ibisubizo byatanzwe rutagaragaje umwirondoro w'uwabajije.

Without disclosing the source of the request, the procuring entity must communicate to all prospective bidders clarifications requested and responses provided.

L'entité de passation des marchés communique à tous les soumissionnaires potentiels, sans révéler la source de la demande, les éclaircissements demandés et les réponses fournies.

Ku cyemezo cy'urwego rutanga isoko cyangwa mu rwego rwo gusubiza ibibazo by'abifuza gupiganwa, urwego rutanga isoko rushobora guhindura igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa igihe cyose mbere y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa hakoreshejwe inyandiko y'inyongera.

On the initiative of the procuring entity or in response to the bidders' concerns, the procuring entity may modify the tender document at any time before the deadline for submitting bids by an addendum.

À l'initiative de l'entité de passation des marchés ou en réponse aux questions des soumissionnaires, l'entité de passation des marchés peut modifier le dossier d'appel d'offres par un addendum, à tout moment avant la date limite de remise des offres.

Urwego rutanga isoko rugomba kwihutira gushyira ahagaragara kopi y'inyongera y'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa rukoresheje uburyo bw'imenyekanisha rwakoresheje mu kumenyekanisha itangazo ry'isoko ry'ibanze. Iyo nyandiko y'inyongera ifatwa nk'igize igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

The procuring entity must promptly provide a copy of the addendum through the communication channel used for the initial tender notice. Such an addendum is considered to be part of the tender document.

L'entité de passation des marchés doit fournir immédiatement une copie de l'addendum à travers le moyen de communication utilisé lors de l'avis d'appel d'offres initial. Cet addendum est considéré comme faisant partie du dossier d'appel d'offres.

Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gihinduwe mbere y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa, urwego rutanga isoko rwongera igihe kugira ngo ibyahinduwe bishobore kugenderwaho mu gutegura inyandiko z'ipiganwa.

If the tender document is amended, before the deadline for submitting tenders, the procuring entity extends the deadline in order to allow the amendment of the tender document to be taken into account in the preparation of bids.

Si le dossier d'appel d'offres est modifié avant la date limite de remise des offres, l'entité de passation des marchés prolonge la date limite de remise des offres pour permettre la prise en considération des modifications apportées dans la préparation des offres.

Icyo gihe cy'inyongera ntigishobora kurenga iminsi yari iteganyijwe mu masezerano y'ibanze.

Such extension of deadline may not go beyond the period contained in the initial contract.

Cette prolongation ne peut pas aller au-delà du délai indiqué dans le contrat initial.

Akiciro ka 2: Gupiganira isoko

Ingingo ya 36: Igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa

Mu ipiganwa risesuye, igihe kigenewe gutegura inyandiko z'ipiganwa ntikigomba kujya munsi y'iminsi mirongo itatu (30), uhereye igihe itangazo ry'ipiganwa ryasohokeye.

Mu ipiganwa mpuzamahanga risesuye igihe cyo gutegura inyandiko z'ipiganwa kigomba kuba hagati y'iminsi mirongo ine n'itanu (45) na mirongo icyenda (90) uhereye igihe isoko ryatangarijwe ku rubuga rw'ikoranabuhanga ryo gutanga amasoko ya Leta.

Mu ipiganwa rigenewe abapiganwa bake, igihe gishobora kugabanuka ariko ntikigomba kujya munsi y'iminsi makumyabiri n'umwe (21) ku rwego mpuzamahanga na cumi n'ine (14) ku rwego rw'igihugu.

Igihe gihabwa abapiganwa basabwe gutanga ibiciro kingana nibura n'iminsi itatu (3) y'akazi.

Igihe gihabwa abapiganwa gitangira kubarwa uhereye ku munsi upiganwa yakiriye ubutumire.

Subsection 2: Bid for public procurement

Article 36: Time for preparation of bids

For open tender, the time allotted to the preparation of tenders must not be less than thirty (30) calendar days from the time the tender notice is published.

For international open tender, the time allotted to the preparation of tenders must be between forty five (45) and ninety (90) calendar days from the time the tender notice is published through e-procurement portal.

For a restricted tender, such time limit may be reduced but shall not be less than twenty-one (21) calendar days for an international tender and fourteen (14) calendar days for a national tender.

The time limit given to the bidders in case of request for quotations is at least three (3) working days.

Such time is counted from the date of receipt of the invitation to tender by the bidder.

Sous-section 2: Participation aux marchés publics

Article 36: Délai de préparation des offres

Pour l'appel d'offres ouvert, le délai autorisé pour la préparation des offres ne doit pas être inférieur à trente (30) jours calendriers à compter de la date de publication de l'avis d'appel d'offres.

Pour l'appel d'offres ouvert international, le délai autorisé pour la préparation des offres est entre quarante-cinq (45) et quatre-vingt-dix (90) jours calendriers à compter de la date de publication de l'appel d'offre sur le site de passation des marchés publics électronique.

Pour l'appel d'offre restreint, ce délai peut être réduit mais ne peut aller en dessous de vingt et un (21) jours calendrier en cas d'appel d'offres international et de quatorze (14) jours calendrier en cas d'appel d'offres national.

Le temps de préparation des offres accordé aux soumissionnaires en cas de sollicitation des prix est au moins de trois (3) jours ouvrables.

Ce temps court à partir de la date de réception par le soumissionnaire de l'invitation à soumettre l'offre.

Ingingo ya 37: Ingwate y'inyandiko y'ipiganwa

Amasoko yose atangwa binyuze mu ipiganwa risesuye atangirwa ingwate y'inyandiko y'ipiganwa.

Icyakora, ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntibikurikizwa ku masoko y'imirimo, ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa n'aya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke igihe agaciro kayo katarenga umubare w'amafaranga agenwa n'iteka rya Minisitiri.

Urwego rutanga isoko rushobora kugena icyitegererezo cy'ingwate y'inyandiko y'ipiganwa no kugena umubare w'amafaranga. Umubare w'amafaranga y'ingwate n'uburyo iyo ngwate yakwa biteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Ingwate y'inyandiko y'ipiganwa igomba gufatirwa iyo upiganwa:

1º yisubiyeho nyuma y'igihe ntarengwa cyo gutanga inyandiko z'ipiganwa ariko n'igihe inyandiko z'ipiganwa zigomba kumara zigifite agaciro kitararangira;

2º yanze gushyira umukono ku masezerano y'isoko nk'uko bisabwa cyangwa se akananirwa kuzuza inshingano yo gutanga ingwate yo kwishingira ko azarangiza isoko neza.

Article 37: Bid security

All tender proceedings conducted under open tender are subject to a bid security.

However, the provisions under Paragraph One of this Article shall not apply to tenders related to works, goods or supplies, and consultancy and non-consultancy services whose value does not exceed the threshold determined by an Order of the Minister.

The procuring entity may determine the form and amount of the bid security. The amount of bid security and the means through which the bid security is required are determined by the procurement regulations.

Tender security must be seized if the bidder:

1º withdraws the bid after the deadline for submitting bids but before the expiry of the period during which bids must remain valid;

2º refuses to sign a contract as required or fails to fulfil the duty of furnishing any required performance security.

Article 37: Garantie de soumission

Tous les marchés attribués suivant la méthode d'appel d'offres ouvert sont soumis à une garantie de soumission.

Toutefois, les dispositions de l'alinéa premier du présent article ne s'appliquent pas aux marchés des travaux, de biens ou fournitures, et de services de consultance et de non-consultance dont la valeur ne dépasse pas le seuil déterminé par arrêté du Ministre.

L'entité de passation des marchés détermine le modèle et le montant de la garantie de soumission. Le montant de la garantie et la façon dont cette garantie est exigée sont déterminés par les règlements sur les marchés publics.

La garantie de soumission doit être saisie si le soumissionnaire:

1º retire l'offre après la date limite de remise des offres mais avant l'expiration de la période de validité des offres;

2º refuse de signer le contrat ou ne parvient pas à s'acquitter de la responsabilité de fournir la garantie de bonne exécution requise.

Urwego rutanga isoko rugomba guhita rusubiza ingwate y'inyandiko y'ipiganwa iyo:

1º ibikorwa byo gutanga isoko byasheshwe;

2º urwego rutanga isoko rusanze mu bapiganwe bose nta wujuje ibisabwa;

3º amasezerano y'isoko yamaze gushyirwaho umukono.

<u>Ingingo ya 38</u>: Itangwa n'iyakirwa ry'inyandiko y'ipiganwa

Inyandiko y'ipiganwa itangwa kandi ikakirwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta mu buryo buteganywa n'Iteka rya Minisitiri.

<u>Ingingo ya 39</u>: Ihindurwa ry'inyandiko y'ipiganwa

Inyandiko y'ipiganwa yamaze gutangwa hakoreshejwe ikoranabuhanga mu masoko ya Leta ishobora guhindurwa mbere y'itariki ntarengwa yo kurangiza gutanga inyandiko y'ipiganwa. Uburyo bikorwa bugenwa n'iteka rya Minisitiri.

<u>Ingingo ya 40</u>: Igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena igihe inyandiko z'ipiganwa zimara

The procuring entity must immediately give back the bid security if:

1º the procurement proceedings are cancelled;

2º the procuring entity realizes that none of the bidders complies with the required conditions;

3º the procurement contract is already signed.

<u>Article 38</u>: Submission and receipt of bids

The bids are submitted and received through e-procurement system in accordance with the modalities determined by an Order of the Minister.

<u>Article 39</u>: Modifications to bid

A bid that is submitted through e-procurement system may be subjected to modifications before the deadline for bid submission expires. The modalities for making such modifications are determined by an Order of the Minister.

<u>Article 40</u>: Bids validity period

The tender document determines the bid validity period. This period shall not exceed

L'entité de passation des marchés doit remettre immédiatement la garantie de soumission lorsque:

1º le processus d'attribution du marché est annulé;

2º l'entité de passation des marchés constate qu'aucun soumissionnaire ne remplit les conditions requises;

3º le contrat du marché est déjà signé.

<u>Article 38</u>: Remise et réception des offres

Les offres sont remises et reçues en utilisant le système électronique de passation des marchés publics conformément aux modalités prévues par un arrêté du Ministre.

<u>Article 39</u>: Modification de l'offre

Une offre soumise en utilisant le système électronique de passation des marchés publics peut subir des modifications avant l'expiration du délai de soumission. Les modalités relatives à de telles modifications sont déterminées par arrêté du Ministre.

<u>Article 40</u>: Période de validité des offres

Le dossier d'appel d'offres détermine la période de validité des offres. Cette période ne doit pas

zigifite agaciro. Icyo gihe ntikigomba kurenga iminsi ijana na makumyabiri (120) keretse byemewe n'upiganwa.

Icyakora, mbere y'uko icyo gihe kirangira, urwego rutanga isoko rushobora gusaba ko cyongerwa. Icyo gihe gishobora kongerwa inshuro imwe gusa kandi ntikirenze iminsi mirongo itandatu (60).

Urwego rutanga isoko rugomba kumenyesha iryo yongerwa ry'igihe buri wese watanze inyandiko y'ipiganwa.

Akiciro ka 3: Gufungura, gusesengura inyandiko z'ipiganwa no kumenyekanisha itangwa ry'isoko

Ingingo ya 41: Ifungurwa ry'inyandiko z'ipiganwa

Inyandiko z'ipiganwa zifungurwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga mu masoko ya Leta bugenwa n'iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 42: Isesengurwa ry'inyandiko z'ipiganwa

Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kagomba gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa zujuje ibyasabwe hashingiwe ku ngingo zikubiye mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kandi ntagishobora kwiyongeraho cyangwa ngo kivanwemo.

one hundred and twenty (120) days unless accepted by the bidder.

However, before the expiry of that period, the procuring entity may request to extend that period. The bid validity period shall be extended only once and shall not go beyond sixty (60) days.

The procuring entity must notify such an extension to each person or firm that submitted a bid.

Subsection 3: Bids opening, evaluation and notification

Article 41: Bids opening

The modalities for opening bids using the e-procurement system are determined by an Order of the Minister.

Article 42: Evaluation of bids

The public tender committee must evaluate and compare the responsive bids based on the procedures and criteria set out in the tender document and nothing can be added or deleted thereon.

excéder cent vingt (120) jours, sauf si c'est accepté par le soumissionnaire.

Cependant, avant l'expiration de cette période, l'entité de passation de marché peut demander de prolonger la période de validité des offres. La prolongation ne se fait qu'une fois et ne peut aller au-delà de soixante (60) jours.

L'entité de passation de marché doit notifier la prolongation à chaque soumissionnaire ayant déposé son offre.

Sous-section 3: Ouverture des offres, évaluation et notification

Article 41: Ouverture des offres

Les modalités d'ouverture des offres en utilisant le système électronique des marchés publics sont déterminées par arrêté du Ministre.

Article 42: Évaluation des offres

Le comité de passation des marchés publics doit évaluer et comparer des offres sur base des critères définis dans le dossier d'appel d'offres et rien ne peut y être ajouté ou supprimé.

Uwatsindiye isoko ni uwatanze inyandiko yujuje ibyasabwe kandi ufite igiciro gito kandi gihuje n'ukuri kurusha izindi nyandiko z'ipiganwa.

Icyakora, ibi ntibikurikizwa iyo bigaragaye ko igiciro gito cyashingiweho mu gutanga isoko gihanitse cyangwa ari gito bikabije ugereranyije n'igiciro kiri ku isoko.

Ibyo urwego rutanga isoko rukurikiza mu gufata icyemezo cyo kwanga uwatanze igiciro gihanitse cyangwa gito bikabije bigenwa n'Iteka rya Minisitiri.

Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kagomba gukora raporo y'isesengura ikubiyemo ibyakozwe mu isesengura n'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa nk'uko biteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

<u>Ingingo ya 43</u>: Kuzuza ibisabwa kw'inyandiko y'ipiganwa

Inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa ni irimo ibyangombwa byose nk'uko bisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Urwego rutanga isoko rushobora kwemera ko inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa n'ubwo yaba ifite bimwe mu bisabwa bituzuye ariko bitangiza mu mizi imiterere y'isoko, ibigenderwaho mu guhitamo utsindira isoko n'ibindi bya ngombwa bikenewe mu nyandiko ihamagarira abantu gupiganwa.

The successful bidder is the bidder who fulfils the requirements and who is lowest responsive bidder.

However, this shall not apply when the lowest responsive bidder has provided a price which is extremely higher or lesser compared to the market reality.

The procedures and criteria for disqualifying a bid on the reasons that it contains a price which is extremely higher or lesser compared to the market reality are determined by an Order of the Minister.

The public tender committee must prepare an evaluation report containing a summary of the evaluation and comparison of bids as provided for in the public procurement regulations.

<u>Article 43</u>: Responsiveness of bids

A bid is responsive if it substantially conforms to the requirements specified in the tender document.

The procuring entity may regard a tender as responsive even if it contains minor errors that do not materially alter or depart from the characteristics, terms, conditions, and other requirements set forth in the bidding notice.

L'attributaire du marché est le soumissionnaire dont l'offre est conforme et évaluée la mieux-disante.

Toutefois, cela ne s'applique pas lorsque l'offre conforme la mieux-disante contient un prix largement supérieur ou inférieur à ce que présente la réalité sur le marché.

La procédure et critères de rejet d'une soumission suite au fait qu'elle présente un prix largement supérieur ou inférieur à ce que présente la réalité sur le marché sont définies par arrêté du Ministre.

Le comité de passation des marchés publics doit faire un rapport d'évaluation contenant un résumé de l'évaluation et de la comparaison des offres tel que prévu par les procédures de passation des marchés publics.

<u>Article 43</u>: Conformité des offres

Une offre est considérée conforme, si elle répond substantiellement aux éléments exigés dans le dossier d'appel d'offres.

L'entité de passation des marchés peut considérer une offre comme conforme même si celle-ci comporte des omissions mineures qui ne modifient pas substantiellement le fonds, les conditions et les autres stipulations énoncées dans le dossier d'appel d'offres.

Mu gihe ibisabwa mu nyandiko y'ipiganwa bituzuye kubera ikosa rituruka ku kwibagirwa ariko rishobora gukosorwa hatabayeho guhindura mu mizi inyandiko y'ipiganwa, iryo kosa ryitabwaho mu gihe cyo gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa.

Icyakora, urwego rufashe icyemezo cyo kwemera ko inyandiko y'ipiganwa yujuje ibisabwa n'ubwo yaba ifite bimwe mu bisabwa bituzuye cyangwa kwemera ko inyandiko y'ipiganwa yemewe kandi ifite ikosa rituruka ku kwibagirwa, rusobanura muri raporo y'isesengura yemezwa n'Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta impamvu zashingiweho kandi iyo raporo ikaba inyongera kuri raporo y'isesengura.

<u>Ingingo ya 44</u>: Ibisabwa upiganwa kugira ngo ahabwe isoko

Upiganwa aba yujuje ibisabwa kugira ngo ahabwe isoko iyo:

1º afite abakozi bafite ubushobozi, ibikoresho, uburambe n'amafaranga byatuma akora isoko ripiganirwa;

2º yemererwa n'amategeko gukora amasezerano y'amasoko ya Leta;

3º afite ubwishyu, atari mu gihe cy'iseswa, atari mu gihombo, atari mu marembera cyangwa adakurikiranywe n'inzego z'ubutabera;

If the bidding notice requirements are incomplete because it contains errors that were due to omission that may be corrected without altering the substance of the bid, such errors are taken into account in the evaluation and comparison of bids.

.

However, the entity which decides to regard a tender as responsive even if it contains minor errors that do not materially alter or depart from the characteristics, terms, conditions, and other requirements set forth in the bidding notice or contains errors that was due to omission provides the reasons for such a decision in an additional report which is approved by the Chief Budget Manager.

<u>Article 44</u>: Requirements for bidder's qualification

A bidder is qualified to be awarded a tender only if he/she:

1º has qualified personnel, equipment, experience and financial capacity to provide what is being procured;

2º has the legal capacity to enter into a public procurement contract;

3º is not insolvent, in liquidation, bankrupt or in the process of being wound up or subject to any legal proceeding;

Si les stipulations énoncées l'appel d'offres sont incomplètes suite parce qu'elle comporte des erreurs ou des oublis qui peuvent être corrigés sans modifier l'offre quant au fond, ces erreurs sont quantifiées, dans la mesure du possible, et sont dûment prises en compte lors de l'évaluation et de la comparaison des offres.

Toutefois, l'entité de passation des marchés peut considérer une offre comme conforme même si celle-ci comporte des omissions
mineures qui ne modifient pas substantiellement le fonds, les conditions et les autres stipulations énoncées dans le dossier d'appel d'offres ou qui comporte des erreurs ou d'oublis, en présente une motivation dans un rapport additionnel devant être approuvé par le Gestionnaire principal du budget.

<u>Article 44</u>: Conditions pour la qualification du soumissionnaire

Un soumissionnaire est qualifié pour être attributaire du marché lorsqu'il:

1º dispose du personnel qualifié, des équipements, de l'expérience et des capacités financières pour exécuter le marché;

2º a la capacité juridique de signer le contrat des marchés publics;

3º n'est pas dans une situation d'insolvabilité, de faillite ou dans une procédure de liquidation judiciaire ou ne pas faire l'objet d'une poursuite judiciaire;

4º atahejwe cyangwa atahagaritswe mu mirimo y'amasoko ya Leta;

4º has not been debarred or suspended from participating in public procurement proceedings;

4º n'est pas en état d'exclusion ou de suspension de la participation des marchés publics;

5º yatanze ibyemezo byasabwe bihuje n'ukuri.

5º has provided accurate and appropriate evidences as required.

5º a fourni les preuves authentiques et appropriées requises.

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya ibindi bikenerwa bitewe n'ubwoko bw'isoko.

The tender document may set out any other criteria which can be considered depending on the nature of the tender.

Le document d'appel d'offres peut prévoir toute autre condition pouvant être exigée selon la nature de l'offre.

Iteka rya Minisitiri rigena umubare ntarengwa w'agaciro k'isoko ridasaba ko abapiganwa bagira uburambe.

A ministerial order determines the thresholds of the tender value exempting requirement of past experiences of potential bidders.

Un arrêté ministériel détermine le seuil de la valeur du marché qui ne requiert pas l'expérience exécutée dans le passé des soumissionnaires potentiels.

Urwego rutanga isoko rushobora gusaba upiganwa gutanga ibyemezo cyangwa ibisobanuro bigaragaza ko yujuje ibisabwa kandi rukagenzura niba ibyo byemezo bifite ukuri.

The procuring entity may require a bidder to provide evidence or information to establish that the criteria set are met and shall check whether they are accurate.

L'entité de passation de marché peut exiger au soumissionnaire de fournir des preuves ou informations attestant qu'il remplit les conditions exigées et s'assure de leur véracité.

Ibisabwa mu gika cya mbere n'ibiteganywa mu gika cya kabiri by'iyi ngingo bigomba kuba bigaragara mu gitabo cyerekena uburyo ipiganwa rikorwa, iyo ari ipiganwa risesuye, mu nyandiko ihamagarira gupiganwa iyo ari abapiganwa bake, mu nyandiko isaba ibiciro iyo ari ugusaba ibiciro, no mu itangazo rikubiyemo ibyo urwego rutanga isoko rwifuza, iyo ari ipiganwa ribimburiwe n'ijonjora.

The requirements specified in Paragraph one and 2 of this Article must be set out in the tender document, in a case of public tenders, in the request for proposals in case of restricted tender and quotations in the prequalification documents.

Les conditions exigées aux alinéas premier et 2 du présent article doivent figurer dans le dossier d'appel d'offres pour le cas d'un appel d'offres public, dans la demande de propositions dans le cas d'un appel d'offres restreint et dans la sollicitation des prix dans l'avis de présélection.

Ibyasabwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyangwa mu itangazo rikubiyemo ibyifuzwa mu ipiganwa

Only such requirements stated in the tender document and prequalification documents are applied during the evaluation process.

De telles conditions exigées dans le dossier d'appel d'offres ou avis de présélection sont les seules utilisées dans l'évaluation.

ribimburiwe n'ijonjora ni byo byonyine bigomba gukoreshwa mu gihe cy'isesengura.

Urwego rutanga isoko rushobora kwanga inyandiko y'ipiganwa y'umuntu wabeshye, watanze amakuru ajijisha cyangwa atuzuye.

Iyo ipiganwa ritabimburiwe n'ijonjora, urwego rutanga isoko rugomba kubanza gusuzuma neza niba upiganwa afite ubushobozi bwasabwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

The procuring entity may disqualify a bidder for submitting false, materially confusing or incomplete information.

If prequalification proceedings are not conducted, the procuring entity must verify whether the bidder meets criteria stated in the tender document.

L'entité de passation de marché peut rejeter l'offre pour fausse information, pour informations confuses ou incomplètes.

Si la procédure de présélection n'a pas eu lieu, l'entité de passation de marché doit d'abord procéder à la vérification de la capacité exigée dans le dossier d'appel d'offres.

Ingingo ya 45: Gusaba ibisobanuro mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa

Urwego rutanga isoko rushobora gusaba mu nyandiko ibisobanuro byarufasha gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa.

Ibisobanuro ntibigomba guhindura na gato imiterere y'inyandiko y'ipiganwa.

Article 45: Request for clarifications during the evaluation of bids

The procuring entity may request for any helpful clarification in writing in the evaluation and comparison of bids.

In any case, clarifications shall not change the substance of bids.

Article 45: Demande d'éclaircissements lors de l'évaluation des soumissions

L'entité de passation de marché peut demander des éclaircissements par écrit pour faciliter l'évaluation et la comparaison des offres.

Les éclaircissements ne doivent en aucun cas changer la substance de l'offre.

Inging ya 46 : Amakosa y'imibare

Mu gihe cy'isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa, inyandiko yose igaragayemo amakosa y'imibare ikurwa mu ipiganwa.

Icyakora, mu gihe cy'isesengurwa ry'inyandiko z'ipiganwa ku masoko atangwa hadakoreshejwe ikoranabuhanga nk'uko biteganywa n'iri tegeko, urwego rutanga isoko rugomba gukosora ikosa ry'imibare rigaragaye mu nyandiko y'ipiganwa mbere y'igereranya ry'inyandiko z'ipiganwa.

Article 46: Arithmetic errors

During the evaluation of bids, any bid bearing any arithmetic error is disqualified.

However, during the evaluation of bids, for bids that are not submitted through e-procurement system as provided for by the Law, the procuring entity must correct any arithmetic error once it occurs in a bid, before comparison of bids.

Article 46: Erreurs arithmétiques

Au cours de l'évaluation des offres, toute offre qui contient une erreur arithmétique doit être disqualifiée.

Toutefois, au cours de l'évaluation des offres, l'entité de passation de marché doit corriger des erreurs arithmétiques trouvées dans l'offre, avant la comparaison des offres.

Urwego rutanga isoko rugomba kandi kumenyesha uwapiganwe ikosa ryakosowe.

The procuring entity must also notify the bidder of the correction made.

L'entité de passation de marché doit également notifier le soumissionnaire des erreurs qui ont subi la correction.

Iyo igiciro cya buri kintu mu bigize igiteranyo cy'isoko gitandukanye mu mibare no mu nyuguti hitabwa ku byanditse mu nyuguti.

If the itemized price in figures is different from the price in words, the latter prevails.

Si le prix unitaire en chiffres diffère du prix en lettres, ce dernier fait foi.

Igiteranyo cyose cy'ibiciro kiri mu nyandiko y'ipiganwa kigomba kwandikwa mu mibare no mu nyuguti. Iyo igiciro mu mibare no mu nyuguti bitandukanye, abasesenguzi babihuza n'ukuri haba mu mibare haba no mu nyuguti.

The total price in the bid must be written in figures and in words. If the price in figures is different from the price in words, analysts check on accuracy thereof.

Le montant total dans l'offre doit être écrit en chiffres et en lettres. Si le prix en chiffres diffère du prix en lettres, les analystes en vérifient la véracité.

Iyo upiganwa yanze ibyakosowe, inyandiko y'ipiganwa ikurwa mu ipiganwa n'ingwate y'inyandiko y'ipiganwa igafatirwa iyo yatanzwe.

If the bidder rejects the correction, the bid is rejected and the bid security is seized if it has been provided.

En cas de refus de la correction par le soumissionnaire, l'offre est rejetée et la garantie de soumission est saisie si elle a été déposée.

Uburyo bwo gukosora ikosa ry'imibare bugenwa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta ashyirwaho n'iteka rya Minisitiri.

Modalities for correction of arithmetic errors are defined by public procurement regulations established by a Ministerial Order.

Les modalités de correction des erreurs arithmétiques sont définies par les règlements sur les marchés publics établis par arrêté du Ministre.

Ingingo ya 47: Kwanga inyandiko zose z'ipiganwa

Article 47: Rejection of all bids

Article 47: Rejet de toutes les offres

Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta gashobora kwanga inyandiko zose z'ipiganwa iyo:

The public tender committee may reject all the bids due to any of the following reasons:

Le comité de passation des marchés publics peut rejeter toutes les offres dans les cas suivants:

1º ibiciro byose biri hejuru y'umubare w'amafaranga y'ingengo y'imari ishobora kuboneka;

1º if prices offered are higher than the available budget;

1º si les prix offerts sont plus élevés que le budget disponible;

2º inyandiko z'ipiganwa zose zitasubije neza ibisabwa.

2º if all bids are considered substantially non responsive.

2º si toutes les offres ne répondent pas aux critères exigés.

Ingingo ya 48: Gusesa ipiganwa

Urwego rutanga isoko rushobora gufata icyemezo cyo gusesa ipiganwa igihe cyose iyo:

1º habaye impamvu zituma igihe isoko rigomba gutangwamo kirenga kandi ritagikenewe;

2º bigaragaye ko habayemo uburiganya no kudatanga amahirwe angana mu mitangire y'isoko.

Urwego rutanga isoko ntirushobora kuryozwa ingaruka izo ari zo zose zatewe no kwanga inyandiko zose z'ipiganwa cyangwa gusesa ipiganwa zituruka ku mpamvu zivugwa muri iri tegeko keretse iyo biturutse ku myitwarire y'uburangare cyangwa y'ubushake byarwo.

Urwego rutanga isoko rugomba kumenyesha abapiganwe bose icyemezo rwafashe mu nyandiko.

Ingingo ya 49: Kumenyesha itangwa ry'isoko

Mbere y'uko igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro kirangira, urwego rutanga isoko rugomba kumenyeshereza rimwe mu nyandiko uwatsindiye isoko n'abatsinzwe iby'agateganyo byavuye mu isesengura.

Article 48: Cancellation of procurement proceedings

The procuring entity may take a decision to cancel procurement proceedings at any time where:

1º procurement proceedings have exceeded the expected time of award and the needs to provide are no longer justified;

2º it is established that there was fraud and lack of fairness in the tendering process.

The procuring entity shall not be liable for any consequences related to the rejection of all bids or the cancellation of the procurement proceedings due to the reasons mentioned in this Law unless it was a consequence of its irresponsible conduct.

The procuring entity must inform all the bidders in writing about the decision taken.

Article 49: Notification of tender award

Before the expiry of the bid validity period, the procuring entity must at the same time notify the successful and the unsuccessful bidders of the provisional outcome of the bid evaluation.

Article 48: Annulation du processus de passation de marché

L'entité de passation des marchés peut prendre la décision d'annuler le processus de passation de marché à tout moment si :

1º il existe des raisons ayant fait dépasser le délai d'attribution du marché et que le besoin à pourvoir ne se justifie plus;

2º il est constaté qu'il y a eu fraude et manque d'équité dans le processus d'appel d'offres.

L'entité de passation des marchés n'est pas responsable des conséquences du rejet de toutes les offres ou d'annulation du processus de passation de marché pour des raisons spécifiées dans la présente loi sauf si elles sont le fait d'un comportement irresponsable de sa part.

L'entité de passation des marchés doit communiquer à tous les soumissionnaires par écrit la décision prise.

Article 49: Notification d'attribution du marché

Avant l'expiration du délai de validité des offres, l'entité de passation des marchés doit notifier en même temps l'attributaire du marché et les soumissionnaires non retenus des résultats provisoires de l'évaluation des offres.

Iyo nyandiko y'imenyesha igomba gusobanura neza ko iby'ingenzi byashingiweho mu itangwa ry'iryo soko byahabwa abapiganywe babisabye kandi ko bafite iminsi irindwi (7) ngo bagaragaze ibyo batemera mu gihe bihari mbere y'uko uwatsindiye isoko ashyira umukono ku masezerano.

The notification must specify that the major elements of the procurement process may be made available to bidders upon request and they have seven (7) days to lodge a complaint, if any, before a contract is signed with the successful bidder.

La notification doit préciser que les motifs de la décision d'attribution du marché peuvent être donnés aux soumissionnaires qui en font la demande et qu'ils disposent de sept (7) jours pour formuler les contestations s'il y a lieu, avant la signature du contrat avec l'attributaire du marché.

Urwego rutanga isoko ntirushobora gusaba cyangwa ngo rutegeke uwapiganwe kugira ibyo yemera bindi bitateganyijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kugira ngo abone guhabwa isoko.

The procuring entity shall not request or require, as a condition of awarding a procurement contract that a bidder undertakes responsibilities not set out in the tender document.

L'entité de passation des marchés publics ne doit pas demander ou poser comme condition préalable à l'attribution du marché au soumissionnaire, d'assumer des responsabilités qui ne sont pas prévues dans le dossier d'appel d'offres.

Amasezerano y'isoko akimara gushyirwaho umukono n'impande zombi, urwego rutanga isoko rugomba guhita rumenyesha abandi ko inyandiko zabo z'ipiganwa zitatsinze.

Upon signature of the procurement contract with both parties, the procuring entity must notify to other bidders that their bids were not successful.

Dès la signature du contrat par les deux parties, l'entité de passation de marché doit informer les autres soumissionnaires que leurs offres n'ont pas été retenues.

Nyuma yo gutangaza itangwa ry'isoko, mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi, abapiganwe batsinzwe bafite uburenganzira bwo gusaba ibisobanuro ku mpamvu zatumye inyandiko zabo z'ipiganwa zidatoranywa, ariko atari mu ntego yo kujuririra icyemezo cy'itangwa ry'isoko. Urwego rutanga isoko rugomba gutanga ibyo bisobanuro mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi.

After the notification of contract award, the unsuccessful bidders, within a period not exceeding three (3) working days, have the right to request for explanation as to why their bids were not selected, but not for purpose of appeal against decision of tender award. The procuring entity must provide such an explanation within a period not exceeding three (3) working days.

Après la notification de l'attribution du marché, les soumissionnaires perdants ont droit, dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables, de requérir des explications sur les causes de non retenue de leurs offres mais non dans le but d'introduire un appel contre la décision d'attribution du marché. L'entité de passation des marchés est tenue de répondre dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables.

Akiciro ka 4: Kujurira

Ingingo ya 50: Uburenganzira bwo kujurira icyemezo cy'urwego rutanga isoko

Ushobora gupiganwa cyangwa uwapiganwe ashobora kujuririra ibirimo gukorwa mu mitangire y'isoko binyuranyije n'iri tegeko cyangwa n'andi mabwiriza agenga amasoko ya Leta, akabikora ku rwego urwo ari rwo rwose isoko rigezeho ritangwa hakurikijwe ibiteganywa muri iri tegeko.

Kugira ngo ubujurire bwakirwe, bugomba kuba bugaragaza neza ibikorwa byihariye byo kwirengagiza cyangwa kongeraho binyuranyije n'iri tegeko cyangwa n'andi mabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Ubujurire butangirana n'ibanzirizasuzuma kandi icyemezo ku bujurire kigomba gufatwa ku gihe. Ibisuzumwa mu ibanzirizasuzuma, igihe rigomba kumara no kuba icyemezo ku bujurire cyafashwe biteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Mu gihe cy'ubujurire ukuvuguruzanya kugomba kubahirizwa aho ubujurire bwaba bugeze hose.

Ingingo ya 51: Icyiciro kibanziriza ubujurire

Kuva ku gikorwa cyo gutangaza isoko kugeza igihe amasezerano y'isoko ashyiriweho umukono, uwapiganiwe isoko ashobora gutakambira urwego rutanga isoko igihe hari

Subsection 4: Appeal

Article 50: Right to ask for review of the decision of the procuring entity

A prospective bidder or actual bidder may, at any stage of the procurement proceedings and in accordance with this Law, apply for a review of any conduct in the procurement proceedings which violates this Law with respect to this Law or any other public procurement regulations.

An application for review shall not be acceptable unless it identifies a specific act of omission or commission contravening this Law or any other public procurement regulations.

The application for review is subject to pre-screening and the decision over the application must be taken in the right time. The scope of pre-screening, the time frame of pre-screening and decision making is set in the public procurement regulations.

During the proceedings of review, the cross-examination principle must be respected at all levels of proceedings.

Article 51: Request for review to the procuring entity

At any time from the publication of the tender to the signing of the contract, a bidder may request for review to the procuring entity in case he/she is not satisfied with the

Sous-section 4: Recours

Article 50: Droit de recours contre la décision de l'entité de passation des marchés

Le soumissionnaire potentiel ou tout soumissionnaire peut, à n'importe quelle étape du processus de passation des marchés publics et conformément à la présente loi, exercer un recours contre tout acte contraire à la présente loi ou d'autres règlements relatifs à la passation des marchés publics.

Pour être recevable, tout recours doit préciser un fait ou un manquement à l'encontre de la présente loi et aux règlements sur les marchés publics.

Le recours est soumis à une procédure de pré-examen et la décision doit être prise en temps utile. Les éléments du pré-examen, le délai du pré-examen et celui endéans lequel la décision sur le recours doit être prise sont déterminés par les règlements sur les marchés publics.

Pendant la procédure de recours, le principe du contradictoire doit être respecté à tous les niveaux de la procédure.

Article 51: Recours gracieux

Le soumissionnaire peut, à tout moment de la publication de l'offre à la signature du contrat, formuler à l'entité de passation du marché un recours lorsqu'il n'est pas satisfait de la

ibyo atishimiye mu mitangire y'isoko. Gutakamba bikorwa mu nyandiko ishyikirizwa urwego rutanga isoko.

Kugira ngo gutakamba byakirwe, utakamba agomba kubikora mu minsi irindwi (7) ibarwa guhera ku munsi yamenyeyeho impamvu ituma atakamba.

Uretse iyo ikibazo gikemutse mu buryo bunyuze uwatakambye, umuyobozi w'urwego rutanga isoko agomba guhagarika itangwa ry'iryo soko kandi agatanga mu gihe kitarenze iminsi irindwi (7) abonye inyandiko yo gutakamba, umwanzuro wanditse usobanura ingingo yashingiyeho awufata, niba gutakamba bifite ishingiro, anagaragaza ingamba zafashwe zo gukosora ibitari bitunganye.

Iyo mu minsi irindwi (7) ibarwa uhereye ku munsi ubutakambe bwakiriweho, urwego rutanga isoko rudashoboye gutanga umwanzuro cyangwa uwatakambye atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe, uwapiganiye isoko ajuririra akanama k'ubujurire kigenga.

<u>Ingingo ya 52</u>: Igihe cyo gufata icyemezo ku bujurire

Ubujurire bukimara gukorwa, imirimo yo gutanga isoko iba ihagaritswe kugeza igihe akanama k'ubujurire kigenga gatangiye icyemezo cyako.

procurement proceedings. A request for review must be made in writing to the procuring entity.

A request for review is acceptable if it is submitted within seven (7) days after the bidder becomes aware of the circumstances giving rise to the request.

Unless the matter is resolved to the satisfaction of the bidder who requested for review, the head of the procuring entity must suspend the procurement proceedings and issue within seven (7) days after receipt of the request for review, a written decision explaining the reasons, and where it is grounded, indicating the corrective measures to be taken if the request is valid.

If the procuring entity fails to issue a decision within seven (7) days from the date of receipt of the complaint or if the bidder is not satisfied with the decision, the bidder lodges a complaint to the independent review panel.

<u>Article 52</u> : Period for making decision

Once the complaint is lodged, the procurement procedures are suspended until a decision on the complaint is issued by the independent review panel.

procédure de passation de marché. Le recours doit être formulé par écrit et adressé à l'entité de passation du marché.

Le recours n'est recevable que si le requérant l'a introduit endéans sept (7) jours après qu'il ait eu connaissance du fait donnant lieu à sa réclamation.

Sauf si l'affaire est résolue à la satisfaction du requérant, le responsable de l'entité de passation de marché doit suspendre le processus d'attribution du marché et donner, endéans sept (7) jours dès la réception de la demande de recours, une décision écrite expliquant les motifs, et si la réclamation est confirmée, indiquer les mesures correctionnelles à prendre.

Lorsque l'entité de passation de marché ne parvient pas à émettre sa décision endéans sept (7) jours à dater de la réception du recours ou si le soumissionnaire n'est pas satisfait de la décision prise, ce dernier a le droit de référer sa requête au comité indépendant de recours.

<u>Article 52</u>: Période de prise de décision

À partir de l'introduction du recours, le processus de passation de marché est suspendu jusqu'à ce que la décision sur la demande soit prise par le comité.

Akanama k'ubujurire kigenga kagomba gutanga icyemezo cyako mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira umunsi kashyikirijweho ubujurire. Igihe kadashoboye kugera ku mwanzuro mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) kagomba kumenyesha urwego rutanga isoko n'uwareze ko hakenewe igihe cy'inyongera kidashobora kurenga iminsi mirongo itatu (30). Iyo kadashoboye gufata icyemezo mu minsi mirongo itatu (30) cyangwa katamenyesheje urwego rutanga isoko n'uwareze ko hakenewe igihe cy'inyongera, uwajuriye aregera urukiko rubifitiye ububasha.

The independent review panel must make a decision within thirty (30) days following the receipt of the complaint. If the panel is unable to reach a decision within thirty (30) days, it must inform both the procuring entity and the complainant of the need for the extra time. The additional time shall not go beyond thirty (30) days. Failure to reach a decision within thirty (30) days or inform both the procuring entity and the complainant of the need for the extra time, the complainant lodges his/her claim to the competent court.

Le comité indépendant de recours doit émettre sa décision endéans trente (30) jours suivant le jour de dépôt de recours. À défaut de cette décision dans un délai de trente (30) jours, il doit informer en même temps l'entité de passation de marché et le requérant de la nécessité du délai supplémentaire. Ce délai ne peut pas dépasser trente (30) jours. A défaut de prendre la décision endéans trente (30) jours ou d'informer l'entité de passation de marché et le requérant de la nécessité du délai supplémentaire, le requérant introduit sa requête à une juridiction compétente.

Icyemezo cy'akanama k'ubujurire kigenga cyohererezwa urwego rutanga isoko, kopi yacyo igahabwa urwego bireba cyangwa nyirugusaba ko gisuzumwa.

The independent review panel's decision is addressed to the procuring entity with copy to the relevant organ or to the individual that requested for the review.

La décision du comité indépendant de recours est transmise à l'entité de passation de marché avec copie à l'organe concerné et au requérant.

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta agena imikorere y'akanama k'ubujurire kigenga.

Public procurement regulations determine the functioning of the independent review panel.

Les régulations de passation des marchés publics déterminent le fonctionnement du comité indépendant de recours.

<u>Ingingo ya 53</u>: Umwanzuro w'akanama k'ubujurire kigenga

<u>Article 53</u>: Decision of the independent review panel

<u>Article 53</u>: Décision du comité indépendant de recours

Akanama k'ubujurire kigenga gashobora kwanzura ko kimwe cyangwa byinshi mu byemezo bikurikira bifatwa:

The independent review panel may recommend one or more of the following remedies:

Le comité indépendant de recours peut recommander un ou plusieurs remèdes suivants:

1º kwamagana igikorwa cyangwa icyemezo cy'urwego rutanga isoko kubera icyo rwakoze cyangwa icyemezo rwafashe kinyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko cyangwa andi mategeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta;

1º to denounce actions or decisions of the procuring entity which are contrary to the provisions of this Law or public procurement regulations;

1º dénoncer les actions ou les décisions de l'entité de passation des marchés qui sont contraires aux dispositions de la présente loi ou des règlements des marchés publics;

2º gusaba urwego rutanga isoko rwakoze cyangwa rwageze ku mwanzuro unyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko gufata icyemezo kiyashingiyeho;

3º gusesa umwanzuro wose w'urwego rutanga isoko cyangwa igice cyawo kinyuranyije n'ibiteganywa n'amategeko cyangwa icyemezo cyatumye habaho amasezerano y'isoko;

4º gusubiramo icyemezo cyangwa kwifatira umwanzuro wako ugisimbura mu gihe icyemezo cy'urwego rutanga isoko kitari icyo gushyira umukono ku masezerano y'isoko kigaragaye ko kinyuranyije n'amategeko;

5º gutegeka ko isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa risubirwamo hagasobanurwa impamvu zashingiweho hategekwa iryo subirwamo;

6º gutegeka kwishyura amafaranga acishirije yakoreshejwe mu gutegura no kujya mu ipiganwa iyo amasezerano y'isoko yamaze gushyirwaho umukono kandi akanama k'ubujurire kigenga kabona ko uwajuriye ari we wagombaga guhabwa isoko;

7º gutegeka ko itangwa ry'isoko riseswa.

Icyemezo cy'akanama k'ubujurire kigenga ni ndakuka kandi kigomba kubahirizwa keretse gihinduwe n'icyemezo cy'urukiko ruburanisha urubanza mu mizi.

2º to require the procuring entity that has acted or proceeded in a manner that is contrary to the laws to decide consistently with them;

3º to cancel in whole or in part an act or decision of the procuring entity contrary to the laws or a decision which resulted into the procurement contract;

4º to revise the decision or substituting its own recommendation if a decision of the procuring entity, other than signing the procurement contract, is found to be contrary to the laws;

5º to order re-evaluation of the bids and indicate the grounds for such an order;

6º to recommend the payment of reasonable costs incurred in participating in the bidding process when a legally binding contract has been awarded which in the opinion of the independent review panel should have been awarded to the complainant;

7º to order that the procurement proceedings be cancelled.

The decision of the independent review panel at the national level is final and binding unless it has been reviewed by the court adjudicating the case on merit.

2º exiger l'entité de passation de marché qui a agi ou procédé de la manière contraire à la législation de prendre la décision qui s'y conforme;

3º annuler en tout ou en partie la décision de l'entité de passation des marchés contraire à la législation ou la décision ayant servi de base à l'existence du contrat;

4º modifier la décision ou la substituer par sa propre recommandation si la décision de l'entité de passation des marchés, autre que la signature du contrat, est jugée contraire à législation;

5º exiger la réévaluation des offres et préciser les arguments qui ont motivé la décision ;

6º recommander le paiement d'un montant raisonnable dû à la participation au processus de soumission lorsque le contrat a été signé alors que le comité indépendant de recours conclut que le marché aurait été attribué à la partie requérante;

7º exiger que le processus de passation des marchés soit annulé.

La décision du comité indépendant de recours au niveau national est définitive et exécutoire à moins qu'elle n'ait été réformée par le juge du fond de l'affaire.

Ingingo ya 54: Amwe mu mabwiriza akoreshwa mu bujurire

Icyemezo cy'akanama k'ubujurire kigenga kigomba gutangazwa, kopi yacyo igahita ishyirwa ahagaragara kugira ngo abantu bose bayibone. Icyakora, nta makuru agomba gushyirwa ahagaragara iyo ishyirwa ahagaragara ryayo rinyuranyije n'amategeko, ribangamira ishyirwa mu bikorwa ry'amategeko, ritari mu nyungu z'Igihugu, ribangamira inyungu zemewe z'ubucuruzi z'impande bireba cyangwa ryatuma hataba ipiganwa nyaryo.

Uwapiganwe ushaka gutanga ikirego ku kanama k'ubujurire kigenga abanza kuriha umubare w'amafaranga adasubizwa ugenwa mu mabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Iyo urwego rutanga isoko rubona ko kuba isoko ribaye rihagaritswe byaba bitari mu nyungu z'Igihugu, rushobora gusaba akanama k'ubujurire kigenga uburenganzira budasanzwe kuri iryo hagarikwa.

Uwajuriye afite uburenganzira bwo kunganirwa na avoka.

Article 54: Certain rules applicable to review proceedings

The decision of the independent review panel must be published. A copy of this decision must be promptly made available for inspection by the general public. However, no information is disclosed if its disclosure would be contrary to the laws, impede laws enforcement, not be in the public interest, jeopardize commercial interests of the parties or would inhibit fair competition.

Any bidder wishing to apply for review to the independent review panel is required to pay a non-refundable amount provided for in the procurement regulations.

If the procuring entity considers that a suspension of the procurement proceedings would not be in public interest, it may request the independent review panel for a waiver of the suspension.

A bidder submitting an application for review has right to be represented by a lawyer.

Article 54: Certaines règles applicables aux procédures de recours

La décision du comité indépendant de recours doit être publiée. La copie de cette décision est immédiatement mise à la disposition du public pour consultation. Néanmoins, aucune information n'est portée à la connaissance du public au cas où sa publicité serait contraire aux lois, entraverait l'application des lois, ne serait pas dans l'intérêt public, porterait préjudice aux intérêts commerciaux légitimes des parties concernées ou s'opposerait à la concurrence juste et équitable.

Tout soumissionnaire qui veut adresser un recours au comité indépendant de recours est tenu de payer une somme non remboursable fixée par les règlements sur les marchés publics.

Si l'entité de passation de marché constate que la suspension du processus de passation du marché ne serait pas dans l'intérêt public, elle peut demander au comité indépendant de recours une dérogation spéciale sur cette suspension.

Le soumissionnaire qui a introduit un recours a droit de se faire représenter par un avocat.

Akiciro ka 5: Amasezerano y'isoko

Ingingo ya 55: Amasezerano hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko

Uwatsindiye isoko n'urwego rutanga isoko bagomba gushyira umukono ku masezerano yanditse ashingiye ku gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, ku nyandiko y'ipiganwa y'uwatsindiye isoko, ku bisobanuro byatanzwe no ku byakosowe byose.

Mbere yo gushyira umukono ku masezerano, uwatsindiye isoko agomba gushyikiriza urwego rutanga isoko umwimerere w'inyandiko yatanzeho kopi mu nyandiko ye y'ipiganwa hagakorwa inyandiko yemeza ko urwego rutanga isoko ruzibonye kandi ko igihe cyose rwazikenera azazerekana.

Amasezerano y'isoko hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko akorwa mu nyandiko. Icyakora, inyandiko isaba kugemura yatanzwe nyuma y'itangwa ry'isoko ryakurikije amabwiriza ifatwa nk'amasezerano y'isoko hakurikijwe umubare w'amafaranga yagenwe n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Iyo uwatsindiye isoko adashoboye gushyira umukono ku masezerano y'isoko, urwego rutanga isoko rushobora kuriha uwa kabiri wujuje ibisabwa.

Subsection 5: Procurement contract

Article 55: Procurement contract between the procuring entity and the successful bidder

The successful bidder and the procuring entity must enter into a written procurement contract based on the tender document, the successful bid, any clarifications received and any corrections provided.

Before signing the contract, the successful bidder must provide the procuring entity with the originals of all the documents he/she submitted as copies and a written statement is made confirming that such documents are seen by the procuring entity and that the bidder may exhibit to it at any time needed.

The contract is entered into in writing between the procuring entity and the successful bidder. However, a purchase order issued after the conduct of procurement proceedings is considered as a contract according to a threshold established by the public procurement regulations.

If the successful bidder fails to enter into a written procurement contract, the procuring entity may award the tender to the qualified bidder that ranked second.

Sous-section 5: Contrat de marché

Article 55: Contrat de marché entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché

L'attributaire du marché et l'entité de passation de marché doivent signer un contrat tenant compte du dossier d'appel d'offres, de l'offre retenue, de tout éclaircissement reçu et de toute correction effectuée.

Avant de signer le contrat, le soumissionnaire retenu doit fournir à l'entité de passation de marché les originaux de tous les documents pour lesquels les copies ont été soumises et une déclaration écrite est faite pour confirmer que ces documents sont présentés à l'entité de passation de marché et que le soumissionnaire peut les fournir à tout moment qu'il s'avère nécessaire.

Le contrat est conclu par écrit entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché. Toutefois, un bon de commande émis à l'issue d'un processus d'attribution du marché est considéré comme contrat selon le seuil établi par les règlements sur les marchés publics.

Lorsque l'attributaire du marché ne parvient pas à signer le contrat, l'entité de passation de marché peut attribuer le marché au second soumissionnaire qualifié.

Ibikubiye mu gika kibanziriza iki ntibikurikizwa iyo igihe inyandiko z'ipiganwa zimara zigifite agaciro cyarangiye.

Umuyobozi w'urwego rutanga isoko ufite mu nshingano gushyira umukono ku masezerano y'isoko ashobora gushyiraho impamvu zihariye zirebana n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko mu gihe izo mpamvu zemewe n'amategeko kandi zikaba zari ziteganyijwe mu nyandiko ihamagarira abantu gupiganwa cyangwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

<u>Ingingo ya 56</u>: Ibigize amasezerano y'isoko

Amasezerano y'isoko agomba kugabanya impungenge ku mpande zombi kandi agomba kuba agizwe nibura n'iby'ingenzi bikurikira byatanzwe ku mugereka w'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa :

1º imyirondoro y'impande zigirana amasezerano y'isoko;

2º icyo isoko rigamije;

3º ingingo z'iri tegeko zashingiweho mu itangwa ry'isoko;

4º urutonde rw'inyandiko zerekeye isoko hakurikijwe uko zigenda zisumbana;

5º igiciro n'uburyo bwakoreshejwe mu kukigena;

The provisions of the preceding Paragraph shall not apply if the period during which tenders must remain valid has already expired.

The contracting authorities of the procuring entity may lay down special conditions relating to the performance of the contract, provided that these conditions are lawful and indicated in the invitation to tender or in the tender document.

<u>Article 56</u>: Contents of procurement contract

The contract must alleviate fears and risks for both parties to the contract and include at least the following details which are annexed to the tender document:

1º identification of parties to the contract;

2º the subject matter of the tender;

3º the provisions of this Law under which the tender was awarded;

4º contract documents depending on their priority;

5º price and the pricing method used;

Les dispositions de l'alinéa précédent ne s'appliquent pas si le délai de validité des offres a déjà expiré.

Les autorités contractantes de l'entité de passation des marchés peuvent fixer des conditions particulières concernant l'exécution du contrat, à condition que ces conditions soient licites et prévues dans l'invitation à soumissionner ou dans le dossier d'appel d'offres.

<u>Article 56</u>: Contenu du contrat du marché

Le contrat doit minimiser les risques pour les parties contractantes et comporter au moins les mentions suivantes annexées au dossier d'appel d'offres:

1º identifications des parties contractantes;

2º objet du marché;

3º les dispositions de la présente loi sur lesquelles l'attribution du marché s'est basée;

4º l'énumération par ordre d'importance des documents relatifs au marché;

5º le prix et les critères de sa fixation;

6º igihe ntarengwa cyo kurangiza imirimo cyangwa igemura, n'ibihano biteganyijwe igihe kitubahirijwe;

7º uburyo bwo gukurikirana amasezerano y'isoko;

8º uburyo bwo kwakira imirimo, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa na serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke haba ku buryo bw'imbumbe cyangwa igice cy'ibimaze gukorwa;

9º uburyo bwo kwishyura;

10º ubwishingizi, ingwate n'ibijyanye n'indishyi;

11º impamvu zatuma amasezerano y'isoko asubirwamo cyangwa aseswa;

12º Umuyobozi Mukuru ushinzwe gucunga imari ya Leta wishyura n'ubwoko bw'ingengo y'imari ikoreshwa;

13º impamvu itunguranye kandi ntarengwa;

14º banki na konti uwatsindiye isoko azishyurirwaho;

15º uburyo bwo gukemura impaka, inzego zizitabazwa kimwe n'amategeko azifashishwa mu kuzikemura.

6º delivery or completion period and penalties for delays, if any;

7º contract progress monitoring mechanism;

8º conditions for partial or total acceptance of goods, supplies, works, consultancy and non-consultancy services;

9º payment modalities;

10º insurances, securities required and compensation related matters;

11º provisions regarding contract amendment or termination;

12º the Chief Budget Manager and the type of budget from which payment is made;

13º the case of force majeure;

14º the name of the bank and account number for effecting payment;

15º modalities for dispute settlement, review organs and applicable regulations.

6º le délai de livraison ou d'exécution du marché et pénalités en cas de retard;

7º les modalités de suivi d'exécution du contrat de marché;

8º les modalités de réception globale ou partielle des produits, des fournitures, des travaux, des services de consultance et de non-consultance;

9º les modalités de payement ;

10º l'assurance, les garanties ainsi que les dommages et intérêts;

11º les motifs de modification ou de résiliation du contrat;

12º le Gestionnaire principal du budget et la source de financement;

13º le cas de force majeure;

14º le nom de la banque et le numéro de compte de l'attributaire;

15º les modalités de règlement des litiges, les organes de recours et les lois applicables.

Ingingo ya 57: Impinduka ku masezerano y'isoko

Impinduka yose ibaye mu masezerano y'isoko igomba gushyirwa mu nyandiko kandi igashyirwaho umukono n'impande zombi.

Impinduka ku masezerano y'isoko harimo n'amabwiriza anyuranye ntibigomba guhindura imiterere n'imimerere y'amasezerano y'isoko y'ibanze.

Iyo ibihindutse ku masezerano y'isoko birengeje makumyabiri ku ijana (20%) y'inyongera cyangwa y'igabanuka, hagomba gutangwa irindi isoko.

Mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano, urwego rutanga isoko rushobora kugena imirimo y'inyongera igomba gukorwa hakurikijwe amasezerano y'ibanze uretse iyo igihe iyo mirimo ikorwamo kigomba kongerwa. Agaciro mu mafaranga k'imirimo y'inyongera ntikagomba kurenga makumyabiri ku ijana (20%) by'isoko ry'ibanze kandi igomba gukorerwa amasezerano y'inyongera.

Article 57: Contract amendment

Any amendment to the contract must be made in writing and signed by both parties.

Contract amendments and various instructions must not affect the substance and the nature of the original contract.

Any amendment increasing or decreasing the contract value by more than twenty percent (20%) requires a new tender.

During the contract execution, the procuring entity may specify additional works that can be done within the initial contract to the original contract unless the delivery period has to be amended. The value of amendment to the initial contract shall not go beyond twenty percent (20%) of the initial contract value and is subject to additional contract.

Article 57: Modification du contrat

Toute modification au contrat doit être faite par écrit et signé par les parties contractantes.

Les modifications apportées au contrat et les différentes instructions ne doivent pas affecter la substance et la nature du contrat original.

Toute modification augmentant ou diminuant la valeur du contrat de plus de vingt pour cent (20%) requiert un nouvel appel d'offres.

Au cours de l'exécution du contrat, l'entité de passation de marchés peut indiquer des travaux supplémentaires qui peuvent être effectués dans le cadre du contrat, sauf si le délai de livraison doit être modifié. Le montant de la valeur de la modification du contrat initial ne doit pas dépasser vingt pour cent (20%) du montant de la valeur du contrat initial et doit faire l'objet d'un contrat supplémentaire.

Ingingo ya 58: Amasezerano asasiye

Amasezerano asasiye ashobora gushyirwaho umukono hagati y'urwego rutanga isoko n'upiganwa umwe cyangwa benshi mu nyungu z'urwego rutanga isoko cyangwa z'izindi nzego zitanga isoko.

Article 58: Framework agreement

A framework agreement may be concluded between a procuring entity and one or more bidders for its own interest or the interest of the procuring entity or other entities dealing with the procurement proceedings.

Article 58: Accord cadre

Un accord-cadre peut être conclu entre une entité de passation des marchés et un ou plusieurs soumissionnaires pour son propre intérêt ou l'intérêt de l'entité de passation des marchés ou d'autres entités impliquées dans le processus de passation des marchés.

Amasezerano asasiye akoreshwa:

1º aho ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke bikenerwa kenshi buri gihe ariko ingano n'igihe bikenerwamo bikaba bidashobora guteganywa mbere;

2º mu rwego rwo kugabanya ikiguzi cyo gutegura isoko cyangwa igihe kuritegura bifata, ku masoko y'ibintu bikenerwa kenshi kandi ku buryo buhoraho mu gihe runaka.

Urwego rutanga isoko rushobora gusinya amasezerano asasiye mu gihe kitarenze imyaka itatu (3). Ayo masezerano akorerwa isuzumwa rya buri mwaka n'Urwego rutanga isoko. Ibivuye mu isuzumwa ry'amasezerano rya buri mwaka, bishobora gutuma urwego rutanga isoko rufata umwanzuro wo gukomeza amasezerano cyangwa wo kuyahagarika.

Icyakora, ku isoko risaba uwaritsindiye gushora amafaranga menshi kugira ngo abashe gukora ibyo urwego rutanga amasoko rukeneye, ku buryo ayo mafaranga yagaruzwa mu gihe kirekire, cyangwa andi masoko afite imiterere yihariye ituma urwego rutanga isoko rukomeza kubona neza ibyo rukeneye hashingiwe ku masezerano asasiye rwashyizeho umukono, igihe cy'amasezerano asasiye cy'imyaka itatu (3) gishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Amasezerano asasiye ashobora gukorerwa ku biciro bidahinduka cyangwa bishobora

The framework agreement is used:

1º where the goods, supplies, consultancy and non-consultancy services are needed frequently over a period of time but the quantity and timing cannot be defined in advance;

2º in order to reduce costs and time for preparation of tender which is needed repeatedly or continuously over a period of time.

The framework agreement is concluded for a period not exceeding three (3) years. Such agreement is subject to an annual evaluation by the procuring entity. As a result of this annual evaluation, the procuring entity may decide to continue with the same agreement or to cancel it.

However, for tender that require a successful bidder to make investments in order to meet the procuring entity's need, investments to be returned in a long term, or for tenders of specialized or complex nature to the fact that the needs of the procuring entity are met by keeping the current framework agreement, the period of a framework agreement may be concluded for a period of three (3) years renewable only once.

The framework agreement may include fixed prices or price adjustment in accordance with procurement regulations.

L'accord-cadre est utilisé:

1º lorsque des biens, des fournitures ou des services de consultance et de non-consultance sont constamment sollicités alors que la quantité et le moment du besoin ne peuvent pas être définis en avance;

2º afin de réduire les coûts ou le délai de préparation d'un marché qu'on a besoin d'attribuer constamment ou continuellement sur une période donnée.

L'accord-cadre est conclu pour une période n'excédant pas trois (3) ans. Cet accord fait l'objet d'une évaluation annuelle par l'entité de passation des marchés.
Suite à cette évaluation annuelle, l'entité de passation des marchés peut décider de maintenir le même accord ou de l'annuler.

Toutefois, pour le marchés nécessitant des investissements préalables par les soumissionnaires afin de satisfaire aux besoins de l'entité de passation de marchés, les investissements à être recouvrés en long termes, ou pour les marchés de nature spéciale ou complexe de sorte que la satisfaction des besoins de l'entité est assurée en maintenant le contrat-cadre en cours, ce dernier peut être conclu pour une période de trois (3) ans renouvelable une seule fois.

L'accord-cadre peut comprendre des prix fixes ou d'ajustement des prix, conformément aux règlements sur les marchés publics.

guhindurwa hakurikijwe amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Urwego rutanga isoko rushobora kugura ibicuruzwa mu iguriro koranabuhanga hagendewe ku masezerano asasiye ari hagati y'ikigo cya Leta cyemerewe gutegurira isoko n'amasezerano yaryo ibindi bigo bya Leta n'uwasinye amasezerano yo kugemura.

The procuring entity may purchase goods electronically through a framework agreement between a Government institution authorized to prepare for other public institutions a tender and the relevant contract and the successful bidder.

L'entité de passation de marchés peut acheter électroniquement des biens par le biais d'un accord-cadre conclu entre une institution gouvernementale autorisée à préparer les offres pour le compte pour des autres institutions publiques ainsi que les contrats y relatifs et le soumissionnaire retenu pour les.

Ingingo ya 59: Igiciro cy'isoko gishyirwa mu masezerano y'isoko

Igiciro cy'isoko gishyirwa mu masezerano y'isoko kigomba kuba kigizwe n'igiteranyo cy'ibintu bitandukanye bikigize, uretse iyo bidashoboka hakoreshwa igiciro mbumbe.

Igiciro kigomba kubarirwamo ibikenewe byose ku mirimo, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke, cyane cyane imisoro, amahoro, isonerwa cyeretse iyo bidateganyijwe cyangwa bisonewe. Igiciro kandi kigomba kubarirwamo inyungu z'uwatsindiye isoko.

Amasoko ya Leta agengwa n'amasezerano mpuzamahanga ateganya ingingo zigena iby'imisoro n'amahoro zishingiye ku biteganywa n'amategeko n'amasezerano mpuzamahanga ku isonerwa.

Article 59: Contract price

The contract price must be a unit price, in case of impossibility to do so, the price shall be a lump sum price.

The contract price must cover all the required expenses on works, goods, supplies or consultancy and non-consultancy services, in particular, taxes, duties, levies applicable, except when they are expressly excluded or subject to exemption. Price is also expected to comprise a profit margin to the successful bidder.

Tenders governed by international agreements containing tax or duties clauses refer to international legal instruments or conventions governing exemptions.

Article 59: Prix des prestations

Le prix des prestations doit être unitaire, sauf dans le cas d'impossibilité de le faire qu'il devient forfaitaire.

Le coût du marché doit couvrir la valeur des travaux, des produits, des fournitures, des services de consultance et de non-consultance ainsi que les droits, taxes et impôts applicables à ce marché sauf s'ils font expressément objet d'une exemption. Le coût doit aussi couvrir les bénéfices de l'attributaire du marché.

Les marchés régis par les conventions internationales prévoient des dispositions relatives aux taxes et impôts sur base des lois et des conventions internationales relatives à l'exonération.

Ingingo ya 60: Ibiciro ndakuka

Isoko ryose riteganywa gukorwa mu gihe kitarenze amezi icyenda (9) ritangwa ku biciro ndakuka, cyeretse habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa. Icyo gihe impande zombi zagiranye amasezerano y'isoko zumvikana ku buryo bwo gusubiramo ibiciro. Mu gihe impande zombi zinaniwe kumvikana zitabaza ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 61: Ibiciro bishobora guhinduka

Ku masoko yose ateganywa gushyirwa mu bikorwa mu gihe kirenze amezi icyenda (9), igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya uburyo ibiciro bisubirwamo. Ubwo buryo bugomba kuba busobanurwa mu mabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Icyakora, ibiciro ntibisubirwamo ku mirimo yamaze gukorwa cyangwa yatinze gukorwa ku burangare bw'uwatsindiye isoko keretse mu gihe isubirwamo rigamije kumanura ibiciro.

Ingingo ya 62: Igiciro gishingiye ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe

Amasezerano y'isoko ashobora guteganya serivisi z'impuguke zishyurwa hashingiwe ku isubizwa ry'amafaranga yakoreshejwe n'uwatsindiye isoko. Icyo giciro gishobora kwiyongeraho amafaranga make cyangwa umubarenkubishwa wo kubara imisoro,

Article 60: Fixed prices

Any tender that is planned to be executed within a period that does not exceed nine (9) months is awarded on a fixed price, except in cases of force majeure. In that case, the contracting parties negotiate the modalities for revising the prices. If no compromise is reached between the two parties, the provisions of this Law apply.

Article 61: Revisable prices

For tenders planned to be executed within a period which exceeds nine (9) months, the tender document determines the modalities for revising the price. Such modalities must be defined in the public procurement regulations.

However, prices shall not be revised for completed works or works that have delayed to be completed when the successful bidder is responsible for such delays except where the revision is meant for reducing the price.

Article 62: Price based on reimbursable expenses

Contracts may include consultancy services paid on the basis of reimbursable expenses of the bidder. It may be increased by a certain fee or by a coefficient to cover the overheads, taxes and profits and any other expenses incurred in general.

Article 60: Prix fixés

Le marché dont le délai d'exécution n'excède pas neuf (9) mois est attribué à un prix fixe, sauf en cas de force majeure. Dans ce cas, les parties au contrat s'entendent sur la révision des prix. Lorsque les deux parties ne se mettent pas d'accord, elles se réfèrent aux dispositions de la présente loi.

Article 61: Prix révisables

Pour les marchés dont le délai d'exécution excède neuf (9) mois, le dossier d'appel d'offres prévoit les modalités de révision des prix. Ces modalités doivent être définies par les règlements sur les marchés publics.

Toutefois, les prix ne sont pas révisables pour les travaux déjà exécutés ou en retard d'exécution suite au manque de diligence de l'attributaire, sauf si cette révision entraîne la réduction des prix.

Article 62: Prix basé sur les dépenses remboursables

Le contrat peut déterminer des prestations rémunérées sur base de remboursement des dépenses engagées par l'attributaire du marché. Ces dépenses peuvent être majorées de quelques frais ou d'un coefficient permettant de couvrir les taxes et impôts, les bénéfices et les autres frais généraux.

inyungu n'andi mafaranga yakoreshwa indi mirimo muri rusange.

Amasezerano y'isoko agomba kugaragaza agaciro k'ibintu bitandukanye bifasha mu kugena igiciro cy'igihembo. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigaragaza amafaranga ntarengwa atangwa ku byishyuwe byagenzuwe.

The contract must indicate the value of various elements necessary for determining of the payment price. The tender document indicates the maximum amount for services rendered on the basis of reimbursable expenses.

Le contrat doit indiquer la valeur de différents éléments qui concourent à la détermination du prix de la rémunération. Le dossier d'appel d'offres fixe le montant maximum remboursable pour les dépenses approuvées.

Akiciro ka 6: Ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza

Subsection 6: Performance security

Sous-section 6: Garantie de bonne exécution

Ingingo ya 63: Itangwa ry'ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza

Uwatsindiye isoko asabwa ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza hakurikijwe amabwiriza agenga amasoko ya Leta. Iyo ngwate ntishobora kurenza icumi ku ijana (10%) y'igiciro cy'isoko.

Ingwate igomba gutangwa na banki, ikigo cy'imari cyemewe cyangwa ari urwandiko rwishingira ubwishyu rudasubirwaho.

Ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza igomba gutangwa n'uwatsindiye isoko mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko. Agaciro k'ingwate yo kurangiza isoko neza kagomba gushingira ku gaciro k'amasezerano y'isoko n'imiterere y'ibigomba gukorwa. Agaciro k'ingwate ntikagomba kujya munsi ya gatanu ku ijana (5%) cyangwa hejuru y'icumi ku ijana (10%) y'agaciro k'amasezerano y'isoko.

Article 63: Submission of performance security

The successful bidder is required to furnish a performance security in accordance with the procurement regulations. The performance security shall not exceed ten percent (10%) of the contract price.

The performance security must be in form of a bank security, a guarantee issued by an authorized financial institution or an irrevocable letter of credit.

The performance security must be submitted by a successful bidder before signing the procurement contract. The amount of performance security depends on the contract value and nature of activities to be carried out. The value of the performance security must neither be less than five percent (5%) or more than ten percent (10%) of the contract value.

Article 63: Produire la garantie de bonne exécution

L'attributaire du marché fournit une garantie de bonne exécution conformément aux règlements sur les marchés publics. La garantie de bonne exécution ne peut pas dépasser dix pour cent (10%) du coût du contrat.

La garantie de bonne exécution doit être sous forme d'une garantie bancaire, d'une garantie fournie par une institution financière habilitée ou d'une lettre de crédit irrévocable.

La garantie de bonne exécution du marché doit être soumise par l'attributaire du marché avant la signature du contrat. Le montant de la garantie de bonne exécution dépend de la valeur du contrat et la nature des activités à réaliser. La valeur de la garantie de bonne exécution ne peut pas être inférieure à cinq pour cent (5%) ou supérieure à dix pour cent (10%) du coût du contrat.

Ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza ntigomba kubyara inyungu kandi igomba gukurikiza icyitegererezo cyatanzwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

The performance security shall not generate interest and it must be determined in accordance with the form provided for in the tender document.

La garantie de bonne exécution ne doit pas produire d'intérêt et doit être constituée selon le modèle prévu dans le dossier d'appel d'offres.

Ibiteganywa mu gika cya 2 cy'iyi ngingo, ntibikurikizwa ku masoko ya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke, mu masoko y'imirimo n'ay'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa atarengeje agaciro kagenwe n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Provisions under paragraph 2 of this Article shall not apply to tenders related to consultancy and non-consultancy services or works and supplies where their estimated value does not exceed a threshold established by the public procurement regulations.

Les dispositions de l'alinéa 2 du présent article ne sont pas applicables aux marchés de services de consultance et de non-consultance ou à ceux des travaux et des fournitures dont la valeur n'excède pas le seuil fixé par les règlements sur les marchés publics.

Iyo igihe cyo kubahiriza amasezerano y'isoko cyongerewe cyangwa agaciro k'amasezerano y'isoko kakiyongera, uwapiganwe ushyira umukono ku masezerano agomba na none kongera igihe ingwate ye yo kurangiza neza imirimo igiramo agaciro kimwe n'uko umubare w'iyo ngwate agomba kuwongera.

If the contract execution has been extended or its value has increased, the contractor must respectively extend the validity period of the performance security and increase its amount accordingly.

Si l'exécution du marché public a été prolongée ou sa valeur a augmenté, l'entrepreneur qui a signé le contrat doit prolonger la période de validité de la garantie de bonne exécution et augmenter son montant en conséquence.

Ingingo ya 64: Ifatirwa ry'ingwate yo kurangiza isoko neza

Article 64: Seizure of the performance security

Article 64: Saisie de la garantie de bonne exécution

Iyo amasezerano atubahirijwe yose cyangwa atubahirijwe neza, ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza igomba gufatirwa n'urwego rutanga isoko nta yandi mananiza, bitabangamiye ikurikizwa ry'ibindi bihano biteganyijwe mu mategeko.

In case the contract is not fully or well executed, the performance security must unconditionally be seized by the procuring entity as compensation without prejudice to other penalties provided for by laws.

En cas de non-exécution ou d'exécution partielle du contrat, la garantie de bonne exécution doit être saisie d'office par l'entité de passation de marché, sous réserve d'autres sanctions prévues par la législation.

Banki cyangwa ikigo cy'imari cyemewe n'amategeko kigomba guha urwego rutanga isoko ingwate yose yo kwishingira kurangiza isoko neza mu minsi icumi (10) y'akazi uhereye igihe urwandiko rubisaba rwakiriwe.

The bank or authorized financial institution must give to the procuring entity all the amount of the performance security upon claim by the latter within ten (10) working days from the receipt of such a claim.

La banque ou l'institution financière habilitée doit verser à l'entité de passation de marché l'intégralité du montant de la garantie dans les dix (10) jours ouvrables à compter du jour de la demande.

Banki cyangwa ikigo cy'imari cyemewe n'amategeko cyishyura kandi inyungu y'inyongera ingana na rimwe ku ijana (1%) kuri buri munsi w'ubukererwe mu kwishyura.

Iyo bibaye ngombwa kuregera urukiko narwo rukemeza ko urwego rutanga isoko rutsinze, inyungu zikomeza kwiyongera kugeza igihe icyemezo cy'urukiko cyubahirijwe.

Mu gihe banki cyangwa ikigo cy'imari binanije mu gikorwa cyo gufatira ingwate, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gisaba inzego zitanga amasoko ya Leta kutakira ingwate z'ibyo bigo mu gihe cy'imyaka ibiri (2).

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta ateganya uburyo Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gifata icyemezo cyo gusaba inzego zitanga amasoko ya Leta kutakira ingwate z'ibyo bigo.

<u>Ingingo ya 65</u> : Izindi ngwate zo kurangiza isoko neza

Iyo bibaye ngombwa igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena izindi ngwate zishobora gusabwa uwatsindiye isoko ngo arangize amasezerano y'isoko neza.

Guhindura uburyo ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza yari irimo, bigomba gukorwa harengerwa ukubaho kwayo kandi hatagabanyijwe umubare wayo.

The bank or authorized financial institution pays also an additional interest of one percent (1%) for every day of payment delay.

If it is necessary to take the matter to court, and it rules in favour of the procuring entity, this interest continues to accrue up to the time the court decision is executed.

Where the bank or the financial institution hampers the process of seizure of the security, the Rwanda Public Procurement Authority requires the procuring entities to turn down securities from such institutions for a period of two (2) years.

Instructions governing public procurement determine modes applied by the Rwanda Public Procurement Authority while taking the decision to request procuring entities to ban securities from such institutions.

<u>Article 65</u>: Other forms of performance security

The tender document provides for, if necessary, other forms of performance of security that may be requested from the successful bidder.

The change of the form of the performance security must be made preserving its continuity and without decreasing its amount.

La banque ou l'institution financière habilitée paie aussi l'intérêt d'un pour cent (1%) du montant dû, par jour de retard.

En cas de nécessité de saisir le tribunal et que celui-ci reconnaît le bien-fondé de la requête de l'entité de passation de marché, cet intérêt continue à courir jusqu'à la mise en application de la décision judiciaire.

Lorsque la banque ou l'institution financière entrave le processus de saisie de la garantie, l'Office Rwandais des Marchés Publics demande des entités de passation de marchés de ne pas accepter les garanties de ces institutions pour une période de deux (2) ans.

Les instructions régissant les marchés publics déterminent les modalités suivies par l'Office Rwandais des Marchés Publics lors de la prise de décision de demander aux entités de passation de marchés de refuser les garanties de ces institutions.

<u>Article 65</u>: Autres formes de garantie de bonne exécution

Le dossier d'appel d'offres prévoit, en cas de besoin, les autres formes de garantie pouvant être exigées à l'attributaire du marché pour la bonne exécution du contrat.

Le changement de la forme de la garantie de bonne exécution doit se faire dans le respect de sa continuité et sans diminuer son montant.

Ingingo ya 66: Uburenganzira bwo kugabanya ku ngwate yo kwishingira kurangiza isoko neza n'inshingano zo kongera kuzuza agaciro kayo

Urwego rutanga isoko rwemerewe gukata amafaranga ku ngwate yo kwishingira kurangiza isoko neza ku mpamvu zo kutubahiriza amategeko n'amasezerano agenga amasoko ya Leta. Uwatsindiye isoko asabwa mu nyandiko n'urwego rutanga isoko kuzurisha ingwate ingana n'iyakaswe mu gihe kitarenze iminsi makumyabiri (20) ibarwa uhereye igihe urwego rutanga isoko rwaboneye amafaranga yakaswe ku ngwate.

Mu gihe iyo ngwate idatanzwe cyangwa umwishingizi ntiyishyure nk'uko yabisabwe, urwego rutanga isoko rufatira amafaranga ku nyemezabuguzi zemejwe.

Article 66: Right to deduct and obligation to reconstitute the performance security

The procuring entity is entitled to deduct from the performance security any amount owed to it because of the successful bidder's failure to perform the contract. The successful bidder is required in writing to reconstitute the guarantee equivalent to the deducted amount within twenty (20) days from the date on which the procuring entity received the amount deducted from guarantee.

If such a guarantee is not reconstituted or if the guarantor does not pay the amount requested, the procuring entity deducts this amount from the approved invoices.

Article 66: Droit de prélèvement sur la garantie de bonne exécution et obligation de la reconstituer

L'entité de passation de marché est autorisée à prélever un montant sur la garantie de bonne exécution du fait d'un manquement de l'attributaire du marché dans l'exécution du marché. Sur demande écrite de l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché doit reconstituer la garantie égale au montant prélevé, endéans vingt (20) jours de la réception par l'entité de passation de marché du montant prélevé sur la garantie.

À défaut de reconstitution de la garantie ou du versement par le garant de la somme réclamée, l'entité de passation de marché opère la retenue égale aux sommes en question sur les paiements des factures dûment approuvées.

Ingingo ya 67: Isubizwa ry'ingwate yo kwishingira kurangiza isoko neza

Iyo abisabye, uwatsindiye isoko, asubizwa ingwate yo kurangiza isoko neza mu byiciro bibiri (2). Icya kabiri cyayo gisubizwa mu minsi mirongo itatu (30) nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo ikindi cya kabiri mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira iyakirwa rya burundu ry'imirimo.

Article 67: Refund of the performance security

Upon request, the performance security is returned to the successful bidder in two (2) phases. Its half is returned within thirty (30) days following the provisional acceptance of works and the second half is returned within fifteen (15) days following the final acceptance.

Article 67: Restitution de garantie de bonne exécution

Sur demande, la garantie de bonne exécution est restituée à l'attributaire du marché en deux (2) phases, sa moitié est restituée dans les trente (30) jours après la réception provisoire des prestations et l'autre moitié dans les quinze (15) jours après la réception définitive des prestations.

Akiciro ka 7: Ingingo zihariye ku masoko ya serivisi z'impuguke

Ingingo ya 68: Urutonde rw'abapiganwa no kugaragaza ubushake bwo gupiganwa

Urwego rutanga isoko rugomba guhamagarira abapiganwa kugaragaza ubushake binyujijwe mu buryo bw'ikoranabuhanga no ku rubuga rumwe rwa interineti rutangazwaho amasoko ya Leta mu Rwanda kugira ngo hakorwe urutonde ruhinnye rw'abapiganwa.

Amabwiriza agenga imitangire y'amasoko ya Leta agena urugero rw'amasoko ya Leta ashobora gutangwa bitanyuze mu guhamagarira abapiganwa kugaragaza ubushake bitewe n'imiterere yihariye n'iminsi ipiganwa ritegurwamo.

Urwego rutanga isoko rugomba gushyira ku rutonde rw'abapiganwa, abantu bafite ubushobozi bwo kuzakora neza serivisi z'impuguke zikenewe. Urutonde rugomba kubaho umubare w'impuguke ukwiye ariko utari munsi y'eshatu (3).

Impuguke ishobora kuba umuntu ku giti cye cyangwa isosiyete. Inyandiko ihamagarira ipiganwa ishobora kumenyeshwa impuguke ku giti cyayo cyangwa isosiyete, ariko ibyo byiciro byombi ntibishobora guhurizwa mu isoko rimwe.

Subsection 7: Specific provisions on tender for consultancy services

Article 68: Short listing and expressions of interest

The procuring entity must call for expressions of interest by publishing a notice online and on the official single-portal website for public procurement in Rwanda in order to establish a short list of bidders.

The procurement regulations determine the threshold for tenders that shall not be awarded through the expression of interest depending on their particularities and period for preparation of bids.

The procuring entity must establish a short list comprised of bidders with capacity to perform the required consultancy services. The short list must have as many consultants as possible but not less than three (3).

Consultant may be individual or a firm. Requests for proposals may be addressed to either individual consultants or firms, but not both under the same tender.

Sous-section 7: Dispositions spécifiques pour les marchés des services de consultance

Article 68: Liste restreinte et manifestation d'intérêt

L'entité de passation des marchés doit inviter les soumissionnaires à une manifestation d'intérêt en publiant un avis sur internet et sur le portail unique du site web pour les marchés publics au Rwanda en vue d'établir la liste restreinte des soumissionnaires.

Les règlements sur les marchés publics déterminent le seuil des marchés qui ne doivent pas faire l'objet d'appel d'offres avec manifestation d'intérêts dépendamment de leurs particularités et les jours pour la préparation des soumissions.

L'entité de passation des marchés doit établir la liste restreinte des soumissionnaires ayant la capacité d'exécuter les services de consultance demandés. La liste restreinte doit avoir autant que possible plusieurs consultants mais pas moins de trois (3).

Le consultant peut être un individu ou une entreprise. L'avis d'appel d'offres peut être adressé aux consultants individuels ou aux entreprises, mais non aux deux pour le même marché.

Ingingo ya 69: Itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa

Itangazo rihamagarira kugaragaza ubushake bwo gupiganwa rigomba gutangwa ku buryo bw'ikoranabuhanga kandi rigaragaramo ibi bikurikira:

1º izina ry'urwego rutanga isoko n'aho rubarizwa;

2º imiterere muri make ya serivisi z'impuguke zigomba gutangwa;

3º ubushobozi busabwa uzana inyandiko y'ipiganwa;

4º igihe inyandiko zigaragaza ubushake bwo gupiganwa zigomba gutangirwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga.

Article 69: Notice of expression of interest

The notice of expression of interest must be done online and set out the following:

1º the name and address of the procuring entity;

2º a brief description of consultancy services to be provided;

3º the qualification necessary to be invited to submit a bid;

4º indication of time for online submission of the documents related to the expression of interest.

Article 69: Avis de manifestation d'intérêt

L'avis de manifestation d'intérêt doit se faire sur internet et doit comprendre ce qui suit:

1º le nom et l'adresse de l'entité de passation des marchés;

2º une description sommaire des services de consultance à fournir;

3º la qualification requise pour être invité à soumettre l'offre;

4º l'indication du temps de la remise sur internet de documents de manifestation d'intérêt.

Ingingo ya 70: Inyandiko ihamagarira gupiganira serivisi z'impuguke

Urwego rutanga isoko ruha inyandiko ihamagarira ipiganwa impuguke ziri ku rutonde rw'abapiganwa bake, rubasaba kwemeza niba bazitabira ipiganwa.

Inyandiko ihamagarira ipiganwa impuguke ziri ku rutonde rw'abapiganwa bake igomba kuba irimo nibura ibi bikurikira:

1º izina ry'urwego rutanga isoko n'aho rubarizwa;

Article 70: Request for proposals

The procuring entity issues the request for proposals to the short listed consultants, asking them to confirm their participation.

The request for proposals to the short listed consultants must include at least the following information:

1º the name and address of the procuring entity;

Article 70: Demande de propositions

L'entité de passation de marché met à la disposition des consultants figurant sur la liste restreinte la demande de propositions, leur demandant de confirmer leur participation.

La demande de propositions des consultants figurant sur la liste restreinte doit comprendre au moins les informations suivantes:

1º le nom et l'adresse de l'entité de passation de marché;

2º imiterere, igihe n'ahantu kuri serivisi z'impuguke zigomba gutangwa, inyandiko nsobanuramiterere y'isoko, akazi kagomba gukorwa n'umusaruro ugomba kuvamo;

3º ingingo rusange n'izihariye zigenga amasezerano y'isoko;

4º amabwiriza yo gutegura no gutanga inyandiko z'ipiganwa asaba ko inyandiko y'ipiganwa igomba kuba irimo inyandiko y'ibya tekiniki ukwayo n'iy'ibijyanye n'amafaranga ukwayo;

5º igihe inyandiko igaragaza ubushake bwo gupiganwa zigomba gutangirwa ku rubuga rw'ikoranabuhanga;

6º amabwiriza n'ingingo zishingirwaho mu gusesengura no kugereranya inyandiko z'ipiganwa harimo:

a) amabwiriza n'ibisabwa ku isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rya tekiniki n'ibisabwa byose kugira ngo inyandiko y'ipiganwa ibe yujuje ibisabwa;

b) amabwiriza n'ibisabwa ku isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa ry'ibijyanye n'amafaranga;

c) ubundi buryo bwose bwakoreshwa mu isesengura, bushobora gusobanura no gusubiza ibibazo imbonankubone. Amabwiriza n'ibisabwa kuri ubwo buryo bw'inyongera bigomba gushyirwa mu gitabo cyerekeye uburyo ipiganwa rikorwa;

2º the nature, time frame and location of the consultancy services to be provided, terms of reference, required tasks and outputs;

3º the general and specific conditions governing the contract;

4º instructions for the preparation and submission of proposals which must require that a proposal include separately a technical proposal and a financial proposal;

5º when proposals must be submitted through website;

6º the procedures and criteria to be used to evaluate and compare the proposals including:

a) the procedures and criteria for evaluating technical proposals which must provide the basis on which to decide on the responsive proposal;

b) the procedures and criteria for evaluating the financial proposals;

c) any other additional evaluation method which may include interviews or presentations. The procedures and criteria for that additional method must be included in the tender document;

2º la nature, le contexte et l'endroit où doivent se faire les services de consultance, les termes de référence, les tâches et les résultats attendus;

3º les conditions générales et spécifiques régissant le contrat;

4º les instructions pour la préparation et la soumission des propositions qui exigent qu'une proposition doit comprendre séparément une proposition technique et une proposition financière;

5º la date à laquelle les propositions doivent être remises par voie électronique sur le site web;

6º les procédures et critères qui seront utilisés pour évaluer et comparer les propositions y comprises:

a) les procédures pour l'évaluation des propositions techniques et qui doivent inclure la détermination de la proposition qualifiée;

b) les procédures et critère d'évaluation des propositions financières;

c) toute autre méthode additionnelle d'évaluation, qui peut inclure les interviews ou les présentations. Les procédures et critères pour cette méthode additionnelle doivent figurer dans le dossier d'appel d'offres;

d) inyandiko ikumira igongana ry'inyungu n'amategeko arwanya uburiganya na ruswa, birimo no guhagarikwa gupiganira amasoko ya Leta;

e) izindi ngingo ziteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Ingingo ya 71: Inyandiko nsobanuramiterere y'isoko

Inyandiko ihamagarira ipiganwa igomba kuba irimo inyandiko nsobanuramiterere y'isoko ikubiyemo ibi bikurikira:

1º ibigamijwe, intego n'ibirebwa n'akazi kagomba gukorwa n'andi makuru yose yafasha impuguke mu gutegura neza inyandiko y'ipiganwa;

2º ubumenyi cyangwa amahugurwa ndetse n'umubare w'abakozi bazahugurwa igihe bikenewe ;

3º serivisi n'inyigo y'imiterere y'ahantu bya ngombwa bigomba gukorwa n'umusaruro utegerejwe kuvamo harimo raporo, amakuru ku mibare n'amakarita y'ahantu;

4º aho serivisi zizatangirwa n'igihe zigomba gutangwamo;

5º ibisobanuro birambuye kuri serivisi, ibizafasha mu kazi, ibikoresho n'abakozi bagomba gutangwa n'urwego rutanga isoko;

d) notice of conflict of interest restrictions and anti-fraud and corruption rules, including the grounds for potential disqualifications from future participation in public procurement;

e) any other matters provided for in the public procurement regulations.

Article 71: Terms of reference

The request for proposals must include the terms of reference indicating the following information:

1º the objectives, goals and scope of the assignment and providing background information which may help the consultants to prepare their proposals;

2º transfer of knowledge or training as well as the number of staff to be trained where necessary;

3º the services and surveys necessary to carry out the assignment and the expected outputs including reports, data and maps;

4º where and when the services are to be provided;

5º full details of the services, facilities, equipment, and staff to be provided by the procuring entity;

d) la note sur la restriction du conflit d'intérêts et la réglementation sur la lutte contre la fraude et la corruption y compris les cas de disqualification pour les futures participations aux marchés publics;

e) toute autre matière prévue par les règlements sur les marchés publics.

Article 71: Termes de référence

La demande de propositions doit inclure les termes de référence comprenant ce qui suit:

1º les objectifs, buts, et l'étendue de la mission et l'information sur l'historique pour faciliter les consultants à préparer leurs propositions;

2º transfert des connaissances ou la formation ainsi que le nombre du personnel à former, si nécessaire;

3º les services et études nécessaires pour accomplir la mission et les résultats attendus y compris les rapports, les données et les cartes;

4º le lieu de prestation des services et le temps nécessaire de rendre les services;

5º les détails sur les services, les facilités, le matériel et le personnel qui devront être fournis par l'entité de passation de marché;

6º urwego rw'ubumenyi bw'abakozi b'ingenzi bubariwe mu mibyizi y'abakozi mu kwezi impuguke zisabwa.

<u>Ingingo ya 72</u>: Uburyo bw'itangwa ry'amasoko ya serivisi z'impuguke n'ibigenderwaho mu isesengura

Kugira ngo rushobore guhitamo uhabwa isoko, urwego rutanga isoko rugomba kumenyesha abapiganwa mu nyandiko ibahamagarira gupiganwa rukoresheje bumwe mu buryo bukurikira:

1º ihitamo rishingiye ku murimo unoze n'igiciro cyawo bikomatanyije;

2º ihitamo rishingiye ku murimo unoze;

3º ihitamo rishingiye ku mubare w'amafaranga ugenwe;

4º ihitamo rishingiye ku watanze igiciro gito;

5º ihitamo rishingiye ku bumenyi bwihariye impuguke ifite.

Ihitamo rishingiye ku murimo unoze w'ibyo upiganwa ateganya gukora mu rwego rwa tekiniki n'igiciro bikomatanyirijwe hamwe ni bwo buryo bushobora gukoreshwa hose.

Ihitamo rishingiye ku murimo unoze w'ibyo upiganwa ateganya gukora mu rwego rwa

6º an estimate of the capacity of key staff inputs in terms of staff-months as is required from procuring entity.

<u>Article 72</u>: Selection method and criteria for consultancy service tenders

The procuring entity must, in order to select successful proposal, use one of the following procedures which must have been notified to bidders in a request for proposals, by means of one of the following:

1º quality and cost-based selection;

2º quality based selection;

3º selection under a fixed budget;

4º least cost selection;

5º selection based on consultant's specific qualifications.

The quality and cost-based selection are the default methods.

The qualities based selection is applicable where quality is the paramount factor.

6º une estimation de niveau du personnel clé en homme-mois requis de l'entité de passation de marché.

<u>Article 72</u>: Méthode et critères de sélection pour les marchés de services de consultance

L'entité de passation de marché doit, pour bien sélectionner l'attributaire du marché, utiliser l'une des procédures suivantes et qui avaient été notifiées aux soumissionnaires dans la demande de propositions, en procédant par l'une des méthodes suivantes:

1º la sélection basée sur la qualité-coût;

2º la sélection basée sur la qualité;

3º la sélection basée sur le budget;

4º la sélection basée sur le moindre coût;

5º sélection basée sur les qualifications du consultant.

La sélection basée sur la qualité-coût constitue une méthode par défaut.

La sélection basée sur la qualité est applicable lorsque la qualité est le facteur déterminant.

tekiniki rikoreshwa iyo ubwiza bw'inyandiko ari bwo shingiro.

Ihitamo rishingiye ku mubare w'amafaranga ugenwe rishobora gukoreshwa iyo akazi ka serivisi kagomba gukorwa koroshye kandi gashobora gusobanuka no kubarwa neza n'ingengo y'imari yaragenwe.

Ihitamo rishingiye ku watanze igiciro gito, rishobora gukoreshwa igihe hakenewe impuguke ikora akazi gafite amahirwe ngenderwaho kandi n'umubare w'amafaranga agomba gutangwa kuri iryo soko ari make.

Ibisobanuro birambuye ku ikoreshwa ry'ubwo buryo biboneka mu mabwiriza agenga amasoko ya Leta.

<u>Ingingo ya 73</u>: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa za tekiniki

Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta kagomba gusesengura buri nyandiko y'ipiganwa gashingiye ku bisabwa mu nyandiko ihamagarira abapiganwa kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa. Inyandiko z'ipiganwa zikubiyemo ibi bikurikira:

1º imirimo impuguke yakoze isa n'igomba gukorwa;

2º imiterere myiza y'uburyo bwagaragajwe imirimo izakorwamo;

3º ubumenyi n'ubushobozi bw'abakozi bateganijwe gukora ako kazi;

Selection under a fixed budget may be applied when the assignment is simple and can be precisely defined and when the budget is fixed.

Least cost selection may be applied when selecting consultants for assignments of a standard and routine nature, where well established practices and standards exist and in which the tender amount is small.

Detailed procedures for the use of these methods are outlined in the public procurement regulations.

<u>Article 73</u>: Evaluation of technical proposals

The tender committee must evaluate each technical proposal on the basis of criteria disclosed in the request for proposals including the following:

1º the consultant's relevant experience for the assignment;

2º the quality of the methodology presented;

3º qualifications of key personnel proposed for the assignment;

La sélection basée sur le budget prédéterminé est applicable lorsque la tâche est simple et peut être précisément définie et lorsque le budget est prédéterminé.

La sélection basée sur le moindre coût est applicable lorsque la sélection des consultants se fait pour des tâches ordinaires, là où les pratiques et les principes sont préétablis et que le montant du marché est minime.

Les détails pour l'utilisation de ces méthodes sont déterminés dans les règlements sur les marchés publics.

<u>Article 73</u>: Évaluation des propositions techniques

Le comité de passation de marchés doit évaluer chaque proposition technique sur base des critères définis dans la demande de propositions y compris ce qui suit:

1º l'expérience pertinente du consultant en rapport avec la mission à accomplir;

2º la qualité de la méthodologie présentée;

3º la qualification du personnel clé proposé pour la mission;

4º gusigira ubumenyi abakozi ba nyir'igikorwa iyo byasabwe mu nyandiko nsobanuramiterere y'isoko;

5º uruhare rw'abenegihugu mu bakozi b'ingenzi iyo ari ipiganwa mpuzamahanga.

Kugena uburemere bw'ibisabwa biteganywa mu mabwiriza agenga amasoko ya Leta.

Ingingo ya 74: Gusesengura inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro

Inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro zifungurwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga ku buryo buri wese ashobora kubibona. Zigomba gufungurwa no gusesengurwa gusa ari uko ibijyanye n'isesengura rya tekiniki byarangiye.

Hashingiwe ku buryo bwakoreshejwe mu gutanga isoko, isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa rikorwa ku buryo bukurikira:

1º Iyo hakoreshejwe ihitamo rishingiye ku murimo unoze n'igiciro cyawo bikomatanyije, inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro z'abagize amanota ya tekiniki atari munsi y'igipimo cy'amanota fatizo ni zo zonyine zifungurwa. Amanota yose aboneka hateranyijwe aya tekiniki n'ay'igiciro. Uburemere bwa tekiniki n'ubw'igiciro bugenwa hakurikijwe uburemere n'imiterere y'akazi kagomba gukorwa. Umubarenkubishwa w'amanota ya tekiniki n'ay'igiciro kugira ngo hagaragazwe

4º transfer of knowledge to staff of procuring entity if required in the terms of reference;

5º the extent of participation by nationals among key staff in case of international tendering.

Modalities for determining the importance of criteria are provided in the public procurement regulations.

Article 74: Evaluation of financial proposals

The financial proposals are opened in public electronically. They must be opened and evaluated only after completion of the evaluation of technical proposals.

Based on the selection procedure used, the evaluation of proposals of bidders is conducted as follows:

1º When the quality and cost-based selection procedure is used, only financial proposals of bidders who attained the minimum technical score are opened. The total score is obtained by adding the technical and financial scores. The weight of technical and financial scores are established based on the complexity and the nature of the assignment. The weighting of the technical score and financial score for determining the best proposal must be specified in the request for proposals and in

4º le transfert de connaissance au personnel de l'entité de passation de marché au cas où il est requis dans les termes de références;

5º le taux de participation des nationaux parmi les personnels clés dans le cas d'un marché à concurrence internationale.

Les modalités de déterminer l'importance des critères sont prévues dans les règlements des marchés publics.

Article 74: Évaluation des propositions financières

Les propositions financières sont ouvertes en public par moyens électroniques. Elles ne sont ouvertes et évaluées qu'à l'issue de l'évaluation des propositions techniques.

Sur base de la méthode de sélection utilisée, l'évaluation des propositions se fait comme suit:

1º Si la sélection est basée sur la méthode qualité-coût, seules les propositions financières des soumissionnaires qui ont atteint le score technique minimum sont ouvertes. Le score total est obtenu en additionnant le score technique et le score financier. L'importance des scores techniques et financiers est déterminée sur base de la complexité et de la nature de la tâche à accomplir. Le coefficient de pondération du score technique et financier à appliquer pour déterminer la meilleure proposition doit être spécifié dans la demande de propositions en

inyandiko y'ipiganwa yatsinze ugomba kugaragara mu nyandiko ihamagarira abapiganwa kuzana inyandiko z'ipiganwa kandi hakurikijwe ibiteganywa n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta.

accordance with the public procurement regulations.

conformité avec les règlements sur les marchés publics.

2º Iyo hakoreshejwe ihitamo rishingiye ku mubare w'amafaranga ugenwe, inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro z'ababonye amanota ya tekiniki atari munsi y'igipimo cy'amanota fatizo ni zo zonyine zifungurwa. Inyandiko y'ipiganwa ifite igiciro kiri hejuru y'ingengo y'imari ivanwa mu ipiganwa maze upiganwa ufite inyandiko y'ipiganwa yagize amanota menshi ya tekiniki akaba ari we uhabwa isoko.

2º When the fixed budget method is used, only financial proposals of bidders who attained the minimum technical score are opened. A proposal whose cost is above the budget ceiling is rejected and the bidder whose proposal attained the highest technical score is selected.

2º Si la méthode de sélection basée sur le budget déterminé est utilisée, seules les propositions financières des soumissionnaires qui ont atteint le score technique minimum sont ouvertes. Une proposition dont le coût est supérieur au plafond budgétaire est rejetée et le soumissionnaire dont la proposition a obtenu le score technique le plus élevé est sélectionné.

3º Iyo hakoreshejwe ihitamo rishingiye ku watanze igiciro gito, inyandiko z'ipiganwa z'ibiciro z'ababonye amanota ya tekiniki atari munsi y'igipimo cy'amanota fatizo ni zo zonyine zifungurwa. Upiganwa wagize amanota ya tekiniki ari mu gipimo cy'amanota fatizo kandi yatanze igiciro gito ni we wegurirwa isoko.

3º When the least cost method is used, only financial proposals of bidders who attained the minimum technical score are opened. The bidder whose proposal attained the minimum technical score and proposed the lowest cost is selected.

3º Si la méthode de sélection basée sur le moindre coût est utilisée, seules les propositions financières des soumissionnaires qui ont atteint le score technique minimum sont ouvertes. Le soumissionnaire dont la proposition a atteint le score technique minimum et qui a proposé le coût le moins élevé est retenu.

4º Iyo hakoreshejwe ihitamo rishingiye ku bumenyi bwihariye impuguke ifite, inyandiko y'ipiganwa y'igiciro y'upiganwa wabonye amanota ya mbere muri tekiniki ni yo yonyine ifungurwa.

4º Under the selection based on consultant's specific qualifications only the financial proposal of the bidder whose technical proposal attained the highest score is opened.

4º Pour la méthode de sélection basée sur les qualifications du consultant, seule la proposition financière du soumissionnaire dont la proposition technique a atteint le score le plus élevé est ouverte.

<u>Ingingo ya 75</u>: Imishyikirano yerekeye amasezerano n'impuguke yegukanye isoko

Imishyikirano hagati y'urwego rutanga isoko n'impuguke yatsindiye isoko igomba gushingira ku nyandiko nsobanuramiterere

<u>Article 75</u>: Negotiations with selected consultant

Negotiations between the procuring entity and the selected consultant must cover the terms of reference, progress reports, facilities to be

<u>Article 75</u>: Négociations avec le consultant retenu

Les négociations entre l'entité de passation de marchés et le consultant retenu doivent couvrir les termes de référence, les rapports sur l'état

y'isoko**,** gutanga raporo z'aho imirimo igeze, ibigenwa n'urwego rutanga isoko mu gutuma impuguke irangiza akazi kayo n'inyandiko y'ibiciro.

provided by the procuring entity to allow the consultant to perform his/her duty and the successful bidder's financial proposal.

d'avancement des services, les facilités accordées par l'entité de passation de marché pour permettre au consultant d'accomplir sa tâche et la proposition financière du soumissionnaire.

Mu gihe cyose igiciro aricyo cyashingiweho, nko ku murimo unoze n'igiciro bikomatanyirijwe hamwe, ku mubare w'amafaranga ugenwe cyangwa ku giciro gito, ibihembo by'impuguke ntibigirwaho imishyikirano. Ibitangwa ku mafaranga asubizwa ni byo byonyine bishobora kugirwaho imishyikirano.

Whenever price has been a factor, such as in the quality-cost based selection (QCBS), fixed budget or least cost selection procedures, consultant fees shall not be subject to negotiation. Only reimbursable expenses may be negotiated;

Chaque fois que le prix est déterminant à l'instar de la méthode de sélection basée sur la qualité-coût (QCBS), le budget déterminé ou de sélection basée sur le moindre coût, les honoraires du consultant ne sont pas négociables. Seules les dépenses remboursables doivent être négociées;

Iyo imishyikirano idashoboye kugira icyo igeraho ngo hasinywe amasezerano, urwego rutanga isoko rugirana kandi rugakomeza imishyikirano n'uwabonye amanota akurikiyeho.

If the negotiations fail to result in a procurement contract, the procuring entity proceeds to the next ranked bidder and so on.

En cas d'échec des négociations et que le contrat n'a pas lieu, l'entité de passation des marchés peut engager et continuer les négociations avec le second.

Nta mishyikirano ishobora gukorerwa icyarimwe n'impuguke nyinshi zitandukanye kandi ku isoko rimwe.

Negotiations shall not be simultaneously engaged with several consultants.

Les négociations ne doivent pas être menées avec plusieurs consultants à la fois.

Ingingo ya 76: Imenyesha ry'uwahawe isoko

Article 76: Notification of tender award

Article 76: Attribution du marché de consultance

Upiganwa wagize amanota menshi, hakurikijwe ibyavuye mu isesengura ry'ibyasabwaga mu nyandiko ihamagarira abapiganwa kuzana inyandiko z'ipiganwa, agomba guhabwa isoko iyo imishyikirano yageze ku myanzuro ishimishije.

The bidder whose proposal attains the highest score, in accordance with the evaluation criteria in the request for proposals must be selected for award, subject to satisfactory conclusion of negotiations.

Le soumissionnaire dont la proposition a atteint le score le plus élevé, conformément aux critères d'évaluation définis dans la demande de propositions doit être retenu à condition que les négociations aboutissent à des conclusions satisfaisantes.

Urwego rutanga isoko rugomba kumwandikira rumumenyesha ko yatoranyijwe ngo ahabwe

The procuring entity must notify the successful bidder of its selection and at the same time

L'entité de passation de marché doit notifier l'attribution du marché à l'attributaire du marché

isoko kandi rugahita runamenyesha icyo cyemezo abandi bose bari ku rutonde rw'abari basabwe kuzana inyandiko zabo z'ipiganwa. Iyo mu minsi irindwi (7) uhereye igihe iryo menyekanisha ryabereye, ntawe ugize icyo avuga mu bitabiriye ipiganwa, amasezerano n'uwatsindiye isoko agomba guhita ashyirwaho umukono n'impande zombi.

inform all the short listed consultants of the decision. In the absence of a claim by any other bidder within seven (7) days of that notice, the contract with the successful bidder must be signed by both parties.

et informer sans délai tous les autres consultants figurant sur la liste restreinte, de cette décision. Si aucune réclamation de la part d'un quelconque soumissionnaire n'est faite endéans sept (7) jours dès la notification, le contrat avec l'attributaire du marché doit être immédiatement signé par les deux parties.

Ingingo ya 77: Serivisi z'impuguke ku nyigo y'isoko ry'imirimo

Iyo urwego rudashobora kwikorera inyigo, rutanga isoko ryayo. Amabwiriza agenga amasoko ya Leta, ateganya umubare ntarengwa w'agaciro n'imiterere by'isoko ry'imirimo risaba inyigo.

Inyigo z'isoko ry'imirimo zikorwa n'impuguke zibyemererwa n'amategeko. Inyigo y'isoko ry'imirimo igomba kuba yujuje ibyangombwa bituma igikenewe gikorwa neza, gitungana kandi kikaramba. Iyo nyigo igomba kuba irimo ibigize iyo mirimo, ibiranga ibikenewe, ibishushanyo, ibiciro by'imirimo igize isoko n'ibindi byangombwa bishingiye ku miterere yihariye ya buri soko.

Article 77: Consultancy services for the study of tenders for works

An entity with no capacity to develop its own study of tenders for works, proceeds with tender thereof. The instructions governing public procurement shall provide for threshold for the value and nature of the tender for works being worth the study.

The study for works tender is entrusted to the authorized consultants. The study for the work tender must meet all it takes to be feasible and durable. The study must comprise the work components, specifications of deliverables, drawings, pricing for individual works making the entire tender and other requirements depending on specific features of each and every tender.

Article 77: Services de consultance relatifs à l'étude des marchés de travaux

Une entité dépourvue de capacité de faire l'étude des marchés des travaux par ses propres moyens, la soumet au processus de passation de marchés publics. Les instructions régissant la passation de marché doivent prévoir un seuil pour la valeur et la nature de l'offre pour les travaux nécessitant l'étude.

L'étude pour le marché des travaux est confiée aux consultants agréés. L'étude pour le marché des travaux doit être faisable et aboutir aux résultats durables. L'étude doit comprendre les composantes des travaux, les spécifications des produits livrables, les dessins, les prix pour les travaux faisant l'ensemble de l'offre et d'autres exigences en fonction des caractéristiques spécifiques de chaque offre.

Ingingo ya 78: Kwishingira inyigo y'isoko ry'imirimo

Impuguke yakoze inyigo y'isoko ry'imirimo yishingira imbere y'urwego rutanga isoko imitunganyirize myiza yayo kandi ikabazwa ibitameze neza kuri yo.

Article 78: Security for tender of the study for works

The consultant having performed the study is responsible to the procuring entity as for its smooth implementation and is accountable for downsides thereof.

Article 78: Garantie pour l'étude du marché des travaux

Le consultant ayant réalisé l'étude est responsable vis-à-vis de l'entité de passation de marché quant à sa mise en œuvre effective et est responsable de ses défections.

Akiciro ka 8: Ingingo zihuriweho

Ingingo ya 79: Amahirwe aharirwa ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda n'abapiganwa bo mu Rwanda

Binyuze mu ipiganwa, inzego zose zitanga amasoko ya Leta ziha amahirwe yihariye aba bakurikira:

1º abagemura ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda iyo hatangwa amasoko y'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa;

2º abatanga serivisi bo mu Rwanda iyo hatangwa amasoko ya servisi zitari iz'impuguke;

3º ba rwiyemezamirimo bo mu Rwanda iyo hatangwa amasoko y'imirimo na serivisi z'impuguke.

Imibare ntarengwa igomba gushingirwaho igenwa n'iteka rya Minisitiri.

Ingingo ya 80: Amahirwe yisumbuye aharirwa ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda na serivisi z'impuguke zo mu gihugu

Mu ipiganwa mpuzamahanga cyangwa iry'imbere mu gihugu, amahirwe yisumbuye angana na cumi na gatanu ku ijana (15%) ahabwa ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda iyo hatangwa isoko

Subsection 8: Common provisions

Article 79: Exclusive preference for goods or supplies produced or supplied in Rwanda and bidders registered in Rwanda

Through competition, all public procuring entities give exclusive preference to the following:

1º suppliers of supplies or goods produced or manufactured in Rwanda when procuring for goods or supplies;

2º service providers registered in Rwanda when procuring for non-consultancy services;

3º entrepreneurs registered in Rwanda when procuring works and consultancy services.

An Order of the Minister determines the thresholds to be based on.

Article 80: Preference for goods produced or manufactured in Rwanda and local consultancy services

In international or national competitive bidding, local preference of fifteen percent (15%) is given to goods or supplies produced or manufactured in Rwanda during the procurement of goods and to companies

Sous-section 8: Dispositions communes

Article 79: Préférence exclusive pour les produits ou les fournitures fabriqués au Rwanda et les soumissionnaires enregistrés au Rwanda

Lors de la compétition, toute entité de passation des marchés publics accorde une préférence exclusive pour les suivants:

1º les fournisseurs des biens ou produits ou fabriqués au Rwanda lors de la passation des marchés des biens ou de fournitures;

2º fournisseurs de services au Rwanda lors de la passation des marchés des biens de services de non-consultance;

3º entrepreneurs au Rwanda lors de la passation des marchés des travaux et services de non-consultance.

Un arrêté du Ministre détermine le seuil sur lequel on doit se baser.

Article 80: Préférence pour les biens produits ou fabriqués au Rwanda et services de consultance locale

Lors de la passation des marchés nationaux ou internationaux de biens, une préférence locale de quinze pourcent (15%) est accordée aux biens ou fournitures produits ou fabriqués au Rwanda et aux sociétés commerciales enregistrées au

ryabyo n'amasosiyete y'ubucuruzi yanditswe mu Rwanda iyo hatangwa amasoko ya serivisi z'impuguke.

Ingingo ya 81: Amahirwe yisumbuye ku bapiganwa bo mu gihugu ku isoko ry'imirimo na serivisi zitari iz'impuguke

Mu ipiganwa mpuzamahanga cyangwa iry'imbere mu gihugu, amahirwe yisumbuye angana n'icumi ku ijana (10%) ahabwa abapiganwa bo mu Rwanda iyo hatangwa amasoko y'imirimo n'amasoko ya serivisi zitari iz'impuguke.

Ingingo ya 82: Uburyo bwo gushyira mu bikorwa amahirwe

Urwego rutanga isoko rugiye gutanga amahirwe yaba aharirwa ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa mu Rwanda cyangwa ayisumbuye ahabwa abapiganwa bo mu Rwanda, rugomba kubigaragaza mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa. Iyo urwego rutanga isoko rutari butange amahirwe avugwa muri iri tegeko rukora raporo igaragaza impamvu rutabikoze ikabikwa mu nyandiko z'itangwa ry'iryo soko.

Ingingo ya 83: Ubwoko bw'amafaranga bukoreshwa mu masoko ya Leta

Mu masoko ya Leta, ifaranga ry'u Rwanda niryo rikoreshwa. Igihe hagomba gukoreshwa amafaranga y'amahanga, bitangirwa ibisobanuro kandi hakoreshwa ikigereranyo cy'ivunja ry'amafaranga cya Banki Nkuru y'u

registered in Rwanda during the procurement of consultancy services.

Article 81: Local preference for works and non-consultancy services

In international or national competitive bidding, local preference of ten percent (10%) is given to bidders registered in Rwanda during the procurement of works and non-consultancy services.

Article 82: Modalities for applying exclusive or local preference

A procuring entity applying exclusive preference for goods or supplies produced or manufactured in Rwanda or local preference must indicate it the tender document. Where a procuring entity does not apply exclusive or local preference referred to in this Law, it makes a report explaining the reasons for not doing so and include it in the procurement file of the tender concerned.

Article 83: Currency used in public procurement

In bidding for public tenders, the Rwandan currency shall be used. Where foreign currencies are to be used, it is has to be provide the reasons thereof and the National Bank of Rwanda is the source of exchange rates. The

Rwanda lors de la passation des services de consultance.

Article 81: Préférence locale pour les travaux et les services de non-consultance

Lors de la passation des marchés nationaux ou internationaux des travaux et des services de non-consultance, une préférence locale de dix pourcent (10%) est accordée aux soumissionnaires enregistrés au Rwanda.

Article 82: Modalités d'application de la préférence exclusive ou locale

Une entité de passation des marchés publics qui applique la préférence exclusive pour les biens ou produits fabriqués au Rwanda ou la préférence locale doit clairement l'indiquer dans le dossier d'appel d'offres. Lorsque l'entité de passation des marchés publics n'applique pas la préférence exclusive ou locale en vertu de la présente loi, elle fait un rapport expliquant la raison de la non mise en œuvre de cette préférence et l'intégrer dans le dossier de ce marché.

Article 83: Monnaie utilisée dans la passation de marchés publics

Lors des soumissions aux marchés publics, la monnaie utilisée est le Franc Rwandais. S'il faut l'usage d'une monnaie étrangère, cela doit être justifié et il est recouru au taux de change émis par la Banque Nationale du Rwanda. Le dossier

Rwanda. Umunsi w'ikigereranyo ngenderwaho mu kuvunja amafaranga y'amahanga ni uw'ifungura ry'inyandiko z'ipiganwa ugenwa n'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

tender document establishes the date to be considered for the foreign exchange and opening.

d'appel d'offres détermine la date d'application de ce taux et d'ouverture.

Ingingo ya 84 : Kwishyira hamwe kw'amasosiyete mu ipiganwa

Haseguriwe amategeko agenga ipiganwa, amasosiyeti ashobora kwishyira hamwe mu ipiganwa kugira ngo yiyongerere amahirwe n'ubushobozi byo gupiganwa. Icyakora, imwe mu masosiyeti iyobora abishyize hamwe kandi ikabahagararira mu bikorwa byose bijyanye n'iryo soko. Inyandiko y'ipiganwa igomba kuba imwe kandi igatangwa mu izina ry'abishyize hamwe.

Sosiyeti imwe ntiyemerewe kujya mu mashyirahamwe arenze rimwe yapiganwe ku isoko rimwe. Nta sosiyeti kandi yemerewe gupiganwa yonyine no mu ishyirahamwe rya za sosiyeti ku isoko rimwe.

Amasosiyeti yishyize hamwe mu ipiganwa aryozwa inshingano z'ishyirahamwe imwe ku giti cyayo no muri rusange imbere y'urwego rutanga isoko.

Mu kwishyira hamwe, amasosiyeti yishyize hamwe agomba kugirana amasezerano akorewe imbere ya noteri, agaragaza sosiyeti iyoboye abishyize hamwe, ari nayo ibahagaririye mu bikorwa byose bijyanye n'isoko n'imbibi z'ububasha ihawe. Aya

Article 84: Joint ventures

Subject to regulations on competition, companies may form joint ventures to increase their capacity and competitiveness for tendering purposes. However, one of the companies is considered as the lead company and serves as their representative in all activities under the tender. The bid must be a single document bearing the name of the joint venture.

One company shall not be allowed to participate in two different joint ventures in the same tender. No company shall also be allowed to submit a bid both in its own name and as part of a joint venture for the same tender.

Companies participating in the joint venture are jointly and severally liable towards the procuring entity.

In case of joint venture, companies participating in the joint venture must enter into a written agreement signed before the notary, indicating the leading company that represent other companies throughout the procurement process and the scope of its power. This

Article 84: Groupement d'entreprises

Sous réserve des dispositions légales régissant la concurrence, les entreprises peuvent former des groupements en vue d'accroître leurs chances et capacités à la concurrence. Toutefois, l'une des entreprises groupées est désignée comme représentante des autres dans toutes les opérations du marché. La soumission doit être un document unique et porter le nom du groupement d'entreprises.

Une entreprise ne peut pas être autorisée à participer dans deux groupements différents pour un même marché. En outre, elle ne peut pas participer en même temps à la concurrence à titre individuel et en groupement pour un même marché.

Les entreprises qui participent au groupement doivent être conjointement et solidairement responsables à l'égard de l'entité de passation de marché.

En cas de groupement, les entreprises qui participent au groupement doivent conclure un contrat écrit devant le notaire, indiquant l'entreprise dirigeante représentant des autres dans toutes les opérations du marché, et déterminant le mandat du représentant. Ce

masezerano agomba kuba mu bigize inyandiko yatanzwe mu nyandiko y'ipiganwa y'abishyize hamwe.

agreement must be part of the document submitted in the bid of the joint venture.

contrat doit faire partie des documents inclus dans le dossier d'appel d'offres du groupement d'entreprise.

Ingingo ya 85: Gukomatanyiriza hamwe ibice bigize isoko

Urwego rutanga isoko rushobora gukomatanyiriza hamwe ibice birigize hashingiwe ku nyungu z'amafaranga nko guteza imbere sosiyeti ntoya cyangwa kongera umubare w'abapiganwa. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigomba gusobanura uburyo ibyo bice biteye n'uko iryo soko rizatangwa.

Urwego rutanga isoko ntirwemerewe gucamo ibice isoko mu buryo bunyuranyije n'ibiteganywa n'iri tegeko n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta .

Article 85: Packaging tenders

The procuring entity may package tenders into different lots based on certain economic interests such as the promotion of small sized companies or the attraction of large number of bidders. The tender document must specify the nature of each lot and modalities for awarding the tender.

Procuring entities is not allowed to divide tenders in a manner contrary the provisions of this Law and publics procurement regulations.

Article 85: Allotissements du marché

L'entité de passation de marché peut recourir à l'allotissement du marché en fonction des intérêts économiques comme la promotion des petites entreprises ou l'appel à une plus large concurrence. Le dossier d'appel d'offres doit spécifier la nature de chaque lot et les modalités d'attribution de ce marché.

L'entité de passation de marché ne doit pas fractionner le marché d'une manière contraire aux dispositions de la présente loi et des règlements de passation des marchés publics.

Ingingo ya 86: Indimi zikoreshwa mu masoko ya Leta

Ku masoko apiganirwa ku rwego rw'Igihugu, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora gutegurwa mu Kinyarwanda, mu Gifaransa cyangwa mu Cyongereza. Icyakora, iyo giteguwe mu Cyongereza cyangwa mu Gifaransa, urwego rutanga isoko rugomba kugishyira muri izo ndimi zombi.

Ku masoko apiganirwa ku rwego mpuzamahanga, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gitegurwa mu Gifaransa no mu Cyongereza.

Article 86: Languages used in public procurement

For local tenders, the tender document may be prepared in Kinyarwanda, in French or in English. However, when it is prepared in English or in French, the procuring entity must avail the tender in the other two versions.

For international tenders, the tender document is prepared in both English and French.

Article 86: Langues utilisées dans les marchés publics

Pour les appels d'offres nationaux, le dossier d'appel d'offres peut être rédigé en kinyarwanda, en français ou en anglais. Toutefois, lorsqu'il est rédigé en anglais ou en français, l'entité de passation des marchés doit le rendre disponible le document d'appel d'offres dans les deux autres versions.

Pour les appels d'offres internationaux, le dossier d'appel d'offres est rédigé à la fois en français et en anglais.

Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteguwe mu Gifaransa no mu Cyongereza, kigomba kugaragaza ururimi rw'umwimerere cyateguwemo.

Abapiganwa bashobora gutegura inyandiko z'ipiganwa mu rurimi bashatse bakurikije ururimi rw'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Ururimi uwatsindiye isoko yateguyemo inyandiko z'ipiganwa ni na rwo rukoreshwa mu masezerano y'isoko.

Ingingo ya 87:Gukumira ruswa

Birabujijwe kwemera kwakira cyangwa gusaba ku buryo buziguye cyangwa butaziguye, guha umukozi cyangwa uwigeze kuba umukozi w'urwego rutanga isoko cyangwa w'urundi rwego rwa Leta ruswa, uko yaba iteye kose, yatuma abogama mu gikorwa cyangwa icyemezo kijyanye n'itangwa ry'amasoko ya Leta.

Akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta ntikakira inyandiko z'ipiganwa z'uwapiganywe mu gihe agaragaweho ibimenyetso bidashidikanywaho bya ruswa cyangwa by'uburiganya igihe yapiganiraga isoko rya Leta. Urwego rutanga isoko rugomba kwihutira kumumenyesha icyo cyemezo mu nyandiko.

If the tender document is prepared in both French and English, it must specify the original version.

Bidders may prepare their bids in a language of their choice consistent with the language of the tender document.

The language in which the successful bidder prepared his/her bid is the one to be used in the contract.

Article 87: Anti-corruption measures

It is prohibited to accept or to solicit directly or indirectly, offer to an employee or a former employee of the procuring entity or other public institution, a bribe in any form, to compromise someone with respect to any act or decision in connection with public procurement proceedings.

The tender committee rejects any bidder's offer where it is established that the latter was engaged in any corrupt or fraudulent practice while bidding for a public procurement. The procuring entity must, in writing, promptly notify this rejection to the concerned bidder.

Si le dossier d'appel d'offres est rédigé à la fois en français et en anglais, il doit préciser la version originale.

Les soumissionnaires peuvent préparer leurs offres dans une langue de leur choix en conformité avec la langue du dossier d'appel d'offres.

La langue dans laquelle l'attributaire du marché a rédigé sa soumission est celle utilisée dans le contrat.

Article 87: Mesures anti-corruption

Il est interdit d'accepter ou de demander directement ou indirectement, d'offrir à tout agent ou à un ancien employé de l'entité de passation de marché ou de toute autre institution publique, un pot-de-vin sous quelque forme que ce soit, en vue d'un acte ou d'une décision en relation avec les opérations de passation des marchés publics.

Le comité de passation des marchés publics rejette l'offre de tout soumissionnaire s'il découvre que celui-ci s'est engagé dans une pratique de corruption ou manœuvres frauduleuses dans le cadre d'un marché public. L'entité de passation de marché doit, par écrit, notifier promptement le rejet au soumissionnaire concerné.

Ingingo ya 88: Abemerewe gupiganira amasoko ya Leta

Abemerewe gupiganira amasoko ya Leta ni aba bakurikira:

1º abantu ku giti cyabo n'amasosiyeti bakora umurimo w'ubucuruzi banditswe nk'abacuruzi cyangwa bafite umwuga ukorwa ku buryo bwigenga;

2º amasosiyeti ya Leta n'ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi iyo ibyo bigo bishobora kugaragaza ko byigenga, haba ku buryo bw'amategeko no ku mutungo kandi ko bikora hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko y'ubucuruzi.

Upiganira isoko yemerewe gusa gupiganira amasoko ya Leta ahuye n'ibikorwa bigaragara ku nyandiko ye y'ubucuruzi.

Amabwiriza agenga amasoko ya Leta agena abandi bashobora gupiganira amasoko ya Leta n'ibyo bagomba kuba bujuje.

Article 88: Eligible bidders for public procurement

Eligible bidders for public procurement are the following:

1º physical persons or companies who deal with commercial activities that are registered as businesses or those holding professional licenses or exercising any liberal profession;

2º public companies and commercial public institutions if they can prove that they are legally and financially autonomous and that they operate under commercial laws.

A bidder is only allowed to bid in public tenders related to activities written on his/her registration certificate.

Public procurement regulations provide for other eligible bidders for public procurement as well as requirements for their participation.

Article 88: Soumissionnaires éligibles aux marchés publics

Les soumissionnaires éligibles aux marchés publics sont les suivants:

1º personnes physiques ou sociétés exerçant des activités commerciales qui sont enregistrés en tant que tel ou ceux qui exercent une profession libérale;

2º entreprises publiques et institutions publiques à caractère commercial si elles peuvent justifier qu'elles sont juridiquement et financièrement autonomes et qu'elles opèrent selon les lois commerciales.

Le soumissionnaire est uniquement autorisé à soumissionner aux marchés publics relatifs aux activités inscrites sur son registre de commerce.

Les règlements sur les marchés publics prévoient d'autres soumissionnaires éligibles pour les marchés publics ainsi que les conditions de leur participation.

Ingingo ya 89: Igongana ry'inyungu

Abantu n'ibigo bikurikira ntibemerewe gupiganira amasoko ya Leta:

1º abagize Guverinoma, abakuru b'inzego zitanga amasoko n'abakozi ba Leta bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba

Article 89: Conflict of interests

The following persons and institutions are not allowed to bid for public tenders:

1º members of the Cabinet, heads of procuring entities, and civil servants governed by general statutes for public service or by other specific laws;

Article 89: Conflit d'intérêts

Les personnes et les institutions suivantes sont interdites aux marchés publics :

1º les membres du Gouvernement, les responsables des entités de passation des marchés et les agents de l'État régis par le statut général

Leta n'abandi bagengwa n'amategeko yihariye;

2º abagize Inama Njyanama y'Akarere ku masoko yatangajwe n'Uturere bakoreramo;

3º ikigo cyangwa sosiyeti umukozi wa Leta, umubyeyi we, uwo bashakanye cyangwa umwana we afitemo imigabane ingana cyangwa irenga mirongo itanu ku ijana (50%), ahagarariye cyangwa abereye umwe mu bagize inama y'ubutegetsi ku masoko atangirwa mu rwego rwa Leta uwo mukozi akorera;

4º uwahoze ari umukozi w'urwego rwa Leta ku masoko atangwa n'urwo rwego ataramara igihe cy'imyaka itanu (5) cyangwa irenze aretse kuba umukozi w'urwo rwego keretse iyo ari urwego rutanga isoko rumukeneye, mu ma masoko ya serivisi z'impuguke, kubera ubumenyi bwihariye rumuziho.

Icyakora, amasosiyeti y'ubucuruzi, abantu n'ibigo bavugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bafitemo imigabane iri munsi ya mirongo itanu ku ijana (50%) bashobora gupiganira amasoko ya Leta.

<u>Ingingo ya 90</u>: Ibindi bibujijwe

Birabujijwe ko:

1º upiganwa, ufite sosiyeti zirenze imwe cyangwa ufite imigabane ingana cyangwa irenga mirongo itanu ku ijana (50%) muri

2º members of District Councils of for tenders advertised by their Districts;

3º an institution or a company in which a civil servant, his/her parent, his/her spouse or his/her child is a shareholder with shares equal or greater than fifty percent (50%), representative or member of the board of directors for tenders of the entity where that civil servant is an employee;

4º a former employee of a procuring entity before a period of five (5) years or more after leaving the entity except if it is the procuring entity that seeks his/her expertise with regard to tenders for consultancy services, due to his/her proven specialized knowledge.

However, companies in which the persons and institutions referred to in Paragraph One of this Article and whose shares are less than fifty per cent (50%) may bid for public tenders.

<u>Article 90</u>: Other prohibitions

It is prohibited for:

1º a bidder, operating more than one company or holding shares equal or more than fifty percent (50%) in more than one company,

de la fonction publique et autres lois particulières;

2º les membres du Conseil de District pour les offres publiées par leurs districts;

3º une institution ou société dans laquelle un agent de l'État, son parent, son conjoint ou son enfant est actionnaire avec des actions égales ou supérieures à cinquante pour cent (50%), ou un représentant ou membre du conseil d'administration pour les marchés de l'institution dans laquelle cet agent travaille;

4º un ancien employé d'une institution pour les marchés publics de l'institution où il a été employé avant l'expiration du délai de cinq (5) ans ou plus à partir du moment où il a cessé d'être son employé sauf si l'entité de passation de marché a besoin de son expertise dans les marchés de services de consultance grâce à sa spécialité reconnue.

Toutefois, les sociétés commerciales dans lesquelles les personnes et les institutions visées à l'alinéa premier du présent article et dont les actions sont inférieures à cinquante pour cent (50%) peuvent soumissionner aux marchés publics.

<u>Article 90</u>: Autres interdictions

Il est interdit:

1º au soumissionnaire propriétaire plus d'une société ou détenant des actions supérieures ou égales à cinquante pour cent (50%) dans plus

sosiyeti zirenze imwe, atanga inyandiko y'ipiganwa irenze imwe mu isoko rimwe;

2º upiganwa ahurira mu isoko rimwe n'umubyeyi we, uwo bashakanye, umwana we, cyangwa amasosiyeti bafitemo imigabane ingana cyangwa irenze mirongo itanu ku ijana (50%);

3º abagize akanama gashinzwe gutanga amasoko ya Leta cyangwa undi muntu wese ufite aho ahuriye n'itangwa cyangwa icungwa ry'amasoko ya Leta bagira uruhare mu itangwa cyangwa icungwa ry'isoko ryapiganiwe n'aba bakurikira:

a) uwo bafitanye isano ishingiye ku buvandimwe kugera ku rwego rwa kabiri rutaziguye no ku rwego rwa gatatu ruziguye;

b) uwahoze ari umukoresha we keretse iyo hashize imyaka itanu (5) uhereye igihe arekeye kuba umukozi we;

c) uwo bafitanye inyungu z'amafaranga;

d) uwapiganwe afite amasezerano y'isoko nabo cyangwa ateganya kubona akazi cyangwa indi nyungu.

Impuguke yahawe akazi n'urwego rutanga isoko ngo irufashe mu gutegura no gushyira mu bikorwa isoko cyangwa sosiyeti ifite ibiyihuza n'iyo impuguke ntiyemerewe kujya mu ipiganwa ryo kugemura ibintu, gukora

to submit more than one bid for the same tender;

2º a bidder to participate in the same tender with his/ her parent, spouse, child or companies in which they have equal or more than fifty percent (50%) shares;

3º members of the public tender committee or any other person involved in the procurement award process or the management of procurement contract, to take part in tender award in which the following persons have participated:

a) a person with whom he/she has kinship to the second degree in direct lineal kinship and to the third degree in collateral kinship;

b) his/her former employer except after five (5) years he/she ceases to be his/her employee;

c) a person with whom they have a financial interest;

d) the bidder having an procurement contract with them or expecting employment or any other benefit.

A consultant who has been hired by a procuring entity to provide consulting services for the preparation or implementation of a tender or a company connected to the consultant shall not

d'une société, de déposer plus d'une soumission au même marché public ;

2º au soumissionnaire de participer à la même soumission que son parent, son conjoint, son enfant ou des sociétés dans lesquelles ils possèdent des actions égales ou supérieures à cinquante pour cent (50%) ;

3º aux membres du comité de passation des marchés publics ou à toute autre personne impliquée dans le processus de passation des marchés ou de gestion du contrat de prendre part à une opération en rapport avec le marché dans lequel ont participé les personnes suivantes :

a) une personne avec laquelle il a des liens de parenté jusqu'au second degré en ligne directe et au troisième degré en ligne collatérale;

b) son ancien employeur sauf après cinq (5) ans qu'il cesse d'être son employé;

c) une personne avec laquelle il a un intérêt financier;

d) un soumissionnaire étant en contrat de marché avec eux ou auprès duquel ils sont en démarche pour un emploi ou pour tout autre intérêt.

Un consultant qui a été recruté par l'entité de passation de marché pour fournir des services relatifs à la préparation des études ou à l'exécution du marché ou une société ayant une relation avec le consultant n'est pas autorisé pour

imirimo cyangwa serivisi y'impuguke ijyanye n'iryo soko.

Upiganira isoko agomba kumenyesha mu nyandiko y'ipiganwa, umuyobozi, umukozi cyangwa undi wese ufite imiziro yo kujya mu itangwa ry'isoko apiganira.

Kutubahiriza kimwe mu biteganyijwe muri iyi ngingo bituma amasezerano y'isoko aseswa n'urwego rutanga isoko. Icyakora, iryo seswa ry'amasezerano y'isoko ntirivanaho ibindi bihano biri mu bubasha bw'urwego rutanga isoko cyangwa bw'izindi nzego.

be allowed to bid for providing goods, works or consultant services related to that tender.

The bidder has to mention in the bid, a leader, an official or any other person who has incompatibilities to participate in the award of the procurement he/she is competing for.

Any act contrary to the provisions of this Article causes the cancellation of the contract by the procuring entity. However, the cancellation of the contract does not preclude other sanctions which are in jurisdiction of the procuring entity or other institutions.

la fourniture des biens, des travaux ou des services en résultant ou ayant trait à ce marché.

Le soumissionnaire doit mentionner dans l'offre toute autorité, fonctionnaire ou autre personne qui a des incompatibilités pour participer dans l'attribution du marché auquel il soumissionne.

Tout acte contraire aux dispositions du présent article entraîne l'annulation du contrat par l'entité de passation de marché. Toutefois, l'annulation du contrat n'empêche pas l'application d'autres sanctions rentrant dans la compétence de l'entité de passation de marché ou d'autres institutions.

UMUTWE WA III: ISHYIRWA MU BIKORWA RY'AMASEZERANO Y'ISOKO

CHAPTER III: CONTRACT EXECUTION

CHAPITRE III: EXÉCUTION DU CONTRAT

Icyiciro cya mbere: Uburenganzira n'inshingano by'abagiranye amasezerano y'isoko

Section One: Rights and obligations of the parties to contract

Section première: Droits et devoirs des parties au contrat

Akiciro ka mbere: Uburenganzira n'inshingano z'urwego rutanga isoko

Subsection One: Rights and obligations of the procuring entity

Sous-section première: Droits et devoirs de l'entité de passation de marché

Ingingo ya 91: Ihagararirwa ry'urwego rutanga isoko mu ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko

Article 91: Representation of the procuring entity in contract execution

Article 91: Représentation de l'entité de passation de marché dans l'exécution du contrat

Urwego rutanga isoko rugomba guhagararirwa n'umukozi ushinzwe kugenzura uko amasezerano ashyirwa mu bikorwa. Uwo mukozi agomba kuba afite uburenganzira bwo:

The procuring entity must be represented by the supervising official. In that regard, such an official has the right to:

L'entité de passation de marché doit être représentée, dans l'exécution du marché, par un fonctionnaire dirigeant. Ce fonctionnaire a le droit:

1º kugera ahakorerwa imirimo, ahatunganyirizwa ibikoresho n'aho ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bikorerwa;

2º gukora igenzura rikenewe ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa cyangwa ry'imirimo ikorwa akabikora ku buryo uwatsindiye isoko ariwe wirengera ingaruka zabyo.

Umukozi ushinzwe kugenzura uko amasezerano ashyirwa mu bikorwa ni we uba umuhuza hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko kandi agaha amabwiriza uwatsindiye isoko.

Igenzura rivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo ntirivanaho inshingano z'uwatsindiye isoko.

Iyo bigaragaye ko amasezerano y'isoko atubahirijwe, umukozi w'urwego rutanga isoko ushinzwe igenzura ry'iyubahirizwa ryayo, abikorera raporo kandi agahita ayishyikiriza uwatsindiye isoko, ushyiraho umukono ko ayakiriye.

<u>Ingingo ya 92</u>: Kongera, kugabanya cyangwa guhindura ibigomba gukorwa

Mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko, urwego rutanga isoko rufite uburenganzira bwo kongera, kugabanya cyangwa guhindura ingano y'ibikorwa biteganyijwe mu masezerano y'isoko cyangwa guhindura imiterere y'ibikorwa biteganyijwe

1º have access to the place where activities are being carried out, the place where the materials are being processed and where goods or supplies are manufactured;

2º conduct the necessary inspections for goods or supplies to be delivered or works to be performed at the successful bidder's risks.

The supervising official liaises between the procuring entity and the successful bidder and gives instructions to the successful bidder.

The supervision referred to in Paragraph One of this Article does not exempt the successful bidder from his/her responsibility.

If it is found out that the contract was not executed, the supervising official makes a report and immediately submits it to the successful bidder with acknowledgement of receipt.

<u>Article 92</u>: Increasing, reducing or changing deliverables

During contract execution, the procuring entity has the right to increase, reduce or change the quantity of activities provided for in the contract, or even change some of their specifications without substantially changing

1º d'accès au lieu d'exécution des travaux, le lieu de préparation du matériel et le lieu de fabrication des biens ou fournitures;

2º d'effectuer l'inspection nécessaire des biens ou fournitures à livrer ou des travaux à exécuter, et ce aux risques de l'attributaire du marché.

Le fonctionnaire dirigeant est l'interlocuteur entre l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché et donne des instructions à l'attributaire du marché.

L'inspection dont il est question à l'alinéa premier du présent article n'exonère pas l'attributaire de sa responsabilité.

Lorsqu'il est constaté que le contrat n'est pas exécuté, le fonctionnaire dirigeant dresse un rapport et le transmet immédiatement à l'attributaire du marché avec accusé de réception.

<u>Article 92</u>: Augmentation, réduction ou changement des prestations

Durant l'exécution du marché, l'entité de passation de marché a le droit d'augmenter, de réduire ou modifier la quantité des prestations prévues au contrat, ou de modifier leur spécifications prévues sans en altérer

hadahinduwe ubwoko bwayo, kubera impamvu zikomeye cyangwa kubera inyungu rusange.

Iryo gabanuka, iyongerwa cyangwa ihindurwa ry'ibikorwa rigomba gukorerwa amasezerano y'inyongera agomba gushyirwa mu bikorwa agendeye ku biciro byo mu masezerano y'ibanze.

Uwatsindiye isoko ntashobora kwanga gushyira mu bikorwa isoko ryagabanyijwe, ryongerewe cyangwa ryahinduwe, keretse iyo habaye igabanya ry'ikiguzi cy'imirimo kirenze makumyabiri ku ijana (20%) by'ikiguzi cy'isoko rya mbere.

Iyo igabanya, iyongera cyangwa ihindurwa ry'imirimo ritumye ikiguzi cy'imirimo y'isoko rya mbere kigabanukaho ibirenze makumyabiri ku ijana (20%), urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko bafatanya gushyiraho umubare w'indishyi hakurikijwe amafaranga yashowe mu gushyira mu bikorwa imirimo yose ariko iyo ndishyi ntishobora kurenga makumyabiri ku ijana (20%) by'agaciro k'imirimo yavanyweho.

<u>Ingingo ya 93</u>: Iseswa ry'amasezerano biturutse ku ikoreshwa ry'inyandiko mpimbano n'uburiganya

Igihe cyose mbere y'uko amasezerano y'isoko atangira cyangwa arimo gushyirwa mu bikorwa, ata agaciro cyangwa agaseswa iyo byemejwe ko uwatsindiye isoko yakoresheje

their nature, due to important reasons or public interests.

Such a reduction, increase or change must be subject to an additional contract, which must be executed based on the quotations of the initial contract.

The successful bidder shall not refuse to execute the contract due to such a reduction, increase or change unless the reduction is more than twenty percent (20%) of the cost of the initial contract.

If the reduction, increase or change of the deliverables of the contract results in a reduction of its cost by more than twenty percent (20%) of the initial contract, the procuring entity and the successful bidder negotiate the compensation to be given to the successful bidder depending on the total expense incurred in the execution of the contract but this compensation shall not exceed twenty percent (20%) of the activities that have been reduced.

<u>Article 93</u> Cancellation of the contract due to forged or fraudulent practices

At any time before or during the execution of the contract, the contract is cancelled or terminated if it is proved that any information

substantiellement la nature, et ce pour des raisons importantes ou d'intérêt public.

Une telle réduction, augmentation ou modification doit faire l'objet d'un avenant qui doit être exécuté suivant les conditions financières du contrat initial.

L'attributaire du marché ne peut pas refuser l'exécution du marché réduit, augmenté ou modifié, sauf s'il aboutit à une réduction du prix de plus de vingt pour cent (20%) du coût du marché initial.

Lorsque la réduction, l'augmentation ou la modification des prestations du marché aboutit à plus de vingt pour cent (20%) du coût du marché initial, l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché fixent ensemble le montant de l'indemnisation eu égard aux investissements réalisés pour l'exécution de l'ensemble des prestations, pourtant telle indemnisation ne peut pas dépasser vingt pour cent (20%) de la valeur des prestations réduites.

<u>Article 93</u>: Annulation du contrat pour usage de faux documents et de manœuvres frauduleuses

Chaque fois avant ou pendant l'exécution du contrat, le contrat est annulé ou résilié de plein droit s'il est établi que les renseignements ou documents fournis par l'attributaire du marché

inyandiko zigoretse cyangwa yarazibonye mu nzira z'uburiganya.

Igihe amasezerano y'isoko asheshwe bitaratangazwa, isoko rihabwa uwari ukurikiyeho byaba bidashoboka rikongera gupiganirwa.

Akiciro ka 2: Uburenganzira n'inshingano by'uwatsindiye isoko

Ingingo ya 94: Gupatanisha igice cy'amasezerano y'isoko

Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kitabiteganya ukundi, uwatsindiye isoko ashobora gupatanisha igice cy'amasezerano y'isoko.

Abayobozi bashyira umukono ku masezerano y'isoko, bagomba gusaba abapiganwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, kwerekana mu bitabo byabo by'ipiganwa ijanisha ry'amasezerano y'isoko bifuza gupatanisha ku bandi bantu kandi bakagaragaza abo bantu bifuza gupatanisha na bo.

Ipatanisha ntirishobora gukoranwa n'umuntu cyangwa isosiyeti yahejwe mu masoko ya Leta hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko kandi ntirishobora kurenza makumyabiri (20%) by'agaciro k'amasezerano y'isoko.

Uwatsindiye isoko ni we ubazwa imbere y'amategeko ibijyanye n'isoko n'ubwo

or document submitted by the successful bidder was falsified or fraudulent.

Once the contract is cancelled and it is not yet published, it may be awarded to the second-ranked bidder or re-advertised.

Subsection 2: Rights and obligations of the successful bidder

Article 94: Sub-contracting

If the tender document does not state otherwise, the successful bidder may subcontract a part of the tender.

The contracting authorities must, in the tender document, require bidders to indicate in their bids the percentage of the contract they may wish to subcontract to third parties and any proposed sub-contractors.

Sub-contracting shall not, in anyway, be awarded to any person or company that has been debarred or suspended from public procurement in accordance with this Law and shall not exceed twenty percent (20%) of the contract.

The successful bidder is the only one liable for contractual obligations even if the obligations

sont falsifiés ou fondés sur des manœuvres frauduleuses.

Lorsque le contrat est résilié et qu'il n'est pas encore publié, le marché est attribué au second soumissionnaire ou remis en compétition.

Sous-section 2: Droits et obligations de l'attributaire du marché

Article 94: Sous–traitance

S'il n'y a pas de stipulation contraire dans le dossier d'appel d'offres, l'attributaire du marché peut recourir à la sous-traitance d'une partie du marché.

Les autorités contractantes exigent, dans le dossier d'appel d'offres, aux soumissionnaires l'indication dans leurs offres du pourcentage du marché qu'ils envisagent sous-traiter à des tiers et tout sous-traitant proposé.

La sous-traitance ne peut en aucun cas être confiée à une personne ou une société exclue ou suspendue de marchés publics conformément à la présente loi et ne peut dépasser vingt pour cent (20%) du contrat.

L'attributaire du marché reste seul responsable du marché quand bien même l'engagement du

inshingano z'uwapatanishijwe zaba zarabanje kwemerwa n'urwego rutanga isoko.

Ingingo ya 95: Gutanga amasezerano y'isoko ho ingwate

Uwatsindiye isoko ashobora gutangaho ingwate amasezerano y'isoko yashyizweho umukono ngo ahabwe inguzanyo. Iyo amasezerano y'isoko asheshwe, urwego rutanga isoko ntacyo rugomba kubazwa.

Umubare w'amafaranga y'imirimo yapatanishijwe n'uwatsindiye isoko ukurwa ku mafaranga y'isoko kugira ngo hagaragazwe amafaranga ntarengwa y'umwenda uwatsindiye isoko yemerewe gutangaho ingwate.

Ingingo ya 96: Gusaba indishyi

Uwatsindiye isoko yemerewe kwifashisha ibimenyetso byose kugira ngo agaragaze uruhare rw'urwego rutanga isoko asaba kwishyurwa indishyi iyo ariyo yose, yerekana impamvu atubahirije igikorwa iki n'iki cyari mu nshingano ze cyangwa asaba gusubizwa igice cyangwa amafaranga yose yakoresheje.

Iyo impaka zibaye hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko, mu minsi irindwi (7) ikurikira ivuka ryazo, kugira ngo adatakaza uburenganzira bwe, uwatsindiye isoko agomba kugaragaza ibyo bimenyetso mu nyandiko ashyikiriza urwego rutanga isoko, akagaragaza muri make ingaruka byagira mu bikorwa no ku giciro cy'isoko.

of the sub-contractor has been agreed by the procuring entity.

Article 95: Use of contract as a guarantee

The successful bidder may provide a contract as a guarantee in order to secure a loan if the contract has been signed. If the contract is cancelled, no claim whatsoever is made against the procuring entity.

The amount of money that has been subcontracted by the successful bidder is deducted from the total value of the tender in order to establish the maximum amount of the loan the successful bidder is allowed to guarantee the tender.

Article 96: Claim for compensation

The successful bidder is allowed to use any evidence to indicate the role of the procuring entity in order to make any claim or show the reasons why he/she did not respect any provisions of the contract or to request for refund of part of or the total amount of money he/she may have spent.

If any disagreement arises between the procuring entity and the successful bidder, the latter must, in order not to lose his/her right to claim, be required to provide evidence in writing to the former showing the impact of such disagreement on contract activities and price within seven (7) days following the occurrence of such disagreement.

sous-traitant aurait été accepté par l'entité de passation de marché.

Article 95: Nantissement d'un contrat

L'attributaire peut présenter en nantissement de créance le contrat lui attribué après sa signature. En cas de résiliation du contrat, l'entité de passation de marché ne peut être tenu responsable de cette créance.

Le montant que l'attributaire du marché envisage d'engager à la sous-traitance est déduit du montant du marché pour déterminer le montant maximum de la créance que l'attributaire du marché est autorisé à donner en nantissement.

Article 96: Réclamation des indemnités

L'attributaire du marché est admis à se prévaloir des faits qu'il impute à l'entité de passation de marchés pour réclamer des indemnités ou des dommages et intérêts, soit pour justifier l'inexécution de l'une ou de l'autre de ses obligations, soit pour demander la remise de tout ou partie des fonds utilisés.

En cas de litige entre l'entité de passation de marchés et l'attributaire du marché, endéans sept (7) jours de la survenance des faits litigieux, l'attributaire doit, sous peine de forclusion, dénoncer ces faits par écrit à l'entité de passation de marché, en signalant sommairement l'incidence qu'ils peuvent avoir sur l'exécution et le coût du marché.

Icyakora, uwatsindiye isoko ntashobora kwifashisha impamvu zidaturutse ku rwego rutanga isoko ubwarwo cyangwa uruhagarariye uzwi.

However, the successful bidder shall not be allowed to give reasons that do not arise from the actions of the procuring entity or his/her official representative.

Toutefois, aucune réclamation n'est recevable s'elle n'est fondée sur des motifs émanant de l'entité de passation de marchés ou de son représentant officiel.

Ingingo ya 97: Gutanga igihe cy'ubwishingire ku mirimo

Uretse mu gihe igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganya ukundi, igihe cy'ubwishingire ku mirimo kigomba kuba umwaka umwe (1) uhereye umunsi iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo ryabereye.

Article 97: Providing for a duration of the guarantee for works

Unless the tender document provides otherwise, the guarantee period for works is one (1) year from the date of provisional acceptance of works.

Article 97: Allocation du délai de garantie des travaux

Sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres, le délai de garantie des travaux est d'une (1) année comptée à partir de la date de réception provisoire des travaux.

Ingingo ya 98: Iyubahirizwa ry'ingingo z'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'ibindi bisabwa mu masoko ya Leta

Mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko, uwatsindiye isoko agomba kubahiriza ibikubiye mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kimwe n'andi mabwiriza agenga amasoko ya Leta n'ibyemezo yahawe n'umukozi ushinzwe kugenzura uko amasezerano ashyirwa mu bikorwa.

Iyo uwatsindiye isoko abonye ko amabwiriza y'akazi yahawe anyuranyije n'ingingo z'amasezerano y'isoko, agomba kubimenyesha mu nyandiko urwego rutanga isoko mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi yaboneyeho ayo mabwiririza.

Article 98: Respect of provisions of the tender documents and other requirements in public procurement

While executing the contract, the successful bidder must comply with the tender document as well as any other public procurement regulations and instructions of the supervising official.

If the successful bidder realizes that the operational instructions he/she received are contrary to the provisions of the t contract, he/she must present hi/her grievances in writing to the procuring entity within fifteen (15) days starting from the date of receiving such instructions.

Article 98: Conformité aux dispositions des dossiers d'appel d'offres et aux autres exigences de marchés publics

Dans l'exécution du marché, l'attributaire du marché doit se conformer aux dispositions du dossier d'appel d'offres et à tous les autres règlements sur les marchés publics ainsi qu'aux ordres de service lui donnés par le fonctionnaire dirigeant.

Lorsque l'attributaire du marché constate que les ordres de service diffèrent des stipulations du contrat, il doit adresser une notification écrite à l'entité de passation de marchés endéans quinze (15) jours à compter du jour de la réception de ces ordres.

Ingingo ya 99: Iyubahirizwa ry'amategeko n'amabwiriza ariho

Uwatsindiye isoko agomba kubahiriza amategeko yose n'amabwiriza ariho kandi agakora ku buryo abakozi be bayubahiriza.

Bitabangamiye ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, uwatsindiye isoko agomba kwishyura abakozi, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa na serivisi yahawe n'undi muntu mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko.

Iyo uwatsindiye isoko atishyuye abakozi, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa na serivisi yahawe n'undi muntu mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko, urwego rutanga isoko rufatira amafaranga angana n'ubwo bwishyu ku nyemezabuguzi ye kugira ngo rwishyure abo abereyemo imyenda.

Urwego rutanga isoko ntacyo rwishyuzwa cyangwa ngo rukurikiranweho gikomotse ku kutubahiriza ayo mategeko n'amabwiriza byakozwe n'uwatsindiye isoko cyangwa n'abakozi be.

Article 99: Respect of laws and regulations in force

The successful bidder must respect all Laws and regulations in force and ensure that they are respected by his/her staff.

Without prejudice of the provisions of Paragraph One of this Article, the successful bidder must pay all the workers, goods or supplies and services acquired from third parties while executing the contract.

If the successful bidder does not pay all the workers, goods or supplies and services acquired from third parties while executing the contract, the procuring entity deducts payments equivalent to the amount due from his/her invoice and make such payments.

The procuring entity shall not be held responsible or prosecuted for any breach of any laws and regulations by the successful bidder or his/ her staff.

Article 99: Respect des lois et règlements en vigueur

L'attributaire du marché est tenu au respect des lois et règlements en vigueur et veuille à ce que son personnel les respecte.

Sans préjudice des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'attributaire du marché doit payer tous les travailleurs, les biens ou fournitures et services acquis auprès d'une tierce personne lors de l'exécution du contrat.

Si l'attributaire du marché ne paie pas tous les travailleurs, biens ou fournitures et services acquis auprès de tierce personne lors de l'exécution du contrat, l'entité de passation de marchés opère la retenue égale aux sommes en question sur les factures et effectue de tels paiements.

L'entité de passation de marché est quitte de toute réclamation ou poursuite résultant de la violation des lois et règlements commise par l'attributaire du marché lui-même ou par son personnel.

Ingingo ya 100: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano menshi

Iyo uwatsindiye isoko yongeye guhabwa irindi soko cyangwa amasoko menshi, isoko rimwe ritandukanywa n'andi ku buryo ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo ijyana na ryo, igomba gukomeza gukorwa.

Article 100: Execution of multiple contracts

If a successful bidder is awarded another tender or several tenders, each tender is considered to be independent from the others and must continue to be executed.

Article 100: Exécution des contrats concomitants

Lorsque l'attributaire d'un marché est en même temps attributaire d'un autre marché ou de plusieurs marchés, chaque marché est considéré indépendamment des autres de façon que l'exécution des travaux y relatifs doivent continuer à être exécutés.

Ingorane zivutse zerekeye rimwe mu masoko ntizishobora gutuma uwatsindiye isoko ahindura cyangwa atinza ishyirwa mu bikorwa ry'andi masoko.

Urwego rutanga isoko narwo ntirushobora kwitwaza izo ngorane kugira ngo ruhagarike amafaranga rwagombaga kwishyura ku rindi soko, uretse igihe ingorane zavutse mu isoko rimwe zishingiye ku mpamvu zatuma umuntu yamburwa uburenganzira bwo gupiganira amasoko ya Leta.

Icyiciro cya 2: Ishyirwa mu bikorwa ry'isoko ry'imirimo

Ingingo ya 101: Inshingano y'uwatsindiye isoko yo kwemeza inyigo

Mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko ry'imirimo, uwatsindiye isoko ahabwa iminsi iteganywa n'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa yo gusuzuma inyigo. Iyo amaze kwemera inyigo, akora ingengabihe ndakuka y'imirimo ishingiye ku miterere yihariye y'igikorwa, ikemeranywa n'impande zombi.

Iyo uwatsindiye isoko asanze inyigo irimo amakosa agomba gukosorwa cyangwa hari ibyibagiranye bigomba kwitabwaho mbere y'uko ishyirwa mu bikorwa abimenyesha urwego rutanga isoko mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi kugira ngo rubifateho umwanzuro.

The problems faced by the successful bidder while executing one contract shall not in any way be provided as an excuse to change or delay the execution of other different contracts awarded to him/her.

Similarly, the procuring entity shall not cite those problems as an excuse to deny payment of approved invoices for an unrelated tender, unless those problems may lead to the debarment of the successful bidder from public tenders.

Section 2: Execution of the contract for works

Article 101: Responsibility of the successful bidder towards validation of the study

Prior to the signing of the contract for works, the successful bidder is allotted the time limit dedicated to the analysis of the study as provided for in the tender document. Upon validation of the study, he /she develops an operational schedule based on the specific features of the works to be thereafter agreed upon by both parties.

Where the successful bidder spots flaws or significant missing details in the study, which need to be addressed prior to the execution of the study, he/she reports them to the procuring entity within three (3) working days for decision.

En aucun cas, les difficultés qui surviennent au sujet de l'un de marchés ne peuvent autoriser l'attributaire du marché à modifier ou à retarder l'exécution des autres marchés.

L'entité de passation de marché ne peut réciproquement se prévaloir de ces difficultés pour suspendre les paiements dus sur un autre marché, excepté les cas où les difficultés qui affectent un de ces marchés peuvent entraîner l'exclusion de cet attributaire de la participation dans les marchés publics.

Section 2: Exécution du contrat de travaux

Article 101 Responsabilité de l'attributaire de marché d'approuver l'étude

Avant la signature du contrat de travaux, l'attributaire du marché bénéficie du délai prévu dans le dossier d'appel d'offres pour l'analyse de l'étude. Lors de la validation de l'étude, il élabore un calendrier opérationnel basé sur les caractéristiques spécifiques des travaux qui, par la suite, fait l'objet de compromis entre les deux parties.

Lorsque l'attributaire du marché constate des défauts ou des détails manquants dans l'étude devant être réglés avant la mise en exécution de cette étude, il les signale à l'entité de passation de marchés endéans trois (3) jours ouvrables pour décision.

Ingingo ya 102: Itangira ry'imirimo

Uretse igihe itangizwa ry'imirimo rishingiye ku miterere y'ibihe cyangwa izindi mpamvu zidaturutse ku rwego rutanga isoko kandi zituma rumenyesha mu nyandiko, itariki itangizwa ry'imirimo rizaberaho iteganywa mu masezerano y'isoko.

Icyakora, iyo nta mabwiriza yo gutangira imirimo yatanzwe mu minsi mirongo itandatu (60) ikurikira ishyirwaho umukono ku masezerano y'isoko cyangwa itariki yo gutangira imirimo yashyizwe nyuma y'iminsi mirongo itandatu (60), uwatsindiye isoko afite uburenganzira bwo kwanga gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko no gusaba indishyi y'igihombo yatewe n'uko gutinda gutangira. Uwatsindiye isoko atakaza ubwo burenganzira ku ndishyi iyo atayisabye mu minsi makumyabiri (20) ikurikira iminsi mirongo itandatu (60) ivugwa muri iyi ngingo.

Article 102: Commencement of works

Unless the commencement of works depends on weather conditions or other factors beyond the procuring entity's control, which makes it necessary for the procuring entity to issue in writing instructions for the commencement of works, the date for the commencement of activities is provided for in the contract.

However, if no instructions for the commencement of works are issued within sixty (60) days following the signing of the contract or if the date for the commencement of works is put beyond the period of sixty (60) days, the successful bidder has the right to refuse to execute the contract and claim for compensations for loss caused by such a delay. The successful bidder loses this right if he/she does not claim for it within twenty (20) days following the sixty (60) days mentioned in this Article.

Article 102: Démarrage des travaux

À moins que le début des travaux ne soit soumis à des conditions climatologiques ou d'autres facteurs sur lesquelles l'entité de passation de marché n'a pas d'emprise, auquel cas l'ordre de commencer les travaux est donné par l'entité de passation de marché par écrit, la date de commencement de l'exécution des travaux est fixé dans le contrat.

Toutefois, lorsque l'ordre de commencer les travaux n'est pas donné endéans soixante (60) jours suivant la signature du contrat ou si la date de commencement des travaux est fixée au-delà de soixante (60) jours, l'attributaire du marché a le droit de dénoncer le contrat et d'exiger la réparation du préjudice causé par ce retard. L'attributaire du marché est toutefois déchu de ce droit s'il n'en use pas endéans vingt (20) jours suivant la date d'expiration des soixante (60) jours indiqués dans le présent article.

Ingingo ya 103: Ubwishingizi bw'imirimo

Mu gihe cyashyizweho n'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, imirimo igitangira, uwatsindiye isoko agomba kugeza ku rwego rutanga isoko inyandiko zigaragaza ko yafashe ubwishingizi bwo kuriha uburyozwe bwaterwa n'impanuka zishobora kugwira umuntu uwo ariwe wese cyangwa umutungo we mu gihe imirimo ikorwa.

Article 103: Insurance for works

Within the period provided for by the tender document, the successful bidder must submit documentary evidence to the procuring entity to show that on the very onset of works, he/she has obtained an insurance cover for work accidents which any person or their property may undergo during the process of the execution of the works.

Article 103: Assurance des travaux

Dans le délai fixé par le dossier d'appel d'offres, l'attributaire du marché doit présenter à l'entité de passation de marché les documents établissant qu'il a contracté une assurance couvrant, dès le début des travaux, sa responsabilité pour accidents pouvant survenir à toute personne ou propriété pendant l'exécution des travaux.

Uwatsindiye isoko atanga gihamya y'uko yishyuye imisanzu y'ubwishingizi, igihe cyose abisabwe.

The successful bidder provides proof of payment for the insurance premiums, whenever requested to do so.

L'attributaire du marché fournit, toutes les fois qu'il en est requis, la preuve de paiement des primes d'assurance échues.

Ingingo ya 104: Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo

Mbere yo gutangira imirimo y'ibanze, uwatsindiye isoko agomba gushyikiriza urwego rutanga isoko gahunda ateganya kuzakurikiza mu gushyira mu bikorwa imirimo ijyanye n'isoko yahawe nk'uko biteganywa mu masezerano y'isoko.

Iyo gahunda y'imirimo igomba kugaragaza uburyo buzakoreshwa muri rusange, imikorere, umurongo ngenderwaho n'igihe buri gikorwa kizamara.

Article 104: Planning for the execution of works

Before the commencement of preliminary works, the successful bidder must submit to the procuring entity the plan of activities for the contract execution of works in accordance with the contract.

Such plan must contain the general methods, arrangements, order and timing for all the activities in the works.

Article 104: Planification de l'exécution des travaux

L'attributaire du marché doit, préalablement aux travaux préliminaires, fournir à l'entité de passation de marchés le programme qu'il se propose de suivre pour l'exécution des travaux selon le contrat.

Ledit plan doit contenir les méthodes générales, conditions de travail, l'ordre et le calendrier de toutes les activités dans les travaux.

Ingingo ya 105: Amabwiriza y'inyongera y'urwego rutanga isoko

Igihe cyose ari ngombwa gutanga amabwiriza y'inyongera, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena igihe agomba gutangirwa. Iyo nta gihe cyagenwe, urwego rutanga isoko rutanga ayo mabwiriza mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira igihe ayo mabwiriza yasabiwe.

Iyo urwego rutanga isoko rudatanze ayo mabwiriza mu gihe kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo hakurikizwa ibikubiye mu gitabo cyerekana uko ipiganwa rikorwa.

Article 105: Procuring entity's additional instructions

Where additional instructions are necessary, the tender document determines the period within which such instructions have to be issued. If there is no specific period for such instructions, the procuring entity gives the instructions within thirty (30) days from the time they were requested.

If the procuring entity does not give such instructions within the period provided in Paragraph One of this Article, instructions contained in the tender document apply.

Article 105: Instructions supplémentaires de l'entité de passation de marchés

Chaque fois que des instructions supplémentaires nécessaires doivent être données, le dossier d'appel d'offres fixe le délai durant lequel les instructions supplémentaires doivent être données. Si aucun délai n'a été fixé, l'entité de passation de marché émet ces instructions endéans trente (30) jours à compter de la date à laquelle ces instructions ont été sollicitées.

Lorsque l'entité de passation de marché n'a pas fourni les instructions dans le délai prévu à l'alinéa premier du présent article, les dispositions du dossier d'appel d'offres sont d'application.

Ingingo ya 106: Kugaragaza aho imirimo izakorerwa

Mbere yo gutangira imirimo, uwatsindiye isoko agaragaza imbago zerekana aho ibikorwa bye bizakorerwa kandi agashyiraho umubare uhagije w'ibimenyetso bibyerekana.

Iyo ibyo bikorwa birangiye abimenyesha urwego rutanga isoko mu nyandiko. Urwego rutanga isoko rufite igihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) kugira ngo rugenzure icyo gikorwa, byaba ngombwa rugasaba uwatsindiye isoko kugira ibyo akosora. Iyo nta cyo urwego rutanga isoko rubivuzeho nyuma y'icyo gihe imbago zerekanywe zifatwa nk'izemewe.

Uwatsindiye isoko agomba kubahiriza imbago yagaragaje.

Article 106: Demarcating the site for works

Before the commencement of works, the successful bidder establishes the demarcations showing the area where the works have to be executed and uses a sufficient number of landmarks to show such demarcations.

When the demarcations have been established, the successful bidder informs the procuring entity in writing. The procuring entity has fifteen (15) days to inspect the site demarcations and where necessary to request the successful bidder to make some corrections. If the procuring entity does not respond within that period, the demarcations are considered approved.

The successful bidder must respect the established demarcations.

Article 106: Démarcation du site des travaux

Avant de commencer les travaux, l'attributaire du marché établit des démarcations montrant la zone ou ses travaux vont être exécutés et utilise un nombre suffisant de points de repères.

Lorsque ces opérations sont terminées, il en informe par écrit l'entité de passation de marché. Celui-ci dispose d'un délai de quinze (15) jours pour procéder à leur vérification et, s'il y a lieu, de les faire rectifier par l'attributaire. Lorsque l'entité de passation de marché garde le silence au-delà du délai lui imparti, les démarcations sont réputées approuvées.

L'attributaire du marché doit respecter des repères du tracé.

Ingingo ya 107: Ibiro by'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo

Uwatsindiye isoko aha umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo ibiro akoreramo, biri aho imirimo ikorerwa keretse igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganya ukundi.

Article 107: Supervising official's office

The successful bidder provides an office to the supervising official at the place where the works are being executed, unless it is provided otherwise by the tender document.

Article 107: Bureau du fonctionnaire dirigeant

L'attributaire du marché met à la disposition du fonctionnaire dirigeant un local lui servant de bureau sur le site même du chantier, à moins qu'il ne soit prévu autrement dans le dossier d'appel d'offres.

Ingingo ya 108: Gukurikirana imirimo buri munsi

Umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo agomba kuyikurikirana buri munsi kugira ngo

Article 108: Daily supervision of works

The supervising official must monitor the works on a daily basis so that no works start without his/her approval.

Article 108: Surveillance quotidienne des travaux

Le fonctionnaire dirigeant est tenu de surveiller tous les jours pour se rassurer qu'il n'y a pas

hatagira ibikorwa birangira atabibonye ngo abyemeze.

Igihe uburemere bw'imirimo bubisaba, urwego rutanga isoko rushobora kwifashisha ikigo cyangwa umuntu wikorera ku giti cye ukurikirana imirimo buri munsi.

Ingingo ya 109: Umutekano w'aho imirimo ikorerwa

Uwatsindiye isoko agomba gucunga umutekano w'aho imirimo ikorerwa mu gihe cyose imirimo igomba kumara.

Icyakora, iyo hari abantu bagize impanuka cyangwa imitungo yononekaye kubera ibibazo bikomoka ku myigire y'umushinga cyangwa uburyo urwego rutanga isoko rwahatiye uwatsindiye isoko gukoresha mu mirimo y'isoko, uburyozwe bw'ibyononekaye bubazwa urwego rutanga isoko igihe icyo kibazo cyagaragajwe hakurikijwe uburyo buteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 110: Igitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsi

Iyo imirimo ikorwa igice cyangwa yose hashingiwe ku giciro cya buri murimo cyangwa amafaranga ayigendaho ashingira ku bugenzuzi bwakozwe, cyangwa ari ku biciro by'agateganyo, mu biro by'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo huzuzwa igitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsi.

Depending on the size of the works, the procuring entity may seek assistance from a firm or a private person for the purpose of carrying out a daily supervision of works.

Article 109: Security at the site

The successful bidder must ensure the security of the site at all times during the period of execution of works.

However, if any person are involved in an accident or property is damaged due to factors resulting from project design or due to instructions imposed on the successful bidder by the procuring entity, the liability resulting from the accident or damage is borne by the procuring entity as long as such a problem was reported by the successful bidder in accordance with the provisions of this Law.

Article 110: Daily site log book

Where works are executed in part or wholly on the basis of the price of each type of the work or payment for such works is made on the basis of inspections carried out, or on the basis of provisional prices, the supervising official must maintain in his/her office a daily site log book.

d'actes qui démarrent à son insu sans son approbation.

Lorsque la nature des travaux l'exige, l'entité de passation de marché peut requérir l'assistance d'une entreprise ou d'une privée pour assurer la surveillance quotidienne des travaux.

Article 109: Sécurité sur le chantier

L'attributaire du marché est tenu d'assurer la sécurité du chantier pendant toute la durée des travaux.

Toutefois, lorsque des dommages causés aux personnes ou aux propriétés sont la conséquence d'un risque créé par la conception ou la méthode de construction imposée par l'entité de passation de marchés à l'attributaire du marché, la responsabilité incombe à l'entité de passation de marchés tant que tel risque a été signalé conformément aux dispositions de la présente loi.

Article 110: Journal de chantier

Lorsque les travaux s'exécutent partiellement ou totalement à prix unitaires, en dépenses contrôlées ou à prix provisoires, il est tenu, au bureau du fonctionnaire dirigeant, un journal de chantier.

Ibikubiye mu gitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsi n'ibigomba kwandikwamo biteganywa n'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

The content and requirements of the daily site log book are provided for in the tender document.

Le dossier d'appel d'offres prévoit le contenu et les exigences du journal de chantier.

Uwatsindiye isoko agomba gushyira umukono mu gitabo cyandikwamo ibikozwe buri munsi kiri mu biro by'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo bitarenze iminsi itanu (5) uhereye ku itariki byandikiwe n'iyo yaba atabyemera.

The successful bidder must sign the daily site log book in the office of the supervising official within five (5) days from the date the records were written, even if he/she does not agree with the content.

L'attributaire du marché est tenu d'apposer sa signature dans le journal de chantier dans le bureau du fonctionnaire dirigeant endéans cinq (5) jours à compter de la date des inscriptions, même s'il ne les accepte pas.

Iyo uwatsindiye isoko atabashije gushyira umukono ku byanditswe mu gitabo cyandikwamo ibyakozwe buri munsi mu gihe cyagenwe mu gika kibanziriza iki, bifatwa nk'aho yemeye nta gushidikanya ibyanditswe mu gitabo.

If the successful bidder fails to sign the daily site lob book within the period provided for under the preceding Paragraph, he/she is considered to have accepted the content with no objection.

Si l'attributaire du marché ne parvient pas à apposer sa signature dans le journal de chantier dans le délai prévu à l'alinéa précédent, il est censé avoir accepté le contenu du journal de chantier sans aucune réserve.

Ingingo ya 111: Raporo y'ibyakozwe buri munsi

Uwatsindiye isoko agomba kugeza buri munsi ku uhagarariye urwego rutanga isoko raporo y'imirimo yakozwe, igaragaza ibikoresho byakiriwe, umubare w'abakozi ba buri cyiciro bari mu kazi n'imirimo bashinzwe.

Article 111: Daily statement of the work done

The successful bidder must submit on a daily basis to the representative of the procuring entity a statement of the work done, indicating materials delivered, the number of workers of each category who reported to the site and the work assigned to them.

Article 111: Rapport journalier des travaux exécutés

L'attributaire du marché doit remettre au représentant de l'entité de passation de marchés un rapport journalier des travaux exécutés en indiquant les approvisionnements en matériels fournis, le nombre des ouvriers pour chaque catégorie présenté au chantier et les ouvrages auxquels ils sont employés.

Ingingo ya 112: Iyarara n'ibyasenywe

Iyo mu mirimo ikorwa harimo no gusenya, iyarara n'ibikoresho byasenywe biba umutungo w'uwatsindiye isoko keretse iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyabigennye ukundi.

Article 112: Leftover pieces and rubbles

When works to be executed include demolitions, the leftover pieces and rubbles become the property of the successful bidder unless otherwise stipulated in the tender document.

Article 112: Immondices et débris

Lorsque les travaux à exécuter comportent des démolitions, les immondices et débris deviennent la propriété de l'attributaire du marché sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres.

Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya ko iyarara n'ibyasenywe byose cyangwa igice cyabyo biba umutungo w'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko agomba gufata ingamba za ngombwa ngo bitangirika. Agomba kandi kwirengera ingaruka zose z'iyangizwa ryabyo bitewe n'ibikorwa bye cyangwa iby'abakozi akoresha.

Where the tender document stipulates that part of or all the leftover pieces and rubbles become the property of the procuring entity, the successful bidder must take all the necessary measures to ensure that such materials and objects are not damaged. He/she is held responsible for any damage to the materials or objects resulting from his/her activities or that of his/her employees.

Si le dossier d'appel d'offres réserve à l'entité de passation de marché la propriété d'une partie ou l'ensemble des immondices et débris, l'attributaire du marché doit prendre toutes les précautions nécessaires pour en assurer la conservation. Il doit répondre de toute destruction ou dégradation de ces matériaux causés par son fait ou par le fait de ses employés.

Hatitawe ku cyo urwego rutanga isoko ruteganya gukoresha iyarara n'ibyasenywe, uwatsindiye isoko agomba kubitwara ku mafaranga ye akabigeza aho bigomba kubikwa yeretswe n'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo iyo uburebure bwaho butarengeje metero ijana (100) uvuye ahakorerwa imirimo. Iyo burengeje metero ijana (100), urwego rutanga isoko rugomba kwishingira icyo kiguzi.

Whatever the procuring entity plans to do with the materials and objects from the demolition, the successful bidder bears the costs related to their movement to the place where they must be stored as indicated by the supervising official. If such place is not more than one hundred (100) meters from the site. If this distance is beyond one hundred (100) meters, the procuring entity bears the costs.

Quelle que soit la destination que l'entité de passation de marché entend donner aux matériaux ou objets provenant des démolitions, tous les frais relatifs à leur mise en dépôt à l'endroit indiqué par le fonctionnaire dirigeant, sont à la charge de l'attributaire, pour toute distance de transport n'excédant pas cent (100) mètres. Au cas où cette distance dépasse cent (100) mètres, l'entité de passation de marché en supporte les frais.

Uretse igihe ingingo z'igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa zibiteganya ukundi, uwatsindiye isoko agomba kuvanaho iyarara, imyanda, ibikomoka ku byasenywe n'ibindi bisigazwa by'ibikoresho uko imirimo igenda irangira akurikije amabwiriza yahawe n'urwego rutanga isoko.

Unless otherwise provided for in the tender document, the successful bidder must, as works progress, remove the product of demolition, rubble and debris and other materials from the demolition in compliance with the instructions of the procuring entity.

Sauf dispositions contraires dans le dossier d'appel d'offres, l'attributaire du marché enlève, au fur et à mesure que les travaux évoluent, les produits de démolitions, gravats et débris en se conformant aux instructions de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 113: Ibivumbuwe mu ikorwa ry'imirimo

Ikintu cyose cy'agaciro kivumbuwe igihe hakorwa imirimo yo gucukura cyangwa gusenya kigomba guhita kimenyeshwa urwego rutanga isoko rukagena icyo ruzagikoresha.

Article 113: Discoveries during the execution of works

Anything of value discovered during the excavation or demolition must be promptly notified to the procuring entity which decides what to do with it.

Article 113: Découvertes au cours des travaux

Toute découverte de valeur faite dans les fouilles ou dans les démolitions doit être portée sur le champ à la connaissance de l'entité de passation de marché qui décide de son sort.

Ibikorwa by'ubugeni, ibiranga umuco wa kera, amateka, imidari, ibiceri bya kera n'ibindi bikoresho byose by'agaciro mu rwego rw'ubuhanga n'ikoranabuhanga kimwe n'ibikoresho by'imbonekarimwe cyangwa bikozwe mu mabuye y'agaciro bivumbuwe mu gihe cy'ikorwa ry'imirimo cyangwa isenywa**,** bigomba kuba umutungo bwite w'urwego rutanga isoko kandi ugakorerwa ihererekanya hagati y'uwatsindiye isoko n'umukozi ushinze gukurikirana imirimo cyangwa n'uhagarariye urwego rutanga isoko.

Artworks, antiquities, archaeological objects, medals, ancient coins and any other valuable objects in the area of science and technology as well as rare or objects made from precious materials, discovered during execution or demolition, must become the property of the procuring entity and handed over to the supervising official or the procuring entity's representative.

Les objets d'art, archéologiques, historiques, numismatiques ou autres, présentant un intérêt scientifique et technologique, de même que les objets rares ou en matière précieuse, trouvés dans les fouilles ou dans les démolitions, restent la propriété de l'entité de passation de marché et sont soumis à la procédure de remise et reprise entre l'attributaire du marché et le fonctionnaire dirigeant ou le représentant de l'entité de passation de marché.

Iyo habaye amakimbirane, urwego rutanga isoko ni rwo rufata icyemezo ku buryo budasubirwaho.

If any dispute arises, the procuring entity makes a final ruling.

En cas de contestation, l'entité de passation de marché prend sa décision souverainement.

<u>Ingingo ya 114</u>: Kwemeza ibikoresho bigomba gukoreshwa

<u>Article 114</u>: Approval of materials to be used

<u>Article 114</u>: Approbation des matériaux à utiliser

Uwatsindiye isoko ntagomba gukoresha ibikoresho byagenwe bitabanje kwemezwa n'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo. Urwego rutanga isoko rushobora gukoresha ubundi buryo byemewe mu kugenzura ubwiza n'ingano y'ibikoresho.

Materials to be used by the successful bidder shall not be used without prior approval by the supervising official. The procuring entity may use any means deemed to be useful to determine the quality and quantity of materials.

Les matériaux que l'attributaire du marché compte utiliser, ne peuvent être mis en œuvre sans approbation préalable du fonctionnaire dirigeant. L'entité de passation de marché peut user de tous les moyens d'investigation utiles au contrôle de qualité et de quantité des matériaux.

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya n'igenzura rya tekiniki ry'ibikoresho n'ibindi bicuruzwa cyangwa ibigemurwa. Iyo umwe mu bagiranye amasezerano y'isoko anenze ibyavuye muri iryo genzura, buri wese mu bagiranye amasezerano y'isoko afite uburenganzira bwo gukoresha isuzumampinyuza rikorwa n'urwego rwumvikanyweho n'impande zombi, ikiguzi cyishyurwa n'uwasabye ko rikorwa.

The tender document provides for inspection that includes technical verification of materials and other goods or supplies. If anyone of the contracting parties disagrees with the results of technical verification, he/she has the right to sanction a counter verification conducted by an institution agreed upon between the two parties but the cost is borne by the party that requests for such counter verification.

Le dossier d'appel d'offres prévoit des essais comportant la vérification technique des matériaux et autres biens ou fournitures. En cas de contestation de l'une ou l'autre partie du résultat des essais, chacun des contractants est en droit de demander un contre-essai, lequel est effectué par une institution convenue par les deux parties mais ce aux frais de la partie requérante.

Ingingo ya 115: Uburiganya n'inenge

Iyo habayeho gukemanga ko imirimo yakoranywe uburiganya n'inenge, uwatsindiye isoko ategekwa gusenya inyubako no kongera kuyubaka. Ikiguzi kijyanye n'isenywa no kongera kubaka cyishyurwa n'uwatsindiye isoko iyo ibyakemanzwe bibaye impamo cyangwa n'urwego rutanga isoko mu gihe bigaragaye ko ikemanga ritari rifite ishingiro.

Ingingo ya 116: Guhagarika imirimo by'agateganyo

Icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo gishobora gufatwa:

1º n'urwego rutanga isoko ku nyungu rusange z'igihugu;

2º n'uwatsindiye isoko ashingiye ku biteganywa n'iri tegeko.

Guhagarika imirimo by'agateganyo ntibigomba kurenza iminsi mirongo itatu (30) ikurikirana; iyo birenze iminsi yavuzwe, amasezerano y'isoko ahita aseswa nta mpaka.

Icyakora, iyo urwego rutanga isoko rufashe icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo mu gihe kirenze iminsi mirongo itatu (30), impande zombi zumvikana ku ngamba zafatwa mu rwego rwo kwirinda igihombo cyaturuka kuri iryo hagarikwa.

Igihe cy'ihagarikwa ry'imirimo ry'agateganyo kigomba kongerwa kucyo kurangiza imirimo

Article 115: Fraud and defect

The successful bidder is, upon suspicion of fraud or defect, required to demolish the works executed and to reconstruct them. Cost for such demolition and reconstruction is borne by the successful bidder depending on whether suspicion is found to be true or by the procuring entity depending on whether suspicion is found to be not true.

Article 116: Temporary suspension of works

The decision to suspend the works temporarily may be made:

1º by the procuring entity for public interests;

2º by the successful bidder in accordance with the provisions of this Law.

The temporary suspension of works shall not exceed thirty (30) days; if it exceeds those days, the contract is automatically terminated.

However, if the procuring entity takes a decision to suspend the works temporarily for a period exceeding thirty (30) days, both parties agree on measures to be put in place in order to avoid any loss which may results from such a suspension.

The period during which the works are suspended results into the extension of the

Article 115: Fraudes et malfaçons

L'attributaire du marché, en cas de soupçon de fraude ou de malfaçon, est demandé de démolir les travaux exécutés et de les reconstruire. Les frais d'une telle démolition et reconstruction sont à la charge de l'attributaire du marché suivant que le soupçon se trouve vérifié ou de l'entité de passation de marché, suivant que le soupçon se trouve non vérifié.

Article 116: Suspension temporaire des travaux

La décision de suspendre temporairement les travaux peut être prise:

1º par l'entité de passation de marché, pour cause d'intérêt public;

2º par l'attributaire du marché conformément aux dispositions de la présente loi.

La suspension temporaire des travaux ne peut pas dépasser trente (30) jours; passé ce délai, le contrat est automatiquement résilié.

Toutefois, lorsque la suspension est décrétée par l'entité de passation de marché pour un délai de plus de trente (30) jours, les deux parties se conviennent des mesures à prendre afin d'éviter le préjudice éventuel de cette suspension.

Le délai de suspension temporaire des travaux entraîne d'office la prolongation du délai

giteganyijwe mu masezerano y'isoko igihe cyose kurangiza imirimo bidahuriranye n'igihe hafatiwe icyemezo cyo guhagarika imirimo by'agateganyo.

Ingingo ya 117: Ingamba zigomba gufatwa igihe imirimo ihagaze by'agateganyo

Iyo imirimo ihagaze by'agateganyo, uwatsindiye isoko agomba gufata ingamba za ngombwa zigamije kurinda no kwita ku mutekano w'ibimaze gukorwa n'uw'ibikoresho no kubirinda kononekara akoresheje amafaranga ye bwite.

Iyo imirimo ihagaze by'agateganyo, urwego rutanga isoko rwihutira guhagarika by'agateganyo uwatsindiye isoko ryo gukurikirana iyo mirimo.

Ingingo ya 118: Impamvu zitunguranye

Hakurikijwe ibikubiye muri iri tegeko, uwatsindiye isoko agomba kuba azi ubwoko bw'ubutaka bw'aho ibikorwa bikorerwa kandi akaba yarateguye inyandiko y'ipiganwa akurikije ibyavuye mu isuzuma, hamwe n'imibare ubwe yakoze.

Kubera izo mpamvu, imirimo yose ikozwe, ingamba afata n'amafaranga ajyana no gushyira mu bikorwa imirimo harimo iyerekeye gutuma ubutaka butariduka, kuvana no gusubiza insinga n'ibitembo aho yabikuye, byose byishingirwa n'uwatsindiye isoko.

execution period of the contract as long as the contractual period did not coincide with the date the decision to temporarily suspend the works was taken.

Article 117: Measures to be taken in case of temporary suspension

When the execution of works is temporarily suspended, the successful bidder must at his/her own costs take sufficient measures to insure the security of works already executed and materials and to protect them from degradation.

When works are temporarily suspended, the procuring entity suspends temporarily the successful bidder for the supervision of works.

Article 118: Unexpected circumstances

In accordance with provisions of this Law, the successful bidder must know the nature of the soil at the site and to have prepared his/her bid in accordance with findings of the analysis and his/her own calculations.

Accordingly, all works executed, measures taken and costs inherent in the performance of works including those intended to prevent the subsidence of the ground, displacement and reinstallation of cables and pipes into their original locations are borne by the successful bidder.

d'exécution pour autant que le délai contractuel ne soit expiré au jour de la décision de la suspension temporaire.

Article 117: Mesures devant être prises en cas de suspension temporaire

Durant la suspension temporaire des travaux, l'attributaire du marché est tenu de prendre, à ses frais, toutes les dispositions nécessaires pour assurer la sécurité des travaux déjà exécutés et des matériaux et les protéger contre toute dégradation.

En cas de suspension temporaire des travaux, l'entité de passation de marché procède à la suspension temporaire de l'attributaire du marché de supervision des travaux.

Article 118: Circonstances inattendues

Conformément aux dispositions de la présente loi, l'attributaire du marché est censé connaître la nature du sol du lieu d'exécution des travaux et doit avoir établi son offre sur base des résultats d'analyses et ses propres calculs.

En conséquence, tous les travaux exécutés, mesures et frais inhérents à la bonne exécution du marché y compris les travaux visant à empêcher les éboulements de terre, le déplacement et la remise en place des câbles et des tuyaux de canalisations, sont à la charge de l'attributaire du marché.

Icyakora, iyo mu gihe cyo gukora imirimo, uwatsindiye isoko ahuye n'imbogamizi zo mu rwego rwa tekiniki cyangwa zo mu rwego rw'imiterere y'ubutaka bw'aho akorera imirimo ye harimo ibisigarira by'inyubako za kera cyangwa ikidendezi cy'amazi atakekaga ko bihari kandi uwatsindiye isoko akaba atarashoboraga kubiteganya nubwo byari bihasanzwe mbere yo gushyira umukono ku masezerano y'isoko, agomba, iyo asanga bizasaba andi mafaranga y'inyongera, cyangwa iyongerwa ry'igihe cyo gukora imirimo ijyanye n'isoko, kubimenyesha mu nyandiko urwego rutanga isoko nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

However, where in the course of the execution of the contract, the successful bidder encounters technical or geological obstacles including the remains of old buildings or a pond of water, which could not have been reasonably anticipated even though they existed before the signing of the contract and if he/she believes such obstacles would result into additional costs or extension of the execution period of the contract, he/she must notify in writing the procuring entity in accordance with the provisions of this Law.

Toutefois, si au cours de l'exécution des travaux, l'attributaire du marché rencontre des obstacles d'ordre technique ou géologique y compris des vestiges de constructions anciennes ou une nappe d'eau insoupçonnée, lesquels ne pouvaient raisonnablement pas être prévus bien qu'ils fussent préexistantes à la conclusion du contrat et s'il estime que cette situation nécessite des frais supplémentaires ou une prolongation des délais d'exécution du marché, il doit les notifier par écrit l'entité de passation de marché conformément aux dispositions de la présente loi.

Mu kubimenyesha urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko asobanura neza iyo mbogamizi, yerekana ku buryo burambuye ingaruka zishobora kuzabaho, ingamba ateganya gufata cyangwa yifuza gufata hamwe n'ingano y'igihe cy'ubukererwe bishobora gutera cyangwa ibindi atekereza ko byabangamira ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo.

In its notification to the procuring entity, the successful bidder must fully explain the obstacle in question, indicating in detail the impact such obstacles may have, the measures he/she plans or intends to take, as well as the length of delay that this is likely to cause and any other hindrance that may create a negative impact on the execution of works.

Dans sa notification à l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché doit préciser l'obstacle en question, en indiquant en détail les effets prévisibles, les mesures prises ou à prendre ainsi que l'ampleur du retard que cela va occasionner et autre impact négatif que cette situation peut avoir sur l'exécution des travaux.

Urwego rutanga isoko rufite uburenganzira busesuye bwo kongera igihe cyo gukora iyo mirimo, gusubira ku ngingo zerekeye amafaranga yagenewe isoko akoresheje amasezerano y'inyongera, gusesa amasezerano y'isoko cyangwa kwanga ibyo asabwa n'uwatsindiye isoko iyo abona ko bidafite ishingiro.

The procuring entity has the rights to extend the period of the execution of the contract, to revise Articles concerning the pricing by means of an additional contract, terminate the contract or reject the claims of the successful bidder if he/she believes such claims are not relevant.

L'entité de passation de marché a le droit de prolonger le délai d'exécution, réviser par avenant les articles concernant le prix, résilier le contrat ou rejeter les réclamations de l'attributaire du marché s'il les estime non fondées.

Ingingo ya 119: Kunanirwa kurangiza imirimo k'uwatsindiye isoko

Uwatsindiye isoko afatwa nk'uwananiwe kurangiza imirimo y'isoko yatsindiye iyo:

1º imirimo itararangira neza mu gihe giteganyijwe mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa cyangwa ku bihe ibice runaka by'imirimo byagombaga kurangirira;

2º imirimo isubitswe gukorwa ku buryo bugaragaza ko izaba itararangira mu gihe giteganyijwe;

3º atubahirije amabwiriza yanditse yahawe n'urwego rutanga isoko mu buryo bwemewe n'amategeko.

Kunanirwa kurangiza imirimo k'uwatsindiye isoko bigaragazwa muri raporo yanditse ikorwa n'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo nk'uko biteganywa n'iri tegeko.

Uwatsindiye isoko ahabwa iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi uhereye igihe yaboneye raporo igaragaza ko yananiwe kurangiza imirimo y'isoko yeguriwe kugira ngo yikosore cyangwa agaragaze, mu nyandiko impamvu yireguza. Iyo atagize icyo ayivugaho mu gihe yahawe, bifatwa nk'aho yemeye ibikubiye muri raporo. Iyo uwatsindiye isoko atagize icyo akora ku byo yasabwe, urwego rutanga isoko rufata icyemezo rubona gikwiye.

Article 119: Failure by the successful bidder to execute the contract

The successful bidder is regarded as having failed in his/her to execute the tender obligations, if:

1º the works are not fully completed within the period provided for by the tender document or within the period within which specified sections of the works were to be completed;

2º the works are suspended in a manner that they shall not be completed within the period provided for by the contract;

3º he/she contravenes written instructions lawfully received from the procuring entity.

The failure by the successful bidder to execute the contract is communicated in a written report by the supervising official as provided for by this Law.

The successful bidder is given fifteen (15) working days from the date of receipt of the report showing his/her failure to execute the contract so that he/she corrects his/her mistakes or otherwise defend himself/herself in writing. Failure to react to the report within the given time, it is assumed that he/she has accepted the content of the report. If the successful bidder does not correct the requirements, the procuring entity may take any decision deemed appropriate.

Article 119: Défaut pour l'attributaire du marché d'exécuter le marché

L'attributaire du marché est considéré comme ayant manqué à ses obligations d'exécuter le marché si:

1º les travaux ne sont pas complètement achevés dans le délai prévu dans le dossier d'appel d'offres ou dans les délais dans lesquels les sections spécifiques des travaux devraient être achevées;

2º les travaux sont suspendus de façon qu'ils ne doivent pas être achevés dans les délais prévus dans le contrat;

3º il ne respecte pas les instructions écrites légalement reçues de l'entité de passation de marché.

Le défaut pour l'attributaire du marché d'exécuter le marché est communiqué dans un rapport écrit par le fonctionnaire dirigeant tel que prévu par la présente loi.

L'attributaire du marché dispose d'un délai de quinze (15) jours ouvrables à partir de la date de réception du rapport de constat d'une défaillance d'exécution de marché pour se corriger ou présenter par écrit ses moyens de défense. Le silence gardé au-delà du délai imparti vaut reconnaissance des faits constatés. Si l'attributaire ne corrige pas ses manquements, l'entité de passation de marché peut prendre toute mesure qu'il juge appropriée.

Uwatsindiye isoko ntafatwa nk'uwarinaniwe iyo impamvu zatumye arinanirwa zaturutse ku rwego rutanga isoko.

Ingingo ya 120: Isimburwa ry'uwatsindiye isoko

Haseguriwe ibiteganywa mu ngingo z'ibihano ziteganywa muri iri tegeko, iyo uwatsindiye isoko arengeje iminsi cumi n'itanu (15) atarikosora cyangwa ngo agaragaze mu nyandiko impamvu yireguza, urwego rutanga isoko rushobora gufata icyemezo cyo kurangiza imirimo hakoreshejwe uburyo bwa reji kandi bibaye ngombwa hagakoreshwa ibikoresho n'abakozi by'uwatsindiye isoko.

Iyo urwego rutanga isoko rusanze ari byo bihendutse, rushobora kugirana amasezerano y'isoko n'undi muntu. Ikiguzi cyo kurangiza imirimo cyishyurwa n'uwatsindiye isoko kandi akirengera ingaruka zose byatera nk'uko biteganywa muri iri tegeko.

Mbere y'uko ibiteganywa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bishyirwa mu bikorwa, urwego rutanga isoko rutumira uwatsindiye isoko kandi rugakora raporo igaragaza aho imirimo yari igeze n'ibikoresho bihari. Iyo raporo igomba gushyirwaho umukono n'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko iyo ahari. Nyuma urwego rutanga isoko rushyikiriza uwatsindiye isoko urutonde rw'ibikoresho n'abakozi bizakoreshwa mu kurangiza imirimo igihe ari ngombwa.

The successful bidder is not considered as having failed to execute the contract if such failure resulted from the procuring entity.

Article 120: Replacement of the successful bidder

Subject to the penalty provisions in this Law, if the successful bidder goes beyond the period of fifteen (15) days without correcting his/her mistakes or otherwise defending himself/herself in writing, the procuring entity may decide to complete the works by force account and, if necessary use the materials and workers of the successful bidder.

The procuring entity may as well, if it finds it more economical, sign a contract with another person. In any case, the cost for the completion of the works is borne by the successful bidder who also bears all the consequences that may arise as provided for by this Law.

Before the implementation of the provisions of the Paragraph One of this Article, the procuring entity invites the successful bidder and make a report showing the progress of the works and the materials at the site. The report is signed by the procuring entity and the successful bidder, if present. Thereafter, the procuring entity presents to the successful bidder a list of materials and workers that may be used to complete the works, where necessary.

L'attributaire du marché n'est pas réputé avoir manqué à l'exécution du marché lorsque ce manquement a été entraîné par l'entité de passation de marché.

Article 120: Remplacement de l'attributaire du marché

Sous réserve des dispositions des pénalités prévues dans la présente loi, lorsque l'attributaire du marché dépasse le délai de quinze (15) jours sans se corriger ou sans présenter par écrit ses moyens de défense, l'entité de passation de marché peut décider de terminer l'exécution des travaux en régie et en cas de besoin utiliser les matériaux et le personnel de l'attributaire du marché.

L'entité de passation de marché peut, s'il le juge plus économique, conclure un nouveau contrat avec une autre personne. Quoi qu'il en soit, le prix d'achèvement des travaux est supporté par l'attributaire du marché défaillant qui est aussi responsable des conséquences qui en découlent conformément aux dispositions de la présente loi.

Avant la mise en application des dispositions de l'alinéa premier du présent article, l'entité de passation de marché invite l'attributaire du marché et fait un rapport sur l'état des travaux réalisés ainsi que sur les matériaux se trouvant sur le chantier. Le rapport est signé par l'entité de passation de marché et l'attributaire s'il est présent. L'entité de passation de marché fait parvenir ensuite à l'attributaire du marché, le relevé des matériaux et du personnel qui peuvent être utilisés si nécessaire.

Ingingo ya 121: Ibyiciro by'iyakirwa ku mugaragaro ry'imirimo

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya iyakirwa ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo, iyakirwa ry'agateganyo n'iyakirwa burundu ry'imirimo yose.

Ingingo ya 122: Kwakira by'agateganyo igice cy'imirimo

Iyakirwa ry'agateganyo ry'igice cy'imirimo rikorwa ku gice runaka cy'imirimo kandi riha urwego rutanga isoko uburenganzira bwo kumurikirwa no gukoresha igice cy'imirimo yakiriwe.

Icyakora, guhera icyo gihe uwatsindiye isoko agumana gusa inshingano zo gusana ibyangiritse biturutse ku nenge cyangwa imyubakire mibi no gusubiramo amakosa yagaragajwe mu nyandiko y'iyakirwa ry'agatenganyo ry'igice cy'imirimo. Izo nshingano arazikomeza mu gihe cyose cy'ubwishingire ku burambe buteganywa muri iri tegeko.

Igihe cy'ubwishingire ku burambe bw'ibyakozwe byahinduwe cyangwa byasanwe gitangira kubarwa guhera ku itariki byakozwe ku buryo bunyuze urwego rutanga isoko.

Article 121: Types of official acceptance of works

A tender document may provide for a partial provisional acceptance, a provisional acceptance and a final official acceptance of entire works.

Article 122: Partial provisional acceptance of works

Partial provisional acceptance of works concerns part of given works and enables the procuring entity to take possession and utilize the part of works accepted.

However, from the date of that possession, the successful bidder is only responsible for the repairs resulting from construction defects or poor workmanship and to make the corrections pointed out in the partial provisional acceptance report. Such responsibility applies during the period covered by durability guarantee in accordance with this Law.

The period for the durability guarantee for all components replaced or repaired begins to run from the date on which these operations were executed to the satisfaction of the procuring entity.

Article 121: Types de réceptions officielles des travaux

Le dossier d'appel d'offres peut prévoir une réception provisoire partielle, une réception provisoire et une réception définitive de tous les travaux.

Article 122: Réception provisoire partielle des travaux

La réception provisoire partielle des travaux porte sur une partie ou un tronçon de l'ouvrage et permet à l'entité de passation de marché de prendre possession de la partie des travaux reçue et de l'utiliser.

Toutefois, à partir de la date de prise de possession par l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché n'est tenu responsable qu'à la réparation des seuls dommages résultant de vices de construction ou de malfaçon, et à la levée des remarques formulées lors de la réception provisoire partielle. Une telle obligation s'applique pendant toute la période de garantie prévue dans la présente loi.

Le délai de garantie pour tous les éléments remplacés ou remis en état commence à courir dès la date à laquelle l'opération a été effectuée à la satisfaction de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 123: Kwakira imirimo yose by'agateganyo

Kwakira imirimo yose by'agateganyo bireba igikorwa cyose kandi bigakorwa nk'uko kwakira igice cy'imirimo by'agateganyo bikorwa n'inkurikizi zikaba zimwe.

Ingingo ya 124: Igihe cy'ubwishingire ku mirimo

Uretse igihe igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganya ukundi, igihe cy'ubwishingire ku mirimo kigomba kuba umwaka umwe (1) uhereye umunsi iyakirwa ry'agateganyo ry'imirimo ryabereyeho.

Ingingo ya 125: Igihe cyo kwakira by'agateganyo imirimo yose cyangwa igice cyayo

Kwakira by'agateganyo imirimo yose cyangwa igice cyayo bikorwa mu minsi makumyabiri (20) ikurikira umunsi wemejwe wo kurangiza imirimo cyangwa igice cyayo. Iyo imirimo irangiye mbere cyangwa nyuma y'iyo tariki, uwatsindiye isoko agomba kubimenyesha mu nyandiko umukozi ushinzwe gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano kandi agasaba ko imirimo yakirwa by'agateganyo.

Mu minsi makumyabiri (20) ikurikira umunsi uwatsindiye isoko yabisabiye, urwego rutanga isoko rukora inyandikomvugo yo kwakira imirimo by'agateganyo cyangwa yo kwanga kuyakira. Iyo nyandikomvugo igomba kuba inagaragaza ibikwiye gukosorwa, igihe bihari.

Article 123: Provisional acceptance of entire works

Provisional acceptance of works concerns the entire works and is carried out in the same manner and has the same effects as the partial provisional acceptance of works.

Article 124: Duration of the guarantee for works

Unless the tender document provides otherwise, the guarantee period for works is one (1) year from the date of provisional acceptance of works.

Article 125: Period of provisional or partial provisional acceptance of works

Provisional or partial provisional acceptance of works takes place within twenty (20) days following the date provided for the completion of works or part of the works. If works are completed before or after that date, the successful bidder informs the supervising official in writing, and he/she uses this opportunity to request for the provisional acceptance of works.

Within twenty (20) days from the date the successful bidder requested for the provisional acceptance of works, the procuring entity makes a statement agreeing to or refusing the provisional acceptance of works. The statement must indicate mistakes to be corrected, if any.

Article 123: Réception provisoire de tous les travaux

La réception provisoire porte sur l'ensemble des travaux et se réalise dans les mêmes conditions avec les mêmes effets que celles de la réception provisoire partielle.

Article 124: Délai de garantie des travaux

Sauf stipulation contraire du dossier d'appel d'offres, le délai de garantie des travaux est d'une (1) année comptée à partir de la date de la réception provisoire.

Article 125: Délai de réception provisoire ou de réception provisoire partielle des travaux

La réception provisoire ou la réception provisoire partielle intervient dans les vingt (20) jours qui suivent le jour fixé pour l'achèvement des travaux ou de la partie ou tronçon de l'ouvrage. Si les travaux sont terminés avant ou après cette date, il appartient à l'attributaire d'en aviser, par écrit, le fonctionnaire dirigeant et de demander par la même occasion, la réception provisoire des travaux.

Endéans (20) jours suivant le jour de la réception de la demande de l'attributaire du marché, l'entité de passation de marché dresse un procès-verbal d'agrément provisoire des travaux ou un procès-verbal de refus de les recevoir. Le procès-verbal doit être assorti des points à corriger s'il le faut.

Iyo icyo gihe kirenze, urwego rutanga isoko rwishyura uwatsindiye isoko amafaranga angana na zeru n'igice ku ijana (0,5%) kuri buri cyumweru cy'ubukererwe abarirwa ku mafaranga yateganyijwe kwishyurwa nyuma y'iyakirwa ry'agateganyo. Ibyo bihano ntibishobora kurenga gatanu ku ijana (5%) by'ayo mafaranga.

When this period expires, the procuring entity pays to the successful bidder zero point five percent (0.5%) of the amount that would be due for payment after the provisional acceptance for each week of delay. Such penalties shall not exceed five percent (5%) of such amount.

Si ce délai est dépassé, l'entité de passation de marché est redevable à l'attributaire du marché d'une indemnité égale à zéro virgule cinq pour cent (0,5%) par semaine de retard sur la somme dont le paiement dépend de l'agrément provisoire des travaux avec une limite de cinq pour cent (5%) du montant de ladite somme.

Ingingo ya 126: Imirimo ishobora kutakirwa

Imirimo ishobora kutakirwa ni iyakozwe mu buryo butujuje neza ibisabwa cyangwa iyakozwe hadakurikijwe amategeko agenga imirimo, kimwe n'imirimo yakoreshejwe ibikoresho bitabanje kwemerwa n'urwego rutanga isoko.

Kwakira imirimo cyangwa kwakira igice cyayo by'agateganyo bikorwa gusa nyuma y'ikosorwa ry'amakosa yagaragajwe mu nyandikomvugo yo kwanga kwakira iyo mirimo.

Article 126: Works which may not be accepted

Refusal to accept works applies on the executed works which do not meet the requirements or were not executed in a professional standards as well as works executed using materials not approved by the procuring entity.

Provisional or partial provisional acceptance of works only takes place after correction of mistakes reported in the statement refusing the provisional acceptance of such works.

Article 126: Travaux susceptibles d'être non recevables

Le refus de réception intervient pour les ouvrages qui ne sont pas conformes aux spécifications du marché ou qui ne sont pas exécutés conformément aux règles de l'art ainsi que pour ceux dans lesquels des matériaux non agréés par l'entité de passation de marché ont été mis en œuvre.

La réception provisoire ou la réception provisoire partielle n'intervient qu'après la correction des défauts relevés dans le procès-verbal de refus de réception.

Ingingo ya 127: Kwakira imirimo burundu

Kwakira imirimo burundu bireba igikorwa cyose kandi bigakorwa mu minsi makumyabiri (20):

1º ibanziriza irangira ry'igihe cy'ubwishingire ku mirimo yakiriwe by'agateganyo cyangwa ibanziriza irangira ry'igihe cya nyuma cy'ubwishingire ku

Article 127: Final acceptance of works

Final acceptance of works concerns the entire work and takes place within twenty (20) days:

1º prior to expiry of the guarantee period for the provisional acceptance of works or the last period of guarantee for the provisional acceptance of works if there had been several partial acceptances of works;

Article 127: Réception définitive des travaux

La réception définitive des travaux porte sur l'entièreté de l'ouvrage et intervient endéans vingt (20) jours :

1º qui précèdent l'expiration de la période de garantie pour la réception provisoire des travaux ou la dernière période de garantie pour la réception provisoire des travaux lorsqu'il y a eu

mirimo y'isoko ryakiriwe by'agateganyo inshuro nyinshi;

2º ikurikira itariki yo gukosora inenge zose, imiterere mibi hamwe n'andi makosa yerekanywe mu nyandikomvugo y'iyakirwa ry'imirimo.

Igihe amakosa yagaragajwe atakosowe yose, hakorwa inyandikomvugo yo kwanga iyakirwa rya burundu. Uwatsindiye isoko akagaragariza urwego rutanga isoko mu nyandiko ko ibyagombaga gukosorwa byakosowe noneho imirimo ishobora kwakirwa burundu. Icyo gihe iyakirwa rya burundu rikorwa mu minsi makumyabiri (20) uhereye igihe uwatsindiye isoko atangiye iyo nyandiko. Uwatsindiye isoko ahabwa icyemezo cy'uko imirimo yakiriwe burundu cyerekana itariki yarangirijeho neza ibyo yasabwaga mu masezerano y'isoko.

<u>Ingingo ya 128</u>: Imirimo ifatwa nk'aho yakiriwe burundu

Iyo urwego rutanga isoko rudasubije urwandiko rw'uwatsindiye isoko rusaba iyakirwa burundu ry'imirimo, iryo yakirwa rifatwa nk'iryemewe nyuma y'iminsi makumyabiri (20) risabwe.

Iyo urwego rutanga isoko rutasubije ku gihe iyakirwa rigafatwa nk'iryemewe kandi hari ibyakozwe nabi, umuyobozi wandikiwe

2º following the date on which all defects, poor workmanship and any other mistakes pointed out in the statement of the acceptance are corrected.

When the identified mistakes are not entirely corrected, a statement refusing the final acceptance is made. Subsequently, the successful bidder proves the procuring entity in writing that the mistakes were corrected and the final reception may take place. From the date the successful bidder submits such a document, the final acceptance takes place within twenty (20) days. The successful bidder is given a certificate of final acceptance of works, indicating the date on which he/she completed his/her contractual obligations within the contract.

<u>Article 128</u>: Works considered finally accepted

If the procuring entity does not respond to the successful bidder's request for final acceptance of works, such final acceptance of works is considered to have taken place twenty (20) days after the request was made.

If the procuring entity does not respond in time and the acceptance is considered to have taken place while there are defects, the official who was addressed and failed to respond is

à plusieurs reprises des réceptions provisoires partielles ;

2º suivant la date de levée de tous les vices, malfaçons et autres défauts relevés et consignés dans le procès-verbal de réception.

Lorsque les défauts constatés n'ont pas été corrigés en entièreté, il est dressé un procès-verbal de refus de réception définitive. Ensuite, il revient à l'attributaire du marché de prouver par écrit l'entité de passation de marché que la correction de toutes les malfaçons a été effectuée et que la réception définitive peut avoir lieu. À partir de la date de remise du document par l'attributaire du marché, la réception définitive a lieu endéans (20) jours. À l'issue de la réception définitive, il est délivré à l'attributaire un certificat de réception définitive indiquant la date à laquelle l'attributaire du marché s'est acquitté de ses obligations dans le contrat.

<u>Article 128</u>: Travaux réputés réceptionnés définitivement

Lorsque l'entité de passation de marché ne répond pas à la demande de l'attributaire du marché de procéder à la réception définitive de l'ouvrage, celle-ci est réputée acceptée dans les vingt (20) jours qui suivent le dépôt de la demande.

Lorsque l'entité de passation de marché ne répond pas à temps et que la réception est réputée acceptée alors qu'il y a des défauts, l'autorité à qui a été adressée la demande et qui n'a pas

ntasubize niwe uryozwa igihombo giturutse kuri iryo korwa nabi ry'imirimo.

responsible for the loss resulting from such poor performance of works.

répondu est tenue responsable de la perte découlant de cette mauvaise exécution des travaux.

Ingingo ya 129: Gusukura aho imirimo yakorewe

Nyuma yo kwakira imirimo cyangwa igice cy'imirimo by'agateganyo, uwatsindiye isoko agomba kuvanaho inyubako z'igihe gito hamwe n'ibikoresho bitagikenewe mu ishyirwa mu bikorwa ry'isoko.

Uwatsindiye isoko agomba kandi, mu gihe cyo kwakira imirimo burundu, kuvanaho imyanda yose no kongera gutunganya aho imirimo yakorewe, ibyari byarahinduwe byose bitewe n'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko bigasubizwa uko byari bimeze.

Article 129: Cleaning the site

After the provisional or partial provisional acceptance of works, the successful bidder must remove temporary installations and all the materials that are no longer necessary for the execution of the tender.

The successful bidder must further, at the final acceptance of works, remove all rubbish and tidy up the site and where possible restore into their original position any things that had been dislocated due to the execution of the tender.

Article 129: Nettoyage du chantier

Après la réception provisoire ou partielle des travaux, l'attributaire du marché doit procéder à l'enlèvement des installations temporaires ainsi que des matériaux qui ne sont plus nécessaires à l'exécution du marché.

L'attributaire du marché doit en outre, à la réception définitive des travaux, faire disparaître tous les encombrements et remettre les lieux en état, notamment en faisant disparaître toute modification que les besoins d'exécution du marché ont apportée sur le site.

Ingingo ya 130: Inyandiko isobanura isozwa ry'imirimo

Mu gihe kitarenze iminsi mirongo cyenda (90) uhereye igihe iyakirwa burundu ry'imirimo ryabereye, uwatsindiye isoko akorera urwego rutanga isoko inyandiko igaragaza inshingano za buri ruhande hagamijwe kurangiza ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano. Iyo nyandiko ishyirwaho umukono n'umukozi ushinzwe gukurikirana imirimo.

Article 130: Final statement of works

Within ninety (90) days from the date of the final acceptance of works, the successful bidder presents to the procuring entity, a statement of each party's obligations towards the other with the view to terminating the contract. Such statement is signed by the supervising official.

Article 130: Décompte final des travaux

Endéans quatre-vingt-dix (90) jours après la réception définitive, l'attributaire du marché soumet à l'entité de passation de marché un décompte final des obligations de chacune de deux parties en vue de marquer la fin d'exécution du contrat. Ce décompte final est signé par le fonctionnaire dirigeant.

Ingingo ya 131: Kwishingira ibyakozwe mu gihe cy'imyaka icumi (10)

Uwatsindiye isoko agira inshingano ku burambe bw'imirimo yakoze imbere y'urwego rutanga isoko.

Uhereye igihe iyakirwa burundu ryabereye, uwatsindiye isoko afatanyije n'impuguke cyangwa sosiyeti yakoze inyigo zirimo iz'umuhanda cyangwa inyubako, bakomeza kugira inshingano ku makosa yaba yarakozwe mu nyigo cyangwa mu kuyishyira mu bikorwa mu gihe cy'imyaka icumi (10).

Icyiciro cya 3: Ishyirwa mu bikorwa ry'isoko ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa

Ingingo ya 132: Igihe cyo kugemura

Igihe cyo kugemura giteganywa mu masezerano agenga isoko.

Ingingo ya 133: Urwunge rw'amasezerano y'isoko ryo kugemura

Iyo uwatsindiye isoko ryo kugemura yari asanzwe yaratsindiye isoko riteye kimwe nk'iryo yatsindiye ariko igihe cyo kugemuramo mu isoko rya mbere kikaba cyararangiye urwego rutanga isoko rutarabona ibyagombaga kugemurwa byose cyangwa igice cyabyo kikaba cyarangiye nta mpamvu zizwi, ibyagemuwe ku isoko rya kabiri byuzurishwa ku isoko rya mbere.

Article 131: Ten-year accountability

The successful bidder is accountable before the procuring entity for the durability of all works he/she carried out.

From the time of the final acceptance of works, the successful bidder and if necessary jointly with the engineer or the company which designed the works including a road or any building are held accountable for any mistakes that were made in the design and construction of the works for a period of ten (10) years.

Section 3: Execution of the contract for goods or supplies

Article 132: Delivery period

The delivery period is determined by the procurement contract.

Article 133: Multiple contracts for supplies

If a successful bidder was awarded a contract for supplies which is similar to the contract that he/she had earlier been awarded, but the delivery period for the first contract expired before the delivery of all or part of the supplies of the first tender without known reasons, supplies delivered after being awarded the second contract are assigned to the first contract up to its completion. Invoices

Article 131: Responsabilité décennale

L'attributaire du marché est responsable devant l'entité de passation de marché de la solidité des travaux qu'il a exécutés.

Dès la réception définitive des travaux, l'attributaire du marché et, si nécessaire, conjointement avec l'ingénieur ou l'entreprise qui a conçu le projet des travaux y compris la route ou un bâtiment, est tenu responsable de toute erreur commise dans la conception et l'exécution des travaux pour une période de dix (10) ans.

Section 3: Exécution du contrat de biens ou fournitures

Article 132: Délai de livraison

Le délai de livraison est prévu au contrat de marché.

Article 133: Concomitance des contrats de fournitures

Lorsqu'un attributaire du marché est déclaré attributaire d'un marché de fournitures identique au précédent marché dont le délai de livraison totale ou partielle est expiré et qu'il n'a pas encore entièrement exécuté sans motif connu, les fournitures livrées pour le second marché sont imputées sur le premier jusqu'au complet apurement de celui-ci. Les factures

Inyemezabuguzi ziherekeje ibigemurwa nazo zifatwa muri ubwo buryo.

Icyakora, igihe cyo kugemura giteganyijwe mu isoko rya kabiri gikomeza kubahirizwa.

Ingingo ya 134: Gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko ryo kugemura

Ku masoko manini yo kugemura, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora gusaba ko uwatsindiye isoko atanga gahunda n'imigambi yo kugemura mbere y'uko atangira gushyira mu bikorwa amasezerano. Icyo gitabo kigomba guteganya igihe uwatsindiye isoko atangamo iyo gahunda n'imigambi n'igihe urwego rutanga isoko ruhabwa ngo rugire icyo ruyivugaho.

Ingingo ya 135: Gusubika amasezerano y'isoko ryo kugemura n'igihe bimara

Igihe cyose kandi hakoreshejwe inyandiko, urwego rutanga isoko rushobora gutegeka uwatsindiye isoko gusubika:

1º gukomeza gukora ibigemurwa;

2º kujyana ibigemurwa aho bigomba kwakirirwa.

Iryo subikwa riterwa n'impamvu zisobanurirwa uwatsindiye isoko kandi ntirishobora kurenza iminsi mirongo itandatu

supporting such supplies are treated in the same manner.

However, the delivery period for supplies that are the subject of the second tender continues to be respected.

Article 134: Planning for the execution of the contract for supplies

For large tenders of supplies, the tender document may require the successful bidder, to present, prior to the execution of the contract, a planning for the execution of the contract. The same document provides for the period within which the successful bidder has to present such planning and the period within which the procuring entity gives its opinion thereabout.

Article 135: Suspension of the contract for supplies and its duration

At any time, the procuring entity may order in writing the successful bidder to suspend:

1º further manufacturing of supplies;

2º delivery of supplies at the place of reception.

Such a suspension is due to reasons explained to the successful bidder and shall not exceed

accompagnant les fournitures sont traitées de la même manière.

Toutefois, le délai de fournitures prévu pour l'exécution du second marché reste valable.

Article 134: Plan de l'exécution du contrat de fournitures

Pour des marchés complexes de fourniture, le dossier d'appel d'offres peut requérir à l'attributaire du marché, de fournir, avant l'exécution du contrat, un plan d'exécution du contrat. Dans ce dossier d'appel d'offres, est prévu la période pendant laquelle l'attributaire du marché doit présenter ce plan et la période pendant laquelle l'entité de passation de marché s'y prononce.

Article 135: Suspension du contrat de fournitures et sa durée

L'entité de passation de marché peut, à tout moment, ordonner par écrit à l'attributaire du marché de suspendre:

1º la poursuite de la fabrication des fournitures;

2º la livraison des fournitures au lieu de réception.

Les raisons motivant une telle suspension doivent être expliquées à l'attributaire du marché et sa durée ne peut excéder soixante (60) jours sauf

(60) keretse iyo izo mpamvu zitumye bigenda ukundi.

Icyakora, iyo impamvu z'isubikwa ry'isoko zitaturutse k'uwatsindiye isoko, afite uburenganzira bwo gusaba urwego rutanga isoko gusesa amasezerano y'isoko mu gihe isubikwa rirengeje iminsi mirongo itandatu (60) ikurikirana cyangwa iyo kongera igihe bimutera igihombo.

Uwatsindiye isoko agomba kwerekana ingingo zose zigaragaza imiterere y'icyo gihombo. Mu minsi cumi n'itanu (15) uhereye igihe rwaboneye inyandiko ibisaba, urwego rutanga isoko rugomba kumusubiza.

Iyo urwego rutanga isoko rudasubije mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) cyavuzwe mu gika kibanza, ni rwo rwishingira ikiguzi cy'ingaruka z'icyo gihe n'ikizaza.

<u>Ingingo ya 136</u>: Umutekano w'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa mu gihe cy'isubikwa ry'isoko

Mu gihe cy'isubikwa ry'isoko, abyibwirije cyangwa abisabwe n'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko agomba gufata ingamba za ngombwa zo kurinda ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa kugira ngo bidatakara, bitibwa cyangwa ngo byangirike, n'iyo byaba byaragemuwe ariko bitarashyirwa mu bubiko cyangwa mu mwanya wabyo.

sixty (60) days, unless such reasons dictate otherwise.

However, where the successful bidder was not responsible for the reasons that resulted into the suspension, he/she has the right to request the procuring entity to terminate the contract if the suspension period exceeds sixty (60) days and where the extension leads him/her to loss.

The successful bidder must indicate all the factors that show the nature of such loss. The procuring entity must, within fifteen (15) days from the date he/she received the request give his/her a response.

When the period of fifteen (15) days expires without response, the procuring entity bears the cost of the current and future prejudice.

<u>Article 136</u>: Security of goods or supplies during the suspension of the tender

During the tender suspension period, the successful bidder takes all necessary measures to protect goods or supplies against any loss, theft or damage, either by his own initiative or according to instructions from the procuring entity, even if the supplies had been delivered but the latter their storage or installation has not yet been completed.

circonstances contraires issues de ces mêmes raisons.

Toutefois, lorsque la suspension n'a pas été provoquée par un quelconque manquement de l'attributaire, celui-ci a le droit de solliciter de l'entité de passation de marché la résiliation du marché lorsque la durée de la suspension excède soixante (60) jours et que sa prolongation augmente son préjudice.

L'attributaire du marché doit montrer toutes les indications de ce préjudice. L'entité de passation de marché doit, endéans quinze (15) jours à compter de la date de réception de la requête, donner la réponse à l'attributaire du marché.

Passé le délai de quinze (15) jours sans réponse, l'entité de passation de marché supporte le coût du préjudice actuel et futur.

<u>Article 136</u>: Sécurité des biens ou fournitures pendant la suspension du marché

Pendant la durée de la suspension du marché, l'attributaire du marché, sur sa propre initiative ou sur demande de l'entité de passation de marché, prend les mesures nécessaires pour protéger les biens ou fournitures contre toute perte, vol ou tout dommage, quand bien même ils auraient été livrés mais avant leur entreposage ou leur installation.

Ingingo ya 137: Amafaranga y'inyongera aturuka ku isubikwa ry'amasezerano y'isoko

Amafaranga y'inyongera aturuka ku isubikwa ry'amasezerano y'isoko yiyongera ku mafaranga y'amasezerano y'isoko, keretse iyo isubikwa:

1º ryateganyijwe ku buryo butandukanye mu masezerano y'isoko;

2º ari ngombwa bitewe n'uko ibihe by'ikirere by'aho ibicuruzwa byakirirwa biteye;

3º ari ngombwa biturutse ku makosa y'uwatsindiye isoko;

4º ari ngombwa kugira ngo habeho kurinda ibigemurwa cyangwa gushyira neza mu bikorwa isoko ryose cyangwa igice cyaryo, igihe bibaye ngombwa bidatewe n'igikorwa cyangwa ikosa ry'urwego rutanga isoko.

Uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko inyandiko isobanura amafaranga y'inyongera mu minsi mirongo itatu (30) ikurikira isubika ry'itangwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa.

Article 137: Additional costs caused by the suspension of the contract

Additional costs caused by the suspension of the contract is added to the amount of the contract, except where the suspension:

1º had been provided for differently in the contract;

2º is deemed necessary due to weather conditions at the place of destination;

3º is considered necessary due to mistakes of the successful bidder;

4º is deemed necessary in order to ensure the security of the supplies or the better execution of whole or part of the contract, insofar as this necessity is not the result of an act of or failure by the procuring entity.

The successful bidder submits to the procuring entity a document explaining the additional costs within thirty (30) days from the date of suspension of delivery of goods or supplies.

Article 137 : Coût additionnel résultant de la suspension du contrat

Les frais supplémentaires occasionnés par la suspension du contrat s'ajoutent au montant du contrat, sauf si la suspension:

1º est réglée de manière différente dans le contrat;

2º s'avère nécessaire suite aux conditions climatiques du lieu de réception;

3º est due aux manquements de l'attributaire du marché;

4º est nécessaire pour assurer la sécurité des fournitures ou la bonne exécution de tout ou partie du contrat, dans la mesure où cette nécessité ne résulte pas d'un acte ou d'un manquement de l'entité de passation de marché.

L'attributaire du marché doit soumettre à l'entité de passation de marché un document justifiant le montant additionnel, endéans trente (30) jours à compter de la date de la suspension de la livraison des biens ou fournitures.

Ingingo ya 138: Iyakirwa rya tekiniki ry'agateganyo

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya iyakirwa rya tekiniki ry'agateganyo ry'ibikoresho cyangwa

Article 138: Preliminary technical acceptance

The tender document may provide for preliminary technical acceptance of materials or samples to be used in the manufacturing of

Article 138: Réception technique préliminaire

Le dossier d'appel d'offres peut prescrire la réception technique préliminaire des matériaux ou échantillons d'élément à utiliser dans la

ry'igikoresho cy'icyitegererezo bizakoreshwa mu ikorwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa. Icyo gitabo kigomba kandi gusobanura bihagije uburyo iyakirwa rizakorwamo.

Icyakora, iryo yakirwa ntirivanaho uburenganzira urwego rutanga isoko rufite bwo kwanga kwakira ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa no gusaba isimburwa ryabyo, irya bimwe mu bikoresho bibigize cyangwa iry'ikindi kintu bikozwemo, mu gihe igenzura rigaragaje amakosa cyangwa indi nenge.

<u>Ingingo ya 139</u>: Igenzurwa ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigomba gusobanura uburyo igenzura ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa rikorwa haba mu ruganda aho bikorerwa cyangwa igihe cyo kubigemura.

Urwego rutanga isoko rushyiraho itsinda rishinzwe kugenzura, kwemeza no kwakira ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa.

Uwatsindiye isoko akomeza kugira inshingano ku byo agemuye kugeza igihe raporo y'iyakirwa ryabyo ishyiriweho umukono n'urwego rutanga isoko.

goods or supplies. This tender document must also specify sufficiently the modalities for this acceptance.

However, the preliminary technical acceptance shall not deprive the procuring entity of its right to reject the reception of goods or to require their replacement a part of the material of their composition or other things used in the manufacturing of goods or supplies, where inspections reveal mistakes or any other defect.

<u>Article 139</u>: Verification of goods or supplies

The tender document defines modalities for the verification of goods or supplies either at the place where they are manufactured or during the time of delivery.

The procuring entity establishes a team responsible for verifying, approving and receiving goods or supplies.

The successful bidder continues to be responsible for the supplies he/she delivered until a supplies reception report is signed by the procuring entity.

fabrication des biens ou fournitures. Ce dossier d'appel d'offres doit également spécifier suffisamment les modalités de cette réception.

Toutefois, la réception technique préliminaire n'enlève pas à l'entité de passation de marchés le droit de refuser la réception des biens ou fournitures ou d'exiger leur remplacement, une partie des matériaux de leur composition ou d'un autre élément utilisé dans la fabrication des biens ou fournitures, si l'inspection fait apparaître des malfaçons ou tout autre défaut.

<u>Article 139</u>: Vérification des biens ou des fournitures

Le dossier d'appel d'offres prescrit les modalités de vérification des biens ou des fournitures soit au lieu de fabrication soit pendant la livraison.

L'entité de passation de marché met en place une équipe chargée de vérifier, approuver et réceptionner des biens ou fournitures.

L'attributaire du marché reste responsable de ses fournitures délivrées jusqu' à la signature d'un rapport de réception des fournitures par l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 140: Kwanga kwakira ibyagemuwe

Iyo igenzura ry'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa rigaragaje ibidahuye n'ibisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa, urwego rutanga isoko ntirubyakira kandi rugena igihe ntarengwa uwatsindiye isoko agomba kuba yabisubiranye rukabimumenyesha mu nyandiko. Icyo gihe kigomba kuba nibura iminsi makumyabiri (20) ibarwa uhereye igihe uwatsindiye isoko yamenyesherejweho ko ibigemurwa byanzwe.

Iyo igihe ntarengwa kirangiye uwatsindiye isoko atarubahiriza ibyo yasabwe, urwego rutanga isoko rwemerewe gukora ibyo rwasanga bikwiye, harimo no guteza cyamunara ibyo bicuruzwa. Iyo ibyo bicuruzwa cyangwa ibigemurwa bitejwe cyamunara, amafaranga avuyemo yishyura ikiguzi cy'imirimo yakozwe mu igurishwa ryabyo n'imyenda uwatsindiye isoko yafashe mu kurishyira mu bikorwa.

Iyo hagize amafaranga asaguka, urwego rutanga isoko ruyashyira kuri konti y'uwatsindiye isoko, iyo konti itabonetse urwego rutanga isoko ruyabikira uwatsindiye isoko mu gihe kitarenze imyaka itanu (5).

Iyo icyo gihe kirenze, ayo mafaranga aba umutungo wa Leta.

Article 140: Rejection of delivered items

If the verification of goods or supplies shows that they do not conform to the provisions of the tender document, the procuring entity rejects them and fixes a deadline for the successful bidder to retake them and inform him/her by a written notice. Such a period must be at least twenty (20) days from the date the successful bidder was informed of the rejection of delivered items.

If the deadline expires before the successful bidder does what he/she was required to do, the procuring entity is allowed to take all measures deemed necessary including selling the goods by public auction. If the goods or supplies are sold by public auction, the proceeds of the sale are used to cover all the expenses related to the public auction and any debt incurred by the successful bidder in the execution of the tender.

In case there is a balance, the procuring entity deposits it on the successful bidder's account. If the procuring entity fails to obtain the successful bidder's account, it keeps the balance on its account within five (5) years.

If that period expires the money becomes the property of the public treasury.

Article 140: Rejet des articles livrés

Lorsque la vérification des biens ou fournitures révèle la non-conformité aux stipulations du dossier d'appel d'offres, l'entité de passation de marché doit refuser de les recevoir et fixer une date limite pour leur enlèvement en le signifiant à l'attributaire du marché par écrit. Ce délai doit être d'au moins vingt (20) jours, prenant cours à partir de la date à laquelle l'attributaire a reçu la notification du rejet des articles livrés.

Si le délai expire avant que l'attributaire du marché ne n'ait fait ce qu'il est tenu de faire, l'entité de passation de marché est autorisée à prendre toute mesure qu'elle juge appropriée, y compris la vente aux enchères publiques des biens. Lorsque les biens ou fournitures sont vendus aux enchères publiques, le produit de la vente sert à apurer tous les frais engagés dans l'opération de vente aux enchères publiques et toute créance sur l'attributaire du marché encourue dans l'exécution du marché.

En cas de solde créditeur, ce solde est transféré au compte de l'attributaire du marché par l'entité de passation de marché, en cas d'impossibilité d'accéder à ce compte, ce solde est tenu à sa disposition par l'entité de passation de marchés endéans cinq (5) ans.

Passé ce délai, la somme devient la propriété de l'État.

Iyo amafaranga avuye muri cyamunara adahagije, ibisigaye biryozwa uwatsindiye isoko.

If the money from the public auction is not sufficient the balance is borne by the successful bidder.

L'attributaire du marché reste tenu du solde débiteur au cas où le produit de la vente aux enchères publiques n'est pas suffisant.

Ingingo ya 141: Aho ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa byakirirwa

Ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa bigomba gushyikirizwa urwego rutanga isoko hakurikijwe ibivugwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Iyo ahakirirwa ibigemurwa huzuye cyangwa bitewe n'indi mpamvu, urwego rutanga isoko rufite uburenganzira bwo gusaba uwatsindiye isoko, nta nama rumugishije, kubigemura ahandi ari naho byakirirwa.

Icyo gihe ikiguzi cy'inyongera cy'ubwikorezi, icyo gupakurura kimwe n'ingaruka byishyurwa n'urwego rutanga isoko.

Article 141: Place of reception of goods or supplies

Goods or supplies must be delivered to the procuring entity in accordance with the provisions of the tender document.

If the place of delivery is full or due to any other reason, the procuring entity, without prior consultations with the successful bidder, has the right to instruct the latter to deliver them to another place where they are received.

In this case, additional transport and handling costs as well as risks are borne by the procuring entity.

Article 141: Lieu de réception de biens ou de fournitures

Les biens ou fournitures doivent être livrées à l'entité de passation de marchés conformément aux dispositions du dossier d'appel d'offres.

En cas d'encombrement du lieu ou pour tout autre motif, l'entité de passation de marchés a le droit de les faire diriger sur d'autres lieux et d'y opérer les réceptions sans consulter l'attributaire du marché.

Dans ce cas, les frais de transport et de manutention supplémentaires ainsi que les risques sont à charge de l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 142: Inyandiko iherekeza ibigemurwa

Kuri buri gemura, uwatsindiye isoko agomba gutegura inyandiko iherekeza ibigemurwa igashyikirizwa urwego rutanga isoko igihe cy'igemura kugira ngo yifashishwe mu kugenzura niba ibyagemuwe bihuye n'ibyasabwe mu masezerano. Inyandiko iherekeza ibigemurwa igomba kugaragaza imiterere, ingano, ubwoko, umubare, uburemere bw'ibigemurwa kimwe na numero z'ikinyabiziga cyakoreshejwe mu igemura.

Article 142: Delivery note

For each delivery, the successful bidder prepares a delivery note to be sent to the procuring entity together with supplies upon delivery in order to help check conformity of delivered items with those specified in the contract. The delivery note must describe the supplies indicating their specifications, quantities, type, number, weight as well as the identification number of the mode of transport used in the delivery.

Article 142: Bordereau de livraison

Pour chaque livraison, l'attributaire du marché dresse un bordereau de livraison à l'envoie à l'entité de passation de marché le jour même de la remise des fournitures en vue de vérifier la conformité des articles livrés avec ceux requis dans le contrat. Le bordereau de livraison doit indiquer les spécifications, la quantité, le type, le nombre, le poids des fournitures ainsi que le numéro d'immatriculation du moyen de transport utilisé pour la livraison.

Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya uruhande rurebwa n'inshingano zo gupakira, gupakurura no gupanga ibigemurwa igihe bigeze aho bigomba kubikwa.

The tender document determines who is responsible for loading, unloading and placing the supplies in their final location.

Le dossier d'appel d'offres précise le responsable du chargement, du déchargement et de la mise en tas de fournitures au lieu de stockage.

Ingingo ya 143: Iyakirwa ry'ibigemurwa

Hakurikijwe imiterere y'ibigemurwa, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya iyakirwa mu bice byinshi, iyakirwa ry'agateganyo n'iyakirwa rya burundu.

Article 143: Reception of supplies

Depending on the nature of the supplies, the tender document may provide for partial reception, provisional reception and final reception.

Article 143: Réception des fournitures

Suivant la nature des fournitures, le dossier d'appel d'offres peut prévoir une réception partielle, une réception provisoire et une réception définitive.

Ingingo ya 144: Iyakirwa ry'igice cy'ibigemurwa

Iyakirwa ry'igice cy'ibigemurwa rishobora kuba iry'agateganyo cyangwa irya burundu hakurikijwe ibiteganywa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'imiterere y'ibigemurwa.

Article 144: Partial reception of supplies

Partial reception can be final or provisional, according to the provisions of the tender document and the nature of supplies.

Article 144: Réception partielle des fournitures

La réception partielle peut être définitive ou provisoire selon les dispositions du dossier d'appel d'offres et la nature des fournitures.

Iyo iyakirwa rya burundu ridateganyijwe, urwego rutanga isoko rushobora kwakira no gukoresha ibigemurwa nyuma y'iyakirwa ry'igice cyabyo.

Where no final reception is provided for, the procuring entity may receive and use the supplies after their partial reception.

Lorsqu'une réception définitive n'est pas prévue, l'entité de passation de marché peut recevoir et utiliser les fournitures après leur réception partielle.

Iyo iyakirwa rya burundu riteganyijwe, uwatsindiye isoko agomba gusana cyangwa gusimbura ibyangiritse mu gihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa. Iyo uwatsindiye isoko agomba gusana no gusimbura ibyangiritse, igihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa kibarwa uhereye igihe urwego rutanga isoko rwemeye ko ibyasanwe n'ibyasimbuwe byakozwe neza.

Where a final reception is provided for, the successful bidder must, during the guarantee period, repair or replace damaged items. Where the successful bidder has to repair or replace damaged items, the period of guarantee commences from the date when they were repaired or replaced to the satisfaction of the procuring entity.

Lorsqu'une réception définitive est prévue, l'attributaire du marché doit, durant le délai de garantie pour des fournitures, réparer ou remplacer des parties avérées défectueuses. Lorsque l'attributaire du marché doit réparer ou remplacer des parties avérées défectueuses, le délai de garantie pour des fournitures commence à compter de la date à laquelle la réception et le remplacement ont été effectués à la satisfaction de l'entité de passation de marchés.

Iyo iyakirwa rya burundu ridateganyijwe, iyakirwa ry'igice cy'ibigemurwa rifatwa nk'iyakirwa rya burundu ry'ibyagemuwe. Iyakirwa rya burundu ryaba riteganyijwe cyangwa ridateganyijwe, inyandikomvugo y'isozwa ry'amasezerano y'isoko ry'ibigemurwa ni ngombwa.

Where no final reception is provided, partial reception is deemed to be final acceptance for the supplies delivered. The final report for the contract is necessary whether final reception is provided or not.

Lorsqu'une réception définitive n'est pas prévue, la réception partielle vaut réception définitive pour les fournitures livrées. Quoi que la réception définie est prévue ou non, un procès-verbal de fin du contrat est nécessaire.

Ingingo ya 145: Iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa

Iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa ni ngombwa iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa. Igihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa kibarwa uhereye igihe iyakirwa ry'agateganyo ryabereye, keretse iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganya ukundi.

Article 145: Provisional reception of supplies

Provisional reception of supplies is necessary if the tender document provides for a final reception of supplies. The period of guarantee for the supplies commences from the date of the provisional reception, unless the tender document provides otherwise.

Article 145: Réception provisoire des fournitures

La réception provisoire est nécessaire lorsque le dossier d'appel d'offres prévoit une réception définitive. Le délai de garantie pour les fournitures est compté à partir de la réception provisoire, à moins que le dossier d'appel d'offres n'en dispose autrement.

Ingingo ya 146: Iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa

Iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa rishobora gukorwa nyuma yo:

1º kwakira by'agateganyo ibigemurwa cyangwa kwakira igice cy'ibigemurwa;

2º kugemura no kugenzura ko ibyagemuwe bihuye n'ibiteganywa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Nyuma yo kwakira by'agateganyo ibigemurwa cyangwa nyuma yo kwakira igice

Article 146: Final reception of supplies

Final reception of supplies may occur after:

1º the provisional reception or a partial reception of supplies;

2º delivery and verification that the supplies conform to the tender document.

A final acceptance report is made after the provisional reception or the partial reception of supplies.

Article 146: Réception définitive des fournitures

La réception définitive des fournitures peut intervenir après :

1º la réception provisoire ou partielle des fournitures;

2º la livraison et la vérification de conformité des fournitures au dossier d'appel d'offres.

Un procès-verbal de la réception définitive est dressé après la réception provisoire ou partielle des fournitures.

cy'ibigemurwa ni bwo inyandikomvugo y'iyakirwa rya burundu ikorwa.

Iyo hateganyijwe iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa, rikorwa mu minsi makumyabiri (20) ibanziriza irangira ry'igihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa ku iyakirwa ry'agateganyo ry'ibigemurwa. Iyo habaye iyakirwa mu bice , inyandikomvugo y'iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa iteganywa muri iri tegeko ikorwa mu minsi makumyabiri (20) ibanziriza irangira ry'igihe cy'ubwishingire bw'ubuziranenge bw'ibigemurwa.

If a final reception of supplies is provided, it takes place within twenty (20) days prior to the expiry of the period of the guarantee for the provisional reception of supplies. If there had been several partial receptions, the report for the final reception of supplies provided for in this Law is made within twenty (20) days prior to the expiry of the period of guarantee for supplies.

Lorsque la réception définitive des fournitures est prévue, elle a lieu endéans vingt (20) jours précédant l'expiration de la période de garantie pour la réception provisoire des fournitures. En cas de plusieurs réceptions partielles, le procès-verbal de réception définitive visé dans la présente loi est dressé endéans vingt (20) jours précédant l'expiration de la période de garantie pour les fournitures.

Iyakirwa rya burundu ryaba riteganyijwe cyangwa ridateganyijwe, inyandikomvugo y'iyakirwa rya burundu ry'ibigemurwa irakorwa kandi ikagaragaza uko isoko ryose ryashyizwe mu bikorwa.

Where the final reception is provided or not, a report of final reception of supplies is made and shows how the entire tender was executed.

Quoique la réception définitive est prévue ou non, le procès-verbal de la réception définitive est établit et indique l'exécution total du marché.

<u>Ingingo ya 147</u>: Kugabanya bidakabije ku giciro bitewe n'ihinduka ry'ingano cyangwa ubwiza bw'ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa

<u>Article 147</u>: Slight reduction of price due to change of quantity or quality of goods or supplies

<u>Article 147</u>: Réfaction légère de prix due au changement de quantité ou de qualité des biens ou des fournitures

Iyo ibicuruzwa byagemuwe bifite imiterere idatandukanye cyane kandi urwego rutanga isoko rugasanga nta ngaruka nini bishobora kugira mu ikoreshwa ryabyo, rushobora kubyemera ariko rugategeka uwatsindiye isoko ko igiciro cyabyo kigabanywa.

If the delivered goods are slightly different and the procuring entity believes that they shall not have a big impact on their use, the procuring entity may accept them but order the successful bidder for the price to be reduced.

Lorsque les biens livrés présentent de légères différences et que l'entité de passation de marché constate qu'il ne peut en résulter d'inconvénients majeurs quant à leur utilisation, l'entité de passation de marché peut les accepter mais tout en exigeant une réfaction du prix à l'attributaire du marché.

Iyo bigaragaye ko ibyagemuwe birimo bimwe bimeze neza n'ibindi bitameze neza, urwego rutanga isoko rushobora kubyanga byose, nta

If it is found out that the delivered supplies include some that are in good condition and others that are not, the procuring entity may

S'il est constaté que la livraison des fournitures comprend des produits conformes et d'autres non conformes, l'entité de passation de marché peut

ndishyi uwatsindiye isoko yatse, cyangwa gutoranyamo ibimeze neza akaba aribyo rwakira. Amafaranga akoreshwa muri iryo toranya yishyurwa n'uwatsindiye isoko.

Iyo ingano y'ibyagemuwe itangana n'iyari iteganyijwe, urwego rutanga isoko rushobora kubyanga byose cyangwa kwakira gusa ibyagemuwe.

Ibivugwa muri iyi ngingo ntibibangamira ishyirwa mu bikorwa ry'ibihano biteganyijwe igihe amasezerano adashyizwe mu bikorwa cyangwa ashyizwe mu bikorwa nabi.

Ingingo ya 148: Inshingano z'uwatsindiye isoko nyuma y'igemura

Iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya inshingano z'uwatsindiye isoko nyuma y'igemura, agomba kubahiriza izo nshingano. Icyo gihe agomba gusana no gukora imirimo yo gufata neza ibigemurwa kandi agatanga vuba ibisimbura ibishaje.

Ingingo ya 149: Inyandiko isobanura isozwa ry'amasezerano y'isoko ry'ibigemurwa

Mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) uhereye igihe raporo y'iyakira rya burundu ry'ibigemurwa yasinyiwe, uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko umushinga w'inyandiko isobanura isozwa ry'amasezerano y'isoko ry'ibigemurwa yemejwe n'umukozi ushinzwe kugenzura ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

reject all of them without any compensation to the successful bidder or sort out and accept only those supplies which are in good condition. Expenses for such sorting-out are borne by the successful bidder.

If the quantity of the supplies is less than the quantity required, the procuring entity may reject all the supplies or accept only the quantities delivered.

The provisions of this Article are without prejudice to the application of sanctions provided for in case of non-execution or poor execution of the contract.

Article 148: After sale service by the successful bidder

If the tender document provides for after sale services, the successful bidder must perform such services. In that case, he/she must provide repair and maintenance services of supplies and to deliver spare parts quickly.

Article 149: Final statement of the supply contract

Within thirty (30) days from the signing of the report for the final reception of the supplies, the successful bidder submits to the procuring entity a proposal of the final statement of the supply contract duly approved by the supervising official.

soit rebuter toute la livraison présentée, et ce sans indemnité aucune pour l'attributaire du marché, soit procéder au triage pour ne prendre que les produits conformes. Les frais de triage sont supportés par l'attributaire du marché.

Lorsque la quantité des fournitures n'est conforme à la quantité prévue, l'entité de passation de marché peut soit rebuter toute la fourniture, soit réceptionner les quantités livrées.

Les dispositions du présent article ne portent pas préjudice à l'application des sanctions prévues pour l'inexécution ou la mauvaise exécution du contrat.

Article 148: Service après-vente par l'attributaire du marché

Si le dossier d'appel d'offres le prévoit, un service après-vente doit être assuré par l'attributaire du marché. Dans ce cas il doit effectuer l'entretien et les réparations des fournitures et à assurer un approvisionnement rapide des pièces de rechange.

Article 149: Décompte définitif du contrat de fournitures

Endéans trente (30) jours à compter de la signature du procès-verbal de réception définitive des fournitures, l'attributaire du marché soumet à l'entité de passation de marché, un projet de décompte définitif du contrat de marché de fournitures approuvé par le fonctionnaire dirigeant.

Icyiciro cya 4: Ishyirwa mu bikorwa ry'isoko rya serivisi z'impuguke

Ingingo ya 150: Imyitwarire y'uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke

Uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke agomba, igihe cyose kuba umujyanama nyawe w'urwego rwatanze isoko hakurikijwe ibiteganywa n'amategeko cyangwa imyitwarire igenga umwuga we kandi agomba kurangwa no kugira ibanga. By'umwihariko uwatsindiye isoko rya serivisi z'impuguke agomba kwirinda:

1º gutangaza amakuru arebana na serivisi atanga atabanje kubihererwa uburenganzira n'urwego rutanga isoko;

2º gukora igikorwa icyo ari cyo cyose kinyuranyije n'inshingano ze zikubiye mu masezerano yagiranye n'urwego rutanga isoko;

3º gufata icyemezo icyo ari cyo cyose mu mwanya w'urwego rutanga isoko rutabanje kubimuhera uburenganzira bwanditse kandi bwerekanwa igihe cyose bibaye ngombwa;

4º impamvu iyo ariyo yose yatuma atagira ubwigenge mu mirimo ye.

Section 4: Execution of tenders for consultancy services

Article 150: Code of conduct for the successful bidder for consultancy services

The successful bidder for consultancy services must, at all times, be a reliable adviser to the procuring entity in accordance with the laws or with professional ethics and must be bound by professional secrecy. In particular, the successful bidder for consultancy services must refrain from:

1º revealing information concerning the services he/she is providing without prior approval from the procuring entity;

2º engaging in any act which contravenes his/her contractual obligations towards the procuring entity;

3º taking any decision on behalf of the procuring entity without the latter's prior written consent which is presented whenever necessary;

4º any reason that may compromise his/her independence at work.

Section 4: Exécution du marché de services de consultance

Article 150: Normes de conduite de l'attributaire du marché de services de consultance

L'attributaire du marché de services de consultance doit, à tout moment, agir comme un conseiller fiable de l'entité de passation de marché conformément aux lois ou à la déontologie professionnelle et est tenu au secret professionnel. En particulier, l'attributaire du marché de services de consultance doit s'abstenir de :

1º faire des déclarations publiques concernant les services qu'il fournit sans autorisation préalable de l'entité de passation de marché;

2º s'engager dans toute activité contraire à ses obligations contractuelles envers l'entité de passation de marché ;

3º prendre toute décision au nom de l'entité de passation de marché sans le consentement écrit préalablement délivrée par ce dernier qui est exhibée chaque fois que de besoin ;

4º tout motif pouvant entraver son indépendance dans l'exécution de ses travaux.

Ingingo ya 151: Kutemererwa guhembwa n'abandi

Uwatsindiye isoko nta kindi gihembo yemerewe kwakira gishingiye ku masezerano y'isoko yatsindiye usibye icyo ahabwa n'urwego rutanga isoko.

Uwatsindiye isoko cyangwa abakozi be ntibashobora kwemererwa kwakira igihembo icyo ari cyo cyose gifite aho gihuriye n'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko, gitanzwe n'undi muntu uwo ari we wese. Ntashobora kandi kwakira ku buryo buziguye cyangwa butaziguye igihembo gishingiye ku kuba yarakoresheje uburyo bushinganye cyangwa burinzwe n'amategeko.

Article 151: Restrictions on remuneration by third party

The successful bidder shall not be allowed to receive any other remuneration relating to the contract he/she has been awarded except that from the procuring entity.

The successful bidder or his/her staff shall not be allowed to receive any remuneration, given by any other person, related to the execution of the tender. He/she shall not also receive directly or indirectly any remuneration for having used patented or copyrighted process.

Article 151: Interdiction de rémunération par des tiers

Il est interdit à l'attributaire du marché de recevoir une rémunération liée au contrat de marché qui lui a été attribué, autre que celle de l'entité de passation de marché.

L'attributaire du marché ou son personnel ne peut pas être autorisé à accepter une quelconque rémunération, accordée par n'importe quelle personne dans le cadre de l'exécution du marché. Il ne peut pas non plus recevoir directement ou indirectement aucune rémunération à raison de l'utilisation d'un procédé breveté ou protégé.

Ingingo ya 152: Ibanga ry'akazi

Uwatsindiye isoko hamwe n'abakozi be bagomba kugira ibanga ry'akazi mu gihe cyose amasezerano y'isoko ashyirwa mu bikorwa n'igihe amaze kurangira. Kubera iyo mpamvu, uretse igihe yabanje kubihererwa uburenganzira bwanditse n'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko, abo afatanyije nabo ndetse n'abakozi babo ntibashobora na rimwe kubwira uwo ari we wese amabanga bumvise cyangwa babonye cyangwa gushyira ahagaragara amakuru ajyanye n'imyanzuro yagezweho mu gihe isoko rigikorwa cyangwa nyuma y'uko rirangira.

Ntibashobora kandi gukoresha mu buryo ubwo ari bwo bwose bubangamiye urwego rutanga isoko, amakuru bahawe cyangwa ibyavuye mu

Article 152: Professional secrecy

The successful bidder and his/her staff must uphold professional secrecy during the period of the contract and after its completion. In this respect, save for a prior written consent by the procuring entity, the successful bidder, his/her associates and staff shall not, at any time, communicate to any person, confidential information they heard or saw or disclose conclusions reached during or after the period of the execution of the tender.

They shall not also use, in any way detrimental to the procuring entity, information they received or findings of research carried out

Article 152: Secret professionnel

L'attributaire du marché et son personnel doivent garder le secret professionnel pendant la durée du contrat et après l'achèvement de celui-ci. À cet égard, sauf consentement écrit préalable de l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché, ses associés et leur personnel ne peuvent, en aucun cas, communiquer à quiconque des renseignements confidentiels qui leur ont été révélés ou qu'ils ont découverts, ni rendre publiques des informations sur les conclusions au cours ou après l'exécution du marché.

Ils ne peuvent non plus utiliser au détriment de l'entité de passation de marché, les renseignements qui leur ont été fournis ou les

bushakashatsi bwakozwe mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'isoko cyangwa mu gihe hategurwaga ishyirwa mu bikorwa ry'isoko.

during the execution of the tender or from the period of the preparation of the execution of the tender.

résultats des études, tests de recherche effectués dans la période de l'exécution du marché ou pendant la période de préparation de l'exécution du marché.

Ingingo ya 153: Isoko ryo kwiga imishinga

Uwatsindiye isoko ryo kwiga imishinga agomba gutegura igitabo cy'umushinga n'ibishushanyo akoresheje uburyo bwemewe bukoreshwa muri uwo mwuga na tekiniki zigezweho.

Agomba kandi kwemeza ko imiterere ya tekiniki n'ibishushanyo hamwe n'izindi nyandiko izo ari zo zose zerekeye igemurwa ry'ibicuruzwa na serivisi z'impuguke bijyanye n'umushinga byakozwe ku buryo butabogamye kugira ngo bitabangamira ipiganwa risesuye, igihe ari ngombwa.

Article 153: Tender for project design

The successful bidder must prepare the project document and drawings using established professional norms and the latest techniques.

He/she must also approve that technical specifications and drawings as well as any other documents related to the supply of goods and consultancy services for the project are designed with neutrality so that it may not constitute a bottleneck for fair competition, where necessary.

Article 153: Marché de service de conception de projets

L'attributaire du marché de service de conception de projets doit élaborer tous les documents du projet et dessins en utilisant des systèmes professionnellement reconnus et les techniques les plus récentes.

Il doit aussi approuver que les spécifications et les dessins ainsi que tous les autres documents relatifs à la fourniture de biens et de services pour le projet sont élaborés avec neutralité, de manière à ne pas constituer une entrave à la concurrence loyale où il est nécessaire.

Ingingo ya 154: Uburenganzira kuri raporo n'inyandiko

Inyandiko zose cyangwa ibishushanyo byose bikozwe n'uwatsindiye isoko mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko, bibikwa mu ibanga kandi bikaba umutungo bwite w'urwego rutanga isoko.

Iyo isoko rirangiye, uwatsindiye isoko ashyikiriza urwego rutanga isoko izo nyandiko n'ibishushanyo byose. Icyakora, ashobora kugumana kopi zabyo, ariko ntashobora kuzikoresha ku mpamvu zitarebana n'isoko

Article 154: Rights on reports and documents

All documents or drawings produced by the successful bidder during the execution of the contract are kept confidentially and are the property of the procuring entity.

When the contract is completed, the successful bidder submits all those documents and drawings to the procuring entity. However, the successful bidder may keep their copies, though he/she may not use them for purposes

Article 154: Droit sur les rapports et les documents

Tous les documents ou dessins produits par l'attributaire du marché pendant l'exécution du contrat de marché, sont confidentiels et constituent une propriété exclusive de l'entité de passation de marché.

Lorsque le contrat est terminé, l'attributaire du marché remet tous ces documents et dessins à l'entité de passation de marché. Toutefois, l'attributaire peut en conserver des copies, mais il ne peut les utiliser à d'autres fins que dans le

atabanje kubihererwa uburenganzira bwanditse n'urwego rutanga isoko.

Uwatsindiye isoko ntashobora gutangaza inyandiko zirebana n'ibikubiye mu masezerano, kuzigenderaho mu gihe akorera abandi serivisi, kugira uwo ahishurira ibyo yabwiwe n'urwego rutanga isoko cyangwa ibyo azi ku isoko rutabanje kubimuhera uburenganzira bwanditse.

ngingo ya 155: Ihame ryo kudahindura uburyo bw'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko

Uwatsindiye isoko agomba gukora ubwe imirimo asabwa, akoresheje abakozi n'uburyo bwashingiweho ahabwa isoko.

Igihe uwatsindiye isoko abonye ko ari ngombwa kugira icyo ahindura mu biteganywa n'iyi ngingo, ashobora kubikora ari uko abanje kubihererwa uburenganzira bwanditse n'urwego rutanga isoko.

Ingingo ya 156: Uburyozwe ku makosa yakozwe n'uwatsindiye isoko mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano

Uwatsindiye isoko yishingira uburyozwe bw'amakosa yakoze mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano.

Igihe cyose abisabwe n'urwego rutanga isoko, uwatsindiye isoko akosora, ku mafaranga ye, ikosa ryose ryagaragaye mu mirimo ye.

that are not related to the tender without prior written consent from the procuring entity.

The successful bidder shall not be allowed to publish documents related to the contract, use them when providing services to other parties, reveal what he/she was told by the procuring entity or information he/she knows about the tender without the procuring entity's written consent.

Article 155: Principle of non-modification of contract execution modalities

The successful bidder must perform personally the services required using the staff and modalities that were the basis for the award of the tender.

Where the successful bidder finds it necessary to change any of the provisions of this Article, he/she may do so with prior written consent from the procuring entity.

Article 156: Liability for mistakes made by the successful bidder during the execution of the contract

The successful bidder is accountable for the mistakes that he/she made during the execution of the contract.

Whenever it is required by the procuring entity, the successful bidder corrects, at his/ her own cost, any mistake that was identified in his/her

cadre du marché sans le consentement écrit préalable de l'entité de passation de marché.

L'attributaire du marché n'est pas autorisé à publier les documents relatifs au contrat ni les utiliser pour fournir services à d'autres parties, ni à divulguer des informations qu'il tient de l'entité de passation de marché, sans le consentement écrit de celui-ci.

Article 155: Principe de non modification des modalités d'exécution du contrat

L'attributaire du marché doit exécuter personnellement les prestations lui demandées à l'aide du personnel et des moyens sur base desquels le marché lui a été attribué.

Lorsque l'attributaire du marché estime qu'il est nécessaire d'apporter des modifications aux dispositions du présent article, il peut y procéder avec l'accord écrit préalable de l'entité de passation de marchés.

Article 156: Responsabilités pour les fautes commises par l'attributaire du marché pendant l'exécution du contrat

L'attributaire du marché est responsable des fautes commises pendant l'exécution du contrat.

À n'importe quel moment et à la demande de l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché procède, à ses frais, à la correction des

Icyakora, ntashobora kuryozwa ibitakozwe n'ibihombo byatewe n'uko:

1º urwego rutanga isoko rutakurikije inama zatanzwe n'uwatsindiye isoko;

2º urwego rutanga isoko rwategetse uwatsindiye isoko gushyira mu bikorwa amabwiriza batabyemeranyaho cyangwa uwatsindiye isoko yagaragajeho impungenge;

3º urwego rutanga isoko, abaruhagarariye, abakozi barwo cyangwa impuguke zarwo bashyize mu bikorwa nabi imyanzuro yatanzwe n'uwatsindiye isoko.

Ingingo ya 157: Itangwa ry'abakozi n'isimbuzwa ryabo

Iyo isoko ryerekeranye no gutanga inkunga mu bya tekiniki, uwatsindiye isoko ni we ugomba kumenya ubushobozi n'imyitwarire by'abakozi aha urwego rutanga isoko. Igihe umukozi agaragaje ubushobozi buke cyangwa imyitwarire mibi, urwego rutanga isoko rushobora gutegeka ko ahita asimburwa hakurikijwe ibiteganywa n'iri tegeko.

Ingingo ya 158: Amasaha y'akazi n'ikiruhuko ku mukozi wahawe urwego rutanga isoko

Umukozi uhawe urwego rutanga isoko agomba gukurikiza amasaha y'akazi akurikizwa muri

work. However, he/she shall not be liable for any claims of lacunae and losses due to the fact that:

1º the procuring entity did not respect the advice by the successful bidder;

2º the procuring entity imposed the successful bidder to implement instructions with which the successful bidder did not agree or which he or she had some concerns;

3º the procuring entity, its representatives, its staff or his/her experts wrongly implemented the recommendations made by the successful bidder.

Article 157: Staffing and its replacement

Where the contract concerns technical assistance, the successful bidder is responsible for the competence and conduct of the staff put at the disposal of the procuring entity. In case of incompetence or misconduct by any staff in accordance with the provisions of this Law, the procuring entity may order their replacement.

Article 158: Working hours and leave of staff put at the disposal of the procuring entity

The staff put at the disposal of the procuring entity strictly observes the working hours

erreurs identifiées dans son travail. Toutefois, il n'est pas responsable des réclamations des lacunes et pertes dues à:

1º l'entité de passation de marché qui n'a pas agi suivant les recommandations de l'attributaire du marché;

2º la mise en œuvre des instructions imposées par l'entité de passation de marché à l'attributaire du marché sur lesquelles l'attributaire du marché n'était pas d'accord ou avait émis ses inquiétudes;

3º la mise en application non conforme à des recommandations de l'attributaire du marché par l'entité de passation de marché, ses représentants, son personnel ou ses experts.

Article 157: Disponibilité du personnel et son remplacement

Lorsque le marché porte sur une assistance technique, l'attributaire du marché est responsable de la qualité et de l'intégrité du personnel qu'il met à la disposition de l'entité de passation de marché. En cas d'incompétence ou de mauvaise conduite d'un membre du personnel au regard de la présente loi, l'entité de passation de marché peut exiger leur remplacement.

Article 158: Heures de travail et congé du personnel mis à la disposition de l'entité de passation de marché

Le personnel mis à la disposition de l'entité de passation de marché suit l'horaire de travail en

serivisi yahawe gukoramo. Uwo mukozi agomba gufata ikiruhuko hakurikijwe amategeko keretse iyo igitabo cyerekena uburyo ipiganwa rikorwa cyabigennye ukundi.

within the department in which he/she is appointed. Such staff goes on leave in accordance with the Law unless the tender document provides otherwise.

vigueur dans le service de rattachement. Il bénéficie des congés conformément à la législation en vigueur sauf si le dossier d'appel d'offres en dispose autrement.

Ingingo ya 159: Gusubika ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya serivisi z'impuguke

Article 159: Suspension of consultancy service contract execution

Article 159: Suspension de l'exécution du contrat de services de consultance

Urwego rutanga isoko rufite uburenganzira bwo gusubika ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano ya serivisi z'impuguke igihe bibaye ngombwa. Iryo subikwa rigomba kugira impamvu yasobanuriwe uwatsindiye isoko kandi ntirishobora kumara igihe kirenze iminsi mirongo itandatu (60), keretse iyo hari impamvu ituma icyo gihe kigomba kurenga.

The procuring entity has the right to suspend the execution of the contract for consultancy services whenever it is necessary. Such suspension must have a reason which is explained to the successful bidder and it shall not exceed a period of sixty (60) days unless dictated by the reasons causing such suspension.

L'entité de passation de marché a le droit de suspendre l'exécution du contrat de services de consultance si les circonstances le requièrent. Les raisons motivant une telle suspension doivent être expliquées à l'attributaire du marché et sa durée ne peut excéder soixante (60) jours sauf si les circonstances du moment l'imposent.

Icyakora, iyo isubikwa ritatewe n'ikosa rye, uwatsindiye isoko, yemerewe gusaba urwego rutanga isoko gusesa amasezerano iyo igihe cy'isubikwa kirenze iminsi mirongo itandatu (60) kandi kucyongera byabangamira uwatsindiye isoko. Uwatsindiye isoko agomba kugaragaza ibimenyetso byose byerekana imiterere y'imbogamizi aterwa n'iryo subikwa.

However, where the successful bidder was not responsible for the reasons that resulted into the suspension, he/she has the right to request the procuring entity to cancel the contract if the suspension period exceeds sixty (60) days and the extension affects him/her negatively. The successful bidder must indicate all the factors that show the nature of the prejudice resulting from that suspension.

Toutefois, lorsque la suspension n'a pas été provoquée par sa faute, l'attributaire du marché a le droit de solliciter de l'entité de passation de marché la résiliation du contrat lorsque la durée de la suspension excède soixante (60) jours et que sa prolongation l'affecte négativement. L'attributaire du marché doit fournir les éléments nécessaires qui montrent la nature du préjudice résultant de cette suspension.

Urwego rutanga isoko rugomba, mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15) uhereye ku munsi w'iyakirwa ry'ubusabe, gufata icyemezo ku byasabwe n'uwatsindiye isoko.

The procuring entity must, within fifteen (15) days from the date it received the request, make a decision with regard to the request of the successful bidder.

L'entité de passation de marché doit, endéans quinze (15) jours prenant cours à partir de la date de la réception de la requête, réagir à la demande de l'attributaire du marché.

Iyo icyo gihe kirenze, urwego rutanga isoko rwishyura ikiguzi cy'imbogamizi ziriho n'izishobora kuvuka. Ingaruka zatewe n'iryo

When this period expires, the procuring entity bears the cost of the current and future impact. Any consequences caused by this suspension must be borne by the procuring entity.

Passé ce délai, l'entité de passation de marché supporte le coût du préjudice actuel et futur. L'entité de passation de marché doit supporter

subikwa zigomba kwishyurwa n'urwego rutanga isoko.

Ingingo ya 160: Raporo cyangwa inyandiko zigomba gukorwa

Hakurikijwe ubwoko bwa serivisi irebwa n'amasezerano, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kigena raporo cyangwa inyandiko zitandukanye zigomba gukorwa n'igihe zigomba gukorerwa.

Urwego rutanga isoko rugomba kugira icyo ruvuga kuri izi raporo cyangwa inyandiko mu gihe kitarenze iminsi mirongo itandatu (60) guhera ku itariki zakiriweho, keretse iyo igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gitanga igihe gito kurushaho. Iyo urwego rutanga isoko rutagize icyo rukora mu gihe cyagenwe, bifatwa nk'aho rwemeye raporo cyangwa inyandiko zarugejejweho. Icyo gihe, uwatsindiye isoko ashobora gukomeza intambwe ikurikira y'akazi ke.

Iyo habayeho kutemera raporo cyangwa inyandiko, cyangwa kimwe mu bice byazo, urwego rutanga isoko ruha uwatsindiye isoko igihe agomba kuba yarangije gukosora no gutanga raporo cyangwa inyandiko nshya kugira ngo yemezwe.

Ingingo ya 161: Inyandiko isobanura isozwa ry'isoko

Mu gihe cy'iminsi itarenze mirongo itatu (30) nyuma y'uko inyandikomvugo y'iyemerwa rya burundu rya serivisi z'impuguke ishyizweho

Article 160: Reports or documents to be produced

Depending on the type of service being the subject of the contract, the tender document determines the different reports and documents that must be produced as well as when they shall must be produced.

The procuring entity is required to react on these reports or documents within sixty (60) days from the date of their submission, unless the tender document provides for a shorter period. In any case, if the procuring entity does not react within the specified time, the reports or documents are considered approved. In that case, the successful bidder may proceed with the next step of his/her work

If the report or document or part of them is not accepted, the procuring entity gives the successful bidder a period within which the latter must have finished making the corrections and submitted the new report or document for approval.

Article 161: Final statement of the execution of the contract

Within thirty (30) days from the signing of the report for the final approval of consultancy services, the successful bidder submits to the

toutes les conséquences causées par cette suspension.

Article 160: Rapports ou documents à produire

Suivant le type de service qui fait l'objet du contrat, le dossier d'appel d'offres détermine les différents rapports et documents qi doivent être produits ainsi que les dates auxquelles ils doivent être produits.

À moins que le dossier d'appel d'offres ne stipule un délai plus court, l'entité de passation de marchés est tenue de réagir endéans soixante (60) jours à dater de la remise des rapports ou documents. Dans tous les cas, si l'entité de passation de marché ne réagit pas dans ce délai, son silence vaut approbation des rapports et documents remis. Dans ce cas, l'attributaire du marché peut passer à la phase suivante de son travail.

En cas de rejet du rapport ou document, ou d'une de ses parties, l'entité de passation de marché accorde à l'attributaire du marché un délai durant lequel ce dernier doit avoir effectué les corrections et transmis un nouveau rapport ou document pour approbation.

Article 161: Décompte final de l'exécution du contrat

Endéans trente (30) jours à dater de la signature procès-verbal pour l'approbation de services de consultance, l'attributaire du marché soumet à

umukono, uwatsindiye isoko ageza ku rwego rutanga isoko umushinga w'inyandiko isobanura isozwa ry'isoko wemejwe n'umukozi ushizwe kugenzura uko amaserano ashyirwa mu bikorwa.

Ingingo ya 162: Impamvu z'irangira ry'amasezerano y'isoko

Amasezerano y'isoko ashobora kurangira kubera urupfu rw'uwatsindiye isoko, asheshwe, arangiye neza cyangwa ku mpamvu zitunguranye kandi ntarengwa.

Urwego rutanga isoko rushobora guhindura cyangwa kurangiza amasezerano y'isoko mu gihe, bitewe n'impamvu yaje nyuma yo kuyashyiraho umukono, rugasanga kuyubahiriza bidashoboka. Muri icyo gihe, urwego rutanga isoko rugomba kuriha uwatsindiye isoko igihombo yatewe no gushyira umukono kuri ayo masezerano.

Ingingo ya 163: Urupfu rw'uwatsindiye isoko

Iyo uwatsindiye isoko apfuye, isoko riseswa nta mpaka. Icyakora, urwego rutanga isoko rusuzuma igitekerezo cyose rugejejweho n'abazungura be cyangwa abandi babifitiye uburenganzira iyo barugejejeho icyifuzo cyo gukomeza imirimo ijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano mu minsi cumi n'itanu (15) ikurikira urupfu rw'uwatsindiye isoko.

procuring entity, a proposal of the final statement of the execution of the contract duly approved by the supervising official.

Article 162: Reasons for the termination of the contract

A procurement contract may be terminated by the death of the successful bidder, cancellation, completion of the contract execution or force majeure.

The procuring entity may modify or terminate a contract if as a result of any circumstances which have occurred after the conclusion of the said contract it is not in a position to perform the obligations thereof. In such a case, the procuring entity must be liable to the successful bidder for damages incurred as a result of the conclusion of the contract.

Article 163: Successful bidder's death

If the successful bidder dies, the tender is automatically terminated. However, the procuring entity considers any request to continue the execution of the contract by the heirs of the deceased person or any other rightful persons, within fifteen (15) days from the date of the death of the successful bidder.

l'entité de passation de marché, un projet de décompte final de l'exécution du contrat signé par le fonctionnaire dirigeant.

Article 162: Motifs de fin du contrat

Un contrat de marché peut prendre fin par décès de l'attributaire du marché, résiliation, exécution complète du marché ou par force majeure.

L'entité de passation de marché peut modifier ou résilier le contrat si, par suite de circonstances survenues après la conclusion de ce contrat, elle n'est pas en mesure d'exécuter les obligations de celui-ci. Dans un tel cas, l'entité de passation de marché doit être responsable des dommages résultant de la conclusion du contrat envers l'attributaire du marché.

Article 163: Décès de l'attributaire du marché

Lorsque l'attributaire du marché est décédé, le marché est résilié d'office. Toutefois, l'entité de passation de marché examine toute proposition des héritiers ou des ayants droit si ceux-ci ont exprimé endéans (15) jours qui suivent le décès de l'attributaire du marché, leur intention de continuer l'exécution du contrat.

Icyemezo cy'urwego rutanga isoko kimenyeshwa abo bireba mu minsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi rwaboneyeho ubusabe bwabo.

The procuring entity's decision is communicated to those who are concerned within thirty (30) days from the date of receipt of their request.

La décision de l'entité de passation de marché est notifiée aux intéressés endéans trente (30) jours à compter de la réception de leur requête.

Icyiciro cya 5: Ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano igihe habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa

Section 5: Contract execution in case of force majeure

Section 5: Exécution du contrat en cas de force majeure

Ingingo ya 164: Isonerwa ku buryozwe

Nta ruhande na rumwe mu zashyize umukono ku masezerano y'isoko rufatwa nk'aho rutujuje cyangwa rwabangamiye ibyo rwiyemeje kubahiriza mu masezerano iyo rwabibujijwe n'impamvu zikomeye nk'imyigaragambyo, ifunga ry'ikigo rikozwe n'umukoresha cyangwa andi makimbirane y'akazi, intambara zeruye n'iziteruye, ikomanyirizwa, imyivumbagatanyo, kwivumbura kw'abaturage, indwara z'ibyorezo, inkangu, imitingito y'isi, ibihe by'ishuheri, inkuba, imyuzure, imvururu hagati y'abaturage, iturika ry'ibisasu n'ikindi kintu kimeze nka byo bitunguranye, bidatewe n'ubushake bw'impande zombi kandi zikaba zitabyikuramo n'ubwo zakora uko zishoboye kose.

Article 164: Exemption from liability

None of the contracting parties is considered to have contravened the provisions of the contract, if the reasons for not respecting the provisions of the contract are such as demonstrations, lock-out, declared and undeclared wars, embargo, riots, uprising, epidemics, landslides, earthquakes, hurricanes, thunder, floods, civil wars, explosions and any other similar phenomenon outside and beyond the contracting parties' control.

Article 164: Exonération de responsabilité

Aucune des parties au marché n'est considérée comme ayant manqué ou ayant contrevenu à ses obligations contractuelles si elle en est empêché par une situation de force majeure telle que les manifestations, les lock-out, les guerres déclarées et non déclarées, l'embargo, les émeutes, les insurrections, les épidémies, les glissements de terrain, les tremblements de terre, les vents violents, la foudre, les inondations, les troubles civils, les explosions et tout autre événement analogue imprévisible, indépendant de la volonté des parties et qu'elles ne peuvent surmonter en dépit de leur diligence.

Icyakora, uwatsindiye isoko ashobora kwitwaza ibikubiye muri iyi ngingo gusa iyo impamvu itunguranye kandi ntarengwa ibaye mu gihe cyateganyirijwe gukoramo imirimo ijyanye no gushyira mu bikorwa amasezerano y'isoko yahawe cyangwa mu gihe cy'inyongera yemerewe.

However, the successful bidder may refer to the provisions of this Article only if the force majeure occurs during the period planned for the execution of the contract or during the period of extension of the tender.

Toutefois, l'attributaire du marché ne peut se prévaloir de la présente disposition que lorsque la force majeure est survenue soit durant le délai d'exécution du marché, soit durant sa prolongation par l'entité de passation de marché.

Ingingo ya 165: Igihombo, indishyi cyangwa ibyangijwe kubera impamvu itunguranye kandi ntarengwa

Iyo habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa nyuma y'iyakirwa ry'imirimo ry'agateganyo cyangwa rya burundu igihe iyakirwa ry'agateganyo ritateganyijwe cyangwa nyuma y'isuzumabikorwa ryemejwe na raporo y'ubifitiye ububasha, hakagira ibyangirika cyangwa ibitakara, urwego rutanga isoko rwishyura inyemezabuguzi zatanzwe kuri ibyo byangiritse cyangwa ibyatakaye.

Article 165: Loss, damage or destruction due to force majeure

If there is loss, damage or destruction due to force majeure, the procuring entity pays the invoices for the lost, damaged or destroyed items, if and only if such force majeure occurred after the provisional or final acceptance of activities where no provisional acceptance has been provided for; or after the inspection and confirmation by a written report of an authorized person.

Article 165: Perte, dommage ou destruction résultant de la force majeure

En cas de force majeure qui affecte l'exécution du contrat par la perte ou les dégâts sur le bien faisant objet du contrat, l'entité de passation de marché paie les factures se rapportant aux biens endommagés ou perdus, si la dite force majeure s'est produite après la réception provisoire ou définitive, au cas où la réception provisoire n'est pas prévue ou après l'évaluation des réalisations approuvées par un rapport d'une personne habilitée.

Ingingo ya 166: Imenyesha ry'impamvu itunguranye kandi ntarengwa

Iyo rumwe mu mpande zagiranye amasezerano y'isoko rusanga hari impamvu itunguranye kandi ntarengwa ikekwaho kuba yagira ingaruka mu kubahiriza inshingano rwiyemeje, kugira ngo rudatakaza ibyo rufitiye uburenganzira, urwo ruhande rugomba kubimenyesha urundi ruhande mu minsi itanu (5) ibarwa uhereye ku munsi iyo mpamvu itunguranye kandi ntarengwa igaragariye cyangwa umunsi rubiboneye ubushobozi, rugasobanura neza ubwoko bw'iyo mpamvu, igihe bizamara n'ingaruka zabyo.

Iyo ari impamvu ireba isoko ry'imirimo, bigomba kwandikwa mu gitabo cyandikwamo buri munsi uko imirimo yagenze.

Article 166: Communication of force majeure

If one of the tender contracting parties believes that there is force majeure likely to result into negative effects in the execution of any obligations of the contract, it shall, in order for it to secure its rights, inform the other party within a period of five (5) days starting from the date of the occurrence of the force majeure or from the day it becomes possible for it to do so, explain the case of force majeure, its duration and its impact.

If such force majeure concerns the tender for works, it shall be recorded in the daily site log book.

Article 166: Communication sur le cas de force majeure

Si l'une des parties contractantes estime qu'un cas de force majeure survenu est susceptible d'affecter l'exécution de ses obligations, elle doit sous peine de forclusion, en aviser l'autre partie dans les cinq (5) jours comptés à partir du jour de la survenance de la force majeure ou du jour où elle en a la possibilité, en précisant la nature, la durée probable et les effets envisagés de ce cas de force majeure.

Au cas où ce cas de force majeure concerne les marchés des travaux, il doit être relaté dans le registre des attachements.

Ingingo ya 167: Gukomeza ibikorwa mu gihe cy'impamvu itunguranye kandi ntarengwa

Uretse igihe urwego rutanze isoko rutanze amabwiriza abigena ukundi mu nyandiko, uwatsindiye isoko akomeza kuzuza inshingano ze mu byerekeye imirimo y'isoko yahawe mu gihe impamvu itunguranye kandi ntarengwa itamubuza kuzuzuza.

Iyo kuzuza inshingano zavuzwe mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bisaba amafaranga y'inyongera, ayo mafaranga yishyurwa n'urwego rutanga isoko impande zombi zimaze kubyumvikanaho.

Ingingo ya 168: Kongera igihe cy'ibikorwa cyangwa gusesa amasezerano

Iyo habaye impamvu itunguranye kandi ntarengwa, urwego rutanga isoko rushobora kongera igihe cy'ikorwa ry'imirimo rumaze kubijyaho inama n'uwatsindiye isoko.

Iyo impamvu itunguranye kandi ntarengwa imaze igihe cy'amezi atandatu (6), amasezerano ahita aseswa ku munsi ukurikira irangira ry'amezi atandatu (6), keretse impande zombi zibyumvikanyeho ukundi.

Ingingo ya 169: Icyemezo gifashwe n'ubutegetsi gishobora guhungabanya imikorere y'isoko

Iyo itegeko, iteka, amabwiriza cyangwa icyemezo bitanzwe n'ubutegetsi bubifitiye

Article 167: Continuation of activities in case of force majeure

Unless the procuring entity issues written instructions that provide otherwise, the successful bidder continues to respect the obligations of the contract if the force majeure so permits.

If respecting the obligations referred to in paragraph one of this Article requires additional funds, such funds are paid by the procuring entity upon mutual agreement of both parties.

Article 168: Extension of the period or cancellation of the contract

In case of force majeure, the procuring entity, in consultation with the successful bidder, may extend the period for the execution of works after consultation with the successful bidder.

If the force majeure persists for a period of six (6) months, the contract is automatically cancelled on the day following the expiry of a six-month (6) period, unless both parties agree otherwise.

Article 169: Act of Government

If a Law, an order, instructions or a decision issued by competent authority changes the

Article 167: Poursuite des activités en cas de force majeure

Sauf instruction contraire donnée par écrit par l'entité de passation de marché, l'attributaire du marché continue à exécuter ses obligations au titre du marché dans la mesure où le cas de force majeure ne l'empêche pas d'exécuter ses obligations.

Au cas où l'exécution des obligations spécifiées à l'alinéa premier du présent article requiert des frais supplémentaires, ces frais sont supportés par l'entité de passation de marché après un commun accord conclu entre les deux parties.

Article 168 : Prolongation du délai d'exécution ou résiliation du contrat

En cas de force majeure, l'entité de passation de marché, en concertation avec l'attributaire du marché, peut prolonger le délai d'exécution après consultation avec l'attributaire du marché.

Si le cas de force majeure persiste pendant six (6) mois, le contrat est immédiatement résilié au lendemain de l'expiration des six (6) mois, à moins que les parties n'en conviennent autrement.

Article 169: Fait du prince

Lorsqu'une loi, un arrêté, une instruction ou tout autre acte émanant de l'autorité compétente

ububasha bihindura ibyateganyijwe mu masezerano y'isoko, urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko bumvikana ku byemezo bikwiriye gufatwa hagamijwe ibi bikurikira:

1º guhindura ingingo z'amasezerano y'isoko kugira ngo ibikorwa bijyana naryo bikomeze gukorwa;

2º kugena indishyi yahabwa uruhande rubangamiwe n'iryo hinduka;

3º gusesa amasezerano y'isoko.

Iyo izo mpande zombi zitumvikanye, hitabazwa uburyo bwo gukemura impaka buteganywa n'iri tegeko.

provisions of the procurement contract, the procuring entity and the successful bidder agree on the decisions to be taken with a view to:

1º modify the provisions of the procurement contract so that the related works continue;

2º determine the compensation that may be granted to the party prejudiced by such a change;

3º cancelling the procurement contract.

If the two parties do not agree, procedures for dispute resolution provided by this Law shall be sought.

entraînent la modification des dispositions du contrat de marché, l'entité de passation de marché et l'attributaire du marché s'entendent sur les mesures à prendre dans le but de:

1º modifier les termes du contrat de marché en vue d'une bonne exécution du contrat;

2º prévoir une indemnité compensatoire du déséquilibre subi par une partie;

3º résilier le contrat du marché.

En cas de désaccord, il est recouru à la procédure de règlement des litiges prévue par la présente loi.

Icyiciro cya 6: Kwishyura

Ingingo ya 170: Igihe avansi itangirwa

Uretse igihe byemejwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe gutunganya amasoko ya Leta, nta soko ry'imirimo, iryo kugemura cyangwa irya serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke ryishyurwa mbere yo gushyirwa mu bikorwa no kwakirwa n'urwego rutanga isoko cyangwa umuntu ufite ububasha bwo kuruhagararira.

Icyakora, igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa gishobora guteganya avansi ku mirimo. Iyo avansi ntishobora gutangwa gahunda y'ishyirwa mu bikorwa ry'imirimo

Section 6: Payments

Article 170: Time for effecting advance payment

Except where otherwise authorised by the Rwanda Public Procurement Authority, no tender for works, supply of goods or consultancy or non-consultancy services are paid for before they are executed or delivered and accepted by the procuring entity or its duly authorized representative.

However, the tender document may provide for an advance payment on works. Such an advance payment cannot be paid before the planning for the execution of works is approved and the procurement contract is signed.

Section 6: Paiements

Article 170: Délai de payement d'une avance

Sauf dans les cas autorisés par l'Office Rwandais des Marchés Publics, aucun marché des travaux, des fournitures ou des services de consultance et des services autres que les services de consultance ne peut donner lieu au payement avant l'exécution et la réception par l'entité de passation de marchés ou son représentant.

Toutefois, le dossier d'appel d'offres peut prévoir le paiement d'une avance pour les travaux. Cette avance ne peut être payée avant l'approbation du programme d'activités et la signature du contrat de marché.

itaremezwa n'amasezerano y'isoko atarashyirwaho umukono.

Ingingo ya 171: Ingano ya avansi yo gutangira isoko n'ingwate yayo

Avansi yo gutangira isoko ntigomba kurenga makumyabiri ku ijana (20%) by'igiciro cyose cy'isoko kandi yishyurwa ari uko uwatsindiye isoko abanje guha urwego rutanga isoko ingwate ingana n'amafaranga asabirwa avansi.

Iyo ngwate igomba gutangwa na banki cyangwa ikigo cy'imari kibifitiye ububasha.

Ingingo ya 172: Ikoreshwa rya avansi yo gutangira isoko

Uwatsindiye isoko agomba gukoresha gusa avansi yahawe mu bikorwa bijyanye n'isoko. Iyo ayikoresheje yose cyangwa igice cyayo mu bikorwa bindi bidafite aho bihuriye n'isoko, iyo avansi ihita ifatwa nk'umwenda ugomba kwishyurwa hafatiriwe ingwate yo gutangira isoko yose cyangwa igice cyayo.

Ingingo ya 173: Iyishyurwa rya avansi yo gutangira isoko

Avansi yahawe uwatsindiye isoko isubizwa hakoreshejwe ikatwa ry'umubare w'amafaranga ku nyemezabuguzi zatanzwe kandi zemejwe. Igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa giteganya ijanisha

Article 171: Amount of advance payment and its security

The advance payment shall not exceed twenty percent (20 %) of the entire price of the tender and is paid if the successful bidder gives to the procuring entity an advance payment security equivalent to the advance itself.

That security shall be issued by a bank or any authorized financial institution.

Article 172: The use of advance payment

The successful bidder is required to use the advance paid only in activities related to the tender. If the successful bidder uses the entire advance or part of it in other activities that are unrelated to the tender, the advance is immediately considered as a debt which must be paid by seizing the entire security or part of it.

Article 173: Refund of the advance payment

The advance received by the successful bidder is refunded by deducting a certain amount from submitted and approved invoices. The tender document determines the percentage to be deducted until the whole amount of the advance is refunded.

Article 171: Montant de l'avance de démarrage et sa garantie

Le montant de l'avance de démarrage ne peut dépasser vingt pour cent (20%) du prix du marché et ne peut être payée que lorsque l'attributaire produit à l'entité de passation de marché une garantie de paiement anticipé équivalente à cette avance.

Cette garantie doit être produite par la banque ou l'institution financière habilitée.

Article 172: Utilisation de l'avance de démarrage

L'attributaire du marché doit utiliser l'avance uniquement pour les opérations liées à l'exécution du marché. S'il utilise toute l'avance ou une partie de l'avance à des fins qui ne sont pas liées au marché, l'avance est immédiatement considérée comme une dette qui doit être remboursée par saisie de toute la garantie ou de sa partie.

Article 173: Remboursement de l'avance de démarrage

L'avance payée à l'attributaire du marché est remboursée par retenue sur les factures dûment présentées et approuvées. Le dossier d'appel d'offres fixe le pourcentage de ces retenues jusqu'au remboursement de l'intégralité de l'avance.

ry'amafaranga azagenda akatwa kugeza igihe avansi yose yishyuriwe.

Ingwate ya avansi isubizwa uwatsindiye isoko mu minsi mirongo itatu (30) uhereye ku munsi avansi yose yatanzwe yishyuriwe.

The advance security is returned to the successful bidder within thirty (30) days starting from the day of payment of the entire advance received.

La garantie de l'avance est remise à l'attributaire du marché dans les trente (30) jours à compter de la date de remboursement intégral de l'avance.

Ingingo ya 174: Iyishyurwa mu byiciro

Iyo imirimo itangiye, iyishyurwa mu byiciro ku bikorwa byarangiye na ryo riratangira. Icyakora iyishyurwa mu byiciro rishobora gukorwa cyangwa ntirikorwe ku masoko agomba kurangira mu gihe kiri munsi y'amezi atatu (3).

Umubare w'amafaranga yishyuwe mu cyiciro kimwe ntugomba kurenga agaciro k'ibikorwa byarangiye nyuma y'ikatwa ry'igice cya avansi.

Ingingo rusange z'amasezerano y'isoko ziteganya kuri buri bwoko bw'isoko, imiterere y'ibikorwa bizishyurwa mu byiciro n'umubare w'ibyiciro.

Kwishyura inyemezabuguzi yose igomba kwishyurwa ntibigomba kurenza iminsi mirongo ine n'itanu (45).

Article 174: Payment in instalments

If the contract execution commences, payment in instalments for the executed activities are also effected. However, payment in instalments may or may not be made for tenders which are to be completed within a period of less than three (3) months.

The amount paid in one instalment cannot exceed the value of the executed activities after deducting the part of the advance

The general conditions of the procurement contract determine for each type of tender, the type of activities to be paid in instalments and the number of such instalments.

The payment of any invoice that shall not exceed forty five (45) days.

Article 174: Paiement par tranches

Lorsque l'exécution du contrat commence, le paiement par tranches aussi commence. Toutefois, les marchés qui doivent être exécutés dans un délai inférieur à trois (3) mois peuvent requérir ou pas le paiement par tranches.

Le montant d'une seule tranche ne doit pas dépasser la valeur des prestations exécutées après retenu du montant prévu pour l'avance.

Les dispositions générales du contrat de marché fixent pour chaque catégorie de marché, les types de prestations à payer par tranches et le nombre de tranches.

Le paiement de toute la facture qui doit être payée ne peut pas dépasser quarante-cinq (45) jours.

Ingingo ya 175: Kwishyura inyemezabuguzi

Haseguriwe ibiteganywa n'ingingo ya 62 y'iri tegeko, kwishyura bigomba gukorwa iyo uwatsindiye isoko yatanze inyemezabuguzi yerekana umubare w'amafaranga yishyuza.

Article 175: Payment of invoices

Subject to the provisions of Article 62 of this Law, payment is made if the successful bidder has presented an official invoice indicating the amount of money due for payment. The invoice

Article 175: Paiement de factures

Sous réserve des dispositions de l'article 62 de la présente loi, les paiements sont effectués sur production par l'attributaire du marché, d'une facture portant situation détaillée justifiant le

Inyemezabuguzi yemezwa kandi igashyirwaho umukono n'umukozi ushinzwe kugenzura uko amasezerano ashyirwa mu bikorwa.

is approved and signed by the supervising official.

paiement demandé. Les factures sont visées pour approbation par le fonctionnaire dirigeant.

Iteka rya Minisitiri riteganya igihe cyo kwishyura.

An Order of the Minister determines the period within which the invoice is paid.

Un arrêté du Ministre détermine les délais de paiement des factures.

Buri mwaka, urwego rutanga isoko rutangaza ku rubuga rw'ikoranabuhanga imibare yerekana inyemezabuguzi zishyuwe ku gihe n'izatarishyuwe ku gihe nk'uko byateganyijwe mu masezerano.

The procuring entity shall, in each fiscal year, publish on its website statistics showing invoices paid on time as specified in the contract and those paid with delay.

L'entité de passation de marchés doit publier chaque année sur son site web les factures payées dans le temps prévu par le contrat et celles payées avec retard.

Ku nyemezabuguzi zitishyuwe ku gihe, urwego rutanga isoko rugomba kugaragaza impamvu zatumye rukerererwa rukabishyira muri raporo ya buri kwezi rushyikiriza ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta.

For invoices paid with delay, the procuring entity clarifies the reason for the late payment and include it in the monthly statement which is submitted to Rwanda Public Procurement Authority.

Pour les factures payées avec retard, l'entité de passation de marchés doit clarifier les raisons du retard de paiement et les inclure dans un rapport mensuel à soumettre à l'Office Rwandais de Marchés Publics.

Mu kwishyura inyemezabuguzi yatanzwe hakoreshwa ifaranga ry'u Rwanda. Sosiyete zanditswe mu gitabo cy'ubucuruzi cy'u Rwanda nazo zishyurwa hakoreshejwe amafaranga y'u Rwanda gusa. Iyo hakoreshejwe ifaranga ry'amahanga mu kwishyura inyemezabuguzi, urwego rutanga isoko rubitangira ibisobanuro.

When paying invoice submitted, the Rwandan currency is used. Companies registered in Rwanda are paid only in Rwanda currency. In case of foreign currency is used to pay invoices, the procuring entity provides explanations thereon.

Lors du paiement de la facture présentée, la monnaie rwandaise est utilisée. Les sociétés commerciales enregistrées au Rwanda ou appartenant aux Rwandais sont uniquement payées en monnaie rwandaise. Lorsque la monnaie étrangère est utilisée lors du paiement des factures, l'entité de passation de marché en donne des explications.

UMUTWE WA IV: IBIHANO

Icyiciro cya mbere: Amakosa yo mu rwego rw'ubutegetsi n'ibihano bijyana na yo

Akiciro ka mbere : Amakosa ahanishwa guhezwa mu masoko ya Leta n'uko bikorwa

Ingingo ya 176: Ihezwa ry'abapiganwa mu masoko ya Leta rimara igihe kizwi

Ahezwa mu masoko ya Leta mu gihe cy'imyaka irindwi (7), upiganwa wese:

1º utanga mu ipiganwa ry'isoko amakuru atari yo arebana n'isosiyete, inyandiko zayo cyangwa ubushobozi bwayo;

2º ugaragaweho kwica amategeko hagamijwe gushaka isoko;

3º ukoresha amasezerano y'isoko atari yo akaka inguzanyo muri banki;

4º utishyura abaturage yakoresheje, yaguriye ibikoresho cyangwa serivisi mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano y'isoko;

5º uhindura aderesi ntamenyeshe urwego bafitanye amasezerano;

6º impuguke igaragaweho gukora amakosa mu nyigo mu gihe iri gushyirwa mu bikorwa;

CHAPTER IV: SANCTIONS

Section One: Administrative faults and sanctions

Sub-section one: Faults punishable by debarment from participation in public procurement

Article 176: Temporary debarment from bidding in public procurements

He/she is debarred from participation in public procurement for seven (7) years a bidder who:

1º provides false information regarding the company, its documents or its capacity;

2º is found guilty of violating laws to obtain a procurement contract;

3º uses false procurement contract to apply for a bank loan;

4º fails to pay his/her workers, procured goods or services while executing the contract;

5º changes address without informing the contracting authority;

6º is a consultant and is found responsible for errors in the study during its implementation;

CHAPITRE IV: SANCTIONS

Section première: Fautes et sanctions administratives

Sous-section première: Fautes punissables par l'exclusion de participation aux marchés publics

Article 176: Exclusion temporaire des soumissionnaires de marchés publics

Est exclu de la participation aux marchés publics pour une période de sept (7) ans, un soumissionnaire qui :

1º fournit des informations fausses concernant la société, ses documents ou sa capacité ;

2º est reconnu coupable de violation des lois en vue d'obtenir un contrat ;

3º utilise un faux contrat de marché pour obtenir un crédit bancaire ;

4º ne paie pas les personnes qu'il a employées, qui lui ont fourni des biens ou services lors de l'exécution du contrat ;

5º change l'adresse sans en informer l'autorité contractante ;

6º un consultant qui est reconnu responsable des erreurs dans l'étude lors de sa mise en œuvre ;

7º uwatsindiye isoko yakoresheje avansi yo gutangira isoko yose cyangwa igice cyayo mu bikorwa bindi bidafite aho bihuriye n'isoko;

8º uwatsindiye isoko ukoresha amafaranga y'isoko rya Leta icyo atateganyirijwe.

Ahezwa mu masoko ya Leta mu gihe cy'imyaka itanu (5) upiganwa:

1º ugambana n'abandi bapiganwa hagamijwe kuburizamo hagati yabo ihiganwa;

2º ukoresha uburiganya ahanika ibiciro;

3º ugambana n'abakozi ba Leta mu gutegura isoko cyangwa ibitabo by'amabwiriza agenga ipiganwa;

4º urangiza nabi cyangwa ntarangize inshingano z'amasezerano ku mpamvu zidaturutse ku rwego rutanga isoko;

5º umena ibanga ryerekeranye n'isoko yapiganiwe mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ryaryo n'igihe amasezerano yarangiye.

Icyemezo cyo guhezwa mu masoko ya Leta gishobora kubanzirizwa no guhagarikwa by'agateganyo ku burenganzira bwo

7º uses the entire advance or part of it in other activities that are unrelated to the tender;

8º as a successful bidder allocates funds from public tender to the use other than that for which they are intended.

He/she is debarred from participation in public procurement for five (5) years, a bidder who:

1º makes collusion with other bidders with the intention to interfere with the fair competition of bidders;

2º makes fraudulent over estimated prices;

3º makes collusion with public officials concerning the preparation of tender documents;

4º poorly performs or does not perform his/her contract obligations for reasons that are not connected to the procuring entity;

5º discloses confidential information in relation to the tender during the execution of the contract and at the completion of the contract.

The decision to be debarred from participation in public procurement may be preceded by a suspension of the right to participate in public

7º utilise toute l'avance ou une partie de l'avance à des fins qui ne sont pas liées au marché ;

8º l'attributaire du marché affecte les fonds du marché public à l'usage autre que celui auquel ils sont destinés.

Est exclu de la participation aux marchés publics pour une période de cinq (5) ans, le soumissionnaire qui:

1º entre en connivence avec d'autres soumissionnaires en vue de faire obstacle à la concurrence entre les soumissionnaires ;

2º frauduleusement surestime des prix;

3º entre en connivence avec des agents de l'État dans l'élaboration des dossiers d'appel d'offres ;

4º exécute mal ou est en défaut d'exécution des obligations contractuelles pour des raisons indépendantes de l'entité de passation de marchés ;

5º divulgue les renseignements confidentiels en rapport avec le marché lors de l'exécution du contrat et à la fin de l'exécution du contrat.

La décision d'exclure un soumissionnaire de participer aux marchés publics peut être précédée par une suspension des droits de participer aux

gupiganira amasoko ya Leta kubera impamvu z'ipereereza kandi mu gihe kitarengeje amezi atandatu (6).

Ingingo ya 177: Ihezwa rya burundu

Aba bakurikira bahezwa burundu mu masoko ya Leta:

1º upiganwa uhejwe bwa kabiri cyangwa ushyize umukono ku masezerano y'isoko yarahejwe;

2º isosiyete yose yahejwe bikagaragara ko yakoresheje uburiganya bugamije kuburizamo igihano yafatiwe igamije gukomeza gupiganira amasoko ya Leta muri icyo gihe cy'ihezwa.

Ku masosiyeti yahejwe, ibikorwa bikurikira bifatwa nko gukora uburiganya bugamije kuburizamo igihano cyo guhezwa mu masoko ya Leta:

a) guhindura amazina y'isosiyete mu gihe cy'ihezwa kandi igakomeza gupiganira amasoko ya Leta;

b) gushyiraho isosiyete nshya bikozwe na nyir'isosiyete yahejwe mu masoko ya Leta agakomeza gupiganira amasoko ya Leta;

c) kugaragara mu gihe cy'ihezwa mu buyobozi bw'isosiyete ipiganira amasoko ya Leta.

procurement for investigation reasons and within a period not exceeding six (6) months.

Article 177: Permanent debarment

The following persons are definitely debarred from participation in public procurement:

1º a bidder who is debarred for the second time or who enters into a contract while he/she is debarred;

2º any company debarred and which uses fraudulent means to evade sanctions imposed to it in order to continue participate in public procurement in the debarment period.

For debarred companies, the following acts are considered as fraudulent means to evade sanctions of debarment from participation in public procurement:

a) to change the names of the company in the debarment period and continue to participate in public procurement;

b) to establish a new company by the owner of a debarred company and continue to participate in public procurement;

c) to included, in the debarment period in the management of a company participating in public procurement.

marchés publics pour des raisons d'enquête et dans un délai ne dépassant pas six (6) mois.

Article 177: Exclusion définitive

Les personnes suivantes sont définitivement exclues aux marchés publics :

1º le soumissionnaire qui est exclu pour la seconde fois ou qui signe un contrat alors qu'il est exclu de la participation aux marchés publics ;

2º toute société en exclusion qui utilise des moyens frauduleux pour faire échec à la sanction prise à son encontre en vue de continuer à participer aux marchés publics pendant la période d'exclusion.

Pour des sociétés exclues, les actes ci-après sont considérés comme moyens frauduleux pour faire échec à la sanction d'exclusion de participer aux marchés publics:

a) changer les noms de la société pendant la période d'exclusion et continuer à participer aux marchés publics;

b) créer une nouvelle société par le propriétaire de la société exclue et continuer à participer dans les marchés publics;

c) apparaître, dans la période d'exclusion, dans l'administration d'une société en compétition pour les marchés publics.

Isosiyete nshya cyangwa iyafashije muri ubwo buriganya ihanwa kimwe n'iyakoze ubwo buriganya.

Ingino ya 178 : Abahezwa

Iyo habayeho isosiyete ihezwa, mu gihe iyo sosiyete ari iy'umunyamigabane umwe, hahezwa isosiyete mu izina ryapiganwe, nyirayo n'umuyobozi wayo. Iyo ari iy'abantu barenze umwe, hahezwa perezida w'inama y'ubutegetsi, umuyobozi wayo n'undi wese ufite imigabane irenze mirongo itanu ku ijana (50%).

Iyo imwe mu masosiyeti yishyize hamwe igaragaweho ikosa rituma ihezwa, buri sosiyeti igize iryo shyirahamwe ihanwa kimwe n'iyakoze ikosa.

Uwapiganiye isoko rya Leta, ntiyakwitwaza ko amakosa yakozwe n'umukozi cyangwa umuntu uwo ariwe wese yakoresheje kugira ngo adahezwa.

Ingingo ya 179: Uburyo bwo guheza mu masoko ya Leta

Nyuma yo kumenyesha mu nyandiko upiganwa impamvu zose z'ibyo akurikiranyweho no guhabwa umwanya wo kwisobanura, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gifite ububasha bwo guheza upiganwa mu ipiganwa mu masoko ya Leta.

The new company or any other company involved in those fraudulent acts is punished in the same way as the company that made the fraudulent act.

Article 178 : Debarred persons

In case of debarment of a company, if it is a sole proprietorship company, the company is debarred in the name of the bid, the owner and the manager. If the company has more than one shareholder, the chairperson of the board of directors, the manager and any other shareholder having more than fifty percent (50%) of shares are debarred.

If one of the joint venture companies is found responsible for a fault resulting in debarment, every company is jointly punished with the defaulting company.

The bidder shall not cite the fact that faults were committed by the staff or any other person employed by him/her to avoid debarment.

Article 179: Procedures for debarment from public procurement

After a written notice to the bidder of all the charges, and after he/she has been given an opportunity to be heard, the Rwanda Public Procurement Authority has the power to debar the bidder from participation in public procurement.

La nouvelle société ou toute autre société impliquée dans cette fraude est punie de la même façon que la société qui a fait des manœuvres frauduleuses.

Article 178 : Personnes exclues

En cas de société unipersonnelle, la société est exclue sous le nom de la soumission, le propriétaire et son gestionnaire. En cas de société à plusieurs associés, le président du conseil d'administration, son gestionnaire et toute autre personne ayant plus de cinquante pourcent (50%) des actions sont exclus.

Lorsque l'une des sociétés participant au groupement est responsable d'une faute qui entraîne l'exclusion, chaque société est punie solidairement avec la société défaillante.

Le soumissionnaire ne peut pas se prévaloir du fait que les fautes ont été commises par l'employé ou par toute autre personne qui était à son service en vue d'éviter l'exclusion.

Article 179: Procédures d'exclusion de marchés publics

Après notification écrite au soumissionnaire des faits qui lui sont reprochés et après lui avoir donné l'occasion de s'expliquer, l'Office Rwandais de Marchés publics a le pouvoir de l'exclure de la participation aux marchés publics.

Inyandiko yo kumenyesha igomba kumugaragariza uburenganzira bwe bwo kwisobanura. Imenyesha kandi umunsi, itariki, isaha n'aho bizabera.

The written notice must indicate to the bidder the right he/she has to provide explanations. It also indicates the day, date, hour and place where it will takes place.

La notification écrite doit informer le soumissionnaire de son droit de fournir des explications. Elle indique également le jour, la date, l'heure et le lieu d'audition.

Upiganwa amenyeshwa hakoreshejwe aderesi y'ikoranabuhanga yatanze mu gihe cyo gutanga inyandiko ye y'ipiganwa. Mu gihe upiganwa atabashije kuboneka kuri aderesi yatanze, urwego rutanga isoko rugomba kumuhamagara hakoreshejwe itangazo mu kinyamakuru no kumanika itangazo aho Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta kimanika amatangazo. Upiganwa w'Umunyamahanga ahamagarwa mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30) mu gihe upiganwa w'umunyarwanda ahamagazwa mu gihe cy'iminsi cumi n'itanu (15). Iyo icyo gihe kirenze ataritaba, Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta gifata icyemezo.

The bidder is notified through the electronic address he/she provided during his/her bid. If the bidder is not accessible through the address provided, the procuring entity invites him/her through newspapers and publication on the Rwanda Public Procurement Authority's notice board. The foreign bidder is invited within thirty (30) days while the national bidder is invited within fifteen (15) days. In case of the expiry of that period and the bidder fails to appear, the Rwanda Public Procurement Authority takes a decision.

Le soumissionnaire est notifié à l'adresse électronique fournie pendant la soumission. Dans le cas où le soumissionnaire n'est pas accessible à l'adresse fournie, l'entité de passation de marchés doit l'inviter à travers les journaux et par affichage sur le tableau d'annonce de l'Office Rwandais de Marchés Publics. Le soumissionnaire étranger est invité endéans trente (30) jours tandis que le soumissionnaire national est invité endéans quinze (15) jours. Passé ce délai sans que le soumissionnaire se présente, l'Office Rwandais de Marchés Publics prend une décision.

Mu gihe cyo kwisobanura, upiganwa afite uburenganzira bwo guhagararirwa cyangwa kunganirwa mu by'amategeko kandi kwisobanura kwe kugomba gukorerwa inyandikomvugo iriho umukono we n'uw'uwamubajije kandi ibimenyetso byose byatanzwe bikabikwa.

During the hearing, the bidder has the right to be represented or to be assisted by a lawyer and this hearing is recorded in an affidavit and bears the signature of the bidder and that of the investigator and all evidence presented are filed.

Pendant la procédure d'audition, le soumissionnaire a le droit de se faire représenter ou d'être assisté par un avocat et l'audition doit être consignée dans un procès-verbal signé par la personne auditionnée et par l'enquêteur et toutes les preuves présentées doivent être classées.

Icyemezo cyo guhezwa gifatwa mu minsi itarenze mirongo ine n'itanu (45) uwapiganye amaze kwiregura. Icyo cyemezo kigira agaciro guhera igihe gisohokeye kugeza gisheshwe n'urukiko rubifitiye ububasha cyangwa igihe cyo guhezwa kirangiye.

A debarment decision is taken within forty five (45) days after the bidder's explanation. Such decision takes effect from issuance to its annulment by a competent court or to expiry of the debarment period.

La décision d'exclusion est prise endéans quarante-cinq (45) jours après que le soumissionnaire ait présenté ses explications. Cette décision sort ses effets à partir de son émission jusqu'à son annulation par une juridiction compétente ou jusqu'à l'expiration de la période d'exclusion.

Ikigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta kigomba gukora urutonde rw'abahejwe mu masoko ya Leta kandi rugatangazwa mu binyamakuru, ku rubuga rw'ikoranabuhanga rwacyo no ku rubuga rumwe rw'ikoranabuhanga rutangazwaho amasoko ya Leta.

Rwanda Public Procurement Authority must establish a list of bidders debarred from public procurement and publish it through newspapers, on its official website and on one single portal website for public procurement.

L'Office Rwandais de Marchés Publics doit dresser une liste de soumissionnaires exclus de marchés publics et publier cette liste dans les journaux, sur son site web officiel et sur le portail unique du site web des marchés publics.

Ingingo ya 180: Gutakamba ku cyemezo cyo guhezwa gupiganira amasoko ya Leta

Mbere yo kuregera urukiko rubifitiye ububasha asaba gukuraho icyemezo cy'ubutegetsi cyo guhezwa gupiganira amasoko ya Leta, uwahejwe agomba gutakamba ku Kigo cy'Igihugu Gishinzwe Gutunganya Amasoko ya Leta mu minsi irindwi (7) guhera ku munsi yamenyesherejweho icyo cyemezo.

Article 180: Appeal on a decision debarment from bidding for public tenders

Before bringing a case before a competent court to request for the annulment of the administrative decision of debarment from bidding for public tenders, the debarred person appeals to Rwanda Public Procurement Authority within seven (7) days from the day of notification of the decision.

Article 180: Recours contre une décision d'exclusion à la soumission aux marchés publics

Avant d'intenter une action devant une juridiction compétente pour demander l'annulation de la décision administrative d'exclusion à la soumission aux marchés publics, la personne exclue fait appel à l'Office Rwandais de Marchés Publics endéans sept (7) jours à compter à partir du jour de la notification de cette décision.

Akiciro ka 2: Amakosa ahanishwa kwishyura amafaranga kubera ubukererwe cyangwa yo kunanirwa kuzuza inshingano

Subsection 2: Faults punishable by the payment of money following a delay or failure to fulfil an obligation

Sous-section 2 : Fautes punies par le paiement d'argent suite à un retard ou un manquement à une obligation

Ingingo ya 181: Igihano kijyanye no gutinda kurangiza isoko

Uretse igihe bitewe n'impamvu ziteganywa n'iri tegeko, uwatsindiye isoko ahanishwa gukatwa rimwe ku gihumbi (1‰) by'agaciro kose k'isoko, buri munsi w'ubukererwe. Icyakora, icyo gihano ntigishobora kurenza gatanu ku ijana (5%) by'agaciro k'isoko.

Article 181: Penalty relating to delay in contract execution

Unless it results from reasons provided for by this Law, the successful bidder incurs a penalty equivalent to one thousandth (1‰) of the total of the contract for each day of delay. Such penalty shall not exceed five per cent (5%) of the value of the contract.

Article 181: Pénalités de retard dans l'exécution du contrat

Sauf dans les cas prévus par la présente loi, il est appliqué à l'attributaire du marché une pénalité d'un millième (1‰) de la valeur totale du marché, pour chaque jour de retard. Cette pénalité ne peut pas dépasser cinq pour cent (5%) de la valeur du marché.

Mu gihe icyo gihano kigeze kuri gatanu ku ijana (5%) y'agaciro kose k'isoko, amasezerano ashobora guseswa.

If the penalty reaches five per cent (5%) of the total value of the tender, the contract may be subject to termination.

Lorsque la pénalité atteint cinq pour cent (5%) de la valeur totale du marché, le contrat est susceptible de résiliation.

Ingingo ya 182: Igihano cy'ubukererwe kubera gutinda gukosora ibyakozwe nabi

Iyo bigaragaye ko imirimo yakozwe nabi ku buryo hari ibikosheje cyangwa ibidahuje n'uko igikorwa cyangwa ibintu byagombaga kuba biteye, nk'uko igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa kibiteganya, uwatsindiye isoko agomba gukosora icyo gikorwa cyangwa gusimbura ibyo yakoze cyangwa yagemuye bidahuje n'ibyo yasabwe gukora cyangwa gutanga mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) ibarwa uhereye umunsi yabisabiweho, bitaba ibyo agategekwa kwishyura amafaranga y'ubukererwe abarwa kuri buri munsi w'ubukererwe.

Ku minsi irindwi (7) ya mbere, ategekwa kwishyura kimwe cy'igihumbi (1/1000) cy'agaciro k'igikorwa cyangwa ikintu kinengwa ko bidahuje n'ibisabwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Iyo icyo gihe kirangiye, ayo mafaranga uwatsindiye isoko ategekwa gutanga yongerwaho kimwe cy'igihumbi (1/1000) kuri buri munsi w'ubukererwe kugeza ubwo hakosowe cyangwa hasimbuwe ibyanenzwe ko bidahuje n'ibyasabwaga gukorwa mu gitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa.

Article 182: Penalty for delaying to correct mistakes

If it is found out that contract activities were poorly executed such that some of them are defective or are not in conformity with the requirements of the tender document, the successful bidder corrects such mistakes or replaces the supplies he or she delivered that did not conform to what was required within a period not exceeding fifteen (15) days starting from the date of reception of the request, or otherwise incurs delay penalties for each day of delay.

For the first seven (7) days of delay, the successful bidder incurs a penalty of one thousandth (1/1000) of the value of the item that has been reported to be defective or does not conform to the requirement of the tender document.

If that period expires, the successful bidder in addition incurs one thousandth (1/1000) of the value of the item for each day of delay up to the time when he/she corrects or replaces the defective item in accordance with the requirements of the tender document.

Article 182: Pénalité de retard dans la correction des défauts

En cas de constat de mauvaise exécution des travaux consistant en malfaçon ou non-conformité qualitative du produit aux stipulations du dossier d'appel d'offres, l'attributaire du marché doit être sommé de corriger ces défauts ou de remplacer le produit non conforme dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours comptés à partir du jour de sommation faute de quoi, une pénalité lui sera appliquée par chaque jour de retard.

Pour les sept (7) premiers jours, la pénalité applicable est d'un millième (1/1000) de la valeur du produit dont la conformité est remise en cause et est contraire aux stipulations du dossier d'appel d'offres.

À l'expiration de ce délai, cette pénalité est majorée d'un millième (1/1000) pour chaque jour de retard jusqu'à ce que la correction ou le remplacement requis soit effectué conformément aux stipulations du dossier d'appel d'offres.

Ingingo ya 183: Gukata amafaranga y'ibihano

Amafaranga akatwa nk'ibihano by'ubukerererwe cyangwa kudakora neza imirimo akurwa ku mubare w'amafaranga y'inyemezabuguzi zigomba kwishyurwa cyangwa ku ngwate yo kurangiza neza isoko. Iyo igihano cyo kudakora neza imirimo cyangwa icy'ubukererwe, cyangwa byombi biteranyije birenze ku mubare w'ingwate yatanzwe kugira ngo isoko rikorwe neza, isoko rihita riseswa nta mpaka, uwatsindiye isoko akaba ariwe ubarwaho ikosa.

Article 183: Deducting money for penalties

Money deducted as penalties for delaying to execute activities or for poorly executed activities is deducted from the amount of the approved invoices due for payment or from the performance security. If the value of the penalties for delaying to execute activities or for poorly executed activities or both, exceeds the value of the performance security, the contract is automatically cancelled and the successful bidder is held responsible.

Article 183: Prélèvement des frais de pénalités

Le montant des pénalités résultant au retard ou à la mauvaise exécution des travaux est prélevé sur le montant des factures à honorer ou sur la garantie de bonne exécution. Lorsque les pénalités de retard ou de mauvaise exécution ou le cumul de deux atteignent le montant de la garantie de bonne exécution, le marché est d'office annulé aux torts de l'attributaire du marché.

Ingingo ya 184: Kwishyura amafaranga yo gutegura no gushyira mu bikorwa amasezerano mashya nyuma y'iseswa ry'amasezerano ya mbere

Igihe cyose habaye iseswa ry'amasezerano y'isoko bikomotse ku kutuzuza inshingano kw'uwatsindiye isoko, ni we wishyura ikiguzi cy'inyongera cyo gukora imirimo itarakozwe hamwe n'amafaranga yo gukora amasezerano mashya y'isoko abarirwa ku buryo bw'imbumbe kuri rimwe ku ijana (1%) y'umubare w'igiciro cy'amasezerano mashya. Ayo mafaranga yose akurwa ku nyemezabuguzi zitarishyurwa cyangwa akishyuzwa hakoreshejwe izindi nzira.

Iyo hagati y'igiciro cy'isoko rya mbere n'irishya hagize amafaranga asaguka atwarwa n'urwego rutanga isoko.

Article 184: Payment of costs for preparing and executing new contract after termination of initial contract

If the contract is terminated due to a breach of contract by the successful bidder, the latter bears additional cost necessary for the completion of contract activities as well as for preparation of the new contract which is calculated as a lump sum of one percent (1%) of the new contract price. This amount is deducted from the approved invoices which have not been paid or may be recovered using other means.

If there is any surplus between the initial contract value and the new contract value, it belongs to the procuring entity.

Article 184: Paiement des frais de préparation et de conclusion du nouveau contrat après la résiliation du contrat initial

Lorsque la résiliation du contrat de marché s'opère aux torts de l'attributaire du marché, celui-ci supporte le coût supplémentaire d'exécution des travaux non réalisés ainsi que les frais de conclusion d'un nouveau contrat évalués forfaitairement à un pour cent (1%) du prix du nouveau contrat. Tous ces montants sont défalqués sur les factures en suspens, ou récupérés par toute autre voie.

En cas de différence positive entre l'ancien et le nouveau prix du marché, elle est acquise à l'entité de passation de marché.

Akiciro ka 3: Igihano ku mukozi w'urwego rutanga isoko cyangwa ku watsindiye isoko igihe batubahirije inshingano

Ingingo ya 185: Kwanga gutanga serivisi za ngombwa

Haseguriwe ibiteganywa n'iri tegeko n'andi mategeko agenga abakozi, umukozi wese w'urwego rutanga isoko ufite aho ahuriye n'amasoko ya Leta ahagarikwa mu kazi mu gihe cy'amezi atatu (3) adahembwa iyo:

1° atamenyesheje cyangwa atahaye upiganwa inyandiko cyangwa amakuru yemerewe n'amategeko ndetse n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta;

2° yanze cyangwa yatinze kwishyura ibyakozwe nk'uko biteganyijwe muri iri tegeko nta mpamvu;

3° atasubije ingwate mu gihe uwapiganwe yarangije kubahiriza inshingano ze;

4° yagize uruhare mu kwanga cyangwa gutinda kwakira by'agateganyo cyangwa burundu imirimo, ibicuruzwa cyangwa ibigemurwa, serivisi z'impuguke n'izitari iz'impuguke zakozwe nta mpamvu;

5° atabitse neza inyandiko zijyanye n'itangwa ry'amasoko;

Subsection 3: Sanction for employee of a procuring entity or successful bidder for failure to fulfil their duty

Article 185: Refusal to provide necessary services

Subject to the provisions of this Law and other laws governing employees, any employee of a procuring entity who is somewhat linked to public procurement is suspended from job for three (3) months without salary when:

1° he/she fails to communicate or give to the bidder a document or information that he/she legally entitled to have as well as regulations on public procurement;

2° he/she refuses or delays to pay services in accordance with the provisions of this Law, without reasonable grounds;

3° he/she fails to return the security in case the bidder has fulfilled his/her duty;

4° he/she contributed to the refusal or delay of provisional or definitive reception of works, goods or supplies, executed consultancy and non-consultancy services without reasonable grounds;

5° he/she has failed to keep well documents related to procurement;

Sous-section 3: Sanction pour un employé d'une entité de passation de marchés ou d'un attributaire du marché pour manquement à ses obligations

Article 185: Refus de fournir les services nécessaires

Sous réserve des dispositions de la présente loi et d'autres lois régissant les employés, tout employé d'une entité de passation des marchés qui est de quelque manière lié aux marchés publics est suspendu de son emploi pendant trois (3) mois sans traitement lorsque:

1° il omet de communiquer ou de donner au soumissionnaire un document ou une information qu'il a légalement le droit d'avoir ainsi que les règlements sur les marchés publics;

2° il refuse ou retarde de payer les services conformément aux dispositions de la présente loi, sans motif valable;

3° il ne restitue pas la garantie au cas où le soumissionnaire a rempli ses obligations;

4° il a contribué au refus ou au retard de la réception provisoire ou définitive des travaux, des biens ou des fournitures, des services de consultance et de non-consultance exécutés, sans motif valable;

5° il n'a pas bien tenu les documents relatifs à la passation des marchés;

6° yagize uruhare mu kutubahiriza ibikubiye mu masezerano hagati y'urwego rutanga isoko n'uwatsindiye isoko.

Ingingo ya 186: Igihano cyo kudakurikiza amategeko ngengamyitwarire k'uwatsindiye isoko

Kudakurikiza imwe mu ngingo zerekeranye n'amategeko ngengamyitwarire nk'uko biteganywa n'amabwiriza y'imyitwarire mu masoko ya Leta bishobora gutuma amasezerano y'isoko aseswa kimwe n'ibindi bihano byo mu rwego rw'ubutegetsi biteganywa n'iri tegeko.

Akiciro ka 4 : Ihame rireba ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Ingingo ya 187: Ihame rigenga ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi

Igihano cyo mu rwego rw'ubutegetsi cyerekeye amakosa yakozwe mu masoko ya Leta ntikibangamira cyangwa ngo kibangamirwe n'uburyozwe cyangwa uburyo bw'ikurikiranacyaha buteganywa n'amategeko ahana.

Icyiciro cya 2: Ibyaha n'ibihano

Ingingo ya 188: Gutanga isoko rya Leta mu buryo bunyuranyije n'amategeko

Aba akoze icyaha umuntu wese ukoze kimwe muri ibi bikorwa bikurikira:

6° he/she has contributed to the breach of provisions of the contract between the procuring entity and the successful bidder.

Article 186: Sanction for breach of rules of conduct by the successful bidder

The breach of any of the provisions related to the rules of conduct as stated by the code of ethics in public procurement may lead to termination of the contract and to other administrative sanctions in accordance with this Law.

Subsection 4: Principle concerning administrative sanctions

Article 187: Principle concerning administrative sanctions

The administrative sanction concerning faults made in public procurement does not compromise or is not compromised by the liability or prosecution procedure provided for under penal laws.

Section 2: Offences and Penalties

Article 188: Illegal awarding of public procurement

Any person who:

6° il a contribué à la violation des clauses du contrat entre l'entité de passation des marchés et l'attributaire du marché.

Article 186: Sanction pour violation des règles de conduite par l'attributaire du marché

La violation de l'une des dispositions relatives aux règles de conduite tel que prévues par le code d'éthique des marchés publics peut entraîner la résiliation du contrat et d'autres sanctions administratives prévues par la présente loi.

Sous-section 4: Principe relatif aux sanctions administratives

Article 187: Principe relatif aux sanctions administratives

La sanction administrative pour les fautes commises dans les marchés publics ne compromet pas ou n'est pas compromise par la responsabilité ou la procédure de poursuite prévues par les lois pénales.

Section 2: Infractions et peines

Article 188: Attribution illégale du marché public

Toute personne qui:

1º uhishurira upiganwa amakuru ajyanye n'imiterere ya tekiniki y'isoko mbere y'igihe cy'itangazwa ryaryo;

2º wanga gutanga nta mpamvu igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa n'izindi nyandiko z'inyongera zacyo cyangwa utanga ikitari cyo cyangwa icyo yahinduye;

3º ubogamisha akanama gakora isesengura ry'inyandiko z'ipiganwa kagashingira ku ngingo zidateganyijwe mu gitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa;

4º ukoresha impamvu idateganyijwe mu igitabo cyerekana uburyo ipiganwa rikorwa agatanga isoko;

5º ucamo isoko ibice agamije guca ku ruhande ibiteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta;

6º uha cyangwa utanga umwanzuro wo guha isoko sosiyete idafite ubuzima gatozi;

7º uha cyangwa utanga umwanzuro wo guha isoko uwahejwe mu masoko ya Leta;

8º ugira uruhare, mu buryo butaziguye cyangwa buziguye, mu itangwa ry'isoko mu gihe hari igongana ry'inyungu mu buryo buteganywa n'itegeko rigenga amasoko ya Leta;

1º discloses to the bidder information on technical specifications of the tender before its publication;

2º refuses without reasonable grounds to deliver a tender document and its supplement or delivers a different or a modified document;

3º influences the tender evaluation committee to use evaluation criteria not provided for by the tender document;

4º uses a criterion that is not provided in the tender document to award a tender;

5º splits a tender with the aim of avoiding the application of the provisions of the law relating to public procurement;

6º awards or proposes to award a tender to a company with no legal personality;

7º awards or proposes to award a tender to a bidder that has been debarred from public procurement;

8º participates directly or indirectly in the process of awarding a tender when there is conflict of interest under the provisions of the law of public procurement;

1º divulgue au soumissionnaire des informations relatives aux spécifications techniques avant leur publication;

2º refuse sans motifs de livrer le dossier d'appel d'offres ou ses addendum ou délivre un document différent ou modifié;

3º influence la commission d'évaluation des offres afin de se référer à un critère d'évaluation non prévu dans le dossier d'appel d'offres;

4º fait recours à un critère non prévu au dossier d'appel d'offres pour attribuer un marché;

5º fractionne un marché en vue d'agir contrairement aux dispositions de la loi relative aux marchés publics;

6º attribue ou propose d'attribuer un marché à une société sans personnalité juridique;

7º attribue ou propose d'attribuer un marché à un soumissionnaire exclu de la participation aux marchés publics;

8º participe directement ou indirectement au processus d'attribution d'un marché alors qu'il y a conflit d'intérêt au regard de la loi relative aux marchés publics ;

9º ugira uruhare mu gushyira umukono ku masezerano atanga isoko hatabanje kwakirwa ingwate yo kurangiza imirimo neza;

10º udafatira ingwate ziteganywa n'iri tegeko;

11º utubahiriza ihame ryo kuzigamira Leta n'iryo gukorera mu mucyo mu itangwa ry'amasoko ya Leta bigateza Leta igihombo;

12º utanga isoko rya Leta akoresheje uburyo bunyuranye n'ubuteganywa n'iri tegeko kuri iryo soko.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umukozi abitegetswe n'umuyobozi we, uwo muyobozi ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

9º participates in the signing of procurement award contract without prior acceptance of performance security;

10º does not seize securities provided for under this Law;

11º does not observe the principles of economy and accountability in public procurement deemed to cause public loss;

12º awards public tender by means of methods contrary to those provided for under this Law for such a tender;

commits an offence.

Any person convicted of any one of the offences referred to under Paragraph One of this Article, is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2,000,000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Where the acts referred to under Paragraph one of this Article are committed by an official acting under orders from a superior, the superior is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

9º participe à la signature du contrat d'attribution des marchés sans acceptation préalable de la garantie de bonne exécution;

10º ne saisit pas les garanties prévues par la présente loi;

11º ne respecte pas les principes d'économie et de responsabilité dans les marchés publics susceptibles de causer des pertes publiques;

12º attribue le marché public au moyen de méthodes contraires à celles prévues par la présente loi pour ce marché ;

commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de l'une des infractions visées à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par un agent agissant sur ordre d'un supérieur, ce supérieur est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq million de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Ingingo ya 189: Kugira akagambane n'upiganirwa isoko rya Leta

Umuntu wese ukorana ibikorwa by'akagambane n'umuntu upiganirwa isoko rya Leta, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko, ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni ebyiri (2.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni eshanu (5.000.000 FRW).

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe n'umukozi abitegetswe n'umuyobozi we, uwo muyobozi ahanishwa igifungo kitari munsi y'myaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

Article 189: Collusion with bidder

Any person who colludes with a bidder in public procurement commits an offence. Upon conviction, he/she shall be liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than two million Rwandan francs (FRW 2.000.000) and not more than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000).

Where the offence referred to under paragraph one of this Article is committed by an official acting under orders from a superior, the superior is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Article 189: Complicité avec le soumissionnaire

Toute personne qui agit en complicité avec le soumissionnaire à un marché public commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins deux millions de francs rwandais (2.000.000 FRW) mais n'excédant pas cinq million de francs rwandais (5.000.000 FRW).

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par un agent agissant sur ordre d'un supérieur, ce supérieur est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Ingingo ya 190: Gutanga inyungu zidafite ishingiro mu gihe cy'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano

Aba akoze icyaha, umuntu wese ukoze kimwe muri ibi bikorwa bikurikira:

1º ukora amasezerano y'inyongera atubahirije ibiteganywa n'amategeko ndetse n'amabwiriza agenga amasoko ya Leta akongera agaciro k'isoko cyangwa akagabanya ingano y'isoko ku buryo budahuye n'igabanuka ry'agaciro karyo;

Article 190: Award of unjustified advantages during the performance contract

Any person who:

1º makes a contract amendment disregarding the provisions of the law and public procurement regulations and increases the value of the tender or reduces the assignment of the tender without a corresponding decrease in the tender value;

Article 190: Octroi des avantages indus durant l'exécution du contrat

Toute personne qui:

1º conclut un avenant au contrat sans respect des dispositions de la loi et les règlements régissant les marchés publics et qui augmente la valeur du marché ou réduit les prestations sans réduction équivalente de la valeur du marché;

2º uhindura cyangwa uvugurura ibiciro yitwaje kubihuza n'igihe mu buryo budateganyijwe n'igitabo gikubiyemo amabwiriza agenga ipiganwa cyangwa hirengagijwe ibyo giteganya;

3º wemeza imirimo itarakozwe, yakozwe nabi cyangwa serivisi z'impuguke zitakozwe ku rwego rwazo, imirimo yahimbwe cyangwa uwishyuye imirimo cyangwa serivisi cyangwa uwishyura amafaranga arenga agomba kwishyurwa hakurikijwe amasezerano.

Umuntu uhamijwe n'urukiko gukora kimwe mu byaha bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo,ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'agaciro k'amafaranga yahombeje Leta.

Iyo ibikorwa bivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo bikozwe n'umukozi abitegetswe n'umuyobozi we, uwo muyobozi ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka irindwi (7) ariko kitarenze imyaka icumi (10) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'agaciro k'amafaranga yahombeje Leta.

<u>Ingingo ya 191</u>: Gukoresha igitinyiro mu masoko ya Leta

Umuntu wese ukora igikorwa kigamije gutuma abo akuriye bafata icyemezo kibogamye mu

2º revises or updates prices in a manner that is not provided for by the tender document or in violation of its requirements;

3º approves or pays unexecuted, poorly executed works, or incomplete consultancy services or non-existent works or pays these works or services or pays an amount exceeding the contractual amount;

commits an offence.

Any person convicted of any one of the acts referred to under Paragraph One of this Article is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine equal to fifty percent (50%) of the value of the losses incurred by the State.

Where the offence referred to under Paragraph One of this Article is committed by an official acting under orders from a superior, the superior is liable to imprisonment for a term of not less than seven (7) years and not more than ten (10) years and a fine equal to fifty percent (50%) of the value of the losses incurred by the State.

<u>Article 191</u>: Influence peddling in public procurement

Any person who performs an act aimed at influencing his/her subordinates to take unfair

2º effectue une révision des prix ou une actualisation des prix de manière non prévue dans le dossier d'appel d'offres ou en violation des prescriptions dudit dossier;

3º approuve ou paie des travaux non exécutés, des travaux mal exécutés ou des services de consultance non conformes, des prestations fictives ou paie ces travaux ou services en dépassant le montant dû ;

commet une infraction.

Toute personne reconnue coupable de l'un des actes visés à l'alinéa premier du présent article est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende égale à cinquante pourcent (50%) la valeur du montant des pertes encourues par l'État.

Lorsque les actes visés à l'alinéa premier du présent article sont commis par un agent agissant sur ordre d'un supérieur, ce supérieur est passible d'un emprisonnement d'au moins sept (7) ans mais n'excédant pas dix (10) ans et d'une amende égale à cinquante pourcent (50%) de la valeur du montant des pertes encourues par l'État.

<u>Article 191</u>: Trafic d'influence dans la passation des marchés publics

Toute personne qui fait une action visant à influencer ses subordonnés à prendre une

itangwa ry'isoko rya Leta, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

Ingingo ya 192: Gukoresha amafaranga y'isoko rya Leta icyo atateganyirijwe

Umuntu wese watsindiye isoko rya Leta, ukoresha ku buryo butumvikanyweho mu masezerano amafaranga yahawe, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7)) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni zirindwi (7.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

Iyo icyaha kivugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo gikozwe n'amasosiyete, amakoperative, ibigo cyangwa imiryango bya Leta cyangwa ibitari ibya Leta bifite ubuzimagatozi, haseguriwe ibihano biteganyijwe mu mategeko ahana, igihano kiba ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda ingana na mirongo itanu ku ijana (50%) by'agaciro k'amafaranga yahombeje Leta.

decision in the award of a public procurement contract, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Article 192: Allocation of funds from public tenders to the use other than that for which they are intended

Any successful bidder of a public tender who uses the funds paid under this contract in violation of the terms of the agreement, commits an offence. Upon conviction, he/she is liable to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than seven million Rwandan francs (FRW 7,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Where the offence referred to under Paragraph One of this Article is committed by companies, cooperatives, government or non-government institutions or organizations with legal personality, subject to penalties provided for by the penal laws, the applicable penalty is a fine equal to fifty percent (50%) of the value of the losses incurred by the State.

décision injuste dans l'attribution d'un marché public, commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Article 192: Affectation des fonds du marché public à l'usage autre que celui auquel ils sont destinés

Tout attributaire d'un marché public qui utilise les fonds versés en vertu de ce marché en violation des termes du contrat commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) ans mais n'excédant pas sept (7) ans et d'une amende d'au moins sept millions de francs rwandais (7.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Lorsque l'infraction visée à l'alinéa premier du présent article est commise par des sociétés, coopératives, institutions ou organisations étatiques ou non-étatiques dotées de la personnalité juridique, sous réserve des peines prévues par les lois pénales, la peine est une amende égale à cinquante pourcent (50%) de la valeur du montant des pertes encourues par l'État.

Ingingo ya 193: Guhatira gukora isoko

Umuntu wese uri mu rwego rw'ubuyobozi cyangwa umukozi w'urwego rutanga isoko, ubabaza cyangwa ukangisha undi kumubabaza mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, kuri we, ku murimo we cyangwa ku mutungo we agamije kumuhatira gupiganira isoko rya Leta cyangwa kurishyira mu bikorwa, aba akoze icyaha. Iyo abihamijwe n'urukiko ahanishwa igifungo kitari munsi y'imyaka itanu (5) ariko kitarenze imyaka irindwi (7) n'ihazabu y'amafaranga y'u Rwanda atari munsi ya miliyoni eshanu (5.000.000 FRW) ariko atarenze miliyoni icumi (10.000.000 FRW).

Article 193: Coercing procurement participation

Any person in management or staff position of procuring entity who harms or threatens to harm, directly or indirectly, to person, to work or his/her property to influence his/her participation in the public procurement process or affect its performance commits an offence. Upon conviction, he/she is to imprisonment for a term of not less than five (5) years and not more than seven (7) years and a fine of not less than five million Rwandan francs (FRW 5,000,000) and not more than ten million Rwandan francs (FRW 10,000,000).

Article 193: Participation coécrive au processus de passation des marchés

Toute personne occupant un poste de direction et d'employé au sein de l'entité de passation de marché qui porte préjudice ou menace de porter préjudice, directement ou indirectement, à une personne, à son travail ou à sa propriété en vue d'influencer sa participation au processus de passation des marchés ou d'en affecter l'exécution commet une infraction. Lorsqu'elle en est reconnue coupable, elle est passible d'un emprisonnement d'au moins cinq (5) mais n'excédant pas sept (7) et d'une amande d'au moins cinq millions de francs rwandais (5.000.000 FRW) mais n'excédant pas dix millions de francs rwandais (10.000.000 FRW).

Ingingo 194 :Gutegeka gusubiza ibyo Leta yahombye

Mu rubanza rw'inshinjabyaha rugennye igihano ku byaha bivugwa muri iri tegeko, urukiko rugomba gutegeka ko umutungo wa Leta wahombejwe cyangwa wakoreshejwe nabi ugarurwa.

Article 194: Order to recover the public funds lost

In a criminal procedure resulting in penalties on offences provided under this Law, the court must order that public funds lost or misused be recovered.

Article 194: Ordre de réparer les pertes des fonds publics

Dans le cadre d'une procédure pénale sanctionnant des infractions prévues par la présente loi, la juridiction doit ordonner la restitution des fonds publics perdus ou mal utilisés.

UMUTWE WA V: INGINGO Z'INZIBACYUHO, IZINYURANYE N'IZISOZA

CHAPTER V: TRANSITIONAL, MISCELLANEOUS AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE V: DISPOSITIONS TRANSITOIRES, DIVERSES ET FINALES

Ingingo ya 195: Igihe cy'inzibacyuho

Inzego zitanga amasoko ya Leta zigomba kuba zatangiye gukurikiza ibiteganywa n'iri tegeko mu gihe kitarenze amezi atandatu (6) uhereye

Article 195: Transitional period

The procuring entities must have comply with the provisions of this Law within six (6) months as from its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 195: Période transitoire

Les entités de passation des marchés publics doivent se conformer aux dispositions de la présente loi endéans six (6) mois à compter de sa

igihe ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Ingingo ya 196: Guha agaciro ibyakozwe

Amasoko yose agikorwa cyangwa ayarangiye ariko akiri mu gihe cy'ubwishingire akomeza kugengwa n'amasezerano yashyizweho umukono n'impande zombi kugeza arangiye.

Ingingo ya 197: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 198: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko binyuranyije n'iri tegeko

Itegeko nº 12/2007 ryo ku wa 27/03/2007 rigenga amasoko ya Leta nk'uko ryahinduwe kandi ryujujwe kugeze ubu n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri tegeko kandi binyuranyije na ryo bivanyweho.

Ingingo ya 199: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa **25/08/2018**

Article 196: Validity of previous procurement contracts

All the procurement contacts still underway or those concluded but still under security period remain to be governed by the contract signed by both parties until their conclusion.

Article 197: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted in English, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 198: Repealing provision

Law nº 12/2007 of 27/03/2007 on public procurement as modified and complemented to date and all prior legal provisions contrary to this Law are repealed.

Article 199: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.

Kigali, on **25/08/2018**

publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Article 196: Validité des contrats de marchés précédents

Tous les contrats de marchés toujours en cours ou ceux qui ont été conclus mais toujours sous garantie restent régis par le contrat signé par les deux parties jusqu'à leur conclusion.

Article 197: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Article 198: Disposition abrogatoire

La Loi nº 12/2007 du 27/03/2007 relative aux marchés publics telle que modifiée et complétée à ce jour et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Article 199: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le **25/08/2018**

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
Dr. NGIRENTE Edouard
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux